Ingingo ya 353: Ibibujijwe ku byerekeye amakuru ku micungire y'uburenganzira ku gihangano	**Article 353: Prohibitions related to rights management information**	**Article 353 : Interdiction relative aux informations de gestion des droits**

INTERURO YA IV: IBYEMEZO BIGAMIJE IYUBAHIRIZWA RY'UBURENGANZIRA KU MUTUNGO BWITE MU BY'UBWENGE, IBYAHA N'IBIHANO	**TITLE IV: INTELLECTUAL PROPERTY RIGHTS ENFORCEMENT MEASURES, OFFENCES AND SANCTIONS**	**TITRE IV : MESURES DESTINÉES À FAIRE RESPECTER LES DROITS DE PROPRIÉTÉ INTELLECTUELLE, INFRACTIONS ET SANCTIONS**
UMUTWE WA MBERE: IBYEMEZO BIGAMIJE IYUBAHIRIZWA RY'UBURENGANZIRA KU MUTUNGO BWITE MU BY'UBWENGE	**CHAPTER ONE: INTELLECTUAL PROPERTY RIGHTS ENFORCEMENT MEASURES**	**CHAPITRE PREMIER : MESURES DESTINÉES À FAIRE RESPECTER LES DROITS DE PROPRIÉTÉ INTELLECTUELLE**
Icyiciro cya mbere: Icyemezo cy'agateganyo ku birebana n'umutungo bwite mu by'ubwenge	**Section One: Provisional measure in relation to intellectual property**	**Section première : Mesure provisoire en matière de propriété intellectuelle**
Ingingo ya 354: Gusaba no gufata icyemezo cy'agateganyo ku birebana n'umutungo bwite mu by'ubwenge	**Article 354: Request and ordering of a provisional measure in relation to intellectual property**	**Article 354 : Demande et adoption d'une mesure provisoire en matière de propriété intellectuelle**
Ingingo ya 355: Ibishingirwaho mu ifatwa ry'icyemezo cy'agateganyo	**Article 355: Conditions for ordering a provisional measure**	**Article 355 : Conditions pour adoption d'une mesure provisoire**
Ingingo ya 356: Gusubirishamo icyemezo cy'agateganyo	**Article 356: Review of a provisional measure**	**Article 356 : Révision d'une mesure provisoire**
Ingingo ya 357: Gukuraho icyemezo cy'agateganyo	**Article 357: Revocation of a provisional measure**	**Article 357 : Révocation d'une mesure provisoire**
Icyiciro cya 2: Ibyemezo bikosora ku birebana n'umutungo bwite mu by'ubwenge	**Section 2: Corrective measures in relation to intellectual property**	**Section 2 : Mesures correctives en matière de propriété intellectuelle**

Ingingo ya 358: Gusaba no gufata ibyemezo bikosora mu birebana n'umutungo bwite mu by'inganda	**Article 358: Request and ordering of corrective measures in relation to industrial property**	**Article 358 : Demande et adoption de mesures correctives en matière de propriété industrielle**
Ingingo ya 359: Gusaba no gufata icyemezo gikosora ku birebana n'uburenganzira bw'umuhanzi n'uburenganzira bushamikiyeho	**Article 359: Request and ordering of a corrective measure in relation to copyrights and related rights**	**Article 359 : Demande et adoption d'une mesure corrective en matière de droits d'auteur et de droits connexes**
Ingingo ya 360: Itangwa ry'indishyi	**Article 360: Damages**	**Article 360 : Dommages-intérêts**
Ingingo ya 361: Uburenganzira ku makuru	**Article 361: Right of information**	**Article 361 : Droit d'information**
Ingingo ya 362: Itangwa ry'ibimenyetso ku byerekeye uburyo bwakoreshejwe mu buvumbuzi	**Article 362: Burden of proof in relation to the process patent**	**Article 362 : Charge de la preuve en matière de brevet de procédé**
Icyiciro cya 3: Ibyemezo byihariye bikurikizwa ku mupaka	**Section 3: Special requirements related to border measures**	**Section 3 : Prescriptions spéciales concernant les mesures à la frontière**
Akiciro ka mbere: Ibyemezo bishobora gufatwa n'ubuyobozi bwa gasutamo	**Subsection One: Measures that may be taken by the customs authority**	**Sous-section première : Mesures pouvant être prises par l'autorité douanière**
Ingingo ya 363: Gusaba guhagarika ikwirakwizwa ry'ibicuruzwa by'ibyiganano	**Article 363: Request for suspension of the release of goods into free circulation**	**Article 363 : Demande de suspension de mise en libre circulation des marchandises**
Ingingo ya 364: Ibicuruzwa bifatwa nk'ibyiganano	**Article 364: Goods considered as counterfeit**	**Article 364 : Marchandises considérées comme contrefaites**

Ingingo ya 365: Kumenyesha ihagarikwa ry'ikwirakwizwa ry'ibicuruzwa by'ibyiganano	**Article 365: Notice of suspension of the release of goods into free circulation**	**Article 365 : Avis de suspension de mise en libre circulation des marchandises**
Ingingo ya 366: Gusuzuma no gutanga amakuru ku bicuruzwa by'ibyiganano	**Article 366: Inspection and information on counterfeit goods**	**Article 366 : Inspection et information sur les marchandises contrefaites**
Ingingo ya 367: Itangwa ry'ingwate ku guhagarika ikwirakwizwa ry'ibicuruzwa by'ibyiganano	**Article 367: Provision of a security for suspension of release of counterfeit goods into free circulation**	**Article 367 : Constitution d'une caution pour la suspension de mise en circulation des marchandises contrefaites**
Ingingo ya 368: Igihe guhagarika ikwirakwizwa ry'ibicuruzwa bimara	**Article 368: Duration of suspension of release of goods into free circulation**	**Article 368 : Durée de suspension de mise en libre circulation des marchandises**
Ingingo ya 369: Ukutaryozwa k'ubuyobozi bwa gasutamo	**Article 369: Non liability of customs authority**	**Article 369 : Non responsabilité de l'autorité douanière**
Ingingo ya 370: Ibicuruzwa bitarebwa n'ibyemezo byihariye bikurikizwa ku mupaka	**Article 370: Goods not subject to special border measures**	**Article 370 : Marchandises non soumises à des mesures à la frontière**
Akiciro ka 2: Ibyemezo bifatwa n'inkiko	**Subsection 2: Measures ordered by courts**	**Sous-section 2 : Mesures prises par les juridictions**
Ingingo ya 371: Impamvu urukiko rushingiraho rufata icyemezo	**Article 371: Grounds for court's measure**	**Article 371 : Motifs de la mesure d'une juridiction**
Ingingo ya 372: Icyemezo gifatwa n'urukiko	**Article 372: Measure ordered by a court**	**Article 372 : Mesure prise par une juridiction**
UMUTWE WA II: IBYAHA N'IBIHANO	**CHAPTER II: OFFENCES AND SANCTIONS**	**CHAPITRE II : INFRACTIONS ET SANCTIONS**

Ingingo ya 373: Kubangamira uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge	**Article 373: Infringement of intellectual property rights**	**Article 373 : Violation des droits de propriété intellectuelle**
Ingingo ya 374: Gukina cyangwa gutangaza igihangano mu buryo bwo kwigana	**Article 374: Performing or publishing a work in forgery manner**	**Article 374 : Interprétation ou publication d'une œuvre avec contrefaçon**
Ingingo ya 375: Gukoresha izina ry'umuhanzi mu buriganya cyangwa ikimenyetso gitandukanya ku gihangano cy'ubuvanganzo, icy'ubugeni cyangwa icy'ubumenyi	**Article 375: Fraudulent use of the name of an author or his or her distinctive sign on a literary, artistic or scientific work**	**Article 375 : Utilisation frauduleuse du nom d'un auteur ou de son signe distinctif sur une œuvre littéraire, artistique ou scientifique**
Ingingo ya 376: Kugurisha ibyatunganyijwe byiganwe	**Article 376: Sale of counterfeit products**	**Article 376 : Vente de produits contrefaits**
Ingingo ya 377: Gutangariza rubanda igihangano kirengewe nta ruhushya	**Article 377: Communication to the public of a protected work without authorisation**	**Article 377 : Communication au public d'une œuvre protégée sans autorisation**
Ingingo ya 378: Gutanga cyangwa guha undi muntu uburenganzira bwo gukina igihangano nta ruhushya rwa nyiracyo	**Article 378: Granting or giving another person the right to perform a work without authorisation of the owner**	**Article 378 : Accorder ou donner à une autre personne le droit d'exécuter une œuvre sans l'autorisation du titulaire**
Ingingo ya 379: Kwiba cyangwa gukoresha mu buryo bw'uburiganya forumire ikoreshwa mu buvumbuzi	**Article 379: Steal or use by fraudulent manner a formula of invention**	**Article 379 : Vol ou utilisation frauduleuse d'une formule d'invention**
Ingingo ya 380: Igikorwa cy'ihiganwa kirimo uburiganya ku byerekeye umutungo bwite mu by'ubwenge	**Article 380: Act of unfair competition with respect to intellectual property**	**Article 380 : Acte de concurrence déloyale en matière de propriété intellectuelle**

Ingingo ya 381: Ihanwa ry'ikigo cyangwa urwego bifite ubuzima gatozi	**Article 381: Punishment of a corporate body or a legal entity**	**Article 381 : Sanction d'une personne morale ou d'une entité juridique**
Ingingo ya 382: Ibihano by'inyongera	**Article 382: Additional sanctions**	**Article 382 : Sanctions supplémentaires**
INTERURO YA V: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**TITLE V: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**TITRE V : DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 383: Amafaranga yagenwe	**Article 383: Prescribed fees**	**Article 383 : Frais prescrits**
Ingingo ya 384: Amateka asanzwe akurikizwa	**Article 384: Orders in force**	**Article 384 : Arrêtés en vigueur**
Ingingo ya 385: Ingingo y'ururimi	**Article 385: Language provision**	**Article 385 : Disposition linguistique**
Ingingo ya 386 : Ingingo ivanaho	**Article 386: Repealing provision**	**Article 386 : Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 387: Gutangira gukurikizwa	**Article 387: Entry into force**	**Article 387 : Entrée en vigueur**

ITEGEKO N° 055/2024 RYO KU WA 20/06/2024 RYEREKEYE KURENGERA UMUTUNGO BWITE MU BY'UBWENGE	**LAW N° 055/2024 OF 20/06/2024 ON THE PROTECTION OF INTELLECTUAL PROPERTY**	**LOI N° 055/2024 DU 20/06/2024 PORTANT PROTECTION DE LA PROPRIÉTÉ INTELLECTUELLE**
Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;	**We, KAGAME Paul,** President of the Republic;	**Nous, KAGAME Paul,** Président de la République ;
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA	**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**	**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:	**THE PARLIAMENT:**	**LE PARLEMENT :**
Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 04 Ukuboza 2023;	The Chamber of Deputies, in its sitting of 04 December 2023;	La Chambre des Députés, en sa séance du 04 décembre 2023 ;
Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Article 64;	Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en son article 64 ;
Ishingiye ku Itegeko ryo ku wa 26 Gicurasi 1996 ryemera ko u Rwanda ruba kimwe mu bihugu bigize umunyamuryango w'Umuryango Mpuzamahanga w'Ubucuruzi;	Pursuant to Law of 26 May 1996 on accession of Rwanda to the World Trade Organisation (WTO);	Vu la Loi du 26 mai 1996 sur l'adhésion de la République du Rwanda à l'Organisation Mondiale du Commerce (OMC) ;

Ishingiye ku Masezerano ya Berne yerekeye kurengera ibihangano byo mu rwego rw'ubuvanganzo n'urw'ubugeni yashyiriweho umukono i Berne mu Busuwisi ku wa 09 Nzeri 1886 nk'uko yavuguruwe kugeza ubu, nk'uko yemejwe n'Itegeko n°18/1983 ryo ku wa 18/08/1983;	Pursuant to Berne Convention for the protection of literary and artistic works adopted in Berne on 09 September 1886 as amended to date, ratified by Law n°18/1983 of 18/08/1983;	Vu la Convention de Berne pour la protection des œuvres littéraires et artistiques adoptée à Berne le 09 septembre 1886 telle que modifiée à ce jour, ratifiée par la Loi n°18/1983 du 18/08/1983 ;
Ishingiye ku Masezerano ya Budapest yerekeye iyemerwa mpuzamahanga ry'ububiko bw'ingirabuzima ntoya hagamijwe iyubahirizwa ry'ibikurikizwa mu gusaba impamyabuvumbuzi yashyiriweho umukono i Budapest muri Hongiriya ku wa 28 Mata 1977 nk'uko yavuguruwe kugeza ubu, nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida nº 047/01 ryo ku wa 11/07/2023;	Pursuant to Budapest Treaty on the International Recognition of the Deposit of micro-organisms for the Purposes of Patent Procedure adopted in Budapest, Hungary on April 28, 1977 as amended to date, ratified by Presidential Order nº 047/01 of 11/07/2023;	Vu le Traité de Budapest sur la reconnaissance internationale de dépôts de micro-organismes aux fins de procédure de Brevet adopté à Budapest, Hongrie le 28 avril 1977 tel que modifié à ce jour, ratifié par Arrêté présidentiel n°047/01 du 11/07/2023 ;
Ishingiye ku Masezerano ya Harare yerekeye impamyabuvumbuzi n'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda mu rwego rw'Umuryango wo mu Karere ka Afurika ugamije kurengera Umutungo bwite mu by'Ubwenge (ARIPO) yashyiriweho umukono i Harare muri Zimbabwe ku wa 10 Ukuboza 1982 nk'uko yahinduwe kugeza ubu, nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida nº 17/01 ryo ku wa 16/02/2011;	Pursuant to Harare Protocol on Patents and Industrial Designs Within the Framework of the African Regional Industrial Property Organisation (ARIPO) adopted at Harare, Zimbabwe, on December 10, 1982 as amended to date, ratified by Presidential Order nº 17/01 of 16/02/2011;	Vu le Protocole de Harare relatif aux brevets et aux dessins et modèles industriels dans le cadre de l'Organisation régionale africaine de la propriété industrielle (ARIPO) adopté à Harare, Zimbabwe, le 10 décembre 1982, tel que modifié jusqu'à ce jour, ratifié par Arrêté présidentiel nº 17/01 du 16/02/2011 ;
Ishingiye ku Masezerano ya Marrakesh agamije korohereza abantu bafite ubumuga bwo kutabona, kutabona neza, cyangwa	Pursuant to Marrakesh Treaty to Facilitate Access to Published Works for Persons Who Are Blind, Visually Impaired, or Otherwise	Vu le Traité de Marrakech visant à faciliter l'accès des aveugles, des déficients visuels et des personnes ayant d'autres difficultés de

kutabasha gusoma igitabo yashyiriweho umukono i Marrakesh muri Maroc ku wa 27 Kamena 2013, nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida N° 087/01 ryo ku wa 07/09/2020;	Print Disabled, adopted in Marrakesh, Morocco, on June 27, 2013, ratified by Presidential Order n° 087/01 of 07/09/2020;	lecture des textes imprimés aux œuvres publiées, adopté à Marrakech, Maroc, le 27 juin 2013, ratifié par Arrêté présidentiel n°087/01 of 07/09/2020 ;
Ishingiye ku Masezerano y'i Madrid yerekeye iyandikwa ry'ibirango ku rwego mpuzamahanga yashyiriweho umukono i Madrid muri Esipanye kuwa 27 Kamena 1989 nk'uko yahinduwe kugeza ubu, nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida N° 09/01 ryo ku wa 16/02/2011;	Pursuant to Madrid Protocol concerning the International Registration of Marks adopted in Madrid, Spain, on June 27,1989 as amended to date, ratified by Presidential Order n°09/01 of 16/02/2011;	Vu le Protocole de Madrid concernant l'enregistrement international des marques adopté à Madrid, Espagne, le 27 juin 1989 tel que modifié à ce jour, ratifié par Arrêté présidentiel nº 09/01 of 16/02/2011 ;
Ishingiye ku Masezerano y'i Paris ajyanye no kurengera umutungo bwite mu by'inganda yashyiriweho umukono i Paris mu Bufaransa kuwa 20 Werurwe 1883, nk'uko yavuguruwe kugeza ubu yemejwe n'Itegeko n°17/1983 ryo ku wa 18 Kanama 1983;	Pursuant to Paris Convention for the Protection of Industrial Property adopted in Paris, France, on March 20, 1883 as amended to date; ratified by law n°17/1983 of 18/08/1983;	Vu la Convention de Paris pour la protection de la propriété industrielle adoptée à Paris, France, le 20 mars 1883 telle que modifiée à ce jour, ratifiée par la Loi n°17/1983 of 18/08/1983 ;
Ishingiye ku Masezerano y'Ubufatanye mu byerekeye impamyabuvumbuzi yashyiriweho umukono i Washington muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika ku wa 19 Kamena 1970, nk'uko yemejwe n'Iteka rya Perezida nº 16/01 ryo ku wa 16/02/2011.	Pursuant to the Patent Cooperation Treaty done at Washington, United States of America on 19 June 1970 as ratified by Presidential Order n°16/01 of 16/02/2011;	Vu le Traité de coopération en matière de brevets signé à Washington, États-Unis d'Amérique, en date du 19 juin 1970 tel que ratifié par Arrêté Présidentiel n°16/01 du16/02/2011 ;
Isubiye ku Itegeko nº 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 rigamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge nk'uko ryahinduwe kugeza ubu;	Having reviewed Law nº 31/2009 of 26/10/2009 on the protection of intellectual property as amended to date;	Revu la Loi nº 31/2009 du 26/10/2009 portant protection de la propriété intellectuelle tel que modifiée à ce jour ;

YEMEJE:	ADOPTS:	ADOPTE :
INTERURO YA MBERE: INGINGO RUSANGE	**TITLE ONE: GENERAL PROVISIONS**	**TITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije	**Article One: Purpose of this Law**	**Article premier : Objet de la présente loi**
Iri tegeko rigamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge.	The purpose of this Law is to protect intellectual property.	La présente loi a pour objet de protéger la propriété intellectuelle.
Ingingo ya 2: Isobanura	**Article 2: Interpretation**	**Article 2 : Interprétation**
Muri iri tegeko :	In this Law:	Dans la présente loi :
(a) **"kopi y'igihangano iri mu buryo ishobora kugerwaho"** bivuga kopi y'igihangano iri mu buryo cyangwa mu miterere iha umuntu ufite ubumuga bwo kutabona, kutabona neza cyangwa kutabasha gusoma igitabo, kubasha kugera ku gihangano, harimo gufasha uwo muntu kukigeraho mu buryo bushoboka kandi yisanzuye nk'undi muntu ubona neza cyangwa usoma neza igitabo;	(a) **"accessible format copy"** means a copy of a work in a manner or form which gives a person who is visually impaired or print disabled access to the work, including permitting the person to have access as feasibly and comfortably as a person without visual impairment or other print disability;	(a) **« copie de format accessible »** signifie une copie d'une œuvre présentée dans une manière ou forme qui donne à une personne ayant une dégradation visuelle ou une dégradation aux imprimés un accès à l'œuvre y compris le fait de lui permettre d'avoir accès autant que faisable et d'une manière confortable au même titre qu'à une personne sans dégradation visuelle ou autre dégradation aux imprimés ;
(b) **"igihangano nyiracyo atazwi"** bivuga igihangano umuntu adashobora kumenya izina nyaryo cyangwa iry'irihimbano ry'umuhanzi;	(b) **"anonymous work"** means a work which does not indicate the name or pseudonym of the author;	(b) **« œuvre anonyme »** signifie une œuvre qui ne donne pas d'indications quant au nom ou au pseudonyme de l'auteur ;

(c) **"ARIPO"** bivuga Umuryango wo mu Karere ka Afurika ugamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge;	(c) **"ARIPO"** means the African Regional Intellectual Property Organisation;	(c) **« ARIPO »** signifie l'organisation régionale africaine de la propriété intellectuelle ;
(d) **"igihangano cy'iyumvabona"** bivuga igihangano kigizwe n'uruhererekane rw'amashusho ayega cyangwa asa nk'aho ayega, aherekejwe cyangwa adaherekejwe n'amajwi, ashobora kuboneshwa amaso, kandi igihe aherekejwe n'amajwi akaba ashobora kumvwa;	(d) **"audio-visual work"** means a work that consists of a series of related images which impart the impression of motion, with or without accompanying sounds, susceptible of being made visible and where accompanied by sounds, susceptible of being made audible;	(d) **« œuvre audio-visuelle »** signifie une œuvre qui consiste en une série d'images connexes l'impression de mouvement avec ou sans accompagnement de sons, susceptible d'être rendue visible et lorsque accompagnée des sons, susceptible d'être rendue audible ;
(e) **"umuhanzi"** bivuga umuntu wahanze igihangano;	(e) **"Author"** means a person who created a work;	(e) **« Auteur »** signifie une personne qui a créé une œuvre ;
(f) **"urwego rubifite mu nshingano"** bivuga urwego rwemewe cyangwa rwahawe na Leta uruhushya rwo gutanga serivisi z'uburezi, amahugurwa, kwimenyereza gusoma cyangwa kugeza amakuru ku bantu bafite ubumuga bwo kutabona cyangwa abatabasha gusoma igitabo, rutagamije inyungu;	(f) **"authorised entity"** means an entity that is authorised or recognised by the government to provide education, instructional training, adaptive reading or information access to persons who are visually impaired or print disabled on a non-profit basis;	(f) **« entité autorisée »** signifie une entité qui est autorisée ou reconnue par le gouvernement pour dispenser l'éducation, la formation éducationnelle, une lecture adaptative ou d'accès à l'information par des personnes qui ont une dégradation visuelle ou une dégradation aux imprimés à titre non-lucrative ;
(g) **"ubusabe bw'ibanze"** bivuga ubusabe bwo kwandikisha ikirango bushyikirizwa ubuyobozi bubifitiye ububasha kandi bukoreshwa nk'ubushingirwaho mu gutanga ubusabe ku rwego mpuzamahanga ;	(g) **"basic application"** means an application for registration of a mark filed with the competent authority and which is used as a basis for the filing of an international application;	(g) **« demande de base »** signifie une demande d'enregistrement d'une marque déposée auprès de l'autorité compétente et qui est utilisée comme base de constitution de dossier d'une demande internationale ;

(h) **“iyandikishwa ry’ibanze”** bivuga iyandikwa ry'ikirango rikozwe n’ubuyobozi bubifitiye ububasha kandi rishingirwaho mu gutanga ubusabe ku rwego mpuzamahanga ;	(h) “**basic registration”** means a mark registered by the competent authority and which is used as the basis for the filing of an international application;	(h) **« enregistrement de base »** signifie une marque enregistrée par l’autorité compétente et qui est utilisée comme base de constitution d’une demande internationale ;
(i) **“isakaza”** bivuga iyohereza hifashishijwe uburyo budakoresha insinga hagamijwe kugeza kuri rubanda amajwi cyangwa amashusho aherekejwe n’amajwi cyangwa ibigaragazwa n’amajwi n’amashusho, harimo isakaza rikoresheje icyogajuru n’isakaza ry’ibimenyetso biri mu buryo buhishe aho uburyo bukoreshwa mu kubihishura buhabwa rubanda bikozwe n’ikigo cy’isakaza cyangwa kimaze kubyemera;	(i) **“broadcasting”** means the transmission by wireless means for public reception of sounds or of images and sounds or of the representations thereof, including transmission by satellite, and transmission of encrypted signals where the means for decrypting are provided to the public by the broadcasting organisation or with its consent;	(i) **« radiodiffusion »** signifie la transmission par voie sans fil pour réception par le publique de sons ou d’images et sons ou de représentations y relatives, y compris la transmission par satellite, et la transmission de signaux codifiés dans laquelle les moyens de décodification sont donnés au public par l’organisme de radiodiffusion ou avec son consentement ;
(j) **ikirango nyemeza”** bivuga ikimenyetso cyangwa urwunge rw’ibimenyetso bishobora kugaragaza imiterere ihuriweho, irimo inkomoko cyangwa ubuziranenge, uburyo bw’imitunganyirize y’ibyakozwe cyangwa serivisi kandi imikoreshereze yabyo ikagengwa n’ufite uburenganzira ku kimenyetso;	(j) **“certification mark”** means a sign or combination of signs capable of designating any common characteristic, including quality, origin or methods of production of goods and services and which are used under the control of the owner of the sign;	(j) « **marque de certification »** signifie un signe ou une combinaison de signes capables de désigner tout caractéristique commun, y compris la qualité, l’origine ou les méthodes de production des biens et services et qui sont utilisés sous le contrôle du propriétaire du signe ;
(k) **“ihiganwa ririmo uburiganya”** bivuga igikorwa cyose cyangwa imigenzereze bigaragaramo ubuhemu mu rwego rw’inganda cyangwa urw’ubucuruzi bikaba bifite inkurikizi cyangwa	(k) “**unfair competition”** means any act or practice that is, in the course of industrial or commercial activities, contrary to honest practices when the purpose or the consequence is to obtain trade advantage	(k) **« concurrence déloyale »** signifie tout acte ou pratique jugé contraire aux usages honnêtes en matière industrielle ou commerciale dont le but ou la conséquence est d’obtenir des avantages commerciaux

umugambi wo kugera ku nyungu z'ubucuruzi zibangikanye n'iz'ukora imirimo imwe cyangwa ibicuruzwa bimwe nk'iby'undi;	parallel to those of the producer of services or to some products similar to those of another person;	parallèles à ceux d'un producteur de services ou à des produits similaires à ceux d'une autre personne ;
(l) **"ikirango gihuriweho"** bivuga ikimenyetso kigaragara gituma inkomoko, ubwiza cyangwa imiterere rusange by'igicuruzwa cyangwa bya serivisi by'abakoresha icyo kimenyetso bitandukanywa n'ibimenyetso by'abandi;	(l) **"collective mark"** means a visible sign enabling the origin, quality, or any other common feature of product or service of users of the mark to be distinguished from those of others;	(l) « **marque collective »** signifie un signe visible permettant d'identifier l'origine, la qualité, ou tout autre caractéristique commun du produit ou du service des utilisateurs de la marque à être distingué de ceux des autres ;
(m) **"igihangano gihuriweho"** bivuga igihangano cyahanzwe n'abantu benshi bahagarariwe n'umuntu kandi cyahanzwe ku buryo uruhare n'imyirondoro by'abahanze icyo gihangano bidashobora kugaragazwa bitandukanye;	(m) **"collective work"** means a work created by several persons represented by a person and created in such a way that the contributions and identities of individual contributors to the work cannot be separately identified;	(m) « **œuvre collective »** signifie une œuvre créée par plusieurs personnes représentées par une personne et créée de telle façon que les contributions et les identités des contributeurs individuels à l'œuvre ne peuvent pas être identifiées séparément ;
(n) **"kumenyesha rubanda"** bivuga ugusakaza kuri rubanda, hifashishijwe uburyo ubwo ari bwo bwose, igihangano, ikinwa ry'igihangano, fonogaramu cyangwa amajwi n'amashusho byafashwe cyangwa icyasakajwe bikagera ku bantu batari mu itsinda ry'umuryango n'abandi bafitanye umubano wa bugufi bari ahantu hamwe cyangwa kure ugereranyije n'aho ibyasakajwe byakomotse ku buryo hatabaye iryo sakaza, icyo gihangano, ikinwa ry'igihangano, fonogaramu cyangwa amajwi n'amashusho byafashwe	(n) **"communication to the public"** means the transmission to the public by any means of a work, a performance or a phonogram, or an audio-visual fixation, or a broadcast in such a way that it can be perceived by persons outside the normal circle of a family and its closest social acquaintances at a place or places so distant from the place where the transmission originates that, without the transmission, the work, performance, phonogram or audio-visual fixation or broadcast would not be perceivable, including the making	(n) **« communication au public** » signifie transmission au public par tous les moyen d'une œuvre, une performance, un phonogramme ou une émission de telle façon que les images ou les sons peuvent être perçus par des personnes en dehors du cercle normal d'une famille et ses plus proches connaissances sociales à un endroit ou des endroits si éloignés de l'endroit à partir duquel la transmission a été lancée que sans la transmission, l'œuvre, la performance, le phonogramme ou la radiodiffusion ne seraient pas perceptibles, y compris le fait de

cyangwa icyasakajwe bidashobora kugera kubo bigenewe, hakubiyemo kugeza ku bantu igihangano cyangwa ikindi kirengewe ku buryo rubanda rushobora kubigeraho ahantu no ku gihe buri wese yihitiyemo;	available of the work or other protected subject matter in such a way that members of the public may access it from a place and at a time individually chosen by them;	rendre disponible l'œuvre ou une autre affaire de sujet de telle façon que les membres du public pourraient y accéder à partir d'un endroit et à un moment choisis individuellement par eux ;
(o) **"ubuyobozi bubifitiye ububasha"** bivuga urwego rufite mu nshingano kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge;	(o) **competent authority"** means the organ in charge of protection of intellectual property;	(o) **« autorité compétente »** signifie l'organe ayant la protection de la propriété intellectuelle dans ses attributions ;
(p) **"inyandiko nsobanurabuvumbuzi yuzuye"** bivuga inyandiko igaragaza amakuru yose mu buryo buhagije kandi busobanutse ku cyavumbuwe, ku buryo umuntu ubifitemo ubumenyi busanzwe yashobora kugikoresha;	(p) **"complete specification"** means a document, which discloses all details of an invention in a sufficiently clear and complete manner, so as to enable a person having ordinary skills in the art to apply the invention;	(p) **« spécification complète »** signifie un document qui divulgue tous les détails d'une invention d'une manière suffisamment claire et complète afin de permettre à une personne ayant des compétences ordinaires dans le domaine d'appliquer l'invention ;
(q) **uruhushya rutegetswe"** bivuga uruhushya rwo gukoresha ubuvumbuzi, ubuvumbuzi bucirirtse, igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyangwa igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki, Minisitiri aha undi muntu nta bwumvikane bubayeho n'ufite uburenganzira;	(q) **"compulsory licence"** means an authorisation to use a patented invention, utility model, industrial design or a layout-design of integrated circuit, granted to a third party by the Minister without the agreement of the owner of rights;	(q) **« licence obligatoire »** signifie une autorisation d'utilisation d'une invention brevetée, model d'utilité, dessin et modèle industriels, schéma de configuration du circuit intégré, octroyée à une tierce partie par le Ministre sans l'accord du titulaire des droits ;
(r) **"porogramu ya mudasobwa"** bivuga amabwiriza agizwe n'amagambo, kode, ibimenyetso cyangwa ubundi buryo, biramutse bishyizwe mu gikoresho	(r) **"computer program"** means instructions expressed in words, codes, schemes or in any other form, which is capable, when incorporated into a medium that the	(r) **« programme informatique »** signifie instructions exprimées par des mots, des codes, des systèmes ou sous une autre forme qui sont capables, une fois incorporées dans

gisasanurwa na mudasobwa, bishobora gutuma mudasobwa cyangwa ubundi buryo bwa elegitoroniki bishobora gutunganya amakuru, bikora umurimo wihariye cyangwa bigera ku musaruro w'igikorwa cyihariye;	computer can read, of causing a computer or any electronic device having information-processing capabilities to perform or achieve a particular task or result;	un support qu'un ordinateur peut lire, d'amener un ordinateur ou un dispositif électronique ayant des capacités de traitement d'informations d'exécuter ou de réaliser une tâche ou un résultat particuliers ;
(s) **"kopi y'igihangano"** bivuga ikivuye mu gikorwa icyo ari cyo cyose cyo gutubura igihangano;	(s) **"copy of the work"** means the result of any act of reproduction of a work;	(s) **« copie d'une œuvre »** signifie le résultat de tout acte de reproduction d'une œuvre ;
(t) **"uburenganzira bw'umuhanzi"** bivuga uburenganzira umuhanzi ahabwa bwo kugira ububasha ku gihangano cye no kubuza utabifitiye uruhushya kukibyaza umusaruro;	(t) **"copyright"** means a right granted to an author allowing him or her to control and prevent unauthorised use of his or her work;	(t) **« droit d'auteur »** signifie un droit accordé à un auteur lui permettant de contrôler et d'empêcher l'utilisation non-autorisée de son œuvre ;
(u) **"kopi ya fonogaramu"** bivuga umuyoboro uwo ariwo wose ukubiyemo amajwi yakuwe kuri fonogaramu ku buryo buziguye cyangwa butaziguye kandi ukubiyemo amajwi cyangwa igice cyayo byafashwe kuri iyo fonogaramu;	(u) **"copy of a phonogram"** means any medium containing sounds taken directly or indirectly from a phonogram and incorporating all or a substantial part of the sounds fixed on that phonogram;	(u) **« copie d'un phonogramme »** signifie tout support contenant des sons repris directement ou indirectement d'un phonogramme et qui incorpore la totalité ou une partie substantielle des sons fixés dans ce phonogramme;
(v) **"igihangano cyakomotse ku kindi"** bivuga igihangano cyahanzwe hashingiwe ku gihangano kimwe cyangwa byinshi bisanzweho;	(v) **"derivative work"** means a work created on the basis of one or several pre-existing works;	(v) **« œuvre dérivée »** signifie œuvre créée à partir d'une ou de plusieurs œuvres préexistantes ;
(w) **"uruhushya rwihariwe"** bivuga amasezerano arebana n'uruhushya aha uwaruhawe uburenganzira bwo gukoresha	(w) **"exclusive licence"** means a licence contract that confers on the licensee the right to exploit the intellectual property to	(w) **« licence exclusive »** signifie un contrat de licence qui confère à son détenteur le droit d'exploitation la propriété intellectuelle à

umutungo bwite mu by'ubwenge wenyine, hatarimo n'ufite uburenganzira ku mutungo ;	the exclusion of all other persons, including the right owner;	l'exclusion de toutes les autres personnes, y compris le titulaire du droit ;
(x) **"ibihangano gakondo"** bivuga uburyo cyangwa ingiro ubumenyi ndangamuco buvugwamo cyangwa bugaragazwamo, harimo:	(x) **"expression of folklore"** means a form or manner in which cultural knowledge is expressed or manifested, including:	(x) **« expression du folklore »** signifie une forme ou manière dans laquelle une connaissance culturelle est exprimée ou manifestée, y compris :
(a) imigani, ubusizi n'ibisakuzo;	a) folktales, folk poetry and folk riddles;	a) contes folkloriques, poésie folklorique et devinettes folkloriques ;
(b) indirimbo na muzika ikoresha ibikoresho gakondo;	b) folk songs and instrumental folk music;	b) chansons folkloriques et musique folklorique instrumentale ;
(c) imbyino n'ikinamico ;	c) folk dances and folk plays;	c) danses folkloriques et pièces théâtrales folkloriques ;
(d) ibihangano by'ubugeni gakondo by'umwihariko ibishushanyo, ibishushanyishije amarangi, amashusho yakozwe mu biti cyangwa mu mabuye, ibibumbano, ibihangano bikozwe mu ibumba, ibikoze mu gitaka, ibikomoka ku ihuzwa ry'ibikoresho by'amabara anyuranye, ibikozwe mu giti, ibikozwe mu cyuma, imitako yambarwa, n'imyenda iboshywe mu buryo bwa gakondo ;	d) productions of folk arts in particular, drawings, paintings, carvings, sculptures, pottery, terra-cotta, mosaic, woodwork, metal ware, jewellery and indigenous textiles;	d) productions d'arts folkloriques en particulier les dessins, les peintures, les gravures, les produits de sculpture, la poterie, la terre cuite, la mosaïque, le travail du bois, les articles métalliques, les bijoux, et des textiles indigènes ;
(y) **ifatwa ry'amajwi cyangwa amashusho"** bivuga ishyirwa ku gikoresho ry'amajwi,	(y) **"fixation"** means the embodiment of sounds, images or both or of the	(y) **« fixation »** signifie l'incorporation de sons, ou de représentation de ceux-ci, dans un support qui permette de les percevoir, de les

amashusho cyangwa byombi cyangwa ibibigaragaza, aho bishobora kubonwa, gutuburwa cyangwa kumenyeshwa rubanda hifashishijwe cya gikoresho;	representations thereof, from which they can be perceived, reproduced or communicated through a device;	reproduire, ou de les communiquer à l'aide d'un dispositif ;
(z) **"ikimenyetso ndangahantu"** bivuga ikimenyetso kiranga icyatunganyijwe kigaragaza aho cyakomotse haba intara, akarere cyangwa agace by'igihugu, mu gihe ubwiza bwacyo, ubwamamare cyangwa akandi karango kacyo bishingiye ku nkomoko yacyo;	(z) **"geographical indication"** means a sign identifying a product as originating in the territory, region or locality of a country, where a quality, reputation or other specific feature of that product may be attributed essentially to its geographical origin;	(z) **« indication géographique »** signifie un signe identifiant un produit comme étant originaire du territoire, région ou localité d'un pays, dans le cas où une qualité, réputation ou autre caractéristique déterminée du produit peut être attribuée essentiellement à son origine géographique ;
(aa) **"uruganda"** bivuga igikorwa cya muntu cyo gutunganya ibintu cyangwa serivisi bibyazwa umusaruro mu rwego rw'ubukungu;	(aa) **"industry"** means a human activity leading to the production of goods or services for economic purposes;	(aa) **« industrie »** signifie une activité humaine conduisant à la production des biens ou des services à des fins économiques ;
(bb) **"igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda"** bivuga urukomatane rw'imirongo, amabara cyangwa imiterere by'icyatunganyijwe mu rwego rw'inganda cyangwa rw'ubukorikori cyangwa rukaba rwafatwa nk'icyitegererezo mu gukora icyatunganyirijwe mu ruganda cyangwa mu bukorikori;	(bb) **"industrial designs"** means an assembly of lines, colours or shape of an industrial or craft product which serves as a model for the manufacture of an industrial or craft product;	(bb) **« dessins et modèles industriels »** signifie assemblage de lignes ou de couleurs ou une forme d'un produit industriel ou artisanal qui sert de modèle pour la fabrication d'un produit industriel ou artisanal ;
(cc) **"urupapurompamo rw'umutungo bwite mu by'inganda"** bivuga icyemezo cy'iyandikwa cyatanzwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha mu birebana na:	(cc) **"industrial property title"** means a certificate of registration issued by the competent authority in respect of:	(cc) **« titre de propriété industrielle »** signifie un certificat d'enregistrement délivré par l'autorité compétente eu égard à :

(i) ubuvumbuzi; (ii) ubuvumbuzi bucirirtse; (iii) igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu ruganda; (iv) ikirango, ikirango gihuriweho cyangwa ikirango nyemeza; (v) ikimenyetso ndangahantu; (vi) igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki.	(i) an invention; (ii) a utility model; (iii)an industrial design; (iv)a mark, collective mark or certification mark; (v) geographical indication; (vi)a layout-design and integrated circuit.	(i) une invention ; (ii) un modèle d'utilité ; (iii) dessin et modèle industriels ; (iv) une marque, une marque collective ou une marque de certification ; (v) une indication géographique ; (vi) un schéma de configuration et circuit intégré.
(dd) **"urusobekerane rw'imiyoboro ya elegitoroniki"** bivuga igikorwa cyarangiye gutunganywa cyangwa kigitunganywa, aho urusobekerane ruba rugize umubyimba cyangwa imiterere by'igikoresho kigenewe gukoreshwa igikorwa cyo mu rwego rwa elegitoroniki;	(dd) **integrated circuit"** means a product, in its final or an intermediate form, in which the interconnections form an integral part of the body or surface of a component which is intended to carry out an electronic function;	(dd) **« circuit intégré »** signifie un produit, dans sa forme finale ou intermédiaire, dans lequel les interconnections forment une partie intégrale du corps ou une surface d'une composante destinée à accomplir une fonction électronique ;
(ee) **"ubusabe ku rwego mpuzamahanga"** bivuga ubusabe bwo guhabwa impamyabuvumbuzi, iyandikwa ry'ikirango n'iry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda hakurikijwe amasezerano mpuzamahanga	(ee) **"international application"** means an application to obtain a patent, registration of a mark and of industrial design filed under the relevant international treaty;	(ee) **« demande internationale »** signifie demande d'obtention d'un brevet, d'enregistrement d'une marque et d'un dessin et modèle industriels en vertu de la convention internationale en la matière ;

(ff) **“Ibiro Mpuzamahanga”** bivuga ibiro by’Umuryango Mpuzamahanga ushinzwe Umutungo bwite mu by’Ubwenge;	(ff) **“international bureau”** means the Bureau of the World Intellectual Property Organisation;	(ff) **« bureau international »** signifie le Bureau de l’Organisation Mondiale de la Propriété Intellectuelle ;
(gg) **“rejisitiri mpuzamahanga”** bivuga ikusanyirizo ryemewe n’amategeko ry’amakuru yerekeye iyandikwa ku rwego mpuzamahanga ry’umutungo bwite mu by’inganda rigengwa n’Ibiro Mpuzamahanga;	(gg) **“international register”** means the official collection of data concerning international registrations of industrial property maintained by the International Bureau;	(gg) **« registre international” »** signifie la collection officielle de données concernant les enregistrements internationaux de propriété industrielle tenue par le Bureau International ;
(hh) **“ubuvumbuzi”** bivuga igitekerezo cy’umuvumbuzi gitanga igisubizo ku kibazo cyo mu rwego rwa tekiniki cyangwa cyo mu rwego rw’ikoranabuhanga, gishobora kuba kigizwe cyangwa gifitanye isano n’icyatunganyijwe cyangwa uburyo bwo kukigeraho;	(hh) **“invention”** means an idea of an inventor which permits in practice to find solution to a given technical or technological problem, that may consist of, or relate to, a product or a process;	(hh) **« invention »** signifie une idée d’un inventeur qui permet dans la pratique d’apporter une solution à un problème particulier dans le domaine technique ou technologique, et qui consiste en ou se rapporte à un produit ou un procédé ;
(ii) **“gushyira ahagaragara”** bivuga gushyira ahagaragara igihangano cyangwa ikindi kintu kirengewe mu buryo bukoresha cyangwa budakoresha insinga ku buryo rubanda cyangwa umuntu ku giti cye bashobora kukigeraho ahantu n’igihe babishakiye;	(ii) **“making available to the public”** means to make available to the public a work or other protected subject matter by wire or wireless means in such a way that the public or natural person may access it from a place and at a time individually chosen by them;	(ii) **« mise à la disposition du public »** signifie une mise à la disposition du public d’une œuvre ou d’autre objet protégés par fil ou sans fil de telle manière que le public ou la personne physique puissent y accéder à partir d’un lieu et à un moment choisis individuellement par eux ;
(jj) **igishushanyo ndangamiterere cy’urusobekerane rw’imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki”** bivuga	(jj) **“layout-design of integrated circuits”** means a three-dimensional arrangement in whatever form of the elements, at least one	(jj) **« schéma de configuration de circuits intégrés »** signifie un arrangement tridimensionnel présenté sous toute forme

imiterere y'ibintu byagaragajwe mu buryo bw'ibyerekezo bitatu uko byaba bimeze kose, nibura kimwe kikaba ari cyo gikora kandi cyose cyangwa igice cyacyo kikaba ari urusobekerane ry'umuyoboro ukomatanyije cyangwa iyo miterere yagaragajwe mu buryo bw'ibyerekezo bitatu ikaba yarateguriwe urusobekerane rw'umuyoboro ukomatanyije rugomba gukorwa;	of which is active, and of all or part of the interconnections of an integrated circuit, or such a three-dimensional arrangement, prepared for an integrated circuit intended to be manufactured;	d'éléments dont l'un au moins est actif et dont toutes ou une partie des interconnections d'un circuit intégré ou un tel arrangement tridimensionnel est conçu pour fonctionner comme un circuit destiné à être fabriqué ;
(kk) **"uruhushya rushingiye ku masezerano"** bivuga amasezerano cyangwa ubwumvikane ufite umutungo bwite mu by'ubwenge agirana n'undi muntu amuha uruhushya rwo kuwubyaza umusaruro;	(kk) **"contractual licence"** means a contract or agreement by which a person grants permission to another person to use his or her intellectual property right;	(kk) **« contrat de licence »** signifie un contrat ou un accord par lequel une personne donne à une autre personne une autorisation d'utilisation de son droit de propriété intellectuelle ;
(ll) **"ikirango"** bivuga ikimenyetso kigaragara gituma icyakozwe cyangwa serivisi y'umuntu itandukanywa n'iy'undi;	(ll) **"mark"** means a visible sign enabling a product or service of a person to be distinguished from that of another person;	(ll) **« marque »** signifie un signe visible permettant à un produit ou un service d'une personne d'être distingué de celui d'autrui ;
(mm) **"Minisitiri"** bivuga Minisitiri ufite umutungo bwite mu by'ubwenge mu nshingano**;**	(mm) **"Minister"** means the Minister in charge of Intellectual Property;	(mm) **« Ministre »** signifie le Ministre ayant la propriété intellectuelle dans ses attributions ;
(nn) "**uruhushya rutihariwe**" bivuga amasezerano y'uruhushya aha abantu babiri cyangwa benshi uburenganzira bwo kubyaza umusaruro uburenganzira ku mutungo bwite mu by'inganda;	(nn) "**non-exclusive licence**" means the licence contract that confers on two or many persons the right to exploit the industrial property right;	(nn) « **licence non exclusive** »signifie le contrat de licence qui confère à deux ou plusieurs personnes le droit d'exploiter un droit de propriété industrielle ;

(oo) **“igihangano nyiracyo ataboneka ”** bivuga igihangano kirengewe ariko bikaba bigoye cyangwa bidashoboka kumenya aho ufite uburenganzira kuri icyo gihangano aherereye ;	(oo) **“orphan work”** means a work which is protected by copyright but for which the owner of rights is difficult or impossible to locate;	(oo) **« œuvre orpheline »** signifie une œuvre qui est protégée par le droit d’auteur mais pour laquelle le titulaire de droits est difficile ou impossible à localiser ;
(pp) **“impamyabuvumbuzi”** bivuga icyemezo gitangwa n’ubuyobozi bubifiye ububasha mu rwego rwo kurengera ubuvumbuzi;	(pp) **“patent”** means a title issued by a competent authority to protect an invention;	(pp) **« brevet** » signifie un titre délivré par une autorité compétente pour protéger une invention ;
(qq) **“umuhanzi uririmba cyangwa ukina igihangano”** bivuga uririmba, umunyamuziki, ubyina, uvuga cyangwa ukina igihangano ;	(qq) **“performing artist”** means an actor, singer, musician, dancer or other person who acts, sings, delivers or otherwise performs a work;	(qq) **« artiste interprète ou exécutant »** signifie un acteur, un chanteur, un musicien, un danseur ou une personne qui agit, chante, délivre ou exécute une œuvre ;
(rr) **“umunyamwuga ubifitemo ubumenyi busanzwe kandi ubikoramo**” bivuga umunyarwanda cyangwa umuntu wese usanzwe utuye mu Rwanda, akorera umwuga we mu Rwanda, afite ubumenyi, ubuzobere n’uburambe mu ngeri ya tekiniki y’ubuvumbuzi umuntu asabira kwitirirwa;	(rr) **“person having ordinary skills in the art”** means a citizen of Rwanda, or any person with habitual residence located in Rwanda, who carries out his or her profession in Rwanda, having acquired knowledge, expertise and experience in the technical field of the claimed invention;	(rr) **« personne ayant des connaissances ordinaires »** signifie un citoyen du Rwanda ou toute autre personne ayant une résidence habituelle au Rwanda ayant acquis les connaissances, l’expertise et l’expérience dans le domaine technique dont relève l’invention revendiquée ;
(ss) **“umuntu ufite ubumuga bwo kutabona, utabona neza cyangwa utabasha gusoma igitabo ”** bivuga umuntu:	(ss) **“person who is blind, visually impaired, or otherwise print disabled”** means a person who:	(ss) **« aveugle, déficient visuel ou personne ayant d’autres difficultés de lecture des textes imprimés »** signifie une personne qui:
(i) ufite ubumuga bwo kutabona nabusa;	(i) is blind;	(i) est aveugle;

(ii) ufite ubumuga bwo kutabona neza cyangwa ubwo kutabasha gusoma, kandi ubwo bumuga bukaba budashobora kuvurwa kugira ngo umuntu ubufite abe yabasha kubona mu buryo buhwanye n'ubw'undi muntu udafite ubumuga nk'ubwo, kubera iyo mpamvu akaba adashobora gusoma igitabo ku kigero gihwanye n'icy'umuntu udafite ubwo bumuga;	(ii) has a visual impairment or a perceptual or reading disability which cannot be improved to give visual function substantially equivalent to that of a person who has no such impairment or disability and so is unable to read printed works to substantially the same degree as a person without an impairment or disability;	(ii) a une dégradation visuelle ou un handicap de perception ou de lecture qui ne peut être amélioré en vue de donner une fonction visuelle de façon substantielle équivalente à celle d'une personne n'ayant pas une telle dégradation ou un tel handicap et qui de ce fait est incapable de lire des œuvres imprimées substantiellement au même niveau qu'une personne sans dégradation ou handicap;
(iii)cyangwa ufite ubumuga bw'ingingo z'umubiri, utabasha gufata cyangwa gukoresha igitabo, utabasha kwitegereza cyangwa kuraranganya amaso kugira ngo abashe gusoma.	(iii) otherwise unable, through physical disability, to hold or manipulate a book or to focus or move the eyes to the extent that would be normally acceptable for reading.	(iii) est autrement incapable à cause de son handicap physique de tenir ou de manipuler un livre ou de focaliser ou bouger les yeux d'une manière qui serait normalement acceptable pour la lecture.
(tt) **"fonogaramu"** bivuga amajwi y'ikinwa ry'igihangano cyangwa andi majwi yafashwe cyangwa andi majwi atari ayafashwe ashyirwa mu gihangano cy'iyumvabona;	(tt) **"phonogram"** means the fixation of the sounds of a performance or of other sounds or of a representation of sounds other than in the form of a fixation incorporated in audio-visual work;	(tt) **« phonogramme »** signifie la fixation des sons d'une interprétation ou exécution ou d'autres sons, ou d'une représentation de sons autre que sous la forme d'une fixation incorporée dans une œuvre audio-visuelle ;
(uu) **"ukora fonogaramu"** bivuga umuntu wafashe bwa mbere fonogaramu;	(uu) **"phonogram producer"** means a person that makes the first fixation of the sounds of a performance;	(uu) **« producteur de phonogramme »** signifie une personne qui fait la première fixation des sons d'une interprétation ou exécution ;

(vv) **igihangano cy'ifoto"** bivuga ifoto yatunganyijwe yafashwe hifashishijwe urumuri cyangwa indi mirasire hakaboneka ishusho igaragara ku gikoresho cyangwa ishobora kuvanwa ku gikoresho hifashishijwe uburyo bw'ubutabire, ubwa elegitoroniki cyangwa ubundi buryo;	(vv) **"photographic work"** means a photograph taken through recording of light or other radiation in any medium on which an image is produced or from which an image may be produced through chemical, electronic or other means;	(vv) **« œuvre photographique »** signifie une photographie prise par enregistrement de la lumière ou d'un autre rayonnement sur tout support sur lequel une image est produite ou à partir duquel une image peut être produite au moyen chimique, électronique ou tout autre moyen ;
(ww) **"inyandiko nsobanurabuvumbuzi y'agateganyo"** bivuga inyandiko igaragaza muri rusange, ariko atari mu buryo bwuzuye igitekerezo cy'ubuvumbuzi, itangwa kugira ngo uwavumbuye ashinganishe itariki yo gutanga abandi, mu gihe umuvumbuzi akeneye igihe cy'inyongera cyo gutunganya mu buryo burambuye ubuvumbuzi bwe;	(ww) **"provisional specification"** means a document, which broadly, but not completely, discloses an inventive concept, filed mainly to secure a priority date when the inventor needs more time to work out the details of his invention;	(ww) **« spécification provisoire »** signifie un document qui, de manière générale, mais partielle, divulgue un concept inventif, qui est principalement déposé pour réserver une date de priorité lorsque l'inventeur a besoin de plus de temps pour mettre au point les détails de son invention ;
(xx) **"gukina igihangano mu ruhame"** bivuga kuvuga mu mutwe igihangano**,** kugikina**,** kukibyina cyangwa kugikina mu bundi buryo butaziguye cyangwa hifashishijwe ikindi gikoresho cyangwa indi mikorere. Iyo ari igihangano cy'iyumvabona ni ukwerekana uruhererekane rw'amashusho yacyo cyangwa kumvikanisha amajwi agiherekeje. Iyo ari fonogaramu ni ukumvikanisha amajwi yafashwe ahantu hamwe cyangwa hanyuranye abantu	(xx) **"public performance"** means reciting, playing, dancing, acting or otherwise performing the work, either directly or by means of any device or process. In the case of an audio-visual work, it means the showing of its images in sequence or making its accompanying sounds audible. In the case of a phonogram, it means making the recorded sounds audible, in each case at a place or at places where persons outside the normal circle of the family and its closest acquaintances are or	(xx) **« représentation ou exécution publiques »** signifie le fait de réciter, jouer, danser, représenter ou interpréter autrement une œuvre, soit directement, soit au moyens de tout dispositif ou procédé. Dans le cas d'une œuvre audio-visuelle, il s'agit d'en montre les images en séries ou de rendre audibles les sons qui l'accompagnent. Dans le cas d'un phonogramme, elle signifie le fait de de rendre audibles des sons enregistrés, en un ou plusieurs lieux où des personnes étrangères au cercle normal d'une famille

batari mu itsinda ry'umuryango cyangwa abawegereye bahari cyangwa badahari, hatitawe ko abo bantu baba bari cyangwa bashobora kuba ahantu hamwe no mu gihe kimwe cyangwa ahantu no mu bihe bitandukanye, kandi mu gihe igihangano gikinwa gishobora kugerwaho hatabayeho imenyekanisha kuri rubanda;	can be present, irrespective of whether they are or can be present at the same place and time, or at different places or times, and where the performance can be perceived without the need for communication to the public;	ou de son entourage le plus immédiat sont ou peuvent être présentes, peu importe à cet égard que ces personnes soient ou puissent être présentes dans le même lieu et au même moment, ou en des lieux différents ou à des moments différents, et où la représentation ou exécution peut être perçue, et cela sans qu'il y ait nécessairement communication au public ;
(yy) **"igihangano cyatangajwe"** bivuga kopi y'igihangano cyangwa fonogaramu byasakajwe muri rubanda bitangiwe uruhushya n'umuhanzi cyangwa ubifitiye uburenganzira mu buryo bwo kukigurisha, kugikodesha, kugitiza, kugihererekanya cyangwa kwemera ko gishobora kugerwaho mu buryo bwa elegitoroniki;	(yy) **"published work"** means a copy of a work or a phonogram which was disseminated to the public with the permission of the author or right holder by way of selling, renting, lending, transferring or making available for electronic retrieval;	(yy) **« œuvre publiée »** signifie une copie d'une œuvre ou d'un phonogramme rendus accessibles au public avec la permission de l'auteur ou l'ayant droit par voie de vente, location, prêt, transfert ou le fait de la rendre disponible pour récupération électronique ;
(zz) **"uburenganzira bushamikiyeho"** bivuga uburenganzira bw'umuhanzi ukina igihangano, ubw'ukora fonogaramu cyangwa ubw'ikigo cy'isakaza ridakoresha insinga;	(zz) **"related right"** means the copyright of an artist performer, producer of phonograms or of broadcasting organisation without wires;	(zz) **« droit connexe »** signifie droits d'auteur d'un artiste interprète ou exécutant, producteur de phonogramme ou d'un organisme de radiodiffusion sans fils ;
(aaa) **"gukodesha"** bivuga ihererekanya ry'igihangano cy'umwimerere cyangwa kopi yacyo cyangwa fonogaramu mu gihe kizwi hagamijwe inyungu;	(aaa) **"rental"** means transfer of possession of the original or a copy of a work or phonogram for a limited period of time for profit-making purposes;	(aaa) **« location »** signifie le transfert de possession de l'original ou d'une copie d'une œuvre ou d'un phonogramme pour un temps limité à des fins lucratives;
(bbb) **"gutubura"** bivuga gukora kopi imwe cyangwa nyinshi z'igihangano,	(bbb) **"reproduction"** means making of one or more copies of a work or performance	(bbb) **« reproduction »** signifie le fait de faire une ou plusieurs copies d'une œuvre ou

iz'igihangano gikinwa cyangwa iza fonogaramu cyangwa iz'ibice byabyo mu buryo ubwo ari bwo bwose, harimo ifatwa ry'amajwi n'amashusho n'ibikwa mu buryo buhoraho cyangwa by'igihe gito ry'igihangano, igihangano gikinwa cyangwa fonogaramu mu buryo bwa elegitoroniki;	or phonogram or a part of both, in any manner or form, including recording of sounds and images, and permanent or temporary storage of the work or performance or phonogram in electronic form;	d'une représentation ou exécution ou d'un phonogramme, ou d'une partie des deux, sous une forme quelconque, y compris l'enregistrement des sons et des images et le stockage permanent ou temporaire de l'œuvre ou de la représentation ou exécution ou du phonogramme sous une forme électronique ;
(ccc) **"amakuru ku micungire y'uburenganzira ku gihangano"** bivuga amakuru ayo ari yo yose agaragaza umuhanzi, igihangano, umuhanzi ukina igihangano, ukora fonogaramu, fonogaramu, utangaza ikiganiro, ikiganiro cyatangajwe, ufite uburenganzira ubwo ari bwo bwose, cyangwa amakuru ayo ari yo yose yerekeye amategeko n'amabwiriza byo gukoresha igihangano cyangwa ibindi bihangano, imibare cyangwa kode biranga ayo makuru, iyo kimwe mu bigize ayo makuru cyometswe kuri kopi y'igihangano, iy'igihangano gikinirwa ahantu hamwe, cyangwa kuri kopi ya fonogaramu cyangwa iy'ikiganiro gisakazwa ahantu hamwe, cyangwa kigaragara ko gifitanye isano n'isakazwa, imenyeshwa cyangwa kugeza kuri rubanda igihangano, igihangano gikinirwa ahantu hamwe, fonogaramu cyangwa itangazwa;	(ccc) **"rights management information"** means any information which identifies the author, the work, performing artists, phonogram producer, the phonogram, the broadcaster, the broadcast, the owner of any right, or any information about the terms and conditions of use of the work and other works, any numbers or codes that represent such information, when any of these items of information is attached to a copy of a work, a fixed performance, on a copy of a phonogram or a fixed broadcast, or appears in connection with the broadcasting, communication or making available to the public of a work, a fixed performance, a phonogram or a broadcast;	(ccc) **« informations sur le régime des droits »** signifie toute information qui identifie l'auteur, l'œuvre, les acteurs, le producteur de phonogramme, le phonogramme, l'organisme de radiodiffusion, l'émission de radiodiffusion, le titulaire de tout droit, ou de toute information sur les termes et les conditions d'utilisation de l'œuvre et d'autres œuvres, tout numéro ou code représentant ces informations, lorsque l'un quelconque de ces éléments d'information est joint à l'exemplaire d'une œuvre, d'une représentation ou exécution fixée, de l'exemplaire d'un phonogramme ou une émission fixée, ou apparaît en relation avec la radiodiffusion, la communication d'une œuvre, d'une représentation ou exécution fixée, d'un phonogramme ou d'une émission au public ;

(ddd) **"uruhushya rwihariwe rutari burundu**" bivuga amasezerano y'uruhushya aha umuntu uburenganzira bwo kubyaza umusaruro uburenganzira ku mutungo bwite mu by'inganda, hakuwemo abandi bantu uretse nyir'uburenganzira;	(ddd) **"semi exclusive licence"** means a licence contract that confers on the holder the right to exploit the licenced industrial property right to the exclusion of all other persons, except the right owner;	(ddd) **« licence semi exclusive »** signifie le contrat de licence qui confère à son détenteur le droit d'exploiter un droit de propriété industrielle en excluant les autres personnes, à l'exception du titulaire du droit ;
(eee) **"izina ry'ubucuruzi"** bivuga izina cyangwa inyito igaragaza kandi igatandukanya ubucuruzi bw'umuntu n'ubw'undi ;	(eee) **"trade name"** means a name or designation identifying and distinguishing the business of a person from that of another person;	(eee) **« nom commercial »** signifie un nom ou une désignation qui identifie et distingue le commerce d'une personne de celui d'autrui ;
(fff) **"ubuvumbuzi bucirirtse"** bivuga ubuvumbuzi bwo mu rwego rwa tekinike bufite imiterere cyangwa ishusho bishya by'ikintu cyangwa by'igice cy'ikintu, bizamura urwego rw'imikoreshereze cyangwa akamaro kacyo;	(fff) **"utility model"** means a technical creation that consists of a new shape or configuration of an object, or of a component of an object, that increases its functionality or utility;	(fff) **« modèle d'utilité »** signifie une création technique qui consiste en une nouvelle forme ou configuration d'un objet, ou d'une partie constitutive d'un objet, qui augmente sa fonctionnalité ou son utilité ;
(ggg) **"igihangano"** bivuga igihangano cy'ubuvanganzo, icy'ubugeni cyangwa igishingiye ku bumenyi;	(ggg) **"work"** means any literary, artistic or scientific work;	(ggg) **« œuvre »** signifie toute œuvre littéraire, artistique ou scientifique ;
(hhh) **"igihangano cyakomotse ku muco gakondo"** bivuga igihangano cyahanzwe ahanini hashingiwe ku bikigize byatiwe mu muco gakondo;	(hhh) **"work derived from folklore"** means a work predominantly created on the basis of elements borrowed from the folklore;	(hhh) **« œuvre dérivée du folklore »** signifie une œuvre principalement créée sur base d'éléments tirés du folklore ;
(iii)**"igihangano cy'ubugeni mberabyombi"** bivuga igihangano cy'ubugeni gifite umumaro cyangwa cyakoreshejwe mu kintu cy'agaciro, cyaba igihangano	(iii)**"work of applied art"** means an artistic creation that has utilitarian function or is incorporated in a useful article, whether a	(iii)**« œuvre d'art appliqué »** signifie une création artistique qui a une fonction utilitaire ou qui est incorporée dans un article utile, qu'elle soit une œuvre

cy'ubukorikori cyangwa icyakorewe mu ruganda;	work of handicraft or one produced on an industrial scale;	d'artisanat ou une œuvre produite à l'échelle industrielle ;
(jjj)**"igihangano gisangiwe"** bivuga igihangano cyahanzwe ku bufatanye bw'abahanzi babiri cyangwa benshi;	(jjj)**"work of joint authorship"** means a work produced by collaboration of two or more authors;	(jjj)**« œuvre de collaboration »** signifie une œuvre créée grâce à la collaboration de deux ou plusieurs auteurs ;
(kkk) **"umuntu"** bivuga umuntu ku giti cye, ikigo cya Leta cyangwa icy'abikorera cyangwa urwego bifite ubuzimagatozi.	(kkk) **"person"** means a natural person or legal entity whether public or private.	(kkk) **« personne »** signifie une personne physique, ou une personne morale de droit public ou privé.
Ingingo ya 3: Ibirebwa n'iri tegeko	**Article 3: Scope of this Law**	**Article 3 : Champ d'application de la présente loi**
Iri tegeko rireba:	This Law applies to:	La présente loi s'applique :
(a) umutungo bwite mu by'inganda;	(a) industrial property;	(a) à la propriété industrielle ;
(b) uburenganzira bw'umuhanzi n'uburenganzira bubushamikiyeho.	(b) copyrights and related rights.	(b) aux droits d'auteurs et droits connexes.
INTERURO YA II: UMUTUNGO BWITE MU BY'INGANDA	**TITLE II: INDUSTRIAL PROPERTY**	**TITRE II: PROPRIÉTÉ INDUSTRIELLE**
UMUTWE WA MBERE: IBIKUBIYE MU MUTUNGO BWITE MU BY'INGANDA	**CHAPTER ONE: CATEGORIES OF INDUSTRIAL PROPERTY**	**CHAPITRE PREMIER : CATÉGORIES DE LA POPRIÉTÉ INDUSTRIELLE**

Ingingo ya 4: Ibigize umutungo bwite mu by'inganda	**Article 4: Categories of industrial property**	**Article 4 : Catégories de la propriété industrielle**
Umutungo bwite mu by'inganda ugizwe n'ibi bikurikira:	Industrial property applies to the exclusive right to use the following:	La propriété industrielle s'applique au droit exclusif d'utiliser ce qui suit :
(a) ubuvumbuzi;	(a) inventions;	(a) inventions ;
(b) ubuvumbuzi bucirirtse;	(b) utility model;	(b) modèle d'utilité ;
(c) ikirango, ikirango gihuriweho, ikirango nyemeza n'izina ry'ubucuruzi;	(c) mark, collective mark, certification mark and tradename;	(c) marque, marque collective , marque de certification et nom commercial ;
(d) igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda;	(d) industrial design;	(d) dessin et modèle industriels ;
(e) ikimenyetso ndangahantu;	(e) geographical indication;	(e) indication géographique ;
(f) igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki.	(f) layout-design of integrated circuit.	(f) schéma de configuration du circuit intégré;
UMUTWE WA II: KURENGERA UBUVUMBUZI	**CHAPTER II: PROTECTION OF INVENTION**	**CHAPITRE II : PROTECTION DE L'INVENTION**
Icyiciro cya mbere: Ibisabwa mu kurengera ubuvumbuzi	**Section One: Requirements for the protection of an invention**	**Section Première : Conditions pour la protection d'une invention**
Ingingo ya 5 : Ubuvumbuzi burengerwa	**Article 5: Patentable invention**	**Article 5 : Invention brevetable**
Ubuvumbuzi burengerwa iyo bwujuje ibi bikurikira:	An invention is patentable if:	Une invention est brevetable lorsque :

(a) ari bushya; (b) bugaragaza intambwe y'ubuvumbuzi; (c) bushobora gukoreshwa mu rwego rw'inganda.	(a) it is new; (b) it involves an inventive step; (c) it is industrially applicable.	(a) elle est nouvelle ; (b) elle implique une étape inventive ; (c) elle est applicable sur le plan industriel.
Ingingo ya 6: Ubushya bw'ubuvumbuzi	**Article 6: Novelty of an invention**	**Article 6 : Nouveauté d'une invention**
(1) Ubuvumbuzi buba ari bushya iyo nta bundi bwabubanjirije ukurikije aho tekiniki igeze.	(1) An invention is new if it is not anticipated by the prior art.	(1) Une invention est nouvelle lorsqu'il n'y a pas d'antériorité dans l'état de la technique.
(2) Mu gusuzuma aho tekiniki igeze hitabwa ku imenyekanisha ryakorewe aho ari ho hose ku isi, binyujijwe mu nyandiko ifatika, mu mvugo, mu ikoreshwa ry'icyavumbuwe cyangwa mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose, ariko bikaba mbere y'itariki yo gusaba impamyabuvumbuzi, cyangwa mbere y'itariki igaragaza ko usaba ari we watanze abandi kuvumbura, aho biri ngombwa.	(2) The assessment of the prior art takes into consideration the disclosure of the invention that has been disclosed anywhere in the world by publication in intangible form, by oral disclosure, by use or in any other way, prior to the filing date or where applicable, the priority date of the patent application claiming the invention.	(2) L'examen de l'antériorité de l'état de la technique prend en considération tout ce qui a été divulgué sur l'invention en tout lieu du monde, par une publication sous forme tangible, par une divulgation orale, par un usage ou par tout autre moyen, avant la date de dépôt ou, le cas échéant, la date de priorité de la demande de brevet par laquelle l'invention est revendiquée.
(3) Icyakora, imeyekanisha ry'ubuvumbuzi ntiryitabwaho mu kugena ubushya bw'ubuvumbuzi iyo: (a) rikozwe mu gihe cy'amezi 12 abanziriza umunsi wo gusabiraho impamyabuvumbuzi;	(3) However, the disclosure of the invention is not considered when determining the novelty of an invention if: (a) it occurs within 12 months preceding the filing date of a patent application;	(3) Toutefois, la publication d'une invention n'est pas à considérer pour déterminer la nouveauté d'une invention si: (a) elle est intervenue dans les 12 mois précédant la date de dépôt de la demande de brevet ;

(b) rikozwe mbere y'itariki y'ubusabe bwo gutanga abandi kuvumbura, aho biri ngombwa;	(b) It occurs before the priority date of patent application, where applicable;	(b) elle est intervenue avant la date de priorité de la demande de brevet, le cas échéant ;
(c) riturutse ku buryo butaziguye cyangwa buziguye ku bikorwa byakozwe n'uwasabye icyemezo cy'ubuvumbuzi;	(c) it has resulted directly or indirectly from acts performed by the applicant;	(c) elle a résulté directement ou indirectement d'actes posés par le demandeur ;
(d) riturutse ku buhemu bwakozwe n'undi muntu abukoreye uwasabye icyemezo cyangwa uwari ugifiteho uburenganzira.	(d) it has resulted from an abuse committed by a third party with regard to the applicant or the rightful predecessor.	(d) elle a résulté d'un abus commis par un tiers à l'égard du demandeur ou de l'ayant droit.
(4) Hakurikijwe ibikubiye mu gika cya (3) cy'iyi ngingo, imenyekanisha ry'ubuvumbuzi ntiryitabwaho mu kugena ubushya bw'ubuvumbuzi iyo rikozwe mu gihe cy'amezi 12 abanziriza umunsi wo gusabiraho impamyabuvumbuzi, cyangwa aho bishoboka mbere y'itariki y'ubusabe bwo gutanga abandi kuvumbura ku bireba ibicuruzwa byamuritswe mu imurika ku mugaragaro cyangwa mu mamurika mpuzamahanga yemewe ku mugaragaro yabereye ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda. Usaba ashyikiriza urwego rubifitiye ububasha mu gihe cyo gusaba, ikimenyetso gihamya igicuruzwa cyamuritswe n'umunsi imurika mpuzamahanga ryemewe ryabereyeho.	(4) In accordance with Paragraph (3) of this Article, the disclosure of the invention is not considered when determining the novelty of an invention if it occurs within 12 months preceding the filing date of a patent application or where applicable, the priority date of the application claiming the invention in respect of goods officially exhibited or officially recognised in international exhibitions held on the territory of the Republic of Rwanda. The applicant transmits to the competent authority at the time of the application, the proof of the item exhibited and the date of the recognised international exhibition.	(4) Conformément à l'alinéa (3) du présent article, une divulgation de l'invention n'est pas prise en considération pour déterminer la nouveauté d'une invention si elle est intervenue dans les 12 mois précédant la date de dépôt de la demande ou, le cas échéant, la date de priorité de la demande de brevet en ce qui les biens exhibés dans des expositions officielles ou des expositions internationales reconnues officiellement tenues sur le territoire de la République du Rwanda. Le demandeur doit transmettre à l'autorité compétente au moment de la demande la preuve de l'article en exposition ainsi que le jour de l'exposition internationale reconnue.

Ingingo ya 7: Intambwe y'ubuvumbuzi	**Article 7: Inventive step**	**Article 7 : Étape inventive**
Ubuvumbuzi bufatwa ko bugaragaza intambwe y'ubuvumbuzi iyo ukurikije aho tekiniki igeze ku bijyanye n'igisabirwa impamyabuvumbuzi, bitari kugaragarira umunyamwuga ubifitemo ubumenyi busanzwe.	An invention is considered as involving an inventive step if, having regard to the prior art relevant to the patent application claiming the invention, it would not have been obvious to a person having ordinary skill in the art.	Une invention est considérée comme impliquant une étape inventive lorsque, compte tenu de l'état de la technique antérieure ayant fait objet de demande de brevet d'invention, elle n'aurait pas été évidente à une personne ayant des connaissances ordinaires en la matière.
Ingingo ya 8: Gukoresha ubuvumbuzi mu rwego rw'inganda	**Article 8: Industrial applicability of an invention**	**Article 8 : Applicabilité industrielle d'une invention**
Ubuvumbuzi bushobora gukoreshwa mu rwego rw'inganda iyo icyo bugamije kugeraho cyangwa bwagezeho gishobora gukorwa cyangwa gukoreshwa mu ruganda.	An invention is industrially applicable if its subject matter can be made or used in an industry.	Une invention est industriellement applicable lorsque son objet peut être fabriqué ou utilisé dans une industrie.
Ingingo ya 9: Gutanga dosiye isaba impamyabuvumbuzi	**Article 9: Filing the application for a patent**	**Article 9 : Dépôt de la demande d'un brevet**
(1) Dosiye isaba impamyabuvumbuzi ishyikirizwa ubuyobozi bubifitiye ububasha.	(1) A patent application is filed with the competent authority.	(1) Une demande de brevet est déposée auprès de l'autorité compétente.
(2) Dosiye isaba impamyabuvumbuzi iba ikubiyemo ibi bikurikira:	(2) The patent application contains the following:	(2) La demande de brevet contient ce qui suit:
(a) ubusabe bwo guhabwa impamyabuvumbuzi;	(a) a request for the grant of a patent;	(a) une demande d'octroi de brevet;
(b) igisobanuro cy'imiterere y'ubuvumbuzi;	(b) a description of the invention;	(b) une description de l'invention;

(c) igishya kimwe cyangwa byinshi muri ubwo buvumbuzi asaba kwitirirwa;	(c) one or more claims of novelty in the invention;	(c) une ou plusieurs réclamations de nouveauté dans l'invention;
(d) igishushanyo kimwe cyangwa byinshi bisobanura ubwo buvumbuzi, iyo ari ngombwa;	(d) one or more drawings illustrating the invention where necessary;	(d) un ou plusieurs dessins illustrant l'invention, le cas échéant;
(e) incamake y'ubuvumbuzi;	(e) an abstract of invention;	(e) un abrégé de l'invention ;
(f) icyemezo cy'uko hishyuwe amafaranga y'ubusabe.	(f) the proof of payment of a prescribed fee.	(f) une preuve de paiement des frais prescrits.
(3) Iteka rya Minisitiri rishobora kugena ibindi bishyikirizwa ubuyobozi bubifitiye ububasha mu gihe cyo gusaba impamyabuvumbuzi.	(3) An Order of the Minister may determine other items to be submitted to the competent authority at the time of filing a patent application.	(3) Un arrêté du Ministre peut déterminer d'autres éléments à soumettre à l'autorité compétente lors du dépôt de la demande de brevet.
(4) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bugena itariki bwakiriyeho dosiye isaba impamyabuvumbuzi ifatwa ko ari yo tariki ubusabe bwatangiweho kandi bugatondeka ubuvumbuzi hakurikijwe itondeka mpuzamahanga.	(4) The competent authority sets the date of receipt of the application for a patent as the filing date, and classifies the invention according to the International Classification.	(4) L'autorité compétente fixe la date de réception de la demande de brevet comme date de dépôt du dossier et classifie l'invention selon la classification internationale.
<u>Ingingo ya 10</u>: Ubusabe bwo guhabwa impamyabuvumbuzi	**<u>Article 10</u>: Request for the grant of a patent**	**<u>Article 10 </u>: Demande d'octroi d'un brevet**
(1) Ubusabe bwo guhabwa impamyabuvumbuzi bukorwa huzuzwa inyandiko yabugenewe ishyirwaho n'ubuyobozi bubifitiye ububasha.	(1) A request for the grant of a patent is made by filling in a relevant form prescribed by the competent authority.	(1) Une demande de brevet se fait en remplissant le formulaire prescrit à cet effet par l'autorité compétente.

(2) Gutanga ubusabe byishyurirwa amafaranga yagenwe.	(2) The application submission is subject to payment of a prescribed fee.	(2) Le dépôt de la demande est sujet au paiement des frais prescrits.
(3) Icyakora, uburyo bwo gusaba no gutanga impamyabuvumbuzi yerekeranye n'umutekano w'igihugu n'ituze rusange bugenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite Ingabo z'u Rwanda mu nshingano.	(3) However, the modalities for filing of an application for patent with regard to national security and law and order are determined by an Order of the Minister in charge of Rwanda Defence Forces.	(3) Toutefois, les modalités de demande de brevet pour ce qui a trait à la sécurité nationale et à l'ordre public sont définies par Arrêté du Ministre ayant les Forces rwandaises de défense dans ses attributions.
Ingingo ya 11: Gusobanura ubuvumbuzi	**Article 11: Description of an invention**	**Article 11 : Description de l'invention**
(1) Gusobanura ubuvumbuzi ni ukwerekana no kumenyekanisha mu buryo bugaragara, bwuzuye kandi bwumvikana ku buryo umuntu ubifitemo ubumenyi ashobora gukoresha ubwo buvumbuzi.	(1) The description of an invention explains and discloses the invention in a manner sufficiently clear, complete and intelligible so as to be used by a person skilled in the art.	(1) La description de l'invention explique et révèle l'invention d'une manière suffisamment claire, complète et intelligible de façon à être exécutée par une personne ayant des connaissances dans ce domaine.
(2) Gusobanura byerekana uburyo bwiza bwo gukoresha ubuvumbuzi ku munsi w'itangwa ry'ubusabe cyangwa ku itariki y'ubusabe bwo gutanga abandi. Aho ari ngombwa hatangwa ibishushanyo kugira ngo ubuvumbuzi bwumvikane.	(2) The description indicates the best way to use the invention known to the applicant at the filing date or, where priority is claimed, at the priority date of the application. Drawings may be provided to understand the invention, if considered necessary.	(2) La description indique la meilleure voie d'utilisation de l'invention connue au demandeur au jour de dépôt de la demande ou, en cas de revendication de priorité, à la date de priorité de la demande. Des dessins peuvent être fournis en vue de la compréhension de l'invention, si nécessaire.
(3) Mbere yo gutanga impamyabuvumbuzi, ubuyobozi bubifitiye ububasha bushobora gusaba igihe icyo aricyo cyose ko ibisobanuro	(3) The competent authority may, at any time before the grant of the patent, require the description in foreign patent applications to be adapted to the	(3) L'autorité compétente peut, à tout moment avant que le brevet ne soit délivré, exiger que la description figurant dans les demandes étrangères de

bikubiye mu busabe bw'impamyabuvumbuzi z'abanyamahanga bishyirwa mu rwego rw'ubumenyi n'ubuhanga by'umuntu ubifitemo ubumenyi yaba umunyarwanda cyangwa umunyamahanga usanzwe atuye kandi akorera umwuga we muri Repubulika y'u Rwanda, kugira ngo habeho ihererekanywa n'ikwirakwizwa rya tekinoloji.	ordinary skills in the art of a citizen of Rwanda, or any foreign citizen with habitual residence in the Republic of Rwanda and who carries out his or her profession in the Republic of Rwanda, so as to ensure technology transfer and dissemination.	brevet soit adaptée aux connaissances et techniques ordinaires acquis par un citoyen rwandais ou tout citoyen étranger ayant résidence habituelle en République du Rwanda, exerçant sa profession en République du Rwanda, en vue de s'assurer du transfert et de la dissémination de la technologie.
Ingingo ya 12: Gusuzuma ko imenyekanisha rihagije	**Article 12: Assessing the sufficiency of disclosure**	**Article 12 : Évaluation de la suffisance de la révélation**
(1) Mu gusuzuma ko imenyekanisha rihagije, ubuyobozi bubifitiye ububasha bwita ku bikubiye mu bisobanuro byatanzwe, ibyo umuntu asaba kwitirirwa n'ibishushanyo iyo byagaragajwe kugeza ku munsi w'isuzuma.	(1) During assessment of sufficiency of disclosure, the disclosure contained in the description, claims and drawings, as established on the date on which the sufficiency of disclosure was examined, are taken into account.	(1) Lors de l'évaluation de la suffisance de la révélation, la révélation contenue dans la description, les réclamations et les dessins établis au jour auquel la suffisance de la révélation a été examinée sont tenus en considération.
(2) Imenyekanisha ry'ubuvumbuzi umuntu asabira kwitirirwa rifatwa ko risobanutse bihagije kandi ryuzuye iyo ritanga amakuru atuma umuntu ubifitemo ubumenyi akoresha ubwo buvumbuzi ku itariki y'ubusabe atagombye kongera gusubira mu igerageza.	(2) The disclosure of claims of an invention is considered to be clear and concise when it is sufficient and fully supported by the description in a way that the person skilled in the art can, on the date of the application, use the invention without necessarily making recourse to trials.	(2) La publication des revendications sur une invention est réputée claire et concise lorsqu'elle est suffisante et entièrement appuyée par une description de sorte que la personne ayant des connaissances dans le domaine puisse utiliser l'invention sans devoir passer aux essaies.

Ingingo ya 13: Gusuzuma imenyekanisha rihagije ry'ingirabuzima ntoya	**Article 13: Examining the sufficient disclosure of a micro-organism**	**Article 13 : Évaluation d'une revendication suffisante d'un micro-organisme**
Imenyekanisha ry'ubuvumbuzi bw'ingirabuzima ntoya cyangwa ubuvumbuzi bwifashishije ingirabuzima ntoya zitari zisanzwe ziboneka muri rubanda kugera ku munsi wo gutanga ubusabe, rifatwa nk'irihagije kandi ku buryo ubwo buvumbuzi bwakoreshwa n'umuntu ubifitemo ubumenyi iyo ibisabwa bikurikira byujujwe**:**	The content of a disclosure of claim for an invention of a micro-organism or an invention which requires, for its performance, the use of a micro-organism which is not available to the public at the date of filing is treated as clear and complete enough for the invention to be performed by a person skilled in the art if the following conditions are met:	Le contenu d'une publication de revendication d'invention d'un micro-organisme ou d'une invention qui, pour sa performance nécessite l'utilisation d'un micro-organisme qui n'est pas encore disponible au public au jour de dépôt de la demande, est considéré suffisamment clair et complet de manière à ce qu'une personne ayant des connaissances dans le domaine puisse utiliser l'invention lorsque les conditions suivantes sont remplies :
(a) iyo indobanwa y'ingirabuzima ntoya yatanzwe mu kigo mpuzamahanga zibikwamo cyemewe hakurikijwe Amasezerano ya Budapest;	(a) a culture of the micro-organism has been effected with an international depositary authority which is recognised under the Budapest Treaty;	(a) une culture du micro-organisme a été effectuée en collaboration avec l'autorité internationale des dépôts qui est reconnue par le Traité de Budapest ;
(b) iyo ubusabe bwatanzwe butanga amakuru ahagije ya ngombwa ku byerekeye imiterere iranga ingirabuzima ntoya yavumbuwe;	(b) the application as filed gives such relevant and sufficient information on the characteristics of the micro-organism;	(b) la demande telle que déposée donne des informations adéquates et suffisantes sur les caractéristiques du micro-organisme;
(c) iyo itariki ingirabuzima ntoya yashyizwe mu bubiko bw'Ikigo mpuzamahanga zibikwamo, izina ry'icyo kigo na nimero yo kugera ku bubiko bwayo byagaragajwe mu busabe;	(c) the date when the culture was deposited, the name of an international depositary authority, and the accession number of the deposit are given in the description of the application; and	(c) le jour auquel la culture a été déposée, le nom de l'autorité internationale des dépôts et le numéro d'accession du dépôt sont présentés dans la description de la demande; et

(d) iyo usaba yagaragaje icyemezo cyo kwakira ibikwa ry'ingirabuzima ntoya cyatanzwe n'ikigo mpuzamahanga zibikwamo mu gihe kitarenze amezi 12 abarwa uhereye ku itariki ubusabe bw'impamyabuvumbuzi bwatangiweho.	(d) the receipt of the deposit issued by an international depositary authority is filed with the patent application not later than 12 months from the filing date of the patent application.	(d) l'accusé de réception du dépôt délivré par l'autorité internationale des dépôts est déposé avec la demande de brevet dans les 12 mois à partir du jour de dépôt de la demande de brevet.
Ingingo ya 14 : Inyandiko igaragaza igishya usaba impamyabuvumbuzi asaba kwitirirwa	**Article 14: Claim of an invention**	**Article 14 : Revendication d'une invention**
(1) Inyandiko igaragaza igishya ku buvumbuzi igomba kugaragaza aho ukurengerwa gusabwa kugarukira, ukurengerwa k'ubuvumbuzi kukaba kugenwa n'ibikubiye mu ngingo zigaragaza igishya kimwe cyangwa byinshi muri ubwo buvumbuzi.	(1) The scope of the protection granted for an invention or an innovation is determined by the extent of the claim or claims of that invention.	(1) Le champ de protection accordée pour une invention ou une innovation est déterminé par l'étendue de la revendication ou des revendications sur cette invention.
(2) Inyandiko igaragaza igishya ku buvumbuzi igomba kuba ihinnye kandi yumvikana. Iyo nyandiko ishingira gusa ku bisobanuro by' ubuvumbuzi.	(2) The claim of an invention must be clear and concise. Such a claim is solely based on the description of the invention.	(2) La revendication sur une invention doit être claire et concise. Cette revendication est basée uniquement sur la description de l'invention.
(3) Inyandiko igaragaza igishya, ibisobanuro n'ibishushanyo bishobora kwifashishwa mu kumva neza inyandiko igaragaza igishya ku buvumbuzi.	(3) The claim of an invention as well as the description and drawings may be used to interpret the claims of the invention.	(3) La revendication sur une invention ainsi que la description et les dessins peuvent être utilisés pour interpréter les revendications sur l'invention.

Ingingo ya 15: Incamake y'ubuvumbuzi	**Article 15: Abstract of the invention**	**Article 15 : Abrégé de l'invention**
(1) Incamake ni inyandiko igaragaza mu buryo buhinnye ubuvumbuzi, ikoreshwa gusa mu byerekeranye n'amakuru yo mu rwego rwa tekiniki.	(1) The abstract summarises the invention, description and claims of the invention and must be used exclusively for technical information purposes.	(1) L'abrégé contient un résumé de l'invention, une description ainsi que des revendications sur l'invention et doit être utilisé exclusivement à des fins d'informations techniques.
(2) Icyakora, ubuyobozi bubifitiye ububasha ntibushingira ku ncamake y'ubuvumbuzi iyo busuzuma aho uburenganzira bwo kurengerwa bugarukira.	(2) However, the competent authority does not consider the abstract of the invention while assessing the scope of protection.	(2) Toutefois, l'autorité compétente ne considère pas l'abrégé de l'invention ou de l'innovation lors de l'évaluation du champ de protection.
Ingingo ya 16: Ihuzwa ry'ubuvumbuzi	**Article 16: Unity of an invention**	**Article 16 : Unité d'une invention**
(1) Ubusabe bw'iyandikwa bukorwa ku buvumbuzi bumwe cyangwa ku itsinda ry'ubuvumbuzi bifitanye isano buhuzwa iyo bugize igitekerezo kimwe cy'ubuvumbuzi muri rusange.	(1) An application for registration relates to one invention or to a group of inventions linked to form a single general inventive or innovative concept.	(1) Une demande d'enregistrement se rapporte sur une invention ou sur un groupe d'inventions liées pour former un seul concept inventif général.
(2) Icyakora, kuba ubuvumbuzi buhujwe ntibishingirwaho mu gutambamira, gutesha agaciro impamyabuvumbuzi cyangwa kuba iyo mpamyabuvumbuzi ikubiyemo ubuvumbuzi burenze bumwe cyangwa itsinda ry'ubuvumbuzi budafitanye isano ku buryo biba bigize igitekerezo kimwe cy'ubuvumbuzi.	(2) However, unity of an invention is not a ground for opposition to or invalidation of a patent that the patent comprises more than one invention or the group of inventions which are not linked to form a single inventive concept.	(2) Toutefois, l'unité d'une invention n'est pas une raison de faire opposition ou d'invalider le brevet d'invention qui comprend plus d'une invention ou groupe d'inventions qui n'ont pas de rapport pour former un seul concept d'invention.

Ingingo ya 17: Gusaba impanyabuvumbuzi mu byiciro	**Article 17: Divisional application**	**Article 17 : Demande divisionnaire**
(1) Usaba impamyabuvumbuzi ashobora kugabanya ubusabe bwe mu byiciro igihe cyose ubuyobozi bubifitiye ububasha butaremeza ko ubusabe bwujuje ibisabwa kugira ngo hatangwe impamyabuvumbuzi.	(1) Until the competent authority confirms that the application meets the requirements for the grant of the patent, the applicant may divide the application into more than one divisional application.	(1) Jusqu'à ce que l'autorité compétente confirme que la demande satisfait les conditions requises pour l'octroi du brevet, le requérant peut diviser la demande en plus d'une demande divisionnaire.
(2) Icyakora, buri cyiciro cy'ubusabe ntikigomba kugira icyo gitangaza kirenze icyari cyatangajwe mu busabe bwabanje.	(2) However, each divisional application does not disclose matter extending beyond that disclosed in the original application as filed.	(2) Toutefois, chaque demande divisionnaire ne doit pas révéler une affaire qui s'étend au-delà de celle révélée dans la demande originale telle que déposée.
(3) Buri cyiciro cy'ubusabe gihabwa itariki y'ubusabe, kandi iyo bibaye ngombwa, itariki yo gutanga abandi ni iy'ubusabe bwabanje.	(3) Each divisional application has the filing date and, where appropriate, the priority is the date of the initial application.	(3) Chaque demande divisionnaire a une date de dépôt de la demande et, le cas échéant, la date de priorité est celle de la demande initiale.
Ingingo ya 18: Ubusabe bushingiye ku nyandiko nsobanurabuvumbuzi y'agateganyo	**Article 18: Application accompanied by a provisional specification**	**Article 18 : Demande accompagnée d'une spécification provisoire**
(1) Ubusabe bw'impamyabuvumbuzi bushobora gutangwa hashingiwe ku nyandiko nsobanurabuvumbuzi y'agateganyo.	(1) The application for a patent may be accompanied by a provisional specification.	(1) La demande de brevet peut être accompagnée d'une spécification provisoire.
(2) Iyo hatanzwe ubusabe bw'impamyabuvumbuzi bushingiye ku inyandiko nsobanurabuvumbuzi y'agateganyo, inyandiko	(2) Where an application for a patent is accompanied by a provisional specification, a final specification is filed	(2) Lorsqu'une demande de brevet est accompagnée d'une spécification provisoire, une spécification définitive doit

nsobanurabuvumbuzi yuzuye igomba gutangwa mu gihe kitarenze amezi 12 abarwa uhereye ku itariki y'ubusabe bwa mbere.	within 12 months from the date of filing the first application.	être déposée dans les 12 mois à partir de la date de dépôt de la demande initiale.
(3) Iyo inyandiko nsobanurabuvumbuzi yuzuye yatanzwe mu gihe cy'amezi 12 avugwa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo, itariki yo gutanga abandi iba itariki yatangiweho ubusabe bushingiye ku nyandiko nsobanurabuvumbuzi y'agateganyo.	(3) If the final specification is filed within the period of 12 months provided for in Paragraph (2) of this Article, the priority date becomes the date on which the application accompanied by a provisional specification was filed.	(3) Lorsque la spécification définitive est déposée dans un délai de 12 mois prévu à l'alinéa (2) du présent article, la date de priorité devient celle de brevet est accompagnée d'une spécification provisoire.
(4) Iyo inyandiko nsobanurabuvumbuzi yuzuye idatanzwe mu gihe cyagenwe kivugwa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo, ubusabe bufatwa nk'aho bwaretswe kandi bugasibwa muri rejisitiri.	(4) If the final specification is not filed within the period provided in Paragraph (2) of this Article, the application is considered to be abandoned and is removed from the register.	(4) Lorsqu'une spécification complète n'est pas déposée dans un délai prévu à l'alinéa (2) du présent article, la demande est réputée abandonnée et elle est rayée du registre.
Ingingo ya 19: Ubusabe bwinshi bushingiye ku nyandiko nsobanurabuvumbuzi y'agateganyo	**Article 19: Multiple applications accompanied with a provisional specification**	**Article 19 : Demandes multiples accompagnées d'une spécification provisoire**
(1) Usaba impamyabuvumbuzi ashobora gutanga mu izina ry'umuntu umwe ubusabe burenze bumwe buherekejwe n'inyandiko nsobanurabuvumbuzi z'agateganyo.	(1) An applicant may file multiple applications accompanied by provisional specifications.	(1) Le requérant peut déposer plusieurs demandes accompagnées par des spécifications provisoires.
(2) Iyo ubusabe buvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo bwatanzwe ku buvumbuzi bufitanye isano cyangwa bumwe muri bwo	(2) If the application referred to in Paragraph (1) of this Article is filed in respect of inventions which are cognate or of which	(2) Lorsque la demande visée au paragraphe (1) du présent article est déposée et qu'elle concerne les inventions qui sont apparentées

bukaba bwarahinduwe mu bundi, ubuyobozi bubifitiye ububasha bubona ko ibyavumbuwe byose bishobora kuba ubuvumbuzi bumwe kandi bushobora guhabwa impamyabuvumbuzi imwe, bushobora kwemera ko hatangwa inyandiko nsobanurabuvumbuzi yuzuye imwe mu gihe kitarenze amezi 12 abarwa uhereye ku itariki y'ubusabe bwatanzwe bushingiye ku nyandiko nsobanurabuvumbuzi y'agateganyo bwabanjirije ubundi.	one is a modification of another and the competent authority is of the opinion that the whole of such inventions are such as to constitute a single invention and may be granted one patent, the competent authority may allow one final specification to be filed within 12 months from the date of filing of the earliest provisional specification.	ou dont l'une est une modification d'une autre et que l'autorité compétente est d'avis que l'ensemble de ces inventions est de nature à constituer une seule invention et qu'elles peuvent faire l'objet d'octroi d'un seul brevet, l'autorité compétente peut autoriser le dépôt d'une spécification définitive dans les 12 mois à compter de la date de dépôt de l'ancienne spécification provisoire.
Ingingo ya 20 : Guhindura ubusabe bwuzuye mo ubusabe bw'agateganyo	**Article 20: Conversion of application for a patent into a provisional application**	**Article 20 : Conversion d'une demande de brevet en une demande provisoire**
(1) Uwatanze dosiye yo gusaba impamyabuvumbuzi yuzuye ashobora gusaba ubuyobozi bubifitiye ububasha kuyihinduramo ubusabe bw'agateganyo igihe cyose nta cyemezo kirafatwa kuri dosiye isaba.	(1) The applicant for a patent may, at any time prior to the decision on the application, request the competent authority to convert his or her application into a provisional application.	(1) Le requérant de brevet, à tout moment avant la décision sur la demande, peut demander à l'autorité compétente de convertir sa demande en une demande provisoire.
(2) Mu gihe ubusabe bw'impampabuvumbuzi buherekejwe n'inyandiko nsobanurabuvumbuzi bifatwa ko yuzuye, ubuyobozi bubifitiye ububasha bubisabwe mu gihe cy'amezi 12 abarwa uhereye ku itariki yatangiyeho ubusabe bwa mbere n'uwavumbuye, bushobora kwemeza ko inyandiko nsobanurabuvumbuzi yuzuye yafatwa nk'inyandiko	(2) Where an application for a patent is accompanied by specification considered as final, the competent authority may, upon request by the applicant and within the period of 12 months from the date of initial application, allow the final specification to be considered as a provisional specification and the application is not discontinued.	(2) Lorsqu'une demande de brevet est accompagnée d'une spécification considérée comme étant définitive, l'autorité compétente peut, sur demande du requérant et dans les 12 mois à compter de la date de dépôt de la demande initiale, autoriser que cette spécification soit réputée provisoire et la demande continue son cours.

nsobanurabuvumbuzi y'agateganyo kandi ubusabe bugakomeza.		
Ingingo ya 21 : Gusaba kwimura itariki y'ubusabe ugereranyije n'ubusabe bw'agateganyo	**Article 21: Request to post-date the filing date over the provisional application**	**Article 21 : Demande de postdater la date de dépôt par rapport à la demande provisoire**
Ubuyobozi bubifitiye ububasha bushobora, bubisabwe n'usaba mbere yo gutanga impamyabuvumbuzi, gutesha agaciro ubusabe bushingiye ku nyandiko nsobanurabuvumbuzi y'agateganyo bukimurira itariki y'ubusabe ku munsi inyandiko nsobanurabuvumbuzi yuzuye yatangiweho, iyo ubusabe bushingiye ku nyandiko nsobanurabuvumbuzi yuzuye bwatanzwe bukurikira isaba ry'impamyabuvumbuzi iherekejwe n'inyandiko nsobanurabuvumbuzi y'agateganyo.	If a complete specification has been filed in pursuance of an application for a patent accompanied by a provisional specification**,** the competent authority may, at the request of the applicant before the grant of patent, cancel the provisional specification and post-date the application to the date of filing of the final specification.	Lorsqu'une spécification complète a été déposée à la suite d'une demande de brevet accompagnée d'une spécification provisoire, l'autorité compétente peut, si le requérant le demande avant la délivrance du brevet, annuler la spécification provisoire et postdater la demande à la date de dépôt de la spécification définitive.
Ingingo ya 22: Ibikubiye mu busabe bw'agateganyo	**Article 22: Content of a provisional application**	**Article 22 : Contenu d'une demande provisoire**
(1) Ubusabe bw'agateganyo bukubiyemo–	(1) The provisional application contains the following –	(1) La demande provisoire contient ce qui suit –
(a) inyandiko yabugenewe y'ubusabe bw'agateganyo ishyirwaho n'ubuyobozi bubifitiye ububasha yujujwe n'usaba;	(a) a relevant provisional application form prescribed by the competent authority and which is filled in by the applicant;	(a) le formulaire de demande provisoire prescrit à cet effet par l'autorité compétente et qui est rempli par le demandeur ;

(b) ibisobanuro by'ubuvumbuzi bitarimo inyandiko igaragaza impamyabuvumbuzi cyangwa imenyekanisha;	(b) description of invention without specification or disclosure;	(b) la description de l'invention sans spécification ni publication ;
(c) igishushanyo kimwe cyangwa byinshi bisobanura ubwo buvumbuzi, iyo ari ngombwa;	(c) one or several drawings describing the invention, where applicable;	(c) un ou plusieurs dessins décrivant l'invention, le cas échéant ;
(d) inyito y'ubuvumbuzi;	(d) the title of invention; and	(d) le titre de l'invention ; et
(e) n'icyemezo cy'uko hishyuwe amafaranga y'ubusabe;	(e) the proof of payment of application fee.	(e) la preuve de paiement des frais de demande ;
(2) Ubuyobozi bubifitiye ububasha igihe ari ngombwa busaba ko hatangwa igishushanyo ku busabe bw'agateganyo kandi igishushanyo gitanzwe, uretse igihe ubuyobozi bubifitiye ububasha bwabigennye ukundi, gifatwa nka kimwe mu bigize ibisobanuro n'ishakiro hakurikijwe iri tegeko.	(2) Where necessary, the competent authority requires that the drawings be supplied for the purpose of provisional application and a supplied drawing is, unless the Competent authority otherwise directs, considered to form part of the specification, and the reference under this Law.	(2) En cas de nécessité, l'autorité compétente demande, que les dessins soient fournis aux fins d'une demande provisoire et tout dessin fourni est, à moins que l'autorité compétente n'en décide autrement, considéré comme faisant partie de la spécification, et la référence conformément à la présente loi.
(3) Iyo ubuyobozi bubifitiye ububasha bubona ko ubusabe bukwiye kongerwaho icyitegererezo cyangwa indobanywa by'ikintu cyose cyerekana ubuvumbuzi cyangwa iyo ndobanywa n'icyitegererezo bikenewe busaba ko bitangwa mbere y'isuzumwa ry'ubusabe bwuzuye.	(3) If the competent authority considers that an application should be further supplemented by a model or sample of anything illustrating the invention or alleged to constitute an invention, such sample or model as the competent authority requires to be furnished before the final application is examined.	(3) Lorsque l'autorité compétente estime qu'une demande devrait être complétée par un modèle ou un échantillon de quoi que ce soit illustrant l'invention ou supposé constituer une invention, l'échantillon ou le modèle dont l'autorité compétente demande qu'ils soient fournis avant que la demande définitive ne soit examinée.

Ingingo ya 23: Ubuvumbuzi butarengerwa	**Article 23: Matters excluded from patent protection**	**Article 23 : Éléments exclus de la protection d'un brevet**
(1) Ibikurikira ntibikubiye mu birengerwa n'impamyabuvumbuzi n'ubwo byaba ari ubuvumbuzi bushobora kurengerwa n'impamyabuvumbuzi:	(1) The following matters are excluded from patent protection even if they otherwise constitute patentable invention:	(1) Les éléments suivants sont exclus de la protection d'un brevet même s'ils font l'objet d'une invention autrement brevetable :
(a) ibyavumbuwe, amahange nyabumenyi n'uburyo bukoreshwa mu mibare;	(a) discoveries, scientific theories and mathematical methods;	(a) les découvertes, théories scientifiques et méthodes mathématiques ;
(b) ibishushanyo mbonera, imitunganyirize cyangwa uburyo bwo gukora imirimo y'ubucuruzi, imirimo y'ubwenge cyangwa ijyanye n'imikino;	(b) schemes, rules or methods for doing business, performing purely mental acts or playing games;	(b) les plans, règles ou méthodes de réalisation d'activités commerciales, dans l'exercice d'activités purement intellectuelles ou sportives;
(c) uburyo bwo kuvura umuntu cyangwa inyamaswa mu buryo bwo kubaga cyangwa gusuzuma umubiri w'umuntu cyangwa inyamaswa; ariko hatarimo ibyifashishwa mu gushyira mu bikorwa bumwe muri ubwo buryo;	(c) methods for treatment of the human or animal body by surgery or therapy, as well as diagnostic methods practiced on the human or animal body; but not including products for use in any of those methods;	(c) les méthodes de traitement chirurgical ou thérapeutique du corps humain ou animal ainsi que les méthodes de diagnostic appliquées au corps humain ou animal; toutefois, cette disposition ne s'applique pas aux produits utilisés dans l'une ou l'autre de ces méthodes ;
(d) ibintu kamere n'iyo byaba bisukuye, byaravangitiranyijwe cyangwa byarakomowe mu mutungo kamere, ariko hatarimo uburyo bwo gukura ibyo bintu kamere aho byari bisanzwe;	(d) substances, even if purified, synthesised or otherwise isolated from nature, but not including the processes of isolating those substances from their original environment;	(d) les substances, même si elles sont purifiées, synthétisées ou alors extraites de la nature. Toutefois, cette disposition ne s'applique pas aux procédés d'extraction de ces substances de leur milieu initial ;

(e) ibintu kamere bisanzwe bizwi byavumburiwe uburyo bushya bwo kubibyaza umusaruro, ariko hatarimo uburyo bushya ubwabwo iyo bugize igihangano kandi uko kubikoresha bikabyazwamo inonosora ry'ubushobozi buzwi bw'ibyo bintu kamere;	(e) known substances for which a new use has been discovered, but not including the new use itself where it constitutes an invention and where that use results in the enhancement of the known efficacy of that substance;	(e) des substances connues pour lesquelles une nouvelle utilisation a été découverte mais qui ne comprenant pas la nouvelle utilisation elle-même lorsque celle-ci constitue une invention et que de cette utilisation résulte une amélioration de l'efficacité connue de cette substance;
(f) ibimera n'inyamaswa, harimo ibice byabyo, bitari utunyabuzima n'uburyo bwo kugera ahanini ku binyabuzima bugamije kubona ibindi bimera cyangwa inyamaswa, butandukanye n'uburyo butari ubwo kugera ku binyabuzima n'utunyabuzima n'ibyagezweho hakoreshejwe ubwo buryo;	(f) plants and animal varieties, including their parts, other than micro-organisms and essentially biological processes for the production of plants or animals and their parts, other than non-biological and microbiological processes and products obtained from those processes;	(f) les végétaux et les animaux, y compris leurs parties, autres que les micro-organismes ainsi que les procédés essentiellement biologiques d'obtention de végétaux ou d'animaux, autres que les procédés non-biologiques et microbiologiques et les produits obtenus par ces procédés ;
(g) ubuvumbuzi buhungabanya ituze rusange rya rubanda kandi butubahiriza imigenzo myiza iyo bibyajwe umusaruro mu bucuruzi;	(g) inventions whose commercial use is contrary to public order and morality;	(g) les inventions dont l'exploitation commerciale est contraire à l'ordre public et aux bonnes mœurs ;
(h) ibijyanye n'imiti;	(h) pharmaceutical products;	(h) des produits pharmaceutiques;
(i) igaragaza ryoroheje ry'amakuru;	(i) mere presentations of data;	(i) de simples présentations de données;
(j) porogaramu za mudasobwa nyirizina n'itsinda ry'amakuru yerekeranye na zo.	(j) computer programs per se, software and their related databases.	(j) les programmes informatiques en soi, les logiciels et leurs bases de données connexes.

(2) Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano rigena ibijyanye n'imiti bivugwa mu gaka ka (h) k'iyi ngingo bitarengerwa.	(2) An Order of the Minister in charge of health determines pharmaceutical products referred to in Subparagraph (h) of this Article which are excluded from patent protection.	(2) Un arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions détermine des produits pharmaceutiques visés à l'alinéa (h) du présent article exclus de la protection d'un brevet.
(3) Ibiteganyijwe mu gaka ka (j) k'iyi ngingo ntibireba ubuvumbuzi bukurikira:	(3) The provisions of Subparagraph (j) of this Article are not applicable to the following inventions:	(3) Les dispositions de l'alinéa (j) du présent article ne sont pas applicables aux inventions suivantes :
(a) uburyo bw'ubuvumbuzi ubufashe muri rusange cyangwa mu bice byabwo, bugizwe n'ibyiciro byinshi bikorwa na mudasobwa kandi bukoreshwa na porogaramu ya mudasobwa;	(a) process inventions which, in whole or in part, consist of steps that are performed by a computer and are directed by a computer program;	(a) les inventions de procédé qui en tout ou en partie consistent à des étapes qui sont exécutées par un ordinateur et sont dirigées par un programme informatique ;
(b) ubuvumbuzi bw'icyakozwe bigizwe n'ibice by'ubuvumbuzi bukorwa na mudasobwa, bukubiyemo by'umwihariko:	(b) product inventions consisting of elements of a computer-implemented invention, including in particular:	(b) les inventions de produits qui consistent en des éléments d'invention exécutés par ordinateur comprenant en particulier :
(i) imikoreshereze ya porogaramu ya mudasobwa ibyazwa umusaruro hakoreshejwe imashini ikaba ibitse ku gikoresho gifatika, harimo disiki cyangwa ububiko bwa mudasobwa;	(i) a machine-readable computer program code stored on a tangible medium such as a disk or computer memory;	(i) un code de programme informatique lisible par une machine stocké sur un support tangible comme un disque ou une mémoire d'ordinateur ;
(ii) mudasobwa yakozwe hagamijwe imirimo rusange, umwihariko wayo ugereranyije n'urwego rwa tekiniki iyibanziriza ukaba uva	(ii) a general-purpose computer whose novelty over the prior art arises primarily due to its combination with a specific computer program;	(ii) un ordinateur d'usage général dont la nouveauté par rapport à l'art antérieur dérive principalement du fait de sa combinaison avec un autre

ahanini ku ikomatanya ryayo na porogaramu yihariye ya mudasobwa;		programme informatique spécifique ;
(iii) porogaramu ya mudasobwa hamwe n'ibindi byose byongeweho nk'ibikoresho bya tekiniki cyangwa imikorere yayo iri tekiniki mu nganda no guhuza imiterere ya mudasobwa ubwayo.	(iii) a computer program with any additional features such as technical features or in its technical application to industry and in combination with hardware.	(iii) un programme informatique avec des fonctionnalités supplémentaires telles que des caractéristiques techniques ou dans son application technique à l'industrie et en combinaison avec du matériel informatique.
(4) Uwatanze ubusabe bw'impamyabuvumbuzi zerekeye za porogaramu za mudasobwa n'izerekeye ubuvumbuzi bujyanye na za mudasobwa bwavuzwe mu gika cya (3) cy'iyi ngingo, areka uburenganzira bwe bwo gusaba kurengerwa bujyana n'uburenganzira bw'umuhanzi kuri ubwo buvumbuzi.	(4) An applicant for a patent who has filed patent applications for computer programs and computer-related inventions listed in paragraph (3) of this article waives his or her right of seeking copyright protection for the same subject matter.	(4) Un demandeur de brevet qui a déposé des demandes de brevet pour des programmes informatiques et des inventions ayant trait à des ordinateurs énumérés au paragraphe (3) du présent article renonce à son droit de poursuite de la protection du droit d'auteur pour le même objet.
Icyiciro cya 2: Isuzuma n'itangwa ry'impamyabuvumbuzi	**Section 2: Examination and grant of the patent**	**Section 2 : Examen et octroi de brevet**
Ingingo ya 24: Isuzuma ry'ubusabe bw'impamyabuvumbuzi	**Article 24: Examination of patent application**	**Article 24 : Examen de la demande du brevet**
(1) Mbere yo gusuzuma ireme ry'ubusabe bw'impamyabuvumbuzi, ubuyobozi bubifitiye ububasha busuzuma ibi bikurikira:	(1) Before examining the substance of the application for a patent, the competent authority determines whether the following are complied with:	(1) Avant de procéder à l'examen de fond de la demande de brevet, l'autorité compétente détermine si cette demande est conforme à ce qui suit :

(a) ubuvumbuzi burebwa n'ubusabe butavanywe mu bishobora kurengerwa;	(a) the invention to which the application relates is not excluded from patentability;	(a) l'invention à laquelle la demande se rapporte n'est pas exclue de la brevetabilité;
(b) ubusabe bwujuje ibisabwa byerekeye imiterere n'ibigize ubusabe.	(b) the application meets the requirements relating to the form and content of the application.	(b) la demande se conforme aux conditions requises relatives à la forme et au contenu de la demande.
(2) Iyo ibisabwa bituzuye, ubuyobozi bubifitiye ububasha busaba usaba impamyabuvumbuzi kuzuza ibigomba kuzuzwa mu minsi itarenze 14 ibarwa uhereye ku itariki yabimenyesherejweho.	(2) If the requirements have not been met, the competent authority invites the applicant to comply with relevant requirements within 14 days from the date of notification.	(2) Lorsque les conditions requises n'ont pas été remplies, l'autorité compétente invite le demandeur à satisfaire aux conditions requises concernées dans les 14 jours à compter de la date de notification.
(3) Iyo usaba impamyabuvumbuzi yubahirije ibyo asabwa kuzuza bivugwa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo, itariki yo kwakira ubusabe bukosoye ni yo ifatwa nk'itariki yo gusaba.	(3) If the applicant meets the relevant requirements referred to in Paragraph (2) of this Article, the date of receipt of the corrected application is considered as the application filing date.	(3) Lorsque le demandeur satisfait aux conditions requises concernées visées au paragraphe (2) du présent article, la date de réception de la demande corrigée est considérée comme date de dépôt de la demande.
(4) Iyo ibigomba kuzuzwa ari ibishushanyo, ubuyobozi bubifitiye ububasha bwandika itariki bwakiriyeho ubusabe bwa mbere nk'itariki y'ubusabe.	(4) If the requirements to be met relate to drawings, the competent authority considers the date of receipt of the initial application as the application filing date.	(4) Lorsque les conditions requises à remplir se rapportent aux dessins, l'autorité compétente considère la date de réception de la demande initiale comme la date de dépôt de la demande.
(5) Iyo usaba atujuje ibigomba kuzuzwa cyangwa akabyuzuza mu gihe kirenze icyagenwe ubusabe bufatwa nk'aho bwaretswe.	(5) If the applicant does not comply with the relevant requirements or complies with them after the prescribed period, the application is considered as withdrawn.	(5) Lorsque le demandeur satisfait aux conditions requises concernées, ou s'y conforme après le délai prescrit, la demande est considérée comme ayant été retirée.

<u>Ingingo ya 25</u>: Kuvugurura ubusabe bw'impamyabuvumbuzi mu gihe cy'isuzuma	**<u>Article 25</u>: Amendment of the patent application during examination**	**<u>Article 25</u> : Modification de la demande du brevet au cours de l'examen**
(1) Uwasabye ashobora kuvugurura ubusabe bw'impamyabuvumbuzi, iyo ubuyobozi bubifitiye ububasha butaremeza ko ubusabe bwujuje cyangwa butujuje ibisabwa kugira ngo hatangwe impamyabuvumbuzi.	(1) If the competent authority has not confirmed whether or not the application meets the requirements for the grant of the patent, the applicant may amend the application.	(1) Lorsque l'autorité compétente n'a pas confirmé si oui ou non la demande est conforme aux conditions requises d'octroi du brevet, le demandeur peut modifier la demande.
(2) Icyakora, ivugurura ry'ubusabe bw'impamyabuvumbuzi ntiryemewe iyo rigaragaza ibirenze ibyo yatanze byatangajwe mu busabe igihe bwatangwaga.	(2) However, an amendment of an application for a patent is not allowed if it discloses matters extending beyond those disclosed in the initial application.	(2) Toutefois, la modification d'une demande de brevet n'est pas permise lorsqu'elle va au-delà de la divulgation faite dans la demande initiale.
<u>Ingingo ya 26</u>: Gusuzuma ireme ry'ubusabe bw'impamyabuvumbuzi	**<u>Article 26</u>: Examination of the substance of the patent application**	**<u>Article 26</u> : Examen de fond de la demande de brevet**
Mu gusuzuma ireme ry'ubusabe bw'impamyabuvumbuzi, ubuyobozi bubifitiye ububasha bwita kuri ibi bikurikira:	During the examination of the substance of the patent application, the competent authority considers the following:	Lors de l'examen de fond de la demande de brevet, l'autorité compétente considère ce qui suit :
(a) ibyavuye muri raporo y'ubushakashatsi cyangwa mu isuzuma ryakozwe n'ikigo cyabizobereyemo cyo muri Repubulika y'u Rwanda cyangwa umuryango wo hanze y'u Rwanda ukora ubushakashatsi cyangwa isuzuma;	(a) results of any search or examination report which was carried out by a specialised agency of the Republic of Rwanda or an external organisation conducting search or examination	(a) les résultats de toute recherche ou rapport d'examen qui a été mené par une agence spécialisée de la République du Rwanda ou une organisation externe de recherche ou d'examen. (b) les résultats de toute recherche, rapport d'examen ou décision prise

(b) ibyavuye mu bushakashatsi ubwo ari bwo bwose, raporo y'isuzuma cyangwa icyemezo byatanzwe hakurikijwe ingingo ya 252 y'iri tegeko;	(b) results of any search, examination report or decision provided in accordance with Article 252 of this Law;	conformément à l'article 252 de la présente loi;
(c) ibyavuye muri raporo y'ubushakashatsi mpuzamahanga no muri raporo y'isuzuma mpuzamahanga ry'ibanze zakozwe hakurikijwe Amasezerano Mpuzamahanga abigenga u Rwanda rwashyizeho umukono mu byerekeye ubusabe bwatangiwe muri Repubulika y'u Rwanda.	(c) results of any international search report and any international preliminary examination report established in accordance with relevant international convention to which Rwanda is a party in relation to the application filed in the Republic of Rwanda.	(c) les résultats de tout rapport de recherche internationale et de tout rapport d'examen préliminaire international établi conformément aux conventions internationales en la matière auxquelles le Rwanda est partie en ce qui concerne une demande déposée en République du Rwanda.
Ingingo ya 27: Gutangaza ubusabe bw'impamyabuvumbuzi	**Article 27: Publication of the patent application**	**Article 27 : Publication de la demande du brevet**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha butangaza ubusabe bw'impamyabuvumbuzi mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze amezi icyenda abarwa uhereye ku itariki ibisabwa byuzurijweho.	(1) The competent authority publishes the patent application in the Official Gazette of the Republic of Rwanda within a period not exceeding nine months from the date on which the requirements are met.	(1) L'autorité compétente publie la demande du brevet au Journal Officiel de la République du Rwanda **une** période n'excédant pas neuf mois à partir du jour où les conditions requises sont remplies.
(2) Itangazwa ry'ubusabe bw'impamyabuvumbuzi rigaragaza amakuru akurikira:	(2) The publication of patent application indicates the following information:	(2) La publication de la demande du brevet indique les informations suivantes :
(a) inomero y'ubusabe;	(a) application number;	(a) le numéro de la demande ;

(b) amazina y'uwasabye n'ay'umuvumbuzi;	(b) name of the applicant and the inventor;	(b) les noms du demandeur et de l'inventeur ;
(c) itariki ubusabe bwatangiweho;	(c) filing date of the application;	(c) la date de dépôt de la demande ;
(d) inyito y'ubuvumbuzi;	(d) title of the invention;	(d) le titre de l'invention ;
(e) amakuru yimbitse ku gisabirwa uburenganzira bwo gutanga abandi;	(e) particulars of a claim for a right of priority for the application;	(e) les détails d'une revendication d'un droit de priorité de la demande ;
(f) itondeka mpuzamahanga;	(f) international classification;	(f) la classification internationale ;
(g) igishushanyo, iyo gihari, kigaragaza iby'ingenzi bigize ubuvumbuzi;	(g) a drawing, if any, that depicts the main element or elements of the invention;	(g) un dessin, s'il y en a un, qui représente l'élément principal ou les éléments de l'invention ;
(h) incamake y'Ubuvumbuzi.	(h) the abstract of the invention.	(h) l'abrégé de l'invention.
Ingingo ya 28: Inkurikizi z'itangazwa ry'ubusabe bw'impamyabuvumbuzi	**Article 28: Effects of publication of the patent application**	**Article 28 : Effets de publication de la demande du brevet**
(1) Uhereye ku itariki y'itangazwa ry'ubusabe kugeza ku itangwa ry'impamyabuvumbuzi, uwasabye agira umwihariko n'uburenganzira nk'ubwo yari kuba afite iyo impamyabuvumbuzi iba yaratanzwe.	(1) From the date of publication of application until the patent is granted, the applicant has the same privileges and rights as he or she would have if the patent were granted.	(1) À partir de la date de publication d'une demande et jusqu'à l'octroi du brevet, le demandeur a les mêmes privilèges et droits que ceux qu'il aurait lorsque le brevet lui était octroyé.
(2) Icyakora, iyo ubusabe bw'impamyabuvumbuzi butambamiwe bikemerwa, umwihariko n'uburenganzira	(2) However, if an application for a patent is successfully opposed, the privileges and rights become null as from the date of the opposition.	(2) Toutefois, lorsqu'une demande de brevet est opposée avec succès, les privilèges et droits deviennent nuls à partir du jour de l'opposition.

bita agaciro uhereye ku itariki y'ubusabe bw'itambamira**.**		
<u>Ingingo ya 29</u> : Gutambamira itangwa ry'impamyabuvumbuzi	**<u>Article 29</u>: Opposition to the granting of the patent**	**<u>Article 29</u> : Opposition à l'octroi de brevet**
(1) Umuntu ubifitemo inyungu ashobora gutambamira itangwa ry'impamyabuvumbuzi amaze kubona kopi y'ibikubiye mu busabe bw'impamyabuvumbuzi byose.	(1) An interested person may oppose the granting of the patent after obtaining the full contents of the patent application.	(1) Une personne intéressée peut s'opposer à l'octroi de brevet après avoir obtenu une copie du contenu global de demande de brevet.
(2) Iteka rya Minisitiri rigena uburyo gutambamira itangwa ry'impamyabuvumbuzi bikorwa.	(2) An Order of the Minister determines modalities to make opposition to the granting of the patent.	(2) Un arrêté du Ministre détermine les modalités de faire l'opposition à l'octroi de brevet.
<u>Ingingo ya 30</u>: Kujuririra icyemezo cy'itambamira ry'itangwa ry'impamyabuvumbuzi	**<u>Article 30</u>: Appeal against a decision on the opposition to the granting of the patent**	**<u>Article 30</u> : Appel contre une décision sur l'opposition à l'octroi de brevet**
(1) Umuntu ubifitemo inyungu ashobora kujuririra icyemezo cy'itambamira ry'itangwa ry'impamyabuvumbuzi mu kanama k'ubujurire mu gihe kitarenze amezi atatu abarwa uhereye ku itariki yamenyesherejweho icyemezo cy'ubuyobozi bubifitiye ububasha.	(1) An interested person may appeal, against a decision on the opposition to the granting of the patent, before the Commission of Appeal, within three months from the date of notification of the decision of the competent authority.	(1) Une personne intéressée peut interjeter appel, contre une décision sur l'opposition à l'octroi de brevet, à la commission d'appel dans les trois mois à partir du jour de la notification de la décision de l'autorité compétente.
(2) Iteka rya Minisitiri rigena abagize akanama k'ubujurire n'imikorere yako.	(2) An Order of the Minister determines the composition and functioning of the Commission of Appeal.	(2) Un arrêté du Ministre détermine la composition et le fonctionnement de la commission d'appel.

Ingingo ya 31: Gutanga cyangwa kwanga gutanga impamyabuvumbuzi	**Article 31: Grant or refusal of the patent**	**Article 31 : Octroi ou rejet du brevet**
(1) Iyo ubusabe bwujuje ibisabwa kugira ngo ubuvumbuzi bushobore kurengerwa, ubuyobozi bubifitiye ububasha bukora ibi bikurikira:	(1) If the application meets the requirements for patentability, the competent authority does the following:	(1) Lorsque la demande remplit les conditions requises de brevetabilité, l'autorité compétente:
(a) butanga impamyabuvumbuzi ku wayisabye;	(a) issues to the applicant a certificate of the grant of the patent;	(a) délivre au demandeur un certificat d'octroi de brevet;
(b) bwandika impamyabuvumbuzi muri rejisitiri y'impamyabuvumbuzi;	(b) records the patent in the register of patents;	(b) enregistre le brevet dans le registre des brevets;
(2) Ubuyobozi bubifitiye ububasha buha kopi y'impamyabuvumbuzi umuntu wese uyisabye amaze kwishyura amafaranga yagenwe.	(2) Competent authority makes available a copy of the patent to any person who requests for it upon payment of prescribed fees.	(2) l'autorité compétente rend disponible une copie du brevet à toute personne qui le demande moyennant paiement de frais fixés.
(3) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bwanga ubusabe iyo butujuje ibisabwa kugira ngo ubuvumbuzi bushobore kurengerwa, bukabimenyesha mu nyandiko uwasabye icyemezo bwafashe mu gihe kitarenze iminsi irindwi ibarwa uhereye ku itariki bwafatiyeho icyemezo.	(3) The competent authority rejects the application if it does not meet the requirements for patentability and notifies, in writing, the applicant within seven days from the date on which the decision was made.	(3) L'autorité compétente rejette la demande lorsqu'elle ne remplit pas les conditions requises de brevetabilité et en fait notification, par écrit, au demandeur dans les sept jours à partir du jour de la prise de décision.

Ingingo ya 32: Itangazwa ry'impamyabuvumbuzi	**Article 32: Patent publication**	**Article 32 : Publication du brevet**
Mu gihe kitarenze amezi atatu abarwa uhereye ku itariki impamyabuvumbuzi yatangiweho, ubuyobozi bubifitiye ububasha butangaza impamyabuvumbuzi n'incamake y'ubuvumbuzi yabwo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	Within the period of three months from the date of the grant of the patent, the competent authority publishes, the patent and its abstract in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	L'autorité compétente publie, dans les trois mois à partir de la date d'octroi, le brevet et son abrégé au Journal Officiel de la République du Rwanda.
Ingingo ya 33: Ivugurura ry'idosiye y'impamyabuvumbuzi	**Article 33: Amendment of the patent file**	**Article 33 : Modification du dossier relatif au brevet**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bubisabwe n'ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi, bushobora guhindura idosiye y'impamyabuvumbuzi cyangwa ibishushanyo hagamijwe kugaragaza imbibi z'ibirengerwa n'impamyabuvumbuzi.	(1) The competent authority, upon request of the patent owner, may make amendments to patent file or drawings intended to limit the scope of the conferred patent protection.	(1) L'autorité compétente, sur demande du titulaire du brevet, peut faire des modifications au dossier relatif au brevet ou aux dessins destinées à préciser les limites de la protection du brevet conférée.
(2) Icyakora, ubuyobozi bubifitiye ububasha ntibuvugurura idosiye y'impamyabuvumbuzi iyo:	(2) However, the competent authority cannot make amendment to the patent file if:	(2) Toutefois, l'autorité compétente ne procède pas à la modification du dossier relatif au brevet lorsque :
(a) ivugurura rizana ikintu gishya cyangwa ikintu cy'ireme kitatangajwe mu idosiye y'impamyabuvumbuzi mbere y'uko hakorwa ivugurura, byashingiweho hatangwa impamyabuvumbuzi;	a) on the basis of which the patent has been granted, the amendment introduces new matters or matters in substance not disclosed in the patent file before amendment;	a) la modification introduit une nouvelle affaire ou une affaire quant au fond non révélée dans le dossier du brevet avant la modification, sur base de laquelle le brevet a été délivré ;

(b) idosiye isaba impamyabuvumbuzi ivuguruye ishobora kuba ikubiyemo igisabirwa kurengerwa kitashingiye ku kintu cyatangajwe mu idosiye y'impamyabuvumbuzi mbere y'ivugurura.	b) the patent file as amended would include a claim not based on matters disclosed in the patent file before amendment.	b) le dossier du brevet tel que modifié pourrait comprendre une revendication qui n'est pas basée sur une divulgation faite antérieurement à la modification.
Ingingo ya 34: Gutesha agaciro impamyabuvumbuzi	**Article 34: Invalidation of a patent**	**Article 34 : Annulation d'un brevet**
(1) Umuntu ubifitemo inyungu ashobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha gutesha agaciro impamyabuvumbuzi iyo agaragaje nibura imwe mu mpamvu zikurikira:	(1) An interested person may apply to the competent court to invalidate a patent if at least one of the following grounds is established:	(1) Une personne intéressée peut demander à la juridiction compétente d'annuler un brevet lorsqu'au moins l'une des raisons suivantes est établie :
(a) ubuvumbuzi butari bushya;	(a) the invention is not new;	(a) l'invention n'est pas nouvelle ;
(b) ubuvumbuzi butagaragaza intambwe y'ubuvumbuzi;	(b) the invention does not involve an inventive step;	(b) l'invention n'implique pas une étape inventive ;
(c) ubuvumbuzi budashobora gukoreshwa mu rwego rw'inganda;	(c) the invention is not industrially applicable;	(c) l'invention n'est pas industriellement applicable ;
(d) ubuvumbuzi bufitanye isano n'ikindi kintu kibarirwa mu bidashobora kurengerwa;	(d) the invention relates to a matter excluded from patentability;	(d) l'invention se rapporte à un élément exclu de la brevetabilité ;
(e) uwasabye atari we muvumbuzi cyangwa adafite uburenganzira bwo gusaba impamyabuvumbuzi;	(e) the applicant is not the inventor or does not have the right to apply for the patent;	(e) le demandeur n'est pas l'inventeur ou n'a pas droit de faire une demande de brevet ;

(f) ubuvumbuzi budasobanuwe ku buryo bugaragara, bwuzuye kandi bwumvikana n'ufite impamyabuvumbuzi.	(f) the invention is not sufficiently clearly, completely and intelligibly described by the patent-holder.	(f) l'invention n'est pas décrite de manière suffisamment claire, complète et intelligible par le détenteur de brevet.
(2) Urukiko rubifitiye ububasha rushobora gufata icyemezo cyo kwimurira impamyabuvumbuzi k'uwasabye ko ivanwaho aho kuyivanaho, iyo uwabisabye agaragaje ko ari we muvumbuzi kandi mu kirego yasabye ko bayimwandikaho.	(2) The competent court may, instead of invalidating the patent certificate, transfer such certificate to the person who requested for its invalidation where that person proves to be the inventor and has requested the registration be made on his or her name.	(2) La juridiction compétente peut, au lieu d'annuler le brevet, le transférer à celui qui a introduit une demande en son annulation s'il démontre que c'est lui l'inventeur et qu'il a demandé que l'enregistrement se fasse sur son nom.
(3) Umuntu ubifitemo inyungu cyangwa umuntu wemejwe n'Urukiko ko ari we muvumbuzi amenyesha ubuyobozi bubifitiye ububasha icyemezo cya burundu cy'urukiko cyo gutesha agaciro impamyabuvumbuzi kugira ngo:	(3) The interested person or the person that the court declared to be the inventor notifies the competent authority of the final decision of the court to invalidate the patent so as to:	(3) La personne intéressée ou celle que la juridiction a déclaré être l'inventeur notifie à l'autorité compétente la décision finale de la juridiction d'annuler le brevet pour :
(a) bwandike icyemezo cy'urukiko muri rejisitiri y'impamyabuvumbuzi;	(a) record the court decision in the register of patents;	(a) enregistrer la décision de la juridiction dans le registre des brevets ;
(b) bushyire ku mpamyabuvumbuzi ikimenyetso cy'uko yavanywe muri rejisitiri y'impamyabuvumbuzi;	(b) mark the patent as invalidated in the register of patents;	(b) marquer le brevet comme étant annulé dans le registre des brevets ;
(c) butangaze imenyesha rivuga ku cyemezo cy'urukiko mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku itariki bwakimenyesherejweho.	(c) publish a notice referring to the decision of the court within a period of 30 days from the date of notification of the court decision.	(c) publier une notification faisant référence à la décision de la juridiction dans les 30 jours à partir du jour de la notification de la décision de la juridiction.

Ingingo ya 35 : Inkurikizi zo gutesha agaciro impamyabuvumbuzi	**Article 35: Effects of invalidation of a patent**	**Article 35 : Effets d'annulation d'un brevet**
(1) Iyo impamvu zo gutesha agaciro impamyabuvumbuzi zemejwe zerekeye igice cy'ubuvumbuzi, igisabirwa kurengerwa cyerekeranye na bwo ni cyo cyonyine kivanwaho.	(1) If the grounds for invalidation of a patent are established with respect to a part of the invention, only the corresponding claim is invalidated.	(1) Lorsque les raisons d'annulation d'un brevet concernent une partie de l'invention, seule la revendication correspondante est annulée.
(2) Impamyabuvumbuzi, igisabirwa kurengerwa cyangwa igice cyacyo byateshejwe agaciro bifatwa ko byavanyweho uhereye ku itariki impamyabuvumbuzi yatangiweho.	(2) The patent, claim or part of a claim that has been invalidated is deemed null and void as from the date of the grant of the patent.	(2) Le brevet, la revendication ou la partie d'une revendication invalidé est considéré comme nul à partir du jour d'octroi du brevet.
Icyiciro cya 3: Uburenganzira butangwa n'impamyabuvumbuzi	**Section 3: Rights conferred by the patent**	**Section 3 : Droits conférés par le brevet**
Ingingo ya 36: Uburenganzira butangwa n'impamyabuvumbuzi	**Article 36: Rights conferred by the patent**	**Article 36 : Droits conférés par le brevet**
(1) Impamyabuvumbuzi ihesha nyirayo uburenganzira bwihariye bwo gukoresha ubuvumbuzi ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda.	(1) The patent confers on the owner the exclusive rights to use the patented invention in the Republic of Rwanda.	(1) Le brevet confère au propriétaire le droit exclusif d'utilisation de l'invention brevetée sur le territoire de la République du Rwanda.
(2) Impamyabuvumbuzi ihesha kandi nyirayo uburenganzira bwihariye bwo kubuza umuntu uwo ari we wese utari nyirayo gukoresha ubuvumbuzi burengewe atabyemerewe na nyirabwo.	(2) The patent also confers on the owner the exclusive rights to stop the use of the patented invention, by any person without authorisation by the owner.	(2) Le brevet confère au propriétaire le droit exclusif d'empêcher l'utilisation de l'invention brevetée par toute autre personne sans l'autorisation du propriétaire du brevet.

(3) Gukoresha ubuvumbuzi burengewe bisobanura nibura kimwe mu bikorwa bikurikira:	(3) Use of a patented invention means at least one of the following acts:	(3) L'utilisation d'une invention brevetée signifie au moins l'un des actes ci-après :
(a) iyo impamyabuvumbuzi yatanzwe ku cyatunganyijwe:	(a) where the patent has been granted in respect of a product:	(a) lorsque le brevet a été octroyé eu égard à un produit :
(i) gutunganya, gutumiza mu mahanga, gucuruza no gukoresha icyatunganyijwe;	(i) making, importing, offering for sale, selling and using the product;	(i) la fabrication, l'importation, l'offre pour vente, la vente et l'utilisation du produit ;
(ii) kubika icyatunganyijwe hagamijwe kugicuruza, kukidandaza cyangwa kukibyaza umusaruro;	(ii) stocking the product for the purposes of offering it for sale, selling or using it;	(ii) le stockage du produit à des fins de l'offrir pour vente, de sa vente et de son utilisation ;
(b) iyo impamyabuvumbuzi yatanzwe ku:	(b) where the patent has been granted in respect of:	(b) lorsque le brevet a été octroyé en vue de :
(i) gukoresha uburyo bwo gukora;	(i) using the process;	(i) utiliser le procédé ;
(ii) gukora ibikorwa bivugwa mu gaka ka (a) k'igika cya (3) cy'iyi ngingo ku cyatunganyijwe gikomoka kuri ubwo buryo bwo gukoresha.	(ii) carrying out the acts referred to in Subparagraph (a) of Paragraph (3) of this Article as regards to a product resulting directly from the use of the process.	(ii) mener des actes dont référence est faite à l'alinéa (a) du paragraphe (3) du présent article à l'égard d'un produit résultat directement de l'utilisation du procédé.
Ingingo ya 37: Ikirego cy'indishyi ku ibangamirwa ry'uburenganzira ku buvumbuzi burengewe	**Article 37: Civil proceedings against infringement of patent rights**	**Article 37 : Action civile à l'encontre d'une violation des droits de brevet**
(1) Ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi aregera indishyi mu	(1) The patent owner initiates civil proceedings in the competent court	(1) Le propriétaire de brevet introduit en justice une action civile auprès d'une juridiction

rukiko rubifitiye ububasha umuntu ubyaza umusaruro ubuvumbuzi burengewe cyangwa worohereza ikoreshwa ry'ubuvumbuzi burengewe atabimuhereye uburenganzira.	against a person who uses the patented invention or facilitates the use of the patented invention without his or her authorisation.	compétente contre une personne qui utilise une invention brevetée ou facilite l'utilisation d'une invention brevetée sans son autorisation.
(2) Iyo impamyabuvumbuzi ifitweho uburenganzira n'abantu benshi, buri wese atabanje kubyemererwa n'abandi bayifiteho uburenganzira, ashobora kurega umuntu wabangamiye uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi abyaza umusaruro ubuvumbuzi burengewe kandi atabyemerewe n'abayifiteho uburenganzira bose.	(2) If there is a co-ownership over a patent, each owner may initiate separate proceedings, without consent from each of the owners, for infringement of the patent rights against any person who uses the patented invention without the authorisation of all the owners.	(2) Lorsqu'il y a la copropriété d'un brevet, chacun des propriétaires peut introduire en justice une action séparée sans le consentement de chacun des autres propriétaires pour violation des droits de brevet à l'encontre d'une personne qui utilise l'invention brevetée sans l'autorisation de tous les propriétaires.
Ingingo ya 38: Impamyabuvumbuzi ihuriweho	**Article 38: Joint ownership of the patent**	**Article 38 : Copropriété d'un brevet**
(1) Iyo abantu babiri cyangwa benshi bahuriye ku buvumbuzi, uburenganzira bwo gusaba iyandikwa cyangwa icyemezo buba bufitwe na buri wese muri bo.	(1) If two or more persons have made an invention together, the right to apply for registration or a certificate belongs to each of them.	(1) Lorsque deux ou plusieurs personnes ont fait une même invention, le droit de demande d'enregistrement ou d'un certificat appartient à chacune d'elles.
(2) Iyo habuze ubwumvikane hagati yabo, abahuriye ku mpamyabuvumbuzi bashobora guhererekanya, buri wese ukwe, uruhare bafite mu busabe kandi bakabuza undi muntu uwo ariwe wese gukoresha ubusabe, ariko bafatanyije bakaba bashobora guha uruhushya undi muntu rwo	(2) In the absence of an agreement between the parties, co-owners of a patent may separately transfer their shares in the application and prevent any person from using their application, but may only jointly licence any third person to do any of the acts referred to in this Law.	(2) En l'absence d'un compromis entre les copropriétaires, les copropriétaires d'un brevet peuvent séparément transférer leurs parts dans la demande et empêcher toute personne d'utiliser leur demande, mais ils peuvent seulement conjointement autoriser une tierce personne de faire tout acte visé dans la présente loi.

gukora kimwe mu bikorwa bivugwa muri iri tegeko.		
Ingingo ya 39: Kwandikwa nk'umuvumbuzi	**Article 39: Naming the inventor**	**Article 39 : Nomination de l'inventeur**
(1) Umuvumbuzi yandikwa ko ari umuvumbuzi ku mpamyabuvumbuzi keretse iyo agaragarije ubuyobozi bubifitiye ububasha ko adashaka kwandikwa nk'umuvumbuzi ku mpamyabuvumbuzi huzuzwa inyandiko yabugenewe.	(1) An inventor is named as such in the application unless he or she provides the competent authority with a written declaration indicating that he or she does not wish to be named as an inventor.	(1) L'inventeur est nommé comme tel dans la demande à moins qu'il ne présente à l'autorité compétente une déclaration écrite stipulant qu'il ne souhaite pas être nommé comme inventeur.
(2) Kuba umuvumbuzi yarijeje cyangwa yaremereye undi muntu ko adashaka ko izina rye ryandikwa ku mpamyabuvumbuzi, nta gaciro bigira.	(2) promise or undertaking to make such a declaration, made with regard to any person by the inventor has no effect.	(2) Une promesse ou un engagement visant à faire une telle déclaration fait envers toute personne par l'inventeur est sans effet.
Ingingo ya 40: Aho uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi bugarukira	**Article 40: Limitations to patent rights**	**Article 40 : Limitations aux droits de brevet**
(1) Uburenganzira butangwa n'impamyabuvumbuzi ntibureba:	(1) The rights conferred by the patent do not extend to:	(1) Les droits conférés par le brevet ne s'étendent pas à :
(a) gukoresha ubuvumbuzi burengewe ku mashini, ubwato, ibinyabiziga n'ibyogajuru by'amahanga byinjira by'igihe gito cyangwa bitunguranye mu kirere, mu mazi cyangwa ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda;	(a) use of the patented invention on foreign machines, ships, land vehicles and spacecrafts that temporarily or accidentally enter the airspace, waters or land of the Republic of Rwanda;	(a) l'utilisation de l'invention brevetée sur des machines, des navires, des véhicules terrestres et des vaisseaux spatiaux étrangers qui pénètrent temporairement ou accidentellement dans les eaux, l'espace aérien ou terrestre de la République du Rwanda ;

(b) ibikorwa bifitanye isano n'ubuvumbuzi burengewe bwakozwe hagamijwe ubushakashatsi mu bumenyi n'ikoranabuhanga bikoreshwa na rubanda hatagamijwe inyungu;	(b) acts relating to a patented invention carried out for scientific and technological research purposes and for public non-profit use;	(b) les actes relatifs à une invention brevetée faite à des fins de recherche scientifique et technologique et pour une utilisation publique non lucrative ;
(c) ibikorwa byakozwe n'umuntu muri Repubulika y'u Rwanda, nta buriganya ku munsi wo gutanga inyandiko iyo igisabwa ari uburenganzira bwo gutanga abandi, ku munsi wo gusaba uburenganzira bwo gutanga abandi hashingiwe ku burenganzira bwo gutanga abandi bwatanzwe, wabyazaga umusaruro ubuvumbuzi cyangwa witeguraga kuwubyaza umusaruro ku buryo bugaragara kandi akomeje, iyo ibyo bikorwa bidatandukanye n'imikoreshereze ya mbere cyangwa iteganywa gukorwa, mu miterere cyangwa mu mumaro;	(c) acts performed in the Republic of Rwanda by a person who, in good faith and on the filing date where priority is claimed, on the date of the application for priority on the basis of which the right of priority was granted, was using the invention or was making effective and serious preparations to use it, insofar as these acts do not differ, in their nature or purpose, from previous effective or envisaged use;	(c) les actes accomplis en République du Rwanda par une personne qui de bonne foi et à la date de dépôt du dossier, dans le cas où il est fait une revendication de priorité, à la date de demande de priorité sur base de laquelle le droit de priorité a été accordé, utilisait l'invention ou faisait des préparations efficaces et sérieuses pour l'utiliser, dans la mesure où ces actes ne diffèrent pas quant à leur nature ou leur objet de l'utilisation effective antérieure ou envisagée ;
(d) ibikorwa bikozwe mu buryo bwihererereye kandi ku rwego rutari ubw'ubucuruzi cyangwa ku mpamvu zitari iz'ubucuruzi, iyo ibyo bikorwa bitabangamira ku buryo bugaragara inyungu z'ubukungu z'ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi;	(d) acts done privately and on a non-commercial scale, or for non-commercial purposes, if they do not significantly prejudice the economic interests of the patent owner;	(d) les actes menés en privé et à une échelle non commerciale, ou à des fins non commerciales, lorsqu'ils ne portent pas de préjudice de façon significative aux intérêts économiques du propriétaire de brevet ;
(e) itegura ritunguranye ry'imiti mu nzu icuruza imiti hakurikijwe imiti	(e) extemporaneous preparation for individual cases in a pharmacy of a	(e) la préparation extemporanée de médicaments dans une pharmacie en vertu

yanditswe na muganga cyangwa ibikorwa birebana n'umuti uri gutegurwa;	medicine, in accordance with a medical prescription or acts concerning the medicine to be prepared;	d'une ordonnance médicale ou des actes concernant le médicament à préparer ;
(f) Ibyatunganyijwe byashyizwe ku isoko muri Repubulika y'u Rwanda cyangwa hanze yarwo n'ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi cyangwa n'uwo yabihereye uruhushya.	(f) products, which have been put on the market in the Republic of Rwanda or abroad by the owner of the patent or a person authorised by him or her.	(f) les produits mis dans le commerce, en République du Rwanda ou à l'étranger, par le propriétaire du brevet ou par une personne qu'il a autorisée.
(2) Uburenganzira bw'uwabyaje umusaruro impamyabuvumbuzi mbere uvugwa mu gaka ka (c) k'igika cya (1) cy'iyi ngingo, bushobora kwegurirwa cyangwa guhabwa ikigo, isosiyete cyangwa igice cy'ikigo cyangwa igice cy'isosiyete bwabyajwemo umusaruro cyangwa yateguriwemo.	(2) The right of the prior patent user referred to in Subparagraph (c) of Paragraph (1) of this Article to may be transferred or devolved the enterprise or to the company, or to part of enterprise or part of company in which the use or preparations with a view to use took place.	(2) Le droit d'utilisation du brevet antérieur visé à l'alinéa (c) du paragraphe (1) du présent article peut être transféré ou transmis à une entreprise ou une société commerciale ou à une partie d'une entreprise ou d'une société commerciale dans laquelle l'utilisation ou les préparations en vue de son utilisation ont eu lieu.
(3) Icyakora, nta gikorwa cyo kunyuranya n'impamyabuvumbuzi kiba kibayeho iyo gukora, gukoresha, gucuruza, kudandaza cyangwa kwinjiza muri Repubulika y'u Rwanda igihangano cy'ubuvumbuzi cyahawe impamyabuvumbuzi gusa mu mikoreshereze ifitanye isano n'iterambere no gutanga amakuru akenewe hakurikijwe amategeko yo mu gihugu cyangwa yo mu mahanga agenga ikorwa, iyubakwa, kubyazwa umusaruro cyangwa icuruzwa ry'icyatunganyijwe.	(3) However, it is not an act of infringement of a patent to make, use, offer to sell, or sell within the Republic of Rwanda or import into the Republic of Rwanda a patented invention solely for uses reasonably related to the development and submission of information as required under a domestic or foreign law governing the manufacture, construction, use or sale of a product.	(3) Toutefois, ce n'est pas un acte de violation d'un brevet le fait de fabriquer, utiliser, offrir en vente, ou vendre ou importer dans la République du Rwanda une invention brevetée seulement pour des usages raisonnablement liés au développement et à la soumission d'informations telles que requises en vertu de la loi intérieure ou étrangère régissant la fabrication, la construction, l'utilisation ou la vente d'un produit.

Ingingo ya 41: Igihe uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi bumara burengewe	**Article 41: Duration of protection of patent rights**	**Article 41 : Durée de protection des droits sur le brevet**
(1) Uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi bumara imyaka 20 ibarwa uhereye ku itariki ubusabe bw'impamyabuvumbuzi bwatangiweho.	(1) Patent rights are protected for a period of 20 years from the filing date of the patent application.	(1) Les droits sur le brevet sont protégés pour une période de 20 ans à partir du jour de dépôt de la demande de brevet.
(2) Kugira ngo impamyabuvumbuzi ikomeze kugira agaciro, uwahawe impamyabuvumbuzi yishyura amafaranga ndemyagaciro y'impamyabuvumbuzi buri mwaka uhereye ku itariki ubusabe bw'impamyabuvumbuzi bwatangiweho.	(2) In order to maintain the patent in force an annual fee is paid in advance for each year, starting from the filing date of patent application.	(2) En vue de maintenir le brevet en vigueur, des frais annuels sont payés en avance à l'autorité compétente pour chaque année à partir du jour du dépôt de la demande de brevet.
(3) Itariki yo kwishyura amafaranga buri mwaka ni imwe n'itariki ubusabe bwatangiweho.	(3) The due date of each annual fee is the same date as the filing date of application.	(3) La date due pour tous les frais annuels est la même date que celle de dépôt de la demande.
(4) Icyakora, hatangwa igihe cy'imbabazi kingana n'amezi atandatu cyo kwishyura amafaranga ndemyagaciro y'impamyabuvumbuzi nyuma y'itariki ntarengwa yo kwishyuriraho. Ubwishyu bukozwe mu gihe cy'imbabazi bwiyongeraho amafaranga y'inyongera yagenwe.	(4) However, a grace period of six months is granted for payment of the patent maintenance annual fee after the deadline. Payment made during the grace period are subject to payment of the prescribed surcharge.	(4) Toutefois, une période de grâce de six mois est accordée pour le paiement des frais de maintenance du brevet. Le paiement effectué pendant la période de grâce est majoré du montant prescrit.
(5) Iyo amafaranga ndemyagaciro y'impamyabuvumbuzi atishyuwe, impamyabuvumbuzi itakaza agaciro.	(5) If an annual patent maintenance fee is not paid, the patent lapses.	(5) Lorsque les frais annuels de maintenance du brevet ne sont pas payés, le brevet tombe en désuétude.

Icyiciro cya 4: Kwegurira undi muntu impamyabuvumbuzi	**Section 4: Patent assignment**	**Section 4 : Cession du brevet**
Ingingo ya 42: Uburyo bwo kwegurira undi muntu impamyabuvumbuzi	**Article 42: Modalities for patent assignment**	**Article 42 : Modalités de cession de brevet**
(1) Ubusabe bw'impamyabuvumbuzi itaratangwa cyangwa impamyabuvumbuzi bishobora kwegurirwa undi muntu, binyuze mu masezerano yanditse yo kwegurira undi muntu impamyabuvumbuzi, ashyirwaho umukono n'impande zombi.	(1) A pending patent application or a patent may be assigned to a person through a written patent assignment contract signed by both parties.	(1) Une demande de brevet en cours ou un brevet peut être cédé à une personne par le biais d'un contrat de cession du brevet signé par les deux parties.
(2) Iyo impamyabuvumbuzi ifitweho uburenganzira n'abantu benshi, buri wese mu bayifiteho uburenganzira ashobora kwegurira undi muntu umugabane afite kuri iyo mpamyabuvumbuzi.	(2) If there is a co-ownership over a patent, each of the owners may assign separately, his or her share in the patent.	(2) Lorsqu'il y a la copropriété d'un brevet, chacun des propriétaires peut céder séparément son action dans le brevet.
(3) Uweguriwe impamyabuvumbuzi amaze kwishyura amafaranga yagenwe, ashyikiriza ubuyobozi bubifitiye ububasha amasezerano yo kwegurira undi muntu impamyabuvumbuzi ariho umukono w'impande zombi, kugira ngo bwandike impinduka ku burenganzira ku mpamyabuvumbuzi muri rejisitiri y'impamyabuvumbuzi bunatangaze ibiyikubiyemo.	(3) Upon payment of the prescribed fee, a patent assignee submits a patent assignment contract signed by both parties to the competent authority who records the change in the patent ownership in the register of patents and publishes the details.	(3) Le cessionnaire du brevet, après avoir payé les frais prescrits, transmet un contrat de cession du brevet signé par les deux parties à l'autorité compétente qui à son tour enregistre le changement de propriété dans le registre des brevets et publie les détails.

(4) Kwegurira undi muntu impamyabuvumbuzi bitangira kugira agaciro no gukurikizwa iyo iyegurirwa ryanditswe muri rejisitiri y'impamyabuvumbuzi.	(4) The patent assignment becomes valid and enforceable if it is recorded in the register of patents.	(4) La cession de brevet devient valable et applicable lorsqu'elle est enregistrée dans le registre des brevets.
<u>Ingingo ya 43</u>: Kwanga kwandika amasezerano yo kwegurira undi muntu impamyabuvumbuzi	**<u>Article 43</u>: Refusal to record a patent assignment contract**	**<u>Article 43 </u>: Refus d'enregistrement d'un contrat de cession de brevet**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha ntibwandika amasezerano yerekeye kwegurira undi muntu impamyabuvumbuzi iyo bubona ko ingingo imwe cyangwa nyinshi mu zigize ayo masezerano cyangwa amasezerano yose uko yakabaye, agambiriye, afite inkurikizi cyangwa ashobora kugira inkurikizi zikurikira:	(1) The competent authority does not record a patent assignment contract if it considers that one or more clauses of the patent assignment contract, or the contract as a whole, have the intention, effect, or are likely to have effect of the following:	(1) L'autorité compétente n'enregistre pas un contrat de cession d'un brevet lorsqu'elle considère qu'une ou plusieurs clauses du contrat de cession du brevet ou le contrat dans son ensemble, a l'intention, l'effet ou est susceptible de produire les effets suivants :
(a) kubangamira ihiganwa;	(a) lessening competition;	(a) l'obstruction à la concurrence ;
(b) kubangamira ubucuruzi;	(b) restraining trade;	(b) l'obstruction au commerce ;
(c) gukoresha nabi ubwinganze ku isoko bushingiye ku mpamyabuvumbuzi;	(c) abusing a position of market power conferred by the patent; or	(c) l'abus de position dominante conférée par le brevet sur le marché ; ou
(d) cyangwa kubangamira mu buryo budakwiye isakazwa ry'ikoranabuhanga.	(d) unduly limiting the dissemination of technology.	(d) la limitation excessive de la dissémination de la technologie.

(2) Mbere yo gufata icyemezo, ubuyobozi bubifitiye ububasha bushobora kumva imyanzuro itangwa n'impande zagiranye amasezerano, bushobora kandi kugisha inama urwego rushinzwe igenzura ry'ihiganwa.	(2) Before making a decision, the competent authority may hear submissions from the parties to the contract and may seek advice from the organ in charge of competition regulation.	(2) Avant la prise de décision, l'autorité compétente peut auditionner les soumissions des parties contractantes et peut demander l'avis de l'organe chargé de la régulation de la concurrence.
(3) Icyemezo cyo kwanga kwandika amasezerano yo kwegurira undi muntu impamyabuvumbuzi gishobora kujuririrwa mu kanama k'ubujurire mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku itariki icyemezo cyamenyesherejweho abagiranye amasezerano.	(3) A decision to refuse to record the patent assignment contract can be subject to appeal before the Appeal Committee within 30 days from the date of notification of the decision to the parties to the contract.	(3) Une décision de refus d'enregistrement du contrat de cession de brevet peut faire l'objet d'appel auprès de la commission d'appel dans les 30 jours à partir du jour de la notification de la décision aux parties contractantes.
(4) Ibiteganyijwe mu masezerano bibangamira cyangwa bibuza uweguriwe impamyabuvumbuzi bidafitanye isano n'igisabwa muri iri tegeko kandi nta mpamvu za ngombwa kugira ngo harindwe uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi bifatwa nk'ibifite inkurikizi ibangamira ihiganwa mu bucuruzi.	(4) A contractual term imposing a limitation or restriction on the patent assignee that does not relate to a requirement of this Law and is not reasonably necessary for the safeguard of the patent rights is considered to have anti-competitive effect.	(4) Une clause contractuelle imposant des limitations ou des restrictions sur un cessionnaire de brevet qui n'est pas en rapport avec une condition requise de la présente loi et qui n'est pas raisonnablement nécessaire pour la sauvegarde des droits de brevet est considérée comme ayant un effet anticoncurrentiel.
Ingingo ya 44 : Uruhushya rushingiye ku masezerano y'impamyabuvumbuzi	**Article 44: Patent contractual licence**	**Article 44 : Licence contractuelle du brevet**
(1) Ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi, ashobora guha, undi muntu binyuze mu masezerano yanditse yashyizweho umukono n'impande zombi, uruhushya rw'umwihariko kuri byose,	(1) A patent owner, through a written contractual agreement signed by both parties, may grant an exclusive, semi-exclusive or nonexclusive licence to another person authorising that person	(1) Un propriétaire de brevet, par biais d'un accord contractuel écrit et signé par les deux parties, peut octroyer une licence exclusive, semi-exclusive ou non exclusive à une autre personne lui

urw'umwihariko kuri bimwe cyangwa ntirube urw'umwihariko rwemerera uwo muntu kugira uruhare nibura muri kimwe mu bikorwa bigize gukoresha ubuvumbuzi bwahawe impamyabuvumbuzi.	to engage in at least one of the acts constituting use of the patented invention.	autorisant à s'engager dans au moins l'un des actes qui constituent l'utilisation de l'invention brevetée.
(2) Uwahawe uruhushya rw'impamyabumbuzi, amaze kwishyura amafaranga yagenwe, ashyikiriza kopi y'amasezerano yo gutanga uruhushya ubuyobozi bubifitiye ububasha kugira ngo bwandike impamvu y'ayo masezerano yerekeye uruhushya muri rejisitiri y'impamyabuvumbuzi bunayibike mu ibanga.	(2) Upon payment of the prescribed fee, a patent licensee submits a copy of the licence contract to the competent authority who records the subject matter of the licence contract in the register of patents and keeps licence contract confidential.	(2) Après avoir payé les frais prescrits, le cessionnaire de licence du brevet, transmet une copie du contrat de licence à l'autorité compétente qui à son tour enregistre l'objet du contrat de licence dans le registre des brevets et garde ce contrat confidentiel.
(3) Uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutangira kugira agaciro no gukurikizwa iyo rwanditswe muri rejisitiri y'impamyabuvumbuzi.	(3) The patent licence becomes valid and enforceable if it is recorded in the register of patents.	(3) La licence de brevet devient valable et applicable lorsqu'elle est enregistrée dans le registre des brevets.
Ingingo ya 45: Ivanwaho ry'uruhushya rushingiye ku masezerano y'impamyabuvumbuzi	**Article 45: Withdrawal of patent contractual licence**	**Article 45 : Retrait de licence contractuelle du brevet**
Uruhushya rushingiye ku masezerano y'impamyabuvumbuzi ruvanwaho n'ubuyobozi bubifitiye ububasha iyo:	The patent contractual licence is withdrawn by the competent authority if in case of:	La licence contractuelle du brevet est retirée par l'autorité compétente en cas de :
(a) amasezerano yo gutanga uruhushya aseshwe n'uruhande rumwe cyangwa n'impande zombi;	(a) termination of the patent licence contract by one or both parties;	(a) la résiliation du contrat de licence de brevet par l'une ou les deux parties ;

(b) uruhushya ruteshejwe agaciro n'urukiko.	(b) invalidation of the patent by a court.	(b) l'annulation du brevet par une juridiction.
Ingingo ya 46: Kwanga kwandika amasezerano yo gutanga uruhushya rwo gukoresha impamyabuvumbuzi	**Article 46: Refusal to record a patent contractual licence**	**Article 46 : Refus d'enregistrement de licence contractuelle du brevet**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bwanga kwandika amasezerano yo gutanga uruhushya rwo gukoresha impamyabuvumbuzi iyo busanze ingingo imwe cyangwa nyinshi zigize amasezerano cyangwa amasezerano yose uko yakabaye zatera inkurikizi zibangamira ihiganwa.	(1) The competent authority does not record a patent contractual licence if it considers that one or more clauses of the patent contractual licence, or the contractual licence as a whole has anti-competitive effect.	(1) L'autorité compétente n'enregistre pas une licence contractuelle du brevet lorsqu'elle considère qu'une ou plusieurs clauses de la licence contractuelle du brevet ou la licence contractuelle dans son ensemble a un effet anticoncurrentiel.
(2) Mbere yo gufata icyemezo, ubuyobozi bubifitiye ububasha bushobora kumva imyanzuro itangwa n'impande zagiranye amasezerano, bushobora kandi kugisha inama urwego rushinzwe igenzura ry'ihiganwa.	(2) Before making a decision, the competent authority may hear submissions from the parties to the agreement and may seek advice from the organ in charge of competition regulation.	(2) Avant la prise d'une décision, l'autorité compétente peut auditionner les soumissions émanant des parties contractantes et peut demander l'avis de l'organe chargé de la régulation de la concurrence.
(3) Icyemezo cyo kwanga kwandika amasezerano yo gutanga uruhushya rwo gukoresha impamyabuvumbuzi gishobora kujuririrwa mu kanama k'ubujurire mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku itariki icyemezo cyamenyesherejweho impande zombi.	(3) A decision to refuse to record the patent contractual licence can be subject to appeal before the Appeal Committee within 30 days from the date of notification of the decision to the contracting parties.	(3) Une décision de refus d'enregistrement d'une licence contractuelle de brevet peut faire l'objet d'appel auprès de la commission d'appel dans les 30 jours à partir du jour de la notification de la décision aux parties contractantes.
(4) Ibiteganyijwe mu masezerano bibangamira cyangwa bibuza uwahawe uruhushya	(4) A contractual term imposing a limitation or restriction on the patent licensee that does	(4) Une clause contractuelle imposant une limitation ou une restriction au cessionnaire

rw'impamyabuvumbuzi bidafitanye isano n'ibisabwa muri iri tegeko kandi nta mpamvu za ngombwa kugira ngo harindwe uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi bifatwa ko bifite inkurikizi yo kubangamira ihiganwa.	not relate to a requirement of this Law and is not reasonably necessary for the safeguard of the patent rights is considered to have anti-competitive effect.	de licence du brevet qui n'est pas en rapport avec une condition requise de la présente loi et qui n'est raisonnablement pas nécessaire pour la sauvegarde des droits du brevet est considéré comme ayant un effet anticoncurrentiel.
Ingingo ya 47: Ingingo z'amasezerano yo gutanga uruhushya rwo gukoresha impamyabuvumbuzi zifatwa nk'izishobora kubangamira ihiganwa	**Article 47: Patent contractual licence clauses likely to have anti-competitive effect**	**Article 47 : Clauses de licence contractuelle de brevet susceptibles d'avoir un effet anticoncurrentiel**
(1) Ingingo z'amasezerano yo gutanga uruhushya rwo gukoresha impamyabuvumbuzi zikurikira zifatwa nk'izibangamiye ihiganwa kugeza igihe zishobora kuvuguruzwa :	(1) The following patent contractual licence clauses are considered as having anti-competitive effect:	(1) Les clauses de licence contractuelle de brevet ci-après sont considérées comme ayant un effet anticoncurrentiel :
(a) ingingo itegeka uwahawe uruhushya rw'impamyabuvumbuzi kurusubiza uwarumuhaye ku birebana n'impamyabuvumbuzi yatanzwe nyuma ariko ishingiye cyangwa inonosora impamyabuvumbuzi yahaweho uruhushya rw'umwimerere;	(a) clause that requires the patent licensee to exclusively grant back to the licensor a licence in respect of any subsequent patent which builds upon or improves the original licenced patent;	(a) une clause qui exige le cessionnaire de licence du brevet d'octroyer exclusivement au cédant de licence du brevet en retour, la licence eu égard à tout brevet subséquent développé ou amélioré sur base du brevet initial ;
(b) ingingo ibuza uwahawe uruhushya gutambamira, gusaba iyamburwa cyangwa ivanwaho ry'itangwa ry'impamyabuvumbuzi;	(b) clause that requires the patent licensee not to oppose, seek revocation or invalidation of the grant of a patent;	(b) une clause qui exige le cessionnaire de licence du brevet de ne pas s'opposer, ne pas demander la révocation ou l'annulation de l'octroi d'une licence ;

(c) ingingo ihatira uwahawe uruhushya rw'impamyabuvumbuzi kubona uruhushya ku birebana n'ubundi burenganzira ku mutungo bwite mu by'inganda nk'inkomyi yo gutanga uruhushya rushingiye ku masezerano y'impamyabuvumbuzi;	(c) clause that coerces the patent licensee to acquire a licence in respect of another industrial property right as a condition for the granting of a contractual licence over the patent;	(c) une clause qui exige le cessionnaire de licence du brevet d'acquérir une licence eu égard à un autre droit de propriété industrielle comme condition d'octroi d'une licence contractuelle sur le brevet ;
(d) ingingo iha uwahaye uruhushya rw'impamyabuvumbuzi inshingano yo kwishyura amafaranga adakwiye ku mpamyabuvumbuzi itarabyazwa umusaruro;	(d) clause that imposes an obligation on the patent licensee to pay unreasonable fee for a patent not yet used;	(d) ne clause qui impose une obligation au cessionnaire de licence du brevet de payer des frais non-raisonnables pour un brevet non encore utilisé ;
(e) ingingo iha uwahawe uruhushya rw'impamyabuvumbuzi inshingano yo kugura ibikoresho fatizo, ibyatunganyijwe bicirirtse cyangwa ibikoresho k'uwatanze urwo ruhushya;	(e) clause that imposes an obligation on the patent licensee to purchase raw materials, intermediate products, or equipment from the patent licensor;	(e) une clause qui impose une obligation au cessionnaire de licence du brevet d'acheter des matières premières, des produits semi-finis, ou des équipements chez le cédant du brevet ;
(f) ingingo ibuza uwahawe uruhushya rw'impamyabuvumbuzi kohereza mu mahanga ibyatunganyijwe byahawe impamyabuvumbuzi cyangwa bigaragaramo igihangano cy'ubuvumbuzi cyahawe impamyabuvumbuzi cyangwa ibuza kubyohereza mu mahanga hatishyuwe amafaranga adakwiye k'uwatanze urwo ruhushya;	(f) clause that prevents the patent licensee from exporting the patented products or products incorporating the patented invention, or preventing the export without payment of an unreasonable fee to the patent licensor;	(f) une clause qui empêche le cessionnaire de licence du brevet d'exporter des produits brevetés ou des produits incorporant l'invention brevetée, ou empêchant une telle exportation sans payement de frais non-raisonnables au cédant de licence du brevet ;
(g) ingingo igabanya, mu buryo ubwo aribwo bwose, amahirwe y'uwahawe uruhushya	(g) clause that limits in any way the patent licensee's opportunities to	(g) une clause qui, dans tous les cas, limite les opportunités du cessionnaire de licence

rw'impamyabuvumbuzi yo gukoresha impamyabuvumbuzi ku masoko yo mu gihugu cyangwa ku yo hanze yacyo;	use the patent on internal or external markets;	du brevet d'utiliser le brevet sur les marchés intérieurs ou extérieurs ;
(h) ingingo ikubiyemo inshingano y'inyongera, kubera imiterere yayo cyangwa hakurikijwe imikoresherezwe mu bucuruzi, idafite aho ihuriye n'ikigamijwe n'ayo masezerano.	(h) clause that contains a supplementary obligation which, by its nature or according to commercial usage, has no connection with the subject matter of the agreement.	(h) une clause qui contient une obligation supplémentaire qui, de par sa nature ou selon l'usage commercial, n'a pas de connexion avec l'objet de l'accord.
(2) Iteka rya Minisitiri rishobora kugena izindi ngingo z'amasezerano yo gutanga uruhushya rwo gukoresha impamyabuvumbuzi zifatwa nk'izishobora kubangamira ihiganwa.	(2) An Order of the Minister may determine other patent contractual licence clauses that are considered as having anti-competitive effect.	(2) L'arrêté du Ministre peut déterminer d'autres clauses de licence contractuelle de brevet qui sont considérées comme ayant un effet anticoncurrentiel.
Icyiciro cya 5: Uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rudashingiye ku masezerano	**Section 5: Non-contractual patent licence**	**Section 5 : Licence du brevet non-contractuelle**
Akiciro ka mbere: Uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutangwa nta gisabwe	**Subsection One: Patent licence as of right**	**Sous-section première : Licence du brevet de plein droit**
Ingingo ya 48: Uburyo bwo gutanga uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutangwa nta gisabwe	**Article 48: Procedure for granting a patent licence as of right**	**Article 48 : Procédure d'octroi de licence du brevet de plein droit**
(1) Igihe cyose, nyuma yo guhabwa impamyabuvumbuzi, nyirayo ashobora gusaba, mu nyandiko, ubuyobozi	(1) The patent owner, at any time following the grant of a patent, may submit a written request to the	(1) Le propriétaire de brevet, à tout moment suite à l'octroi d'un brevet, peut introduire auprès de l'autorité

bubifitiye ububasha kwandika muri rejisitiri y'impamyabuvumbuzi imenyekanisha ko uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutangwa nta gisabwe ku birebana n'iyo mpamyabuvumbuzi ruhari.	competent authority for recording in the patent register a notification that a patent licence as of right is available in respect of that patent.	compétente une requête écrite d'enregistrement dans le registre des brevets une notification selon laquelle une licence du brevet de plein droit est disponible eu égard à ce brevet.
(2) Iyandikwa ry'uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutangwa nta gisabwe rihesha umuntu uburenganzira bwo gukoresha ubuvumbuzi bwahawe impamyabuvumbuzi hashingiwe ku bwumvikane hagati y'ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi n'usaba uruhushya rw'impamyabuvumbuzi nta gisabwe kandi bikemezwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha.	(2) The recording of a patent licence as of right grants a person the right to use the patented invention subject to conditions agreed upon between the patent owner and the person who applies for the patent licence as of right and approved by the competent authority.	(2) L'enregistrement d'une licence du brevet de plein droit accorde à une personne le droit d'utiliser l'invention brevetée à des conditions convenues entre le propriétaire de brevet et la personne qui demande la licence du brevet de plein droit et approuvé par l'autorité compétente.
(3) Iyandikwa ry'uruhushya rutangwa nta gisabwe ntirikorwa mu gihe hari amasezerano yerekeye uruhushya yanditswe mbere yaho keretse uwahawe uruhushya abyemeye**.**	(3) If a patent contractual licence has been previously registered, no recording of a patent licence as of right is conducted unless with the consent of the patent licensee.	(3) Lorsque la licence contractuelle de brevet a été précédemment enregistrée, aucun enregistrement de licence du brevet de plein droit n'est effectué à moins que le cessionnaire du brevet en donne l'accord.
(4) Iyandikwa ry'uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutangwa nta gisabwe, amafaranga ndemyagaciro y'impamyabuvumbuzi yishyurwa buri mwaka agabanukaho kimwe cya kabiri.	(4) Following the recording of a patent licence as of right, the patent maintenance annual fee is reduced by half.	(4) Suivant l'enregistrement d'une licence du brevet de plein de droit, les frais annuels de maintenance du brevet sont réduits de moitié.

Ingingo ya 49: Kuvanaho uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutangwa nta gisabwe	**Article 49: Withdrawal of a patent licence as of right**	**Article 49 : Retrait de licence du brevet de plein droit**
(1) Igihe cyose nyuma y'iyandikwa ry'uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutangwa nta gisabwe, ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi ashobora gusaba ubuyobozi bubifitiye ububasha kuvanaho urwo ruhushya.	(1) The patent owner, at any time following recording of a patent licence as of right, may request the competent authority to withdraw the patent licence as of right.	(1) Le propriétaire de brevet, à tout moment suite à l'enregistrement d'une licence du brevet de plein droit, peut demander à l'autorité compétente de retirer la licence du brevet de plein droit.
(2) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bushobora kuvanaho uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rwatanzwe nta gisabwe iyo nta rundi ruhushya rwatanzwe cyangwa iyo abaruhawe bose babyemeye.	(2) The competent authority may withdraw the patent licence as of right if no other licence has been granted or if all patent licensees' consent.	(2) L'autorité compétente peut retirer la licence du brevet de plein droit lorsqu'aucune autre licence de brevet n'a été octroyée ou sur le consentement de tous les cessionnaires de licence du brevet.
(3) Ivanwaho ry'uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rwatanzwe nta gisabwe rikorwa hamaze kwishyurwa ikinyuranyo cy'amafaranga ndemyagaciro y'impamyabuvumbuzi yagombaga kwishyurwa buri mwaka iyo iyandikwa ritakozwe.	(3) The withdrawal of a patent licence as of right is done upon payment of a balance of all the annual maintenance fees if the recording had never been made.	(3) Le retrait d'une licence du brevet de plein droit est fait contre le paiement de la solde de tous les frais annuels de maintenance si l'enregistrement n'a pas été effectué.
Akiciro ka 2: Uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe	**Subsection 2: Compulsory licence of patent**	**Sous-section 2 : Licence obligatoire sur le brevet**

Ingingo ya 50: Gusaba uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe	**Article 50: Application for compulsory licence of patent**	**Article 50 : Demande de licence obligatoire sur le brevet**
(1) Amaze kwishyura amafaranga yagenwe, usaba uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe ashyikiriza Minisitiri ubusabe bwanditse kugira ngo abusuzume.	(1) Upon payment of the prescribed fee, an applicant for compulsory licence of patent submits a written application to the Minister for consideration.	(1) Après avoir payé les frais prescrits, le demandeur d'une licence obligatoire sur le brevet, soumet une demande écrite au Ministre pour considération.
(2) Ubusabe bw'uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe buherekezwa n'ikimenyetso cyerekana ko ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi yagejejweho n'usaba urwandiko rumusaba uruhushya rushingiye ku masezerano, ariko ko usaba atashoboye kubona uruhushya nk'urwo mu nzira z'ubucuruzi ziboneye no mu gihe gikwiye.	(2) The application for a compulsory licence of patent is accompanied by proof that the patent owner has received from the applicant a contractual licence request, but that the latter has been unable to obtain such a licence on reasonable commercial conditions and within a reasonable period.	(2) La demande d'une licence obligatoire sur le brevet est accompagnée de la preuve que le titulaire du brevet a reçu du demandeur une demande de licence contractuelle mais que ce dernier n'a pas pu obtenir une telle licence à des conditions commerciales raisonnables et dans un délai raisonnable.
Ingingo ya 51: Gutanga uruhushya rutegetswe rw'impamyabuvumbuzi	**Article 51: Granting a compulsory licence of patent**	**Article 51 : Octroi d'une licence obligatoire sur le brevet**
(1) Minisitiri abisabwe n'uwifuza guhabwa uruhushya rutegetswe, amaze kumva ibisobanuro by'uwahawe impamyabuvumbuzi no kubijyaho inama n'ubuyobozi bubifitiye ububasha, ashobora guha undi muntu uruhushya rwo gukoresha ubuvumbuzi burengewe atabiherewe uruhushya n'ufite uburenganzira ku buvumbuzi.	(1) The Minister may, upon request by the person wishing to be granted a compulsory licence of patent, after hearing the patent owner and after consultation with the competent authority, grant a licence to use a patented invention without any authorisation from the owner of rights on the invention.	(1) Le Ministre peut, sur demande de la personne désireuse d'obtenir la licence obligatoire sur le brevet, après avoir entendu le titulaire du brevet et concertation avec l'autorité compétente, accorder une licence d'utilisation d'une invention brevetée sans l'autorisation du propriétaire des droits d'invention.

(2) Impamvu zishingirwaho mu gutanga uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe ni izi zikurikira:	(2) Grounds for granting a compulsory licence of patent are the following:	(2) Les raisons d'octroi d'une licence obligatoire sur le brevet sont les suivantes :
(a) kuba ubuvumbuzi burengewe butarimo gukoreshwa mu rwego rw'inganda cyangwa urw'ubucuruzi muri Repubulika y'u Rwanda;	(a) patented invention is not being industrially or commercially used in the Republic of Rwanda;	(a) l'invention brevetée n'est pas utilisée industriellement ou commercialement en République du Rwanda ;
(b) kuba ubuvumbuzi burengewe burimo gukoreshwa muri Repubulika y'u Rwanda mu buryo budahagije mu rwego rw'inganda cyangwa urw'ubucuruzi kubera ko ubuvumbuzi burengewe cyangwa icyatunganyijwe kigaragaramo ubuvumbuzi butaboneka mu gukora cyangwa kugitumiza mu mahanga:	(b) patented invention is being insufficiently industrially or commercially used in the Republic of Rwanda because the patented invention or a product incorporating the patented invention is not available through manufacture or importation:	(b) l'invention brevetée est insuffisamment utilisée en République du Rwanda industriellement ou commercialement parce que l'invention brevetée ou un produit incorporant l'invention brevetée n'est pas disponible par le biais de la fabrication ou de l'importation :
(i) ku ngano ihagije ishobora guhaza isoko ryo mu gihugu;	(i) in a quantity sufficient to meet domestic demand;	(i) en quantité suffisante pour satisfaire à la demande intérieure ;
(ii) mu bwiza buboneye bujyanye n'igikenewe;	(ii) in a quality reasonably fit for purpose;	(ii) en qualité raisonnablement convenable à cet effet ;
(iii) ku giciro gikwiye;	(iii) at a reasonable price;	(iii) à un prix raisonnable ;
(c) kuba ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi arimo gukoresha uburenganzira yihariye ubuvumbuzi burengewe cyangwa arimo kwirengagiza gufata ingamba zo kubuza uwahawe uruhushya rw'impamyabuvumbuzi	(c) patent owner is exercising his or her exclusive rights to the patented invention, or is neglecting to take measures to prevent a patent licensee from exercising his or her licenced rights to the patented invention, in a	(c) le propriétaire de brevet est en train d'exercer ses droits exclusifs à l'invention brevetée, ou est en train de négliger de prendre des mesures visant à empêcher un cessionnaire de licence du brevet d'exercer ses droits autorisés eu

gukoresha uburenganzira yaherewe uruhushya ku buvumbuzi burengewe mu buryo bufite icyo bugamije, inkurikizi cyangwa bushobora kugira inkurikizi zikurikira:	way that has the purpose, effect or is likely to have effect of:	égard à l'invention brevetée dans une manière qui a pour but, a pour effet ou est susceptible d'avoir effet de :
(i) kubangamira ihiganwa;	(i) lessening competition;	(i) obstruction à la concurrence;
(ii) kubangamira ubucuruzi;	(ii) restraining trade;	(ii) obstruction au commerce;
(iii) gukoresha nabi umwanya w'ubushobozi isoko rifite cyangwa ubwiganze rikesha impamyabuvumbuzi;	(iii) abusing a position of market power conferred by the patent;	(iii) abus de position dominante conférée par le brevet sur le marché;
(iv) cyangwa kubangamira mu buryo budakwiye isakazwa ry'ikoranabuhanga;	(iv) unduly limiting the dissemination of technology;	(iv) limiter excessivement la dissémination de la technologie ;
(d) kuba ubuvumbuzi buvugwa ko buri mu mpamyabuvumbuzi yatanzwe nyuma budashobora gukoreshwa muri Repubulika y'u Rwanda butanyuranyije n'impamyabuvumbuzi yari yatanzwe mbere.	(d) invention claimed in a subsequent patent cannot be used in the Republic of Rwanda without infringing the previous patent.	(d) l'invention réclamée dans un brevet postérieur ne peut pas être utilisée en République du Rwanda sans comporter une violation du précédent brevet.
(3) Usaba guhabwa uruhushya rutegetswe agomba kugaragaza ko yasabye ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi uruhushya rwo gukoresha ubuvumbuzi burengewe ntaruhabwe.	(3) The applicant for the grant of a compulsory licence of patent must indicate that he or she has filed an application for the licence to use a patented invention but has not been able to obtain it.	(3) Le demandeur de l'octroi d'une licence obligatoire sur le brevet doit indiquer qu'il a demandé une licence d'utilisation d'une invention brevetée mais sans pouvoir l'obtenir.

Ingingo ya 52: Ibisabwa mu gusaba uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe kubera kudakoreshwa cyangwa gukoreshwa ku buryo budahagije	**Article 52: Requirements for application for a compulsory patent licence due to absent or insufficient use**	**Article 52 : Conditions requises pour la demande de licence de brevet obligatoire à cause de l'absence ou insuffisance d'utilisation**
(1) Ibisabwa mu gusaba uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe kubera kutabyazwa cyangwa kubyazwa umusaruro ku buryo budahagije impamyabuvumbuzi ni ibi bikurikira:	(1) Requirements for application for compulsory patent licence due to absence or insufficient use of the patent are the following:	(1) Les conditions requises pour la demande de licence de brevet obligatoire à cause de l'absence ou l'insuffisance d'utilisation du brevet sont les suivantes :
(a) kuba hashize imyaka ine ibarwa uhereye ku itariki inyandiko isaba impamyabuvumbuzi yatangiweho cyangwa nyuma y'igihe cy'imyaka itatu ibarwa uhereye ku itariki impamyabuvumbuzi yatangiweho;	(a) expiration of a four-year period from the filing date of the application, or three years from the date of grant of the patent; and	(a) l'expiration d'un délai de quatre ans à compter de la date de dépôt de la demande de brevet ou de trois ans à compter de la date de délivrance du brevet ; et
(b) n'ubushobozi bwo gukoresha mu rwego rw'ubucuruzi cyangwa urw'inganda ubuvumbuzi burengewe ugahaza isoko ryo mu gihugu.	(b) ability to commercially or industrially use the patented invention to meet domestic demand.	(b) la capacité d'utiliser l'invention brevetée au point de vue commercial ou industriel pour satisfaire la demande intérieure.
(2) Minisitiri abyibwirije, abisabwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha cyangwa umuntu ubifitemo inyungu ashobora gutangaza irangira ry'uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi, iyo itangwa ry'uruhushya rutegetswe rutari kuba ruhagije mu rwego rwo kwirinda kubyaza uruhushya umusaruro udahagije.	(2) The Minister, upon his/her own motion, on advice of the competent authority, or at the request of any interested person, may declare the patent rights extinct, or forfeiture of the patent, where the grant of compulsory patent licence would not have been sufficient to prevent insufficient use.	(2) Le Ministre, de sa propre initiative, sur avis de l'autorité compétente ou à la demande de toute personne intéressée, peut déclarer les droits du brevet éteints ou la déchéance du brevet lorsque l'octroi d'une licence obligatoire n'aura pas été suffisant pour prévenir une utilisation insuffisante.

(3) Ubusabe bwo kwambura cyangwa gutesha agaciro uruhushya rutegetswe ntibutangwa mbere y'irangira ry'imyaka ibiri ibarwa uhereye ku itariki uruhushya rwa mbere rutegetswe rwatangiweho.	(3) No proceedings for the forfeiture or revocation of compulsory licence may be initiated before the expiration of two years from the granting of the first compulsory licence.	(3) Aucune procédure de déchéance ou de révocation de licence obligatoire ne peut être initiée avant l'expiration de deux ans à partir de l'octroi de la première licence obligatoire.
Ingingo ya 53: Ibishingirwaho mu gutanga uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe mu gihe impamyabuvumbuzi ari magirirane	**Article 53: Conditions for issuance of compulsory patent licence in case of interdependence of patents**	**Article 53 : Conditions pour l'octroi de licence de brevet obligatoire en cas d'interdépendance des brevets**
Minisitiri ashobora gutanga uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe mu gihe impamyabuvumbuzi ari magirirane iyo:	The Minister may issue a compulsory patent licence in case of interdependence of patents if:	Le Ministre peut octroyer une licence de brevet obligatoire en cas d'interdépendance de brevets lorsque :
(a) ubuvumbuzi bwabayeho nyuma bufitwe n'usaba budashobora kubyazwa umusaruro hatifashishijwe ubuvumbuzi bwabubanjirije bufitwe n'undi muntu;	(a) a later invention owned by the applicant cannot be used without an earlier invention owned by another person; and	(a) une invention ultérieure possédée par le demandeur ne peut être utilisée sans l'invention antérieure possédée par une autre personne ; et
(b) n'ubuvumbuzi bwabayeho nyuma bugaragaza iterambere rifatika muri tekiniki kandi bukaba bufite inyungu nyinshi mu bukungu ugereranyije n'ubuvumbuzi buvugwa mu mpamyabuvumbuzi yatanzwe mbere.	(b) he later invention represents significant technical progress and it is of considerable economic interest compared to the invention claimed in the earlier patent.	(b) l'invention ultérieure représente un progrès technique considérable et est d'un intérêt économique considérable par rapport à l'invention réclamée dans le brevet antérieur.

Ingingo ya 54: Ibyubahirizwa mu gukoresha uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe mu gihe impamyabuvumbuzi ari magiririrane	**Article 54: Conditions for using a compulsory licence of patent in case of interdependence of patents**	**Article 54 : Conditions d'utilisation d'une licence de brevet obligatoire en cas d'interdépendance des brevets**
Uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe mu gihe impamyabuvumbuzi ari magiririrane rukoreshwa iyo ibi bikurikira byubahirijwe:	A compulsory licence of patent in case of interdependence of patents is used if the following conditions are met:	Une licence obligatoire sur le brevet en cas d'interdépendance des brevets est utilisée si les conditions suivantes sont remplies :
(a) kuba ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi bwabayeho mbere afite uburenganzira ku ruhushya hakurikijwe ibisabwa byumvikana mu gukoresha ubuvumbuzi bwabayeho nyuma;	(a) owner of the earlier patent is entitled to a licence on reasonable terms to use the later invention;	(a) le propriétaire du brevet antérieur a droit à une licence sur des termes raisonnables pour utiliser l'invention ultérieure ;
(b) kuba gukoresha impamyabuvumbuzi yabayeho mbere hakurikijwe uruhushya rutegetswe ishobora gukoreshwa gusa iherekejwe n'uruhushya rw'impamyabuvumbuzi yatanzwe nyuma.	(b) use of the previous patent granted under the compulsory licence of patent can be assigned only with the assignment of the later patent.	(b) l'utilisation de brevet antérieur octroyé en vertu de la licence obligatoire sur le brevet peut être cédée seulement avec la cession du brevet ultérieur.
Ingingo ya 55: Ibikubiye mu ruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe	**Article 55: Content of a compulsory licence of patent**	**Article 55 : Contenu d'une licence de brevet obligatoire**
(1) Uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rugaragaza ibi bikurikira:	(1) A compulsory licence of patent specifies the following:	(1) Une licence obligatoire sur le brevet indique ce qui suit :
(a) imbibi z'aho rukurikizwa n'icyo rugiye gukoreshwa ;	(a) its scope of application and function;	(a) son champ d'action et sa fonction ;

(b) igihe rumara ;	(b) its duration;	(b) sa durée;
(c) igihe uwaruhawe atangirira gukoresha ubuvumbuzi burengewe;	(c) period within which its beneficiary begins to use the patented invention;	(c) la période pendant laquelle son bénéficiaire commence à utiliser l'invention brevetée ;
(d) ingano y'igihembo gihabwa ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi n'ibisabwa kugira ngo agihabwe.	(d) amount of remuneration to be paid to the patent owner and the conditions of payment.	(d) le montant de rémunération à payer au propriétaire de brevet et les conditions de paiement.
(2) Uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rukoreshwa gusa mu mbibi za Repubulika y'u Rwanda kandi ntirushobora kwiharirwa.	(2) The compulsory licence of patent is used only within the Republic of Rwanda and cannot be exclusive.	(2) La licence obligatoire sur le brevet n'est utilisée qu'à l`intérieur de la République du Rwanda et ne peut être exclusif.
Ingingo ya 56: Kuregera urukiko ku cyemezo gitanga uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe	**Article 56: Filing a case against a decision granting a compulsory licence of patent**	**Article 56 : Saisir d'une juridiction contre une décision d'octroi d'une licence obligatoire sur le brevet**
Icyemezo gitanga uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe cyangwa ibindi byose bisabwa bijyanye n'urwo ruhushya bishobora kuregerwa mu rukiko rubifitiye ububasha n'umuntu ubifitemo inyungu.	A case against a decision granting the compulsory licence of patent or any of the conditions attached to that licence can be filed with the competent court by an interested person.	Une décision octroyant la licence de brevet obligatoire ou toute condition annexée à cette licence peut faire l'objet d'un recours introduit devant la juridiction compétente par une personne intéressée.
Akiciro ka 3: Uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka	**Subsection 3: Ex officio compulsory licence of patent**	**Sous-section 3 : Licence obligatoire d'office sur le brevet**

Ingingo ya 57: Ibishingirwaho mu gutanga uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka	**Article 57: Conditions for granting ex officio compulsory licence of patent**	**Article 57 : Conditions d'octroi d'une licence obligatoire d'office sur le brevet**
Minisitiri ashobora gufata icyemezo cyo guha urwego rwa Leta cyangwa umuntu wagenwe, uruhushya rwo gukoresha ubuvumbuzi burengewe, bidasabye ko ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi abyemera ariko ahawe ingurane hashingiwe ku gaciro k'ubuvumbuzi burengerwa, icyo gihe kubera impamvu zikurikira:	The Minister may decide that, even without the consent of the patent owner but, taking into account the economic value of licenced invention, with compensation to the patent owner, a State organ or a designated third party use the patented invention for the following reasons:	Le Ministre peut décider, même sans l'accord du propriétaire du brevet mais moyennant compensation au propriétaire du brevet en tenant compte de la valeur économique de l'invention brevetée, qu'un organe de l'État ou un tiers utilise l'invention brevetée pour des raisons suivantes :
(a) inyungu rusange, by'umwihariko :	(a) public interests, in particular:	(a) l'intérêt public, en particulier :
(i) umutekano w'igihugu ;	(i) national security;	(i) la sécurité nationale ;
(ii) ubuzima rusange;	(ii) public health;	(ii) la santé publique ;
(iii) kubungabunga ibidukikije.	(iii) environment protection.	(iii) la protection de l'environnement.
(b) icyemezo cy'urukiko cyangwa icy'ubuyobozi bubifitiye ububasha gihamya ko ufite uburenganzira ku buvumbuzi cyangwa uwo yahaye uruhushya rw'impamyabuvumbuzi abyaza umusaruro ubuvumbuzi burengewe mu buryo bw'ihiganwa ritemewe n'amategeko.	(b) a decision of a court or the competent authority has determined that the patent owner or his or her licensee uses the patented invention in unfair competitive manner.	(b) une décision d'une juridiction ou d'une autorité compétente certifie que le propriétaire du brevet ou le cessionnaire de licence de son brevet utilise l'invention brevetée d'une manière de concurrence déloyale.

Ingingo ya 58: Itangwa ry'uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka	**Article 58: Grant of an ex officio compulsory licence of patent**	**Article 58 : Octroi d'une licence obligatoire d'office sur le brevet**
(1) Mbere yo gutanga uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka, Minisitiri agirana imishyikirano n'ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi ku ruhushya rushingiye ku masezerano y'impamyabuvumbuzi mu nzira z'ubucuruzi ziboneye no mu gihe gikwiye.	(1) Prior to granting an ex officio compulsory licence of patent, the Minister negotiates with the patent owner on a patent contractual licence on reasonable commercial conditions, and within a reasonable period.	(1) Avant d'octroyer une licence obligatoire d'office sur le brevet, le Ministre négocie avec le propriétaire du brevet une licence contractuelle du brevet sur des conditions commerciales raisonnables et dans un délai raisonnable.
(2) Iteka rya Minisitiri rigena uburyo n'igihe uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka rutangwamo.	(2) An Order of the Minister determines the modalities and period within which an ex officio compulsory licence of patent is granted.	(2) Un arrêté du Ministre détermine les modalités et la période pendant laquelle une licence obligatoire d'office su le brevet est octroyée.
(3) Gukoresha ubuvumbuzi ntibirenga icyo uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka rwatangiwe n'ubwiganze mu kugemura ibyatunganyijwe ku isoko ryo mu Rwanda.	(3) The use of the invention is limited to the purpose for which the ex officio compulsory licence of patent has been granted and to supply mainly products the Rwandan market.	(3) L'utilisation de l'invention se limite à des fins pour lesquelles la licence obligatoire d'office sur le brevet a été octroyée et à approvisionner principalement le marché rwandais.
Ingingo ya 59: Gutangaza icyemezo cyo gutanga uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka	**Article 59: Publication of a decision to grant an ex officio compulsory licence of patent**	**Article 59 : Publication de la décision d'octroi d'une licence obligatoire d'office sur le brevet**
Icyemezo cyo gutanga uruhushya rw'impamyabuvumbuzi rutegetswe rutangwa nta mpaka gitangazwa mu Igazeti ya Leta ya	A decision to grant an ex officio compulsory licence of patent is published in the Official Gazette of the Republic of Rwanda within 15	Une décision d'octroi d'une licence obligatoire d'office licence sur brevet est publiée au Journal Officiel de la République du Rwanda dans les 15

Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi 15 y'akazi ibarwa uhereye ku itariki icyemezo cyafatiweho.	working days from the date on which the decision was made.	jours ouvrables à partir du jour de la prise de la décision.
<u>Ingingo ya 60</u>: Guhindura cyangwa kuvanaho uruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka	**<u>Article 60</u>: Amendment or withdrawal of an ex officio compulsory licence**	**<u>Article 60</u> : Modification ou retrait d'une licence obligatoire d'office**
(1) Bisabwe n'urwego rwa Leta rwahawe uruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka cyangwa undi muntu wemerewe gukoresha ubuvumbuzi burengewe, Minisitiri ashobora, nyuma yo kumva impande zibifitemo inyungu, guhindura ibikubiye mu ruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka.	(1) At the request of the government agency to which the ex officio compulsory licence has been issued, or the third party authorised to use the patented invention, the Minister may, after hearing the interested parties, amend the terms of the ex officio compulsory licence.	(1) À la demande de l'agence gouvernementale à laquelle une licence obligatoire d'office a été délivrée, ou d'une tierce personne autorisée à utiliser l'invention brevetée, le Ministre peut, après audition des parties intéressées, modifier les termes de la licence obligatoires d'office.
(2) Minisitiri avanaho uruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka nyuma yo kumva impande zibifitemo inyungu iyo asanze:	(2) The Minister withdraw the ex officio compulsory licence after hearing the interested parties if he or she is satisfied that:	(2) Le Ministre retirer la licence obligatoire d'office après audition des parties intéressées lorsqu'il est satisfait que :
(a) impamvu zatumye atanga uruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka zitakiriho kandi ko bishoboka cyane ko zitazongera kubaho;	(a) circumstances which led him or her to issue the ex officio compulsory licence have ceased to exist and will most probably not reoccur;	(a) les circonstances qui l'ont amené à délivrer la licence obligatoire d'office ont cessé d'exister et ne se reproduiront probablement pas ;
(b) cyangwa urwego rwa Leta cyangwa undi muntu yahaye uburenganzira batubahirije ibikubiye mu ruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka.	(b) government agency or third party authorised by him or her it has not respected the conditions of the ex officio compulsory licence.	(b) l'agence du gouvernement ou la partie tierce autorisée par lui n'a pas respecté les conditions de la licence obligatoire d'office.

<u>Ingingo ya 61</u>: Gukoresha uburenganzira iyo hatanzwe uruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka ku mpamyabuvumbuzi	**<u>Article 61</u>: Use of patent owner's rights in case of grant of ex officio compulsory licence**	**<u>Article 61</u> : Utilisation de droits de propriétaire de brevet en cas d'octroi de licence obligatoire d'office**
(1) Itangwa ry'uruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka ntiribuza ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi: (a) gukomeza gukoresha ubuvumbuzi mu gihe ashyira mu bikorwa uburenganzira bwe; (b) no gutanga uruhushya.	(1) The issuance of an ex officio compulsory licence does not prevent the patent owner from: (a) continuing to use the invention in the exercise of his or her rights; and (b) granting the licence.	(1) L'octroi d'une licence obligatoire d'office n'empêche pas au propriétaire du brevet de : (a) continuer à utiliser l'invention dans l'exercice de ses droits; et (b) octroyer une licence.
(2) Iyo Minisitiri ahaye undi muntu uruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka, urwo ruhushya ntirushobora kwegurirwa undi, gukodeshwa undi cyangwa guhererekanywa keretse Minisitiri abitangiye uruhushya.	(2) If the Minister grants an ex officio compulsory licence to a third party, such a licence cannot be assigned, sub-licenced, or otherwise transferred except with the permission of the Minister.	(2) Lorsque le Ministre octroie une licence obligatoire d'office à une tierce personne, une telle licence ne peut être cédée, recédée, ou autrement transférée sauf sur permission du Ministre.
(3) Icyemezo cya Minisitiri cyerekeye itangwa ry'uruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka gishobora kuregerwa mu rukiko rubifitiye ububasha.	(3) A case against a decision of the Minister regarding the grant of the ex officio compulsory licence may be filed with the competent court.	(3) La décision du Ministre concernant l'octroi de licence obligatoire d'office peut faire objet d'une requête devant une juridiction compétente.
<u>Icyiciro cya 6</u>: Ubusabe bwo ku rwego rw'akarere cyangwa ubwo ku rwego mpuzamahanga	**<u>Section 6</u>: Regional or International Application**	**<u>Section 6</u> : Demande régionale ou internationale**

Ingingo ya 62: Ubuyobozi bubifitiye ububasha nk'ibiro byakira ubusabe	**Article 62: The competent authority as a receiving office for the application**	**Article 62 : Autorité compétente comme Office de réception de la demande**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bukora nk'ibiro byakira ubusabe bwo ku rwego mpuzamahanga cyangwa bwo ku rwego rw'akarere keretse iyo biteganyijwe ukundi mu masezerano mpuzamahanga cyangwa mu imenyesha.	(1) The competent authority acts as the receiving office for a regional or international application unless provided otherwise in the Treaty or notification.	(1) L'autorité compétente sert d'office de réception de demande pour la demande régionale ou internationale à moins que le traité ou la notification le prévoie autrement.
(2) Abemerewe gutanga ubusabe ku rwego rw'akarere cyangwa ku rwego mpuzamahanga bateganyijwe mu ngingo ya 250 y'iri tegeko.	(2) Those authorised to file a regional or an international application are provided for in Article 250 of this Law.	(2) Les personnes autorisées à déposer une demande régionale ou internationale sont prévues à l'article 250 de la présente loi.
Ingingo ya 63 : Ubuyobozi bubifitiye ububasha nk'ibiro byagenwe	**Article 63: The competent authority as a designated office**	**Article 63 : Autorité compétente servant comme Office désigné**
Ubuyobozi bubifitiye ububasha bukora nk'ibiro byagenwe mu bijyanye n'ubusabe bwo ku rwego rw'akarere cyangwa ubwo ku rwego mpuzamahanga u Rwanda ruvugwamo burebana no guhabwa icyemezo cy'impamyabuvumbuzi yo ku rwego rw'Igihugu hakurikijwe Amasezerano y'Ubufatanye mu byerekeye impamyabuvumbuzi n'aya Harare.	The competent authority acts as the designated office with regard to regional or international application where Rwanda is referred to in respect of granting domestically the patent under the Patent Cooperation Treaty and Harare Protocol.	L'autorité compétente sert d'office désigné en ce qui concerne la demande régionale ou internationale faisant mention du Rwanda en rapport avec la protection nationale du brevet conformément au Traité de coopération en matière de brevets et le Protocole de Harare.
Ingingo ya 64: Iyinjizwa ry'ubusabe mu rwego rw'igihugu	**Article 64: Entering the national phase for the application**	**Article 64 : Entrer dans la phase nationale de la demande**
(1) Mu rwego rw'ubusabe bwo ku rwego	(1) In case of an international application	(1) En cas de demande internationale indiquant

mpuzamahanga u Rwanda ruvugwamo nk'Igihugu cyagenwe hakurikijwe Amasezerano y'Ubufatanye mu byerekeye impamyabuvumbuzi, usaba ashobora gusaba impamyabuvumbuzi mu rwego rw'Igihugu nyuma yo:	stating Rwanda as designated country under the Patent Cooperation Treaty, the applicant may file his or her application at a national level after:	le Rwanda comme pays désigné conformément au Traité de Coopération en matière de brevets, le demandeur peut déposer sa demande au niveau national après avoir :
(a) gushyikiriza ubusabe ubuyobozi bubifitiye ububasha;	(a) submission of the application to the competent authority;	(a) soumis la demande à l'autorité compétente;
(b) kwishyura ubuyobozi bubifitiye ububasha amafaranga yagenwe;	(b) payment of the prescribed fee to the competent authority;	(b) payé les frais prescrits à l'autorité compétente;
(c) kohereza inyandiko y'ubusabe bwo ku rwego mpuzamahanga ihinduye mu rurimi rusabwa, iyo ari ngombwa.	(c) submission of an international application translated into the required language, where necessary.	(c) soumis la traduction de la demande internationale dans la langue exigée, le cas échéant.
(2) Iyo usaba atubahirije ibivugwa mu gaka ka (b) n'aka (c) tw'igika cya (1) cy'iyi ngingo, ubuyobozi bubifitiye ububasha bumusaba kubyuzuza mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku itariki yatangiye dosiye, iyo usaba atabikoze muri icyo gihe cyagenwe ubusabe bufatwa nk'aho bwaretswe.	(2) If the applicant fails to comply with the provisions of Subparagraphs (b) and (c) of Paragraph (1) of this Article, the competent authority invites him or her to address such compliance issues within the period of 30 days failing which the application is considered as abandoned.	(2) si le demandeur ne se conforme pas aux dispositions des alinéas(b) et (c) du paragraphe (1), du présent article l'autorité compétente l'invite à remédier à ces questions de conformité dans les 30 jours de la date de dépôt de la demande et, à défaut, la demande est réputée abandonnée.

<u>Ingingo ya 65</u>: Agaciro k'ubusabe bw'impamyabuvumbuzi bwo ku rwego rw'akarere cyangwa bwo ku rwego mpuzamahanga	**<u>Article 65</u>: Effect of a regional or international application of patent**	**<u>Article 65</u> : Effets de la demande régionale ou internationale de brevet**
Ubusabe bw'impamyabuvumbuzi bwo ku rwego rw'akarere cyangwa bwo ku rwego mpuzamahanga u Rwanda ruvugwamo nk'igihugu cyagenwe bugira agaciro kamwe nk'ubusabe bw'impamyabuvumbuzi iyo bigaragajwe mu busabe bwo ku rwego rw'akarere cyangwa ubwo ku rwego mpuzamahanga kandi impamyabuvumbuzi yatanzwe ku rwego mpuzamahanga cyangwa ku rwego rw'akarere igira agaciro nk'impamyabuvumbuzi yatangiwe muri Repubulika y'u Rwanda, keretse iyo ubuyobozi bubifitiye ububasha bumenyesheje ibiro mpuzamahanga cyangwa ibyo ku rwego rw'akarere, ku bijyanye n'ubwo busabe ko ibisabirwa kurengerwa biri mu bidashobora kurengerwa muri Repubulika y'u Rwanda.	A regional or international application stating Rwanda as designated country has the same effects as the patent application at the national level if the it is indicated as such in a regional or international application but the patent granted regionally or internationally has the same effects as the patent which is granted in the Republic of Rwanda unless the competent authority notifies the international or regional bureau in respect of such application that the claims are excluded from patented property in the Republic of Rwanda.	Une demande régionale ou internationale indiquant le Rwanda comme pays désigné ont les mêmes effets que la demande de brevet au niveau national s'il est indiqué comme tel dans la demande régionale ou internationale, toutefois, le brevet octroyé au niveau international ou régional ont les mêmes effets que le brevet octroyé en République du Rwanda à moins que l'autorité compétente notifie l'office international qu'en ce qui concerne cette demande, les revendications sont exclues du domaine brevetable en République du Rwanda.
<u>Ingingo ya 66:</u> Isuzuma ry'ubusabe ku rwego rw'akarere cyangwa ku rwego mpuzamahanga bw'impamyabuvumbuzi u Rwanda ruvugwamo nk'igihugu cyagenwe	**<u>Article 66</u>: Processing of a regional or an international application for a patent stating Rwanda as a designated country**	**<u>Article 66</u> : Examen de la demande régionale ou internationale du brevet indiquant le Rwanda comme un pays désigné**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha ntibutangira gusuzuma ubusabe bw'impamyabuvumbuzi bwo ku rwego rw'akarere cyangwa ku rwego	(1) The Competent Authority does not commence the processing of a regional or an international application for a patent before the expiration of the time	(1) L'autorité compétente ne commence pas l'examen d'une demande régionale ou internationale du brevet avant l'expiration du délai d'examen d'une demande

mpuzamahanga mbere y'irangira ry'igihe ntarengwa cyagenewe isuzuma ry'ubusabe bwo ku rwego mpuzamahanga giteganyijwe mu masezerano mpuzamahanga yerekeranye n'ubufatanye mu byerekeye ubuvumbuzi cyangwa amasezerano yo ku rwego rw'akarere ya Harare.	limit for the processing of international application provided under the Patent Cooperation Treaty and Harare Protocol.	régionale ou internationale prévu par le Traité de coopération en matière de brevets et le Protocole de Harare.
(2) Icyakora, usaba impamyabuvumbuzi ashobora gusaba ubuyobozi bubifitiye ububasha ko busuzuma ubusabe hadakurikijwe igihe giteganywa n'amasezerano mpuzamahanga cyangwa yo ku rwego rw'akarere hishyuwe amafaranga yagenwe.	(2) However, the applicant may request the competent authority to process the application without being bound by the time limit specified by international or regional conventions upon payment of a prescribed fee.	(2) Toutefois, le demandeur peut demander à l'autorité compétente de procéder à l'examen de la demande nonobstant le délai prévu par les conventions internationales ou régionales, moyennant paiement des frais prescrits.
(3) Mu gihe ubusabe bwatanzwe mu rurimi rutari mu ndimi zemewe mu butegetsi, usaba atanga kopi y'ubusabe ihinduye muri rumwe mu ndimi zemewe mu butegetsi.	(3) Where the application is filed in a language other than the official languages, the applicant submits a translation of the application into one of the official languages.	(3) Lorsque la demande est déposée dans une langue ne figurant pas parmi les langues officielles, le demandeur transmet une traduction de la demande dans l'une des langues officielles.
(4) Iyo usaba atubahirije ibivugwa mu gika cya (3) cy'iyi ngingo, ubusabe bufatwa nk'aho bwaretswe.	(4) If the applicant does not comply with the provisions of Paragraph (3) of this Article, the application is considered to be abandoned.	(4) Lorsque le demandeur ne se conforme pas aux dispositions du paragraphe (3) du présent article, la demande est réputée abandonnée.

Ingingo ya 67: Itariki y'ubusabe mpuzamahanga bwatanzwe hakurikijwe Amasezerano y'Ubufatanye mu byerekeye Impamyabuvumbuzi	**Article 67: The filing date of application for international application filed under the Patent Cooperation Treaty**	**Article 67 : Date de dépôt de demande pour la demande internationale déposée conformément au Traité de coopération en matière de brevets**
Itariki y'ubusabe mpuzamahanga u Rwanda ruvugwamo nk'igihugu cyagenwe bwatanzwe hakurikijwe Amasezerano y'Ubufatanye mu byerekeye Impamyabuvumbuzi ifatwa nk'itariki ubusabe bw'impamyabuvumbuzi bwakozwe hakurikijwe iri tegeko.	The filing date of application for international application stating Rwanda as designated country and which is filed under the Patent Cooperation Treaty is the date on which the application for patent is filed in accordance with this Law.	La date de dépôt de demande pour la demande internationale indiquant le Rwanda comme le pays désigné et qui est déposée conformément au Traité de coopération en matière de brevets est la date à laquelle la demande de brevet est déposée conformément à la présente loi.
Ingingo ya 68: Isubiranwa ry'uburenganzira ku busabe bwafashwe nk'ubwaretswe	**Article 68: Reinstatement of rights on the application considered as abandoned**	**Article 68 : Rétablissement des droits sur la demande réputée abandonnée**
(1) Iyo ubusabe bw'impamyabuvumbuzi bwo ku rwego mpuzamahanga cyangwa ubwo ku rwego rw'akarere bwafashwe nk'ubwaretswe, usaba ashobora gusaba ubuyobozi bubifitiye ububasha gusubirana uburenganzira bwe, iyo agaragaje impamvu zumvikana.	(1) If an international or a regional application for a patent is considered as abandoned, the applicant may request the competent authority to have his or her rights reinstated if he or she can show valid reasons.	(1) Lorsqu'une demande internationale ou régionale du brevet est réputée abandonnée, le demandeur peut demander à l'autorité compétente de rétablir ses droits s'il en donne des raisons valables.
(2) Ubuyobozi bubifitiye ububasha, mu isuzumwa ry'ubusabe bw'impamyabuvumbuzi bwo ku rwego mpuzamahanga cyangwa ubwo ku rwego rw'akarere ntibwanga ubusabe butabanje kumva usaba, mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye itariki ubusabe bw'impamyabuvumbuzi bwo ku rwego	(2) The Competent Authority does not, while considering an international or a regional application for a patent, refuse an application without providing the applicant with an opportunity to be heard within 30 days from the date on which the regional or international	(2) L'autorité compétente ne doit pas, lors de l'examen d'une demande internationale ou régionale du brevet, refuser une demande sans donner au demandeur la possibilité d'être entendu dans les 30 jours à compter de la date à laquelle la demande régionale ou

mpuzamahanga cyangwa ubwo ku rwego rw'akarere bwafashwe nk'ubwaretswe.	application for a patent is considered as abandoned.	internationale du brevet est réputée abandonnée.
<u>Ingingo ya 69</u>: Isubiranwa ry'uburenganzira bwo gutanga abandi ku busabe bwo ku rwego rw'akarere cyangwa ubwo ku rwego mpuzamahanga	**<u>Article 69</u>: Reinstatement of right of priority for a regional or an international application**	**<u>Article 69</u> : Restauration du droit de priorité pour une date de dépôt de la demande régionale ou internationale**
(1) Uwatanze ubusabe bwo ku rwego rw'akarere cyangwa ubwo ku rwego mpuzamahanga watakaje uburenganzira bwo gutanga abandi kubera ko bwarengeje igihe giteganywa ariko icyo gihe kikaba kitarenze amezi abiri abarwa uhereye itariki yatakarije uburenganzira bwo gutanga abandi ashobora gusaba gusubizwa ubwo burenganzira.	(1) An applicant may, if he has a regional or an international application filing date, which is later than the date on which the priority period expired but within the period of two months from that date request that the right of priority of the earlier application be reinstated.	(1) Un demandeur peut, lorsqu'il a une date de dépôt de la demande régionale ou internationale postérieure à la date à laquelle le délai de priorité a expiré mais dans un délai de deux mois à partir de cette date, demander le rétablissement du droit de priorité de la demande antérieure.
(2) Ubuyobozi bubifitiye ububasha busubizaho uburenganzira bwo gutanga abandi ku busabe bwo ku rwego rw'akarere cyangwa ku rwego mpuzamahanga, iyo busanze ko kuba ubusabe bwo ku rwego rw'akarere cyangwa ku rwego mpuzamahanga butaratanzwe mu gihe cyo gutanga abandi:	(2) he Competent Authority reinstates the right of priority with respect to regional or international application if it finds that the failure to file the regional or international application within the priority period:	(2) L'autorité compétente rétablit le droit de priorité à l'égard de la demande régionale ou internationale lorsqu'elle constate que le défaut de déposer la demande régionale ou internationale dans le délai de priorité :
(a) byari bitagambiriwe;	(a) was unintentional; or	(a) n'était pas intentionnel ; ou
(b) cyangwa byarabaye nubwo usaba yari yakoze ibisabwa byose kugira ngo bikorwe.	(b) occurred despite the fact that the applicant had taken the required due care to secure the priority right.	(b) s'est produit malgré le fait que le demandeur avait pris toutes les

		dispositions nécessaires pour obtenir le droit de priorité.
(3) Ubuyobozi bubifitiye ububasha ntibwanga ubusabe bwo ku rwego rw'akarere cyangwa ku rwego mpuzamahanga butabanje kumva usaba, mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku itariki yabimenyesherejweho.	(3) The Competent Authority does not refuse regional or an international application without providing the applicant with an opportunity to be heard within 30 days from the date he or she was notified thereof.	(3) L'autorité compétente ne refuse pas une demande régionale ou internationale sans donner au demandeur la possibilité d'être entendu dans les 30 jours à compter du jour auquel il en est informé.
Ingingo ya 70: Isuzumwa ry'ubusabe bwo ku rwego rw'akarere n'ubwo ku rwego mpuzamahanga	**Article 70: Processing of a regional or an international application**	**Article 70 : Examen de la demande régionale ou internationale du brevet**
(1) Iyo usaba yujuje ibisabwa byose, ubuyobozi bubifitiye ububasha busuzuma ubusabe bwo ku rwego rw'akarere cyangwa ubwo ku rwego mpuzamahanga hashingiwe ku bidashobora kurengerwa kandi rukanamenyesha ibiro byo ku rwego rw'akarere n'ibyo ku rwego mpuzamahanga icyemezo cyo kwemera cyangwa kwanga ubwo busabe.	(1) If the applicant fulfils all the requirements, the competent authority examines the regional or international application in accordance with the provision of matters excluded from patentability and notify to the regional and international office on the decision of approving or rejecting the application.	(1) Si le demandeur remplit toutes les conditions, l'autorité compétente examine la demande régionale ou internationale sur base des éléments exclus de la protection de brevet et notifie au bureau régional et international de l'approbation ou du rejet de la demande.
(2) Iyo usaba yasabye ko ubusabe bwe buhita busuzumwa hadakurikijwe amasezerano mpuzamahanga, ubusabe bwe busuzumwa nk'uko ubusabe bwatangiwe mu gihugu busuzumwa.	(2) If the applicant has filed an express request for early commencement of the processing without following international treaties, his or her application undergoes the ordinary national processing phase.	(2) Si le demandeur a déposé une demande expresse d'examen anticipé sans suivre les traités internationaux, sa demande est examinée suivant la procédure ordinaire au niveau national.

UMUTWE WA III: KURENGERA UBUVUMBUZI BUCIRIRITSE	**CHAPTER III: PROTECTION OF UTILITY MODEL**	**CHAPITRE III : PROTECTION DE MODÈLE D'UTILITÉ**
Icyiciro cya mbere: Ibisabwa mu kurengera ubuvumbuzi bucirirtse	**Section One: Requirements for protection of utility model**	**Section première : Conditions requises pour la protection de modèle d'utilité**
Ingingo ya 71: Ubuvumbuzi bucirirtse burengerwa	**Article 71: Utility models eligible for protection**	**Article 71 : Modèles d'utilité susceptibles de protection**
Ubuvumbuzi bucirirtse burengerwa iyo bwujuje ibi bikurikira**:** (a) ari bushya; (b) bushobora gukoreshwa mu rwego rw'inganda.	A utility model is eligible for protection if it is: (a) new; (b) industrially applicable.	Un modèle d'utilité est susceptible de protection lorsqu'il est : (a) nouveau ; (b) susceptible d'application industrielle.
Ingingo ya 72: Ubushya bw'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 72: Novelty of utility model**	**Article 72 : Nouveauté du modèle d'utilité**
Ibyerekeye ubushya bw'ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu gika cya (1) n'icya (2) by'ingingo ya 6 y'iri tegeko.	Matters relating to the novelty of utility model are handled in the same way as provided in Paragraphs (1) and (2) of Article 6 of this Law.	Les aspects relatifs à la nouveauté du modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue aux paragraphes (1) et (2) de l'article 6 de la présente loi.
Ingingo ya 73: Imenyekanisha ry'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 73: Disclosure of utility model**	**Article 73 : Divulgation du modèle d'utilité**
Ibyerekeye imenyekanisha ry'ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo bumwe	Matters relating to the disclosure of utility model are handled in the same way as provided	Les aspects relatifs à la divulgation du modèle d'utilité sont traités de la même manière que

nk'ubuteganyijwe mu gika cya (3) n'icya (4) by'ingingo ya 6 y'iri tegeko.	in Paragraphs (3) and (4) of Article 6 of this Law.	celle prévue aux paragraphes (3) et (4) de l'article 6 de la présente loi.
Ingingo ya 74: Gukoresha ubuvumbuzi bucirirtse mu rwego rw'inganda	**Article 74: Industrial applicability of utility model**	**Article 74 : Applicabilité industrielle du modèle d'utilité**
Ibyerekeye gukoresha ubuvumbuzi bucirirtse mu rwego rw'inganda bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 8 y'iri tegeko.	Matters relating to the industrial applicability of utility model are handled in the same way as provided in Article 8 of this Law.	Les aspects relatifs à l'applicabilité industrielle du modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 8 de la présente loi.
Ingingo ya 75: Inyandiko igaragaza igishya usaba icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse asaba kwitirirwa	**Article 75: Claim of a utility model**	**Article 75 : Revendication d'un modèle d'utilité**
Ibyerekeye inyandiko igaragaza igishya usaba icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse asaba kwitirirwa bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 14 y'iri tegeko.	Matters relating to Claim of a utility model are handled in the same way as provided in Article 14 of this Law.	Les aspects relatifs à la revendication d'un modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 14 de la présente loi.
Ingingo ya 76: Incamake y'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 76: Abstract of a utility model**	**Article 76 : Abrégé du modèle d'utilité**
Ibyerekeye incamake y'ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 15 y'iri tegeko.	Matters relating to abstract of the utility model are handled in the same way as provided in Article 15 of this Law.	Les aspects relatifs à l'abrégé du modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 15 de la présente loi.

Ingingo ya 77: Ihuzwa ry'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 77: Unity of utility model**	**Article 77 : Unité d'une innovation**
Ibyerekeye ihuzwa ry'ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 16 y'iri tegeko.	Matters relating to unity of utility model are handled in the same way as provided in Article 16 of this Law.	Les aspects relatifs à l'unité du modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 16 de la présente loi.
Ingingo ya 78: Ubusabe bw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bukozwe mu byiciro	**Article 78: Divisional application for the utility model certificate**	**Article 78 : Demande divisionnaire du certificat de modèle d'utilité**
Ibyerekeye ubusabe bw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bukozwe mu byiciro bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 17 y'iri tegeko.	Matters relating to divisional application for the utility model certificate are handled in the same way as provided in Article 17 of this Law.	Les aspects relatifs à la demande divisionnaire du certificat de modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 17 de la présente loi.
Ingingo ya 79: Gutanga dosiye isaba icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 79: Filing the application for a utility model certificate**	**Article 79 : Dépôt de la demande d'un modèle d'utilité**
Ibyerekeye gutanga dosiye isaba icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 9 y'iri tegeko.	Matters relating to filing an application for the utility model certificate are handled in the same way as provided in Article 9 of this Law.	Les aspects relatifs au dépôt de la demande d'un modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 9 de la présente loi.
Ingingo ya 80: Ubusabe bwo guhabwa icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 80: Request for the grant of a utility model certificate**	**Article 80 : Demande d'octroi d'un certificat de modèle d'utilité**
Ibyerekeye ubusabe bwo guhabwa icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 10 y'iri tegeko.	Matters relating to request for the grant of a utility model certificate are handled in the same way as provided in Article 10 of this Law.	Les aspects relatifs à la demande d'octroi d'un certificat de modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 10 de la présente loi.

Ingingo ya 81: Gusobanura ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 81: Description of the utility model**	**Article 81 : Description d'un modèle d'utilité**
Ibyerekeye gusobanura ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 11 y'iri tegeko.	Matters relating to the description of a utility model are handled in the same way as provided in Article 11 of this Law.	Les aspects relatifs à la description d'un modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 11 de la présente loi.
Ingingo ya 82: Ubuvumbuzi bucirirtse butarengerwa	**Article 82: Matters excluded from the utility model protection**	**Article 82 : Éléments exclus de la protection du modèle d'utilité**
Ibi bikurikira ntibikubiye mu birengerwa nk'ubuvumbuzi bucirirtse n'ubwo bwaba ari ubuvumbuzi bucirirtse: (a) uburyo bukoreshwa; (b) ikintu kidakubiye mu birengerwa n'impamyabuvumbuzi ku buvumbuzi.	The following are excluded from the utility model protection even if they constitute innovations: (a) processes; (b) a matter that is excluded from patent protection by the patent of invention.	Les éléments ci-après sont exclus de la protection du modèle d'utilité même s'ils constituent des innovations : (a) les procédés; (b) l'élément qui est exclu de la protection du brevet.
Icyiciro cya 2: Isuzuma n'itangwa ry'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Section 2: Examination, publication, opposition and grant of utility models**	**Section 2 : Examen, publication, opposition et octroi des modèles d'utilité**
Ingingo ya 83: Isuzuma ry'ubusabe bw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 83: Examination of the utility model application**	**Article 83 : Examen de la demande d'un modèle d'utilité**
Ibyerekeye isuzuma ry'ubusabe bw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 24 y'iri tegeko.	Matters relating to examination of the utility model certificate application are handled in the same way as provided in Article 24 of this Law.	Les aspects relatifs à l'examen de la demande d'un modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 24 de la présente loi.

Ingingo ya 84: Gusuzuma ireme ry'ubusabe bw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 84: Examination of the substance of utility model certificate application**	**Article 84 : Examen de la demande d'un modèle d'utilité quant au fond**
Ibyerekeye gusuzuma ireme ry'ubusabe bw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 26 y'iri tegeko.	Matters relating to examination of the substance of utility model certificate application are handled in the same way as provided in Article 26 of this Law.	Les aspects relatifs à l'examen de la demande d'un modèle d'utilité quant au fond sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 26 de la présente loi.
Ingingo ya 85: Guhindura ubusabe bw'impamyabuvumbuzi mo ubusabe bw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 85: Conversion of a patent application into a utility model certificate application**	**Article 85 : Conversion d'une demande de brevet en une demande de certificat de modèle d'utilité**
(1) Usaba, igihe icyo ari cyo cyose mbere y'itangwa cyangwa iyangwa ry'impamyabuvumbuzi, kandi amaze kwishyura amafaranga yagenwe, ashobora guhindura ubusabe bwe bw'impamyabuvumbuzi mo ubusabe bw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse.	(1) The applicant, at any time prior to the grant or refusal of a patent, and subject to the payment of the prescribed fee, may convert his or her patent application into a utility model certificate application.	(1) Le demandeur, à tout moment avant l'octroi ou le refus d'un brevet, et contre paiement de frais prescrits, peut convertir sa demande de brevet en une demande de certificat de modèle d'utilité.
(2) Itariki y'ubusabe bushya ni itariki ubusabe bwa mbere bwatangiweho.	(2) The new application has the filing date of the initial application.	(2) La nouvelle demande a comme date de dépôt celle de la demande initiale.
(3) Ubusabe bw'impamyabuvumbuzi ntibushobora guhindurwa mo ubusabe bw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse inshuro irenze imwe.	(3) A patent application cannot be converted into a utility model certificate application more than once.	(3) Une demande de brevet ne peut pas être convertie en une demande de certificat de modèle d'utilité plus d'une fois.

Ingingo ya 86: Itangazwa ry'ubusabe bw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 86: Publication of utility model certificate application**	**Article 86 : Publication de la demande de certificat de modèle d'utilité**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha butangaza ubusabe bw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda nyuma y'amezi atatu abarwa uhereye ku itariki ibisabwa byuzurijweho.	(1) The competent authority publishes the utility model certificate application in the Official Gazette of the Republic of Rwanda after three months from the date on which the requirements are met.	(1) L'autorité compétente publie la demande de certificat de modèle d'utilité au Journal Officiel de la République du Rwanda après trois mois à partir du jour où les conditions requises sont remplies.
(2) Itangazwa ry'ubusabe bw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse rigaragaza amakuru akurikira:	(2) The publication of the utility model certificate application indicates the following information:	(2) La publication de la demande de certificat de modèle d'utilité indique les informations suivantes :
(a) inomero y'ubusabe;	(a) application number;	(a) le numéro de la demande;
(b) amazina y'uwasabye n'ay'umuvumbuzi w'ubuvumbuzi bucirirtse;	(b) names of the applicant and the innovator of the utility model;	(b) les noms du demandeur et de l'innovateur du modèle d'utilité;
(c) itariki ubusabe bwatangiweho;	(c) filing date of the application;	(c) la date de dépôt de la demande;
(d) inyito y'ubuvumbuzi bucirirtse;	(d) title of the utility model;	(d) le titre du modèle d'utilité;
(e) amakuru yimbitse yo gusaba uburenganzira bwo gutanga abandi mu busabe;	(e) particulars of a claim for a right of priority for the application;	(e) les détails d'une revendication d'un droit de priorité de la demande;
(f) itondeka mpuzamahanga;	(f) international classification;	(f) la classification internationale;

(g) igishushanyo, iyo gihari, kigaragaza iby'ingenzi bigize ubuvumbuzi bucirirtse;	(g) a drawing, if any, that depicts the main element or elements of the of the utility model;	(g) un dessin, s'il y en a un, qui représente l'élément principal ou les éléments du modèle d'utilité;
(h) incamake y'ubuvumbuzi bucirirtse.	(h) the abstract of the utility model.	(h) l'abrégé du modèle d'utilité.
Ingingo ya 87: Inkurikizi z'itangazwa ry'ubusabe bw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 87: Effect of publication of utility model certificate application**	**Article 87 : Effet de publication de la demande d'un certificat de modèle d'utilité**
Ibyerekeye inkurikizi z'itangazwa ry'ubusabe bw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 28 y'iri tegeko.	Matters relating to effects of publication of utility model certificate application are handled in the same way as provided in Article 28 of this Law.	Les aspects relatifs à l'effet de publication de la demande d'un certificat de modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 28 de la présente loi.
Ingingo ya 88: Gutambamira itangwa ry'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 88: Opposition to the granting of utility model certificate**	**Article 88 : Opposition à l'octroi d'un certificat de modèle d'utilité**
Ibyerekeye gutambamira itangwa ry'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu gika cya (1) cy'ingingo ya 29 y'iri tegeko.	Matters relating to opposition to the granting of utility model certificate are handled in the same way as provided in Paragraph (1) of Article 29 of this Law**.**	Les aspects relatifs à l'opposition à l'octroi d'un certificat de modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue au paragraphe (1) de l'article 29 de la présente loi.
Ingingo ya 89: Uburyo bukurikizwa mu gutambamira itangwa ry'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 89: Procedure of opposition to the granting of utility model certificate**	**Article 89 : Procédure d'opposition à l'octroi d'un certificat de modèle d'utilité**
Ibyerekeye uburyo bukurikizwa mu gutambamira itangwa ry'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu gika cya (2) cy'ingingo ya 29 y'iri tegeko.	Matters relating to Procedure of opposition to the granting of utility model certificate are handled in the same way as provided in Paragraph (2) of Article 29 of this Law.	Les aspects relatifs à la procédure d'opposition à l'octroi d'un certificat de modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue au paragraphe (2) de l'article 29 de la présente loi.

Ingingo ya 90: Kujuririra icyemezo cy'itambamira ry'itangwa ry'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 90: Appeal against the decision on opposition to the granting of utility model certificate**	**Article 90 : Appel contre une décision sur l'opposition à l'octroi d'un certificat de modèle d'utilité**
Ibyerekeye kujuririra icyemezo cy'itambamira ry'itangwa ry'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 30 y'iri tegeko.	Matters relating to appeal against the decision on opposition to the granting of utility model certificate are handled in the same way as provided in Article 30 of this Law.	Les aspects relatifs à l'appel contre une décision sur l'opposition à l'octroi d'un certificat de modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 30 de la présente loi.
Ingingo ya 91: Gutanga cyangwa kwanga gutanga icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 91: Grant or refusal to grant a utility model certificate**	**Article 91 : Octroi d'un certificat de modèle d'utilité**
Ibyerekeye gutanga cyangwa kwanga gutanga icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 31 y'iri tegeko.	Matters relating to grant or refusal to a utility model certificate are handled in the same way as provided in Article 31 of this Law.	Les aspects relatifs à l'octroi d'un certificat de modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 31 de la présente loi.
Ingingo ya 92: Itangazwa ry'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 92: Publication of utility model certificate**	**Article 92 : Publication du certificat de modèle d'utilité**
Ibyerekeye itangazwa ry'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 32 y'iri tegeko.	Matters relating to Publication of utility model certificate are handled in the same way as provided in Article 32 of this Law**.**	Les aspects relatifs à la publication du certificat de modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 32 de la présente loi.
Ingingo ya 93: Ivugurura ry'idosiye y'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 93: Amendments to the utility model certificate file**	**Article 93 : Modifications au dossier du certificat de modèle d'utilité**
Ibyerekeye ivugurura ry'idosiye y'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo	Matters relating to Amendments to the utility model certificate file are handled in the same	Les aspects relatifs aux modifications au dossier du certificat de modèle d'utilité sont traités de la

bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 33 y'iri tegeko.	way as provided in Article 33 of this Law.	même manière que celle prévue à l'article 33 de la présente loi.
Ingingo ya 94: Gutesha agaciro icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 94: Invalidation of a utility model certificate**	**Article 94 : Annulation d'un certificat de modèle d'utilité**
Ibyerekeye gutesha agaciro icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu gika cya (1) n'icya (3) by'ingingo ya 34 y'iri tegeko.	Matters relating to invalidation of a utility model certificate are handled in the same way as provided in paragraphs (1) and (3) of Article 34 of this Law.	Les aspects relatifs à l'annulation d'un certificat de modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue aux paragraphes (1) et (3) de l'article 34 de la présente loi.
Ingingo ya 95: Inkurikizi zo gutesha agaciro icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 95: Effects of invalidation of a utility model certificate**	**Article 95 : Effet de l'annulation d'un certificat de modèle d'utilité**
Ibyerekeye inkurikizi zo gutesha agaciro icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 35 y'iri tegeko.	Matters relating to effects of an invalidated utility model certificate are handled in the same way as provided in Article 35 of this Law.	Les aspects relatifs à l'effet de l'annulation d'un certificat de modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 35 de la présente loi.
Ingingo ya 96: Kwimurira ku wundi muntu icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 96: Transfer of utility model certificate to another person**	**Article 96 : Transfert du certificat de modèle d'utilité**
Ibyerekeye kwimurira ku wundi muntu icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu gika cya (2) cy'ingingo ya 34 y'iri tegeko.	Matters relating to transfer of utility model certificate to another person are handled in the same way as provided in Paragraph (2) of Article 34 of this Law.	Les aspects relatifs au transfert du certificat de modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue au paragraphe (2) de l'article 34 de la présente loi.
Icyiciro cya 3: Uburenganzira butangwa n'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Section 3: Rights conferred by utility model certificate and their duration**	**Section 3 : Droits conférés par un certificat de modèle d'utilité**

<u>Ingingo ya 97</u>: Uburenganzira butangwa n'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**<u>Article 97</u>: Rights conferred by the utility model certificate**	**<u>Article 97</u> : Droits conférés par un certificat de modèle d'utilité**
Ibyerekeye uburenganzira butangwa n'icyemezo cy'ubuvumbuzi buciciritse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 36 y'iri tegeko.	Matters relating to rights conferred by the utility model certificate are handled in the same way as provided respectively in Article 36 of this Law.	Les aspects relatifs aux droits conférés par un certificat de modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue respectivement à l'article 36 de la présente loi.
<u>Ingingo ya 98</u>: Kwandikwa nk'umuvumbuzi w'ubuvumbuzi buciciritse	**<u>Article 98</u>: Naming an innovator of a utility model**	**<u>Article 98</u> : Nomination de l'innovateur du modèle d'utilité**
Ibyerekeye kwandikwa nk'umuvumbuzi w'ubuvumbuzi buciciritse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 39 y'iri tegeko.	Matters relating to naming an inventor of a utility model are handled in the same way as provided in Article 39 of this Law.	Les aspects relatifs à la nomination de l'inventeur de modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 39 de la présente loi.
<u>Ingingo ya 99</u>: Ikirego cy'indishyi ku ibangamirwa ry'uburenganzira ku cyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**<u>Article 99</u>: Civil proceedings against infringement of utility model certificate rights**	**<u>Article 99</u> : Action civile à l'encontre d'une violation des droits de certificat de modèle d'utilité**
Ibyerekeye ikirego cy'indishyi ku ibangamirwa ry'uburenganzira ku cyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 37 y'iri tegeko.	Matters relating to Civil proceedings against infringement of utility model certificate rights are handled in the same way as provided in Article 37 of this Law.	Les aspects relatifs à l'action civile à l'encontre d'une violation des droits de certificat de modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 37 de la présente loi.
<u>Ingingo ya 100</u>: Icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse gihuriweho	**<u>Article 100</u>: Co-owned utility model certificate**	**<u>Article 100</u> : Copropriété d'un modèle d'utilité**
Ibyerekeye icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse gihuriweho bikorwa mu buryo	Matters relating to Co-owned utility model certificate are handled in the same way as provided in Article 38 of this Law.	Les aspects relatifs à la copropriété d'un modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 38 de la présente loi.

bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 38 y'iri tegeko.		
Ingingo ya 101: Aho uburenganzira ku cyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bugarukira	**Article 101: Limitations to utility model certificate rights**	**Article 101 : Limitations aux droits du certificat de modèle d'utilité**
Ibyerekeye aho uburenganzira ku cyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bugarukira bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 40 y'iri tegeko.	Matters relating to limitations to utility model certificate rights are handled in the same way as provided in Article 40 of this Law.	Les aspects relatifs aux limitations aux droits du certificat de modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 40 de la présente loi.
Ingingo ya 102: Igihe uburenganzira ku cyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bumara burengewe	**Article 102: Duration of protection of the utility model certificate rights**	**Article 102 : Durée de protection des droits sur le certificat de modèle d'utilité**
(1) Uburenganzira ku cyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse burengerwa mu gihe cy'imyaka icumi ibarwa uhereye ku itariki inyandiko isaba icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse yatangiweho.	(1) Utility model certificate rights are protected for a period of ten years from the filing date of the utility model certificate application.	(1) Les droits sur le certificat de modèle d'utilité sont protégés pour une période de dix ans à partir du jour de dépôt de demande de certificat de modèle d'utilité.
(2) Nyuma y'imyaka itanu ibarwa uhereye ku itariki ubusabe bw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse bwatangiweho, ufite uburenganzira ku cyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse yishyura amafaranga kugira ngo icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse gikomeze kugira agaciro mu myaka itanu ikurikira.	(2) After five years from the filing date of application for utility model certificate, the utility model certificate owner pays a fee to the competent authority for the maintenance of the utility model certificate for the following five years of the validity of a certificate.	(2) Après cinq ans à partir de la date de dépôt de la demande d'un certificat de modèle d'utilité, le propriétaire de certificat de modèle d'utilité paie à l'autorité compétente des frais de maintenance du certificat de modèle d'utilité pour les cinq années suivantes de validité du certificat.

(3) Icyakora, hatangwa igihe cy'imbabazi kingana n'amezi atandatu cyo kwishyura amafaranga ndemyagaciro y'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse nyuma y'itariki ntarengwa yo kwishyuriraho. Ubwishyu bukozwe mu gihe cy'imbabazi bwiyongeraho amafaranga y'inyongera yagenwe.	(3) However, a grace period of six months is granted for payment of the utility model certificate maintenance fee. Payment made during the grace period are subject to payment of the prescribed surcharge.	(3) Toutefois, une période de grâce de six mois est accordée pour le paiement des frais de maintenance du certificat de modèle d'utilité. Le paiement effectué pendant la période de grâce est majoré du montant prescrit.
(4) Iyo amafaranga ndemyagaciro y'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse atishyuwe, icyemezo gitakaza agaciro.	(4) If the utility model certificate maintenance fee is not paid, the utility model certificate lapses.	(4) Lorsque les frais de maintenance du certificat ne sont pas payés, le certificat de modèle d'utilité tombe en désuétude.
Icyiciro cya 4: Kwegurira undi muntu icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Section 4: Utility model certificate assignment**	**Section 4 : Cession du certificat de modèle d'utilité**
Ingingo ya 103: Kwegurira undi muntu icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse	**Article 103: Utility model certificate assignment**	**Article 103 : Cession du certificat de modèle d'utilité**
Ibyerekeye uburyo bwo kwegurira undi muntu icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse, kwanga kwandika amasezerano yo kwegurira undi muntu icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse, uruhushya rushingiye ku masezerano y'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse, ivanwaho ry'uruhushya rushingiye ku masezerano y'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse, kwanga kwandika uruhushya rushingiye ku masezerano y'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse n'ingingo z'amasezerano yo gutanga uruhushya rwo gukoresha icyemezo cy'ubuvumbuzi	Matters relating to utility model certificate assignment, refusal to record utility model assignment contract, utility model contractual licence, withdrawal of utility model contractual licence, refusal to record utility model contractual licence and utility model contractual licence clauses likely to have anti-competitive effect, are handled in the same way as provided respectively in Articles 42, 43, 44, 45, 46 and 47 of this Law.	Les aspects relatifs à la cession du certificat de modèle d'utilité, refus d'enregistrement d'un contrat de cession du modèle d'utilité, licence contractuelle du modèle d'utilité, retrait de licence contractuelle du modèle d'utilité, refus d'enregistrement de licence contractuelle du modèle d'utilité, clauses de licence contractuelle du modèle d'utilité susceptible d'avoir un effet anticoncurrentiel sont traités de la même manière que celle prévue respectivement aux articles 42, 43, 44, 45, 46 et 47 de la présente loi.

bucirirtse zifatwa nk'izishobora kubangamira ihiganwa bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 42, iya 43, iya 44, iya 45, iya 46 n'iya 47 z'iri tegeko nk'uko bikurikirana.		
Icyiciro cya 5: Uruhushya rw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse rudashingiye ku masezerano	**Section 5: Non-contractual utility model certificate licence**	**Section 5 : Licence d'un certificat de modèle d'utilité non-contractuelle**
Ingingo ya 104: Uruhushya rw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse rudashingiye ku masezerano	**Article 104: Non-contractual utility model certificate licence**	**Article 104 : Licence d'un certificat de modèle d'utilité non-contractuelle**
Ibyerekeye uburyo bwo gutanga uruhushya rw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse rutangwa nta gisabwe, kuvanaho uruhushya rw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse rutangwa nta gisabwe, gusaba uruhushya rw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse rutegetswe, gutanga uruhushya rw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse rutegetswe, ibisabwa mu gusaba uruhushya rw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse rutegetswe kubera kutabyazwa umusaruro cyangwa kubyazwa umusaruro ku buryo budahagije, ibikubiye mu ruhushya rw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse rutegetswe no kuregera urukiko ku cyemezo gitanga uruhushya rw'icyemezo cy'ubuvumbuzi bucirirtse rutegetswe bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu	Matters relating to procedure for granting a licence of utility model certificate as of right, Withdrawal of a licence of utility model certificate as of right, application for compulsory licence utility model certificate, granting a compulsory licence of utility model certificate, requirements for the application for a compulsory licence of utility model certificate due to absent or insufficient use, content of a compulsory licence of utility model certificate and filing a case against a decision granting a compulsory licence of utility model certificate are handled in the same way as provided respectively in Articles 48 , 49, 50, 51, 52, 55 and 56 of this Law.	Les aspects relatifs à la procédure d'octroi d'une licence d'un certificat de modèle d'utilité de plein droit, retrait de licence d'un certificat de modèle d'utilité de plein droit, demande de licence obligatoire d'un certificat de modèle d'utilité, octroi d'une licence obligatoire d'un certificat de modèle d'utilité, les conditions exigées pour la demande de licence obligatoire d'un certificat de modèle d'utilité à cause de l'absence ou insuffisance d'utilisation, contenu d'une licence obligatoire d'un certificat de modèle d'utilité et le recours contre une décision d'octroi d'une licence obligatoire d'un certificat de modèle d'utilité sont traités de la même manière que celle prévue respectivement aux articles 48 , 49, 50, 51, 52, 55 et 56 de la présente loi.

ngingo ya 48, iya 49, iya 50, iya 51, iya 52, iya 55 n'iya 56 z'iri tegeko nk'uko bikurikirana.		
UMUTWE WA IV: KURENGERA IGISHUSHANYO N'ICYITEGEREREZO BIKORESHWA MU NGANDA	**CHAPTER IV: PROTECTION OF INDUSTRIAL DESIGN**	**CHAPITRE IV : PROTECTION DE DESSIN ET MODÈLE INDUSTRIELS**
Icyiciro cya mbere: Ibisabwa mu kurengera igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**Section One: Industrial design protection requirements**	**Section première : Conditions requises de protection de dessin et modèle industriels**
Ingingo ya 105: Igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bishobora kwandikishwa	**Article 105: Industrial design eligible for registration**	**Article 105 : Dessin et modèle industriels éligibles pour enregistrement**
(1) Igishushanyo n'icyitegererezo bihurije hamwe imirongo, amabara cyangwa isura y'icyatunganyijwe mu rwego rw'inganda cyangwa urw'ubukorikori bifatwa nk'icyitegererezo mu gukora igikomoka mu ruganda cyangwa mu bukorikori gishobora kuba mu bigize igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda.	(1) An industrial design assembling lines colours or shapes of industrial or craft product are considered to be a model for the manufacture of an industrial or craft product making up an industrial design.	(1) Le dessin et modèle industriels assemblant des lignes, des couleurs ou une forme d'un produit industriel ou artisanal qui servent de modèle pour la fabrication d'un produit industriel ou artisanal faisant ainsi un dessin et modèle industriels.
(2) Igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bishobora kwandikishwa iyo ari bishya.	(2) An industrial design may be registered if it is new.	(2) Le dessin et modèle industriels peuvent être enregistrés s'ils sont nouveaux.
(3) Kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	(3) The registration of an industrial design does not extend to parts of industrial design	(3) L'enregistrement d'un dessin et d'un modèle industriels ne concerne pas les éléments de

ntibireba ibice bigize igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda byakoreshejwe gusa kugira ngo haboneke icyo cyabyajwe mu rwego rwa tekiniki.	which are used only to obtain a technical result.	ce dessin et modèle industriels qui sont utilisés seulement pour obtenir un résultat technique.
Ingingo ya 106: Inyandiko igaragaza igishya usaba icyemezo asaba kwitirirwa n'incamake y'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**Article 106: Claim and abstract of the industrial design**	**Article 106 : Revendication et abrégé du dessin et modèle industriels**
Ibyerekeye inyandiko igaragaza igishya usaba icyemezo asaba kwitirirwa n'incamake by'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 14 n'iya 15 z'iri tegeko nk'uko bikurikirana.	Matters relating to claims and abstract of industrial design are handled in the same way as provided respectively in Articles 14 and 15 of this Law.	Les aspects relatifs aux revendications et abrégé du dessin et modèle industriels sont traités de la même manière que celle prévue respectivement aux articles 14 et 15 de la présente loi.
Ingingo ya 107: Igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bidashobora kwandikishwa	**Article 107: Industrial design excluded from registration**	**Article 107 : Dessin et modèle industriels exclus de l'enregistrement**
Igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bihungabanya ituze rusange rya rubanda cyangwa bitubahiriza imigenzo myiza ntibishobora kwandikishwa.	An industrial design contrary to public order or morality cannot be registered.	Le dessin et modèle industriels contraires à l'ordre public ou à la moralité ne peuvent pas faire l'objet d'enregistrement.
Ingingo ya 108: Ubushya bw'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**Article 108: Novelty of an industrial design**	**Article 108 : Nouveauté d'un dessin et modèle industriels**
(1) Igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda biba ari bishya iyo nta bindi byakibanjirije ukurikije aho tekiniki igeze.	(1) Industrial design is new if it is not anticipated by the prior art.	(1) Le dessin et modèle industriels sont nouveaux lorsqu'ils il n'y a pas d'antériorité dans l'état de la technique.

(2) Mu gusuzuma aho tekiniki igeze hitabwa ku imenyekanisha ryakorewe aho ari ho hose ku isi, binyujijwe mu nyandiko ifatika, mu mvugo, mu ikoreshwa ry'icyahanzwe cyangwa mu bundi buryo ubwo ari bwo bwose, ariko bikaba mbere y'itariki yo gusaba kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyangwa mbere y'itariki igaragaza ko usaba ari we watanze abandi guhanga icyo gishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda, aho biri ngombwa.	(2) The assessment of prior art takes into consideration the disclosure of an industrial design that has been disclosed anywhere in the world by publication in tangible form, by oral disclosure, by use or in any other way prior to the filing date or, where applicable, the priority date of the creation of an industrial design.	(2) L'examen de l'antériorité de la technique prend en considération tout ce qui a été divulgué sur le dessin et modèle industriels en tout lieu du monde, par une publication sous forme tangible, par une divulgation orale, par un usage ou par tout autre moyen, avant la date de dépôt ou, le cas échéant, la date de priorité de la création du dessin et modèle industriels.
(3) Icyakora, imenyekanisha ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda ntiryitabwaho mu kugena ubushya bw'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda iyo:	(3) However, the disclosure of the industrial design is not considered when determining the novelty of an industrial design if:	(3) Toutefois, la publication d'un dessin et modèle industriels n'est pas à considérer pour déterminer la nouveauté d'un dessin et modèle industriels si :
(a) rikozwe mu gihe cy'amezi atandatu abanziriza umunsi w'ubusabe bwo kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyangwa rikozwe mbere y'itariki y'ubusabe bwo gutanga abandi guhanga icyo gishushanyo, aho biri ngombwa;	(a) it occurs within six months preceding the filing date of an industrial design registration application; or it occurs before the priority date of the industrial design registration application where applicable;	(a) elle est intervenue dans les six mois précédant la date de dépôt de la demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels ; ou si elle est intervenue avant la date de priorité de la demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels, le cas échéant ;
(b) riturutse ku buryo butaziguye cyangwa buziguye ku bikorwa byakozwe n'uwasabye icyemezo cyo	(b) it has resulted directly or indirectly from acts committed by the applicant for industrial design registration;	(b) elle a résulté directement ou indirectement d'actes commis par le demandeur;

kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda;		
(c) riturutse ku buhemu bwakozwe n'undi muntu abukoreye uwasabye icyemezo cyo kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyangwa uwari ugifiteho uburenganzira.	(c) it has resulted from an abuse committed by a third party with regard to the applicant for industrial design registration or the rightful predecessor.	(c) elle a résulté d'un abus commis par un tiers à l'égard du demandeur ou de l'ayant droit.
<u>Icyiciro cya 2</u>: Ubusabe bwo kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**<u>Section 2</u>: Application for registration of an industrial design**	**<u>Section 2</u> : Demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriel**
<u>Ingingo ya 109</u>: Gutanga inyandiko isaba kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**<u>Article 109</u>: Filing the application for registration of an industrial design**	**<u>Article 109</u> : Dépôt de la demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
(1) Inyandiko isaba kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda ishyikirizwa ubuyobozi bubifitiye ububasha.	(1) An application for registration of industrial design is filed with the competent authority.	(1) Une demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels est déposée auprès de l'autorité compétente.
(2) Ubusabe bwo kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bukorwa huzuzwa inyandiko yabugenewe ishyirwaho n'ubuyobozi bubifitiye ububasha.	(2) An application for registration of an industrial design is made by filling in a relevant form prescribed by the competent authority.	(2) Une demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels se fait en remplissant le formulaire prescrit à cet effet par l'autorité compétente.
(3) Inyandiko y'ubusabe bwo kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa	(3) The application for registration of an industrial design may contain up to 100	(3) La demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels peut

mu nganda ishobora kuba ikubiyemo ibishushanyo bikoreshwa mu nganda bitarenga 100, iyo ibyatunganyijwe birebwa n'ibyo bishushanyo biri mu itondeka mpuzamahanga rimwe n'icyatunganyijwe ku bireba ibishushanyo bikoreshwa mu nganda.	industrial designs, provided that the products to which the industrial designs apply are part of the same class of product of the international classification for industrial designs.	contenir jusqu'à 100 dessins et modèles industriels, pourvu que les produits auxquels les dessins et modèles industriels s'appliquent fassent partie de la même classe de produit de la classification internationale des dessins et modèles industriels.
(4) Ubusabe bwo kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bushobora kuba buherekejwe n'icyitegererezo cy'ikintu kigaragaramo igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda iyo ubusabe bwerekeye igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyo mu byerekezo bibiri.	(4) The application for registration of industrial designs may be accompanied by a specimen of an item incorporating the industrial designs if that application concerns a two-dimensional industrial design.	(4) La demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels peut être accompagnée d'un spécimen d'un article incorporant les dessins et modèles industriels lorsque cette demande concerne des dessins et modèles industriels bidimensionnels.
(5) Idosiye y'ubusabe bwo kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda yishyurirwa amafaranga yagenwe hatitawe ku mubare w'ibishushanyo bikoreshwa mu nganda biyikubiyemo.	(5) he application file for registration of an industrial design is subject to payment of the prescribed fee regardless of the number of industrial designs the application file contains.	(5) Le dossier de demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels est soumis au paiement des frais prescrits sans tenir compte du nombre des dessins et modèles industriels que le dossier de demande contient.
(6) Ubusabe bwo kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bushobora kuba burimo ubusabe bw'uko bimaze kwandikishwa, itangazwa ry'ibishushanyo bikoreshwa mu nganda riba rihagaritswe mu gihe cy'amezi 12 abarwa uhereye ku itariki ubusabe bwatangiweho cyangwa, iyo hasabwe	(6) The request for registration of an industrial design can include a request that once registered, the publication of the industrial designs be suspended for a maximum period of 12 months from the application filing date or, where priority is claimed, from its priority date.	(6) La requête de demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels peut comprendre une demande selon laquelle une fois enregistrée, la publication du dessin et modèle industriels soit suspendue pour un délai maximal de 12 mois à partir de la date de dépôt de la demande ou, s'il est fait une

uburenganzira bwo gutanga abandi, uhereye ku itariki bwasabiweho.		revendication de priorité, à partir de sa date de priorité.
<u>Ingingo ya 110</u>: Kugena itariki y'ubusabe bwo kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**<u>Article 110</u>: Setting the filing date of application for registration of an industrial design**	**<u>Article 110</u> : Fixation de la date de dépôt de la demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bugena itariki bwakiriyeho ubusabe nk'itariki ubusabe bwatanzwe hakurikijwe ibikubiye mu ngingo ya 109 y'iri tegeko.	(1) The competent authority sets, as the filing date of the application, the date of receipt of the application, in accordance with the provisions of Article 109 of this Law.	(1) L'autorité compétente fixe comme date de dépôt de la demande, la date de réception de la demande conformément aux dispositions de l'article 109 de la présente loi.
(2) Icyakora, iyo ibisabwa bituzuye, ubuyobozi bubifitiye ububasha bumenyesha usaba kuzuza ibibura mu gihe kitarenze iminsi 14 ibarwa uhereye ku itariki yabimenyesherejweho.	(2) However, if the requirements are not met, the competent authority invites the applicant to remedy the irregularity within 14 days from the date the invitation is sent.	(2) Toutefois, lorsque les conditions requises ne sont pas remplies, l'autorité compétente invite le demandeur à remédier à l'irrégularité dans les 14 jours à partir du jour d'envoi de l'invitation.
(3) Iyo usaba yubahirije ibyo asabwa gukora, itariki ibyaburaga byakiriweho ni yo ifatwa nk'itariki y'ubusabe.	(3) If the applicant remedies the irregularity, the application filing date is the date of receipt of such a remedy.	(3) Lorsque le demandeur remédie à l'irrégularité, la date de dépôt de la demande est celle de la réception dudit remède.
(4) Iyo usaba atubahirije ibyo asabwa gukora, ubusabe bufatwa nk'aho bwaretswe.	(4) If the applicant does not remedy the irregularity, the application is deemed withdrawn.	(4) Lorsque le demandeur ne remédie pas à l'irrégularité, la demande est réputée retirée.

<u>Icyiciro cya 3</u>: Isuzuma n'itangazwa ry'ubusabe bwo kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**<u>Section 3</u>: Examination, publication, and opposition of the application for the registration of industrial design**	**<u>Section 3</u> : Examen, publication, et opposition de la demande d'enregistrement du dessin et modèle industriels**
<u>Ingingo ya 111</u>: Isuzuma ry'ubusabe bwo kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**<u>Article 111</u>: Examination of the application for the registration of an industrial design**	**<u>Article 111</u> : Examen de la demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
Mbere yo gusuzuma ireme ry'ubusabe bwo kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda, ubuyobozi bubifitiye ububasha busuzuma ko bwujuje ibisabwa biteganywa mu ngingo ya 109 n'iya 110 z'iri tegeko kugira ngo igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bishobore kwandikwa.	Before examining the substance of the application for the registration of an industrial design, the competent authority determines whether the requirements for registration of industrial design provided respectively in Articles 109 and 110 of this Law are complied.	Avant de procéder à l'examen de fond de la demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels, l'autorité compétente détermine si cette demande remplie les conditions requises pour l'enregistrement d'un dessin et modèle industriels prévues respectivement par l'articles 109 et 110 de la présente loi.
<u>Ingingo ya 112</u>: Isuzuma ry'ireme ry'ubusabe bwo kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**<u>Article 112</u>: Examination of the substance of application for registration of an industrial design**	**<u>Article 112</u> : Examen au fond de la demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
Mu gihe cyo gusuzuma ireme ry'ubusabe bwo kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda, ubuyobozi bubifitiye ububasha bwita kuri ibi bikurikira: (a) ibyavuye muri raporo y'ubushakashatsi mpuzamahanga no muri raporo y'isuzuma mpuzamahanga ry'ibanze zakozwe hakurikijwe Amasezerano ya Harare cyangwa andi masezerano mpuzamahanga u Rwanda	During examination of the substance of application for registration of an industrial design, the competent authority considers the following: (a) results of any international search report and any international preliminary examination report established in accordance with the Harare Protocol or any other international convention to which	Lors de l'examen au fond de la demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels, l'autorité compétente considère ce qui suit : (a) les résultats de tout rapport de recherche internationale et de tout rapport d'examen préliminaire international établi conformément au Protocole de Harare ou toute convention internationale à laquelle le Rwanda est

rwemeje ku bireba ubusabe bwatangiwe muri Repubulika y'u Rwanda;	Rwanda is party in relation to the application filed in the Republic of Rwanda;	partie eu égard à la demande déposée en République du Rwanda ;
(b) ibyavuye mu bushakashatsi bwose, isuzuma hamwe n'icyemezo icyo ari cyo cyose byatanzwe hakurikijwe iri tegeko;	(b) results of any search, examination report or decision provided under this Law;	(b) les résultats de toute recherche, rapport d'examen ou décision prévus conformément à la présente loi ;
(c) ibyavuye mu bushakashatsi ubwo ari bwo bwose cyangwa muri raporo y'isuzuma ryakozwe n'ikigo cyabizobereyemo cyo muri Repubulika y'u Rwanda cyangwa umuryango wo hanze y'u Rwanda ukora ubushakashatsi n'isuzuma.	(c) results of any search or examination report which was carried out by a specialised agency of the Republic of Rwanda or a foreign organisation conducting search and examination.	(c) les résultats de toute recherche ou rapport d'examen qui a été mené par une agence spécialisée de la République du Rwanda ou une organisation étrangère qui mène des recherches et des examens.
Ingingo ya 113: Itangazwa ry'ubusabe bwo kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**Article 113: Publication of application for registration of an industrial design**	**Article 113 : Publication de la demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha butangaza ubusabe bwo kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda nyuma y'amezi atatu abarwa uhereye ku itariki ibisabwa byuzurijweho.	(1) The competent authority publishes application for registration of an industrial design in the Official Gazette of the Republic of Rwanda after three months from the date on which the requirements are met.	(1) L'autorité compétente publie la demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels au Journal Officiel de la République du Rwanda après trois mois à partir du jour où les conditions requises sont remplies.
(2) Itangazwa ry'ubusabe bwo kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda rigaragaza amakuru akurikira:	(2) The publication of application for registration of an industrial design indicates the following information:	(2) La publication de la demande de d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels indique les informations suivantes :

(a) inomero y'ubusabe;	(a) application number;	(a) le numéro de la demande ;
(b) amazina y'usaba n'ay'umuhanzi w'igishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda;	(b) name of the applicant and the creator of an industrial design;	(b) les noms du demandeur et du créateur d'un dessin et modèle industriels ;
(c) itariki ubusabe bwatangiweho;	(c) filing date of the application;	(c) a date de dépôt de la demande ;
(d) amakuru arambuye y'ubusabe bw'uburenganzira bwo gutanga abandi mu busabe;	(d) particulars of a claim for a right of priority for the application;	(d) les détails de revendication d'un droit de priorité pour la demande ;
(e) itondeka mpuzamahanga;	(e) international classification;	(e) la classification internationale ;
(f) nibura igishushanyo kimwe ariko bitarenze ibishushanyo bitanu, ifoto cyangwa ibindi birango bigaragaramo igishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda;	(f) at least one drawing but not more than five drawings, photograph or other appropriate graphic representation of the item incorporating the industrial design;	(f) au moins un dessin mais pas plus de cinq dessins, photographie ou une autre représentation graphique appropriée de l'article incorporant le dessin et modèle industriels ;
(g) igisobanuro cy'ibyatunganyijwe bigenewe gukoreshwamo igishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda.	(g) description of the products for which the industrial design is intended to be used.	(g) une description des produits pour lesquels les dessins et modèles industriels sont destinés à être utilisés.
Ingingo ya 114: Inkurikizi z'itangazwa ry'ubusabe bwo kwandikisha igishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda	**Article 114: Effect of publication of application for registration of an industrial design**	**Article 114 : Effet de publication de la demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
Ibyerekeye inkurikizi z'itangazwa ry'ubusabe bwo kwandikisha igishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda	Matters relating to effect of publication of application for registration of an industrial	Les aspects relatifs à l'effet de publication de la demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels sont traités de la même

bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 28 y'iri tegeko.	design are handled in the same way as provided in Article 28 of this Law.	manière que celle prévue à l'article 28 de la présente loi.
<u>Ingingo ya 115</u>: Itambamira ry'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**<u>Article 115</u>: Opposition to the registration of industrial design**	**<u>Article 115</u> : Opposition à l'enregistrement du dessin et modèle industriels**
Ibyerekeye itambamira ry'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu gika cya (1) cy'ingingo ya 29 y'iri tegeko.	Matters relating to opposition to the registration of industrial design are handled in the same way as provided in Paragraph (1) of Article 29 of this Law.	Les aspects relatifs à l'opposition à l'enregistrement du dessin et modèle industriels sont traités de la même manière que celle prévue au paragraphe (1) de l'article 29 de la présente loi.
<u>Ingingo ya 116</u>: Uburyo bukurikizwa mu itambamira ry'iyandikwa **ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda**	**<u>Article 116</u>: Modalities for opposition to the registration of industrial design**	**<u>Article 116</u> : Modalités d'opposition à l'enregistrement du dessin et modèle industriels**
Ibyerekeye uburyo bukurikizwa mu itambamira ry'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu gika cya (2) cy'ingingo ya 29 y'iri tegeko.	Matters relating to modalities for opposition to the registration of industrial designs are handled in the same way as provided in Paragraph (2) of Article 29 of this Law.	Les aspects relatifs aux modalités d'opposition à l'enregistrement du dessin et modèle industriels sont traités de la même manière que celle prévue au paragraphe (2) de l'article 29 de la présente loi.
<u>Ingingo ya 117</u>: Kujuririra icyemezo cy'itambamira ry''iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**<u>Article 117</u>: Appeal against the decision on opposition to the registration of an industrial design**	**<u>Article 117</u> : Appel contre une décision sur l'opposition à l'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
Ibyerekeye kujuririra icyemezo cy'itambamira ry'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe	Matters relating to appeal against the decision on opposition to the to the registration of industrial design are handled in the same way as provided in Article 30 of this Law.	Les aspects relatifs à l'appel contre une décision sur l'opposition à l'enregistrement d'un dessin et modèle industriels sont traités de la même

mu ngingo ya 30 y'iri tegeko.		manière que celle prévue à l'article 30 de la présente loi.
Icyiciro cya 4: Iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda, itangazwa n'iteshagaciro by'iyandikwa	**Section 4: Registration of an industrial design, its publication and invalidation**	**Section 4 : Enregistrement d'un dessin et modèle industriels, sa publication et son invalidation**
Ingingo ya 118: Kwandika cyangwa kwanga kwandika igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**Article 118: Grant or refusal of registration of an industrial design**	**Article 118 : Octroi ou rejet de l'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
Ibyerekeye kwandika cyangwa kwanga kwandika igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 31 y'iri tegeko.	Matters relating to the grant or refusal of registration of an industrial design are handled in the same way as provided in Article 31 of this Law.	Les aspects relatifs à l'octroi ou rejet de l'enregistrement d'un dessin et modèle industriels sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 31 de la présente loi.
ngingo ya 119: Itangazwa ry'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**Article 119: Publication of registration of an industrial design**	**Article 119 : Publication d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
Ibyerekeye itangazwa ry'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 32 y'iri tegeko.	Matters relating to publication of registration of an industrial design are handled in the same way as provided in Article 32 of this Law.	Les aspects relatifs à la publication d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 32 de la présente loi.
Ingingo ya 120: Guhagarika itangazwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**Article 120: Suspension of publication of registration of an industrial design**	**Article 120 : Suspension de la publication d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
(1) Igihe hari ubusabe bwo guhagarika	(1) If a request for suspension of publication of	(1) Lorsqu'une demande de suspension de la

itangazwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bwatanzwe hakurikijwe ibiteganyijwe mu gika cya (6) cy'ingingo ya 109 y'iri tegeko, idosiye yerekeye igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyandikishijwe ntishyikirizwa rubanda kugira ngo igenzurwe mu gihe ihagarikwa ryasabwe rimara, kandi ubuyobozi bubifitiye ububasha butangaza gusa:	registration of an industrial design has been made in accordance with the provisions of Paragraph (6) of Article 109 of this Law, the file relating to the registration of an industrial design is not open for public inspection for a period of suspension requested, and the competent authority only publishes:	publication d'un dessin et modèle industriels a été fait conformément aux dispositions du paragraphe (6) de l'article 109 de la présente loi, le dossier relatif à l'enregistrement d'un dessin et modèle industriels ne peut pas être ouvert pour inspection publique pendant la période de suspension requise, et l'autorité compétente publie seulement :
(a) inyandiko yerekeye ihagarikwa ry'itangazwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda;	(a) reference to the suspension of publication of registration of an industrial design;	(a) une référence à la suspension de la publication d'un dessin et modèle industriels ;
(b) umwirondoro w'ufite uburenganzira ku gishushanyo cyandikishwa;	(b) identity of the owner of the registered industrial design;	(b) l'identité du propriétaire d'un dessin et modèle industriels enregistrée ;
(c) itariki ubusabe bwatangiweho;	(c) filing date of the application;	(c) la date de dépôt du dossier de la demande ;
(d) igihe ihagarikwa ry'itangazwa ryasabwe rizamara.	(d) duration of the period for which suspension has been requested.	(d) la durée de la période pendant laquelle la suspension a été demandée.
(2) Iyo igihe cy'ihagarikwa kirangiye, ubuyobozi bubifitiye ububasha bushyira ahagaragarira rubanda kopi z'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyandikishijwe hamaze kwishyurwa amafaranga yagenwe.	(2) If the period of suspension expires, the competent authority makes available to the public, copies of the registered industrial design upon payment of prescribed fee.	(2) Lorsque la période de suspension expire, l'autorité compétente rend disponibles au public des copies d'un dessin et modèle industriels enregistrés moyennant paiement de frais fixés.

Ingingo ya 121: Gutesha agaciro iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**Article 121: Invalidation of registration of an industrial design**	**Article 121 : Invalidation de l'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
(1) Umuntu ubifitemo inyungu ashobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha gutesha agaciro iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda iyo agaragaje imwe mu mpamvu zikurikira:	(1) An interested person may request the competent court to invalidate the registration of an industrial design if such a person provides one the following grounds:	(1) Une personne intéressée peut demander à une juridiction compétente d'invalider l'enregistrement d'un dessin et modèle industriels lorsqu'elle donne l'une des raisons suivantes :
(a) ko igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda atari bishya;	(a) the industrial design is not new;	(a) le dessin et modèle industriels ne sont pas nouveaux ;
(b) ko igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bidashobora kwandikishwa;	(b) the industrial design is excluded from registration;	(b) le dessin et modèle industriels sont exclus de l'enregistrement ;
(c) ko ufite uburenganzira ku gishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda byanditswe atari we muhanzi cyangwa nta burenganzira yari afite bwo gusaba kubyandikisha.	(c) the registration owner is not the creator or did not have the right to apply for the registration of the industrial designs.	(c) le propriétaire de l'enregistrement n'est pas le créateur ou n'avait pas droit de faire une demande d'enregistrement des dessins et modèles industriels.
(2) Urukiko rubifitiye ububasha rushobora kwemeza ko igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda byandikwa ku wasabye ko iyandikwa riteshwa agaciro, iyo uwasabye agaragaje ko ari we muhanzi w'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	(2) The competent court may, declare that an industrial design be registered on the person who requested for invalidation of the registration if that person proves to be the creator of that industrial design and has requested the registration be made on his or her name.	(2) La juridiction compétente peut déclarer qu'un dessin et modèle industriels soient enregistrés sur la personne qui a introduit une demande en annulation de l'enregistrement s'il démontre qu'elle en est le créateur et qu'il a demandé que le dessin et qu'il a demandé que l'enregistrement se fasse sur son nom.

kandi mu kirego yasabye ko bakimwandikaho.		
(3) Umuntu ubifitemo inyungu amenyesha ubuyobozi bubifitiye ububasha icyemezo cya burundu cy'urukiko cyo kuvanaho iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda kugira ngo:	(3) The interested person notifies the competent authority of the final decision of the court to invalidate the registration of an industrial design so as:	(3) La personne intéressée notifie à l'autorité compétente la décision définitive de la juridiction pour :
(a) bwandike icyemezo cy'urukiko muri rejisitiri y'ibishushanyo n'ibyitegererezo bikoreshwa mu nganda;	(a) to record the court decision in the register of industrial designs;	(a) enregistrer la décision de la cour dans le registre des dessins et modèles industriels ;
(b) bushyire ku gishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda ikimenyetso cy'uko cyateshejwe agaciro muri rejisitiri y'ibishushanyo n'ibyitegererezo bikoreshwa mu nganda;	(b) to mark the industrial design as invalidated in the register of industrial designs;	(b) marquer le dessin et modèle industriels comme étant invalidé dans le registre des dessins et modèles industriels ;
(c) butangaze imenyesha rivuga ku cyemezo cy'urukiko mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku itariki bwakimenyesherejweho.	(c) to publish a notice referring to the decision of the court within 30 days from the date of notification.	(c) publier une notification faisant référence à la décision de la juridiction dans les 30 jours à compter de la date de notification.

Ingingo ya 122: Inkurikizi zo gutesha agaciro iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**Article 122: Effect of invalidation of an industrial design**	**Article 122 : Effet d'annulation d'un dessin et modèle industriels**
(1) Iyo impamvu zo gutesha agaciro iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda zerekeye igice cy'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda gisabirwa kwandikishwa cyerekeranye na cyo ni cyo cyonyine kivanwaho.	(1) If the grounds for invalidation of the registration of an industrial design are established with respect to a part of the concerned industrial design, only the corresponding claim is invalidated.	(1) Lorsque les raisons d'annuler l'enregistrement d'un dessin et modèle industriels concernent une partie du dessin et modèle industriels concernés, seule la revendication correspondante est annulée.
(2) Igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda, igisabirwa kwandikishwa cyangwa igice cyacyo byateshejwe agaciro bifatwa ko byavanyweho uhereye ku itariki icyemezo cy'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyatangiweho.	(2) The industrial design, claim or part of a claim that has been invalidated is deemed null and void as from the date of issuance of the certificate of registration.	(2) Le dessin et modèle industriels, la revendication ou la partie d'une revendication invalidés sont considérés comme nuls à partir du jour où le certificat d'enregistrement est délivré.
Ingingo ya 123: Kwimurira ku wundi muntu iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**Article 123: Transfer of registration of an industrial design**	**Article 123 : Transfert d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
Ibyerekeye kwimurira ku wundi muntu iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu gika cya (2) cy'ingingo ya 34 y'iri tegeko.	Matters relating to transfer of registration of an industrial design are handled in the same way as provided in Paragraph (2) Article 34 of this Law.	Les aspects relatifs à la publication d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels sont traités de la même manière que celle prévue au paragraphe (2) de l'article 34 de la présente loi.

Icyiciro cya 5: Uburenganzira butangwa n'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda n'igihe bumara	**Section 5: Rights conferred by registration of an industrial design and their duration**	**Section 5 : Droits conférés par l'enregistrement d'un dessin et modèle industriels et leur durée**
Ingingo ya 124: Uburenganzira butangwa n'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**Article 124: Rights conferred by registration of an industrial design**	**Article 124 : Droits conférés par l'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
(1) Iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda rihesha nyiracyo uburenganzira bwihariwe bwo gukoresha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda.	(1) The registration of an industrial design confers on the owner the exclusive rights to use the registered industrial design in the Republic of Rwanda.	(1) L'enregistrement d'un dessin et modèle industriels confère au propriétaire le droit exclusif de l'utilisation d'un dessin et modèle industriels en République du Rwanda.
(2) Iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda rihesha nyiracyo uburenganzira bwihariwe bwo kubuza umuntu uwo ari we wese utari nyiracyo kubyaza umusaruro, muri Repubulika y'u Rwanda, igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyanditswe atabyemerewe na nyiracyo.	(2) The registration confers on the owner the exclusive rights to stop the use of the registered industrial design, by any person without authorisation by the owner.	(2) L'enregistrement confère au propriétaire le droit exclusif d'empêcher l'utilisation du dessin et modèle industriels enregistrés par toute autre personne sans l'autorisation du propriétaire du dessin et modèle industriels.
(3) Gukoresha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bisobanura nibura kimwe muri ibi bikorwa bikurikira:	(3) The use of a registered industrial design means at least one of the following acts:	(3) L'utilisation d'un dessin et modèle industriels enregistrés signifie au moins l'un des actes ci-après :
(a) gutunganya, gutumiza mu mahanga, gucuruza, kudandaza, no gukoresha icyatunganyijwe kigaragaramo	(a) making, importing, offering for sale, selling or using a product incorporating the registered industrial design;	(a) la fabrication, l'importation, l'offre pour vente, la vente ou l'utilisation d'un

igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyandikishijwe;		produit incorporant le dessin et modèle industriels enregistrés ;
(b) kubika icyatunganyijwe kigaragaramo igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyandikishijwe hagamijwe kugicuruza, kukigurisha cyangwa kugikoresha.	(b) stocking a product incorporating the registered industrial design for the purposes of offering it for sale, selling or using it.	(b) le stockage d'un produit incorporant le dessin et modèle industriels enregistrés pour l'offrir en vente, le vendre ou l'utiliser.
(4) Gukoresha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyandikishijwe ntibikubiyemo ibikorwa byerekeye ibyatunganyijwe byashyizwe ku isoko ryo muri Repubulika y'u Rwanda mu buryo bwemewe n'amategeko na nyiracyo cyangwa undi muntu yabihereye uruhushya.	(4) The use of a registered industrial design does not include acts relating to products which have been put lawfully on the market in the Republic of Rwanda by the registered owner or any other person authorised by him or her.	(4) L'utilisation d'un dessin et modèle industriels enregistrés ne comprend pas des actes en rapport à des produits qui ont été légalement mis sur le marché en République du Rwanda par le propriétaire enregistré ou par toute autre personne autorisée par lui.
Ingingo ya 125: Ikirego cy'indishyi ku ibangamirwa ry'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**Article 125: Civil proceedings against infringement of registration of an industrial design**	**Article 125 : Action civile à l'encontre d'une violation d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
Ibyerekeye ikirego cy'indishyi ku ibangamirwa ry'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 37 y'iri tegeko.	Matters relating to civil proceedings against infringement of registration of an industrial design are handled in the same way as provided in Article 37 of this Law.	Les aspects relatifs à l'action civile à l'encontre d'une violation d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 37 de la présente loi.

Ingingo ya 126: Igishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda gihuriweho	**Article 126: Joint ownership of an industrial design**	**Article 126 : Copropriété d'un dessin et modèle industriels**
(1) Iyo abantu babiri cyangwa benshi bahuriye ku gishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda, uburenganzira bwo gusaba iyandikwa cyangwa icyemezo buba bufitwe na buri wese muri bo.	(1) If two or more persons have created an industrial design together, the right to apply for registration or a certificate belongs to each of them.	(1) Lorsque deux ou plusieurs personnes ont créé un même dessin et modèle industriels, le droit de demande d'enregistrement ou d'un certificat appartient à chacune d'elles.
(2) Iyo habuze ubwumvikane hagati y'impande zihuriye ku gishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda, abahuriye ku gishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda bashobora guhererekanya buri wese ukwe uruhare bafite mu busabe kandi bakabuza undi muntu uwo ariwe wese gukoresha ubusabe, ariko bakaba bashobora bafatanyije guha uruhushya undi muntu rwo gukora kimwe mu bikorwa bivugwa muri iri tegeko.	(2) In the absence of an agreement between the parties, co-owners of an industrial design may separately transfer their shares in the application and prevent any person from using their application, but may only jointly licence any third person to do any of the acts referred to in this Law.	(2) En l'absence d'un compromis entre les copropriétaires, les copropriétaires d'un dessin et modèle industriels peuvent séparément transférer leurs parts dans la demande et empêcher toute personne d'utiliser leur demande, mais peuvent seulement conjointement autoriser une tierce personne de faire tout acte visé dans la présente loi.
Ingingo ya 127: Kwandikwa nk'umuhanzi ku cyemezo cy'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda	**Article 127: Naming the creator of industrial design**	**Article 127 : Nomination du créateur d'un dessin et modèle industriels**
Ibyerekeye kwandikwa nk'umuhanzi ku cyemezo cy'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 39 y'iri tegeko.	Matters relating to Naming the creator of industrial design are handled in the same way as provided in Article 39 of this Law.	Les aspects relatifs à la nomination du créateur d'un dessin et modèle industriels sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 39 de la présente loi.

Ingingo ya 128: Igihe kurengera igishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda cyandikishijwe kimara	**Article 128: Duration of protection of the registered industrial design**	**Article 128 : Durée de protection d'un dessin et modèle industriels enregistrés**
(1) Igishushany**o** n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda cyandikishijwe kirengerwa mu gihe cy'imyaka 15 uhereye ku itariki inyandiko isaba iyandikwa yatangiweho.	(1) A registered industrial design is protected for a period of 15 years from the filing date of the application for registration.	(1) Le dessin et modèle industriels enregistrés sont protégés pour une période de 15 ans à partir du jour du dépôt de la demande d'enregistrement.
(2) Mu rwego rwo kubungabunga uburenganzira ku gishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda, ufite uburenganzira ku gishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda cyandikishijwe yishyura amafaranga yagenwe.	(2) In order to maintain industrial design rights, the owner of a registered industrial design pays a prescribed maintenance fee.	(2) En vue de maintenir des droits d'un dessin et modèle industriels, le propriétaire d'un dessin et modèle industriels enregistrés paie des frais de maintenance prescrits.
(3) Icyiciro cya mbere cyishyurwa nyuma y'imyaka itanu ibarwa uhereye ku itariki ubusabe bwo kwandika igishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda bwatangiweho, icyiciro cya kabiri cyishyurwa nyuma y'imyaka 10 ibarwa uhereye ku itariki ubusabe bwatangiweho.	(3) The first payment is made five years after the filing date of the application for registration of an industrial design and the second payment is made ten years after the filing date of the application.	(3) Le premier paiement est effectué cinq ans après la date du dépôt de la demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels et le second paiement est effectué dix ans après la date du dépôt de la demande.
(4) Hatangwa igihe cy'imbabazi kingana n'amezi atandatu cyo kwishyura amafaranga ndemyagaciro y'uburenganzira ku gishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda nyuma y'itariki ntarengwa yo kwishyuriraho.	(4) A grace period of six months is granted for payment of maintenance fee of industrial design rights after the deadline for payment.	(4) Une période de grâce de six mois est accordée pour le paiement des frais de maintenance des droits d'un dessin et modèle industriels après la date limite de paiement.

(5) Ubwishyu bukozwe mu gihe cy'imbabazi bwiyongeraho amafaranga yagenwe.	(5) The payment made during the grace period is subject to payment of the prescribed surcharge.	(5) Le paiement effectué pendant une période de grâce est assujetti au paiement de surcharge prescrite.
(6) Iyo amafaranga ndemyagaciro y'uburenganzira ku gishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda atishyuwe, ubwo burenganzira burarangira.	(6) If the industrial design rights maintenance fee is not paid, such rights lapse.	(6) Lorsque les frais de maintenance des droits d'un dessin et modèle industriels ne sont pas payés, ces droits tombent en désuétude.
Icyiciro cya 6: Iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda ku rwego rw'akarere no ku rwego mpuzamahanga	**Section 6: Regional and international registration of an industrial design**	**Section 6 : Enregistrement régional et international d'un dessin et modèle industriels**
Ingingo ya 129: Iyandikwa n'isuzuma ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda ku rwego rw'akarere cyangwa ku rwego mpuzamahanga	**Article 129: Regional and international registration and processing of an industrial design**	**Article 129 : Enregistrement régional et international d'un dessin et modèle industriels**
Ibyerekeye ubuyobozi bubifitiye ububasha nk'ibiro byakira ubusabe, ubuyobozi bubifitiye ububasha nk'ibiro byagenwe, itariki y'ubusabe mpuzamahanga, igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bidashobora kwandikishwa, isuzuma ry'ireme ry'ubusabe bwo kwandikisha igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda no kugenzura, kwemeza no kohereza ubusabe mpuzamahanga bw'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa	Matters relating to the competent authority as a receiving office for application, the competent authority as designated office, a filing date of an international application, industrial design excluded from registration, examination of the substance of application for registration of industrial design and verification, approval and transmission of a regional or international application for registration of industrial design are handled in the same way as provided respectively in	Les aspects relatifs à l'autorité compétente comme office de réception d'une demande, l'autorité compétente comme office désigné, la date de dépôt d'une demande internationale, un dessin et modèle industriels exclus de l'enregistrement, l'examen de fond de la demande d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels ainsi que la vérification, l'approbation et la transmission d'une demande régionale ou internationale d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels sont traités de

mu nganda ku rwego rw'akarere cyangwa ku rwego mpuzamahanga bikoreshwa mu nganda bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 62 , iya 63 , iya 67, iya 107, iya 112 n'iya 225 z'iri tegeko nk'uko bikurikirana.	Articles 62, 63, 67, 107, 112 and 225 of this Law.	la même manière que celle prévue respectivement aux articles 62, 63, 67, 107, 112 et 225 de la présente loi.
Icyiciro cya 7: Kwegurira undi muntu icyemezo cy'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**Section 7: Assignment of certificate of registration of an industrial design**	**Section 7 : Cession du certificat d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
Ingingo ya 130: Uburyo bwo kwegurira undi muntu icyemezo cy'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**Article 130: Modalities for assignment of certificate of registration of an industrial design**	**Article 130 : Modalités de cession du certificat d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
Ibyerekeye uburyo bwo kwegurira undi muntu icyemezo cy'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 42 y'iri tegeko.	Matters relating to modalities for assignment of certificate of registration of an industrial design are handled in the same way as provided in Article 42 of this Law.	Les aspects relatifs aux modalités de cession du certificat d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 42 de la présente loi.
Ingingo ya 131: Kwanga kwandika amasezerano yo kwegurira undi muntu icyemezo cy'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**Article 131: Refusal to record a contract of assignment of a certificate of registration of an industrial design**	**Article 131 : Refus d'enregistrement d'un contrat de cession de certificat d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
Ibyerekeye kwanga kwandika amasezerano yo kwegurira undi muntu icyemezo cy'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 43 y'iri tegeko.	Matters relating to refusal to record a contract of assignment of a certificate of registration of an industrial design are handled in the same way as provided in Article 43 of this Law.	Les aspects relatifs au refus d'enregistrement d'un contrat de cession de certificat d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 43 de la présente loi.

Icyiciro cya 8: Uruhushya rw'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**Section 8: Industrial design licence**	**Section 8 : Licence d'un dessin et modèle industriels**
Ingingo ya 132: Uruhushya rushingiye ku masezerano y'icyemezo cy'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**Article 132: Contractual licence on a certificate of registration of an industrial design**	**Article 132 : Licence contractuelle du certificat d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
Ibyerekeye uruhushya rushingiye ku masezerano y'icyemezo cy'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 44 y'iri tegeko.	Matters relating to a contractual licence of a certificate of registration of an industrial design are handled in the same way as provided in Article 44 of this Law**.**	Les aspects relatifs à la licence contractuelle du certificat d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 44 de la présente loi.
Ingingo ya 133: Ivanwaho ry'uruhushya rushingiye ku masezerano y'icyemezo cy'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda	**Article 133: Withdrawal of contractual licence of certificate of registration of an industrial design**	**Article 133 : Retrait de la licence contractuelle du certificat d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
Ibyerekeye ivanwaho ry'uruhushya rushingiye ku masezerano y'icyemezo cy'iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 45 y'iri tegeko.	Matters relating to withdrawal of contractual licence of certificate of registration of an industrial design are handled in the same way as provided in Article 45 of this Law.	Les aspects relatifs au retrait de la licence contractuelle du certificat d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 45 de la présente loi.

Ingingo ya 134: Kwanga kwandika amasezerano yo gutanga uruhushya rwo gukoresha icyemezo cy'igishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda	**Article 134: Refusal to record contractual licence of certificate of registration of an industrial design**	**Article 134 : Refus d'enregistrement d'un contrat de licence du certificat d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels**
Ibyerekeye kwanga kwandika amasezerano yo gutanga uruhushya rwo gukoresha icyemezo cy'igishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 46 y'iri tegeko.	Matters relating to refusal to record contractual licence of certificate of registration of an industrial design are handled in the same way as provided in Article 46 of this Law.	Les aspects relatifs au refus d'enregistrement d'un contrat de licence du certificat d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 46 de la présente loi.
Ingingo ya 135: Ingingo z'amasezerano yo gutanga uruhushya rwo gukoresha icyemezo cy'igishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda zifatwa nk'izishobora kubangamira ihiganwa	**Article 135: Clauses of contractual licence of a certificate of registration of an industrial design likely to have anti-competitive effect**	**Article 135 : Clauses de contrat de licence du certificat d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels susceptibles d'avoir un effet anticoncurrentiel**
Ibyerekeye ingingo z'amasezerano yo gutanga uruhushya rwo gukoresha icyemezo cy'igishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda zifatwa nk'izishobora kubangamira ihiganwa bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 47 y'iri tegeko.	Matters relating to clauses of contractual licence of a certificate of registration of an industrial design likely to have anti-competitive effect are handled in the same way as provided in Article 47 of this Law.	Les aspects relatifs aux clauses de contrat de licence du certificat d'enregistrement d'un dessin et modèle industriels susceptibles d'avoir un effet anticoncurrentiel sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 47 de la présente loi.
Icyiciro cya 9: Uruhushya rutegetswe ku gishushanyo n'icyitegerererezo bikoreshwa mu nganda	**Section 9: Compulsory licence for an industrial design**	**Section 9 : Licence obligatoire d'un dessin et modèle industriels**

Ingingo ya 136: Gusaba uruhushya rutegetswe ku gishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda Ibyerekeye gusaba uruhushya rutegetswe ku gishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 50 y'iri tegeko.	**Article 136: Application for a compulsory licence for an industrial design** Matters relating to application for a compulsory licence for an industrial design are handled in the same way as provided in Article 50 of this Law.	**Article 136 : Demande d'une licence obligatoire d'un dessin et modèle industriels** Les aspects relatifs à la demande d'une licence obligatoire d'un dessin et modèle industriels sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 50 de la présente loi.
Ingingo ya 137: Gutanga uruhushya rutegetswe ku gishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda Ibyerekeye gutanga uruhushya rutegetswe ku gishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 51 y'iri tegeko.	**Article 137: Granting a compulsory licence of an industrial design** Matters relating to granting a compulsory licence of an industrial design are handled in the same way as provided in Article 51 of this Law.	**Article 137 : Octroi d'une licence obligatoire sur le dessin et le modèle industriels** Les aspects relatifs à l'octroi d'une licence obligatoire sur le dessin et le modèle industriels sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 51 de la présente loi.
Minisitiri asuzuma ko igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki kirengewe, urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki iri muri icyo gishushanyo ndangamiterere kirengewe cyangwa icyakozwe kirimo urwo rusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki kiboneka muri Repubulika y'u Rwanda:	integrated circuit in which the protected layout-design of integrated circuit is incorporated or an article incorporating such an integrated circuit is available in the Republic of Rwanda:	dans lequel le schéma de configuration du circuit intégré est incorporé ou un article incorporant un tel circuit intégré est disponible en République du Rwanda :
(a) gifite ubwiza buboneye kandi cyujuje ubuziranenge;	(a) at an appropriate quality and safety standard;	(a) à une qualité et une norme de sécurité convenables ;
(b) gifite ingano ihagije ishobora guhaza isoko ryo mu gihugu;	(b) in a sufficient quantity to meet domestic demand;	(b) en quantité suffisante pour satisfaire à la demande intérieure ;
(c) kiri ku giciro gikwiye mu buryo bwose gikenewe.	(c) at a price that is reasonable in all circumstances.	(c) à un prix raisonnable dans toutes les circonstances.
Ingingo ya 164: Uruhushya rwo gutumiza mu mahanga mu buryo bubangikanye igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki	**Article 164: Authorisation of parallel imports for a layout-design of integrated circuit**	**Article 164 : Autorisation d'importations parallèles d'un schéma de configuration du circuit intégré**
(1) Minisitiri, amaze gutangaza ubuzime bw'uburenganzira ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki cyanditswe, aha undi muntu	(1) After declaring extinction of rights of a registered layout-design of integrated circuit, the Minister authorises another person to import the protected layout-design of integrated circuit, an integrated	(1) Après avoir déclaré l'extinction des droits d'un schéma de configuration du circuit intégré, le Ministre autorise une autre personne à importer le schéma de configuration du circuit intégré protégé, un

uruhushya rwo gutumiza mu mahanga igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki cyanditswe, urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki yashyizwe mu gishushanyo ndangamiterere kirengewe cyangwa icyakozwe kirimo urwo rusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki.	circuit in which the protected layout-design of integrated circuit is incorporated or a product incorporating such an integrated circuit.	circuit intégré dans lequel le schéma de configuration du circuit intégré protégé est incorporé ou un produit incorporant un tel circuit intégré.
(2) Minisitiri ashobora gushyiraho ibyubahirizwa by'inyongera ku ruhushya rw'ibitumijwe mu buryo bubangikanye, byerekeye ingano, ubuziranenge n'igiciro cy'ibyatunganyijwe bizatumizwa n'ikindi cyose cyakubahirizwa abona ko ari ngombwa muri icyo gihe.	(2) The Minister may attach additional conditions to the authorisation of parallel imports, relating to the quantity, quality, and price of the products to be imported, and any other condition the Minister considers necessary in the circumstances.	(2) Le Ministre peut annexer à l'autorisation les conditions supplémentaires d'importations parallèles relatives à la quantité, à la qualité, et au prix des articles à importer, et toute autre condition que le Ministre estime nécessaire dans ces circonstances.
(3) Mu kugena ahazakomoka ibitumizwa mu mahanga mu buryo bubangikanye byatangiwe uruhushya, Minisitiri asuzuma:	(3) In determining the territory from which parallel imports is authorised, the Minister considers the following:	(3) Lors de la détermination du territoire à partir duquel des importations parallèles sont autorisées, le Ministre considère ce qui suit :
(a) niba igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki cyanditswe, urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki iri mu gishushanyo ndangamiterere kirengewe cyangwa icyatunganyijwe kirimo urusobekerane rw'imiyoboro	(a) whether the protected layout-design of integrated circuit, an integrated circuit in which the protected layout-design of integrated circuit is incorporated or the product incorporating the integrated circuit has been put in the channels of commerce in the territory by the owner of the registered layout-design of	(a) si le schéma de configuration du circuit protégé, un circuit intégré dans lequel le schéma de configuration protégé est incorporé ou si le produit incorporant le circuit intégré a été mis dans les canaux de commerce sur le territoire par le propriétaire d'un schéma de configuration du circuit intégré

yo mu rwego rwa elegitoroniki cyarashyizwe ku isoko muri icyo gihugu n'ufite uburenganzira ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki cyandikishijwe cyangwa undi muntu yabihereye uruhushya;	integrated circuit or by a person authorised by him or her;	enregistré ou par une personne autorisée par lui ;
(b) niba igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki cyanditswe, cyatunganyijwe gifite agaciro mu gihugu kizatumizwamo kandi umuntu ugifite akaba ari na we ufite uburenganzira ku cyemezo cy'iyandikwa ry'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki muri Repubulika y'u Rwanda cyangwa undi muntu ayobora.	(b) whether the registered layout-design of integrated circuit protecting the product is valid in the territory from which it is to be imported and is owned by the same person who owns the certificate of registration of layout-design of integrated circuit in the Republic of Rwanda or by a person under his or her control.	(b) si le schéma de configuration du circuit intégré enregistré protégeant le produit est valide sur le territoire à partir duquel il est à importer et est possédé par la même personne qui possède le certificat d'enregistrement d'un schéma de configuration du circuit intégré en République du Rwanda ou par une personne sous son contrôle.
(4) Minisitiri avanaho uruhushya, iyo uwatumije mu mahanga icyatunganyijwe atubahirije ibisabwa biri ku mugereka w'uruhushya yahawe.	(4) The Minister cancels the authorization, if the importer of the product does not comply with the conditions attached to the authorisation.	(4) Le Ministre annule l'autorisation, lorsque l'importateur du produit ne respecte pas les conditions annexées à l'autorisation.

Ingingo ya 165: Igihe kurengera igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki cyanditswe bitangirira n'igihe bimara	**Article 165: Duration for protection of a registered layout-design of integrated circuit**	**Article 165 : Durée de protection d'un schéma de configuration du circuit intégré enregistré**
(1) Kurengera igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki bigira agaciro uhereye:	(1) The protection granted to a layout-design of integrated circuit takes effect from:	(1) La protection accordée à un schéma de configuration du circuit intégré sort ses effets à partir :
(a) ku itariki igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki cyakoreshejwe bwa mbere, aho ari ho hose ku isi, bikozwe n'ufite uburenganzira ku cyemezo cy'iyandikwa cyangwa uwo yabihereye uruhushya, iyo ubusabe bwo kurengerwa bwatanzwe na nyiracyo mu buyobozi bubifitiye ububasha bw'aho abarizwa, mu gihe kitarenze imyaka ibiri ibarwa uhereye ku itariki cyakoreshejweho bwa mbere;	(a) the date of first exploitation of the layout-design of integrated circuit, anywhere in the world, by the owner of the certificate of registration or with his or her authorisation, provided that an application for protection is filed by the owner with the competent authority of his or her residence, within two years from the date of first exploitation;	(a) du jour de la première exploitation d'un schéma de configuration du circuit intégré où que ce soit dans le monde par le propriétaire du certificat d'enregistrement ou avec son autorisation, pourvu qu'une demande de protection soit déposée par le propriétaire auprès de l'autorité compétente de sa résidence dans les deux ans à partir du jour de la première exploitation;
(b) ku itariki ubusabe bwo kwandika igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki bwatangiweho na nyiracyo, iyo icyo gishushanyo ndangamiterere kitigeze gikoreshwa	(b) the date on which the application for registration of the layout-design of integrated circuit was filed by the owner, if the layout-design of integrated circuit has not been previously exploited for commercial purposes anywhere in the world.	(b) du jour où la demande d'enregistrement d'un schéma de configuration du circuit intégré a été déposée par le propriétaire, lorsque le schéma de configuration du circuit intégré n'a pas été antérieurement exploité à des fins commerciales où que ce soit dans le monde.

mu rwego rw'ubucuruzi aho ari ho hose ku isi.		
(2) Igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki cyandikishijwe kirengerwa mu gihe cy'imyaka icumi ibarwa uhereye ku munsi cyakoreshejwe bwa mbere cyangwa ku itariki ubusabe bwatangiweho bitewe n'ikibanje.	(2) A registered layout-design of integrated circuit is protected for a period of ten years from the date of first exploitation, or from the filing date whichever is earlier.	(2) Le schéma de configuration du circuit intégré enregistré est protégé pour une période de dix ans à partir du jour de la première exploitation, ou du jour de dépôt de la demande selon la première de ces éventualités.
Ingingo ya 166: Gufata neza icyemezo cy'iyandikwa ry'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki	**Article 166: Maintenance of the certificate of registration of a layout-design of integrated circuit**	**Article 166 : Maintenance du certificat d'enregistrement d'un schéma de configuration du circuit intégré**
(1) Mu rwego rwo gufata neza icyemezo cy'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki cyanditswe, nyiracyo yishyura ubuyobozi bubifitiye ububasha amafaranga yagenwe.	(1) In order to maintain the certificate of registration of a layout-design of integrated circuit, the owner of a registered layout-design of integrated circuit pays maintenance fee to the competent authority.	(1) En vue de maintenir le certificat d'enregistrement d'un schéma de configuration du circuit intégré, le propriétaire d'un schéma de configuration du circuit intégré enregistré paie des frais de maintenance à l'autorité compétente.
(2) Kwishyura amafaranga ndemyagaciro bikorwa nyuma y'imyaka itanu ibarwa uhereye ku itariki icyemezo cy'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki cyabyarijweho umusaruro bwa mbere cyangwa ku itariki	(2) The payment is made five years from the date of first exploitation of the certificate of registration of a layout-design of integrated circuit, or from the filing date of the application whichever is earlier.	(2) Le paiement est effectué cinq ans à partir du jour de la première exploitation du certificat d'enregistrement du schéma de configuration du circuit intégré, ou du jour de dépôt de la demande selon la première de ces éventualités.

ubusabe bwo kucyandikisha bwatangiweho bitewe n'ikibanje.		
(3) Hatangwa igihe cy'imbabazi kingana n'amezi atandatu cyo kwishyura amafaranga ndemyagaciro y'icyemezo cy'iyandikwa ry'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki nyuma y'itariki ntarengwa yo kwishyuriraho.	(3) A grace period of six months is granted for payment of maintenance fee of the registered layout-design of integrated circuit after the deadline.	(3) Une période de grâce de six mois est accordée pour le paiement des frais de maintenance d'un schéma de configuration du circuit intégré enregistré après la date limite de paiement.
(4) Ubwishyu bukozwe mu gihe cy'imbabazi bwiyongeraho amafaranga yagenwe.	(4) The payment made during the grace period is subject to payment of the prescribed surcharge.	(4) Le paiement effectué pendant une période de grâce est assujetti au paiement de surcharge prescrite.
(5) Iyo amafaranga ndemyagaciro y'icyemezo cy'iyandikwa ry'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki atishyuwe, igihe cyo kukirengera gihita kirangira bidasubirwaho.	(5) If the fee for the maintenance of the certificate of registration of a layout-design of integrated circuit is not paid, the protection of the registered layout-design of integrated circuit irrevocably lapses.	(5) Lorsque les frais de maintenance du certificat d'enregistrement d'un schéma de configuration du circuit intégré ne sont pas payés, la protection d'un schéma de configuration du circuit intégré enregistré tombe en désuétude irrévocablement.
<u>Icyiciro cya 6</u>: Kwegurira undi muntu igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki	**<u>Section 6</u>: Assignment of a layout-design of integrated circuit**	**<u>Section 6</u> : Cession d'un schéma de configuration du circuit intégré**

Ingingo ya 167: Uburyo bwo kwegurira undi muntu no kwanga kwandika amasezerano yo kwegurira undi muntu igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki	**Article167: Modalities for layout-design of integrated circuit assignment and refusal to record a layout-design of integrated circuit assignment contract**	**Article 167 : Modalités de cession d'un schéma de configuration du circuit intégré et de refus d'enregistrement d'un contrat de cession d'un schéma de configuration du circuit intégré**
Ibyerekeye uburyo bwo kwegurira undi muntu no kwanga kwandika amasezerano yo kwegurira undi muntu igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 42 n'iya 43 z'iri tegeko nk'uko bikurikirana.	Matters relating to modalities for layout-design of integrated circuit assignment and refusal to record a layout-design of integrated circuit assignment contract are handled in the same way as provided respectively in Articles 42 and 43 of this Law.	Les aspects relatifs aux modalités de cession d'un schéma de configuration du circuit intégré et le refus d'enregistrement d'un contrat de cession d'un schéma de configuration du circuit intégré sont traités de la même manière que celle prévue respectivement aux articles 42 et 43 de la présente loi.
Icyiciro cya 7: Uruhushya rw'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki	**Section 7: Licence of a layout-design of integrated circuit**	**Section 7 : Licence d'un schéma de configuration du circuit intégré**
Ingingo ya 168 : Uruhushya rushingiye ku masezerano y'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki	**Article 168: Contractual licence of a layout-design of integrated circuit**	**Article 168 : Licence contractuelle d'un schéma de configuration du circuit intégré**
Ibyerekeye uruhushya rushingiye ku masezerano y'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki bikorwa mu buryo bumwe	Matters relating to contractual licence of a layout-design of integrated circuit handled in the same way as provided in Article 44 of this Law.	Les aspects relatifs à la licence contractuelle d'un schéma de configuration du circuit intégré sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 44 de la présente loi.

nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 44 y'iri tegeko.		
<u>Ingingo ya 169</u>: Ivanwaho ry'uruhushya rw'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki	**<u>Article 169</u>: Withdrawal of contractual licence of a layout-design of integrated circuit**	**<u>Article 169</u> : Retrait d'une licence contractuelle d'un schéma de configuration du circuit intégré**
Ibyerekeye ivanwaho ry'uruhushya rw'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 45 y'iri tegeko.	Matters relating to withdrawal of contractual licence of layout-design of integrated circuit are handled in the same way as provided in Article 45 of this Law.	Les aspects relatifs au retrait d'une licence contractuelle d'un schéma de configuration du circuit intégré sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 45 de la présente loi.
<u>Ingingo ya 170</u>: Kwanga kwandika amasezerano yo gutanga uruhushya rwo gukoresha icyemezo cy'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki	**<u>Article 170</u>: Refusal to record a licence contract on a layout-design of integrated circuit**	**<u>Article 170</u> : Refus d'enregistrement d'un contrat de licence d'un schéma de configuration du circuit intégré**
Ibyerekeye kwanga kwandika amasezerano yo gutanga uruhushya rwo gukoresha icyemezo cy'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 46 y'iri tegeko.	Matters relating to refusal to record a licence contract on a layout-design of integrated circuit are handled in the same way as provided in Article 46 of this Law.	Les aspects relatifs au refus d'enregistrement d'un contrat de licence d'un schéma de configuration du circuit intégré sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 46 de la présente loi.

<u>Ingingo ya 171</u>: Ingingo z'amasezerano yo gutanga uruhushya rwo gukoresha icyemezo cy'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki zifatwa nk'izishobora kubangamira ihiganwa	**<u>Article 171</u>: Clauses of the contract of a layout-design of integrated circuit that are likely to have anti-competitive effect**	**<u>Article 171 </u>: Clauses de contrat de licence d'un schéma de configuration du circuit intégré susceptibles d'avoir un effet anticoncurrentiel**
Ibyerekeye ingingo z'amasezerano yo gutanga uruhushya rwo gukoresha icyemezo cy'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki zifatwa nk'izishobora kubangamira ihiganwa bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 47 y'iri tegeko.	Matters relating to clauses of the contract of layout-design of integrated circuit that are likely to have anti-competitive effect are handled in the same way as provided in Article 47 of this Law.	Les aspects relatifs aux clauses de contrat de licence d'un schéma de configuration du circuit intégré susceptibles d'avoir un effet anticoncurrentiel sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 47 de la présente loi.
<u>Icyiciro cya 8</u>: Uruhushya rutegetswe ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki	**<u>Section 8</u>: Compulsory licence on a layout-design of integrated circuit**	**<u>Section 8 </u>: Licence obligatoire sur un schéma de configuration du circuit intégré**
<u>Ingingo ya 172</u>: Gusaba uruhushya rutegetswe ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki	**<u>Article 172</u>: Application for a compulsory licence on a layout-design of integrated circuit**	**<u>Article 172 </u>: Demande de licence obligatoire sur un schéma de configuration du circuit intégré**
Ibyerekeye gusaba uruhushya rutegetswe ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 50 y'iri tegeko.	Matters relating to application for a compulsory licence on a layout-design of integrated circuit are handled in the same way as provided in Article 50 of this Law.	Les aspects relatifs à la demande de licence obligatoire sur un schéma de configuration du circuit intégré sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 50 de la présente loi.

<u>Ingingo ya 173</u>: Gutanga uruhushya rutegetswe ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki	**<u>Article 173</u>: Granting a compulsory licence on a layout-design of integrated circuit**	**<u>Article 173 </u>: Octroi d'une licence obligatoire sur un schéma de configuration du circuit intégré**
Ibyerekeye gutanga uruhushya rutegetswe ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 51 y'iri tegeko.	Matters relating to granting a compulsory licence on a layout-design of integrated circuit are handled in the same way as provided in Article 51 of this Law**.**	Les aspects relatifs à l'octroi d'une licence obligatoire sur un schéma de configuration du circuit intégré sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 51 de la présente loi**.**
<u>Ingingo ya 174</u>: Ibisabwa mu gusaba uruhushya rutegetswe ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki	**<u>Article 174</u>: Requirements for the application for a compulsory licence on a layout-design of integrated circuit**	**<u>Article 174 </u>: Conditions requises pour la demande d'une licence obligatoire sur un schéma de configuration du circuit intégré**
Ibyerekeye ibisabwa mu gusaba uruhushya rutegetswe ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 52 y'iri tegeko.	Matters relating to requirements for the application for a compulsory licence on a layout-design of integrated circuit are handled in the same way as provided in Article 52 of this Law.	Les aspects relatifs aux conditions requises pour la demande d'une licence obligatoire sur un schéma de configuration du circuit intégré sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 52 de la présente loi**.**

Ingingo ya 175: Uburyo bukurikizwa mu itangwa ry'uruhushya rutegetswe ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki	**Article 175: Procedure for granting a compulsory licence on a layout-design of integrated circuit**	**Article 175 : Procédure pour l'octroi d'une licence obligatoire sur un schéma de configuration du circuit intégré**
Ibyerekeye uburyo bukurikizwa mu itangwa ry'uruhushya rutegetswe ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu gika cya (1) cy'ingingo ya 50 y'iri tegeko.	Matters relating to procedure for granting a compulsory licence on a layout-design of integrated circuit are handled in the same way as provided in Paragraph (1) of Article 50 of this Law.	Les aspects relatifs à la procédure pour l'octroi d'une licence obligatoire sur un schéma de configuration du circuit intégré sont traités de la même manière que celle prévue au paragraphe (1) de l'article 50 de la présente loi.
Ingingo ya 176: Ibikubiye mu ruhushya rutegetswe rw'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki	**Article 176: Content of a compulsory licence on a layout-design of integrated circuit**	**Article 176 : Contenu d'une licence obligatoire sur un schéma de configuration du circuit intégré**
Ibyerekeye ibikubiye mu ruhushya rutegetswe rw'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 55 y'iri tegeko.	Matters relating to content of a compulsory licence on a layout-design of integrated circuit are handled in the same way as provided in Article 55 of this Law.	Les aspects relatifs au contenu d'une licence obligatoire sur un schéma de configuration du circuit intégré sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 55 de la présente loi.

<u>Ingingo ya 177</u>: Kuregera urukiko ku cyemezo gitanga uruhushya rutegetswe ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki	**<u>Article 177</u>: Filing a case against a decision granting a compulsory licence on a layout-design of integrated circuit**	**<u>Article 177 </u>: Saisir d'une juridiction contre une décision d'octroi d'une licence obligatoire sur un schéma de configuration du circuit intégré**
Ibyerekeye kuregera urukiko ku cyemezo gitanga uruhushya rutegetswe ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 56 y'iri tegeko.	Matters relating to filing a case against a decision granting a compulsory licence on a layout-design of integrated circuit are handled in the same way as provided in Article 56 of this Law.	Les aspects relatifs à la saisine d'une juridiction contre une décision d'octroi d'une licence obligatoire sur un schéma de configuration du circuit intégré sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 56 de la présente loi.
<u>Ingingo ya 178</u>: Ibishingirwaho mu gutanga uruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki	**<u>Article 178</u>: Conditions for granting of an ex officio compulsory licence on a layout-design of integrated circuit**	**<u>Article 178 </u>: Conditions d'octroi d'une licence obligatoire d'office sur un schéma de configuration du circuit intégré**
Ibyerekeye ibishingirwaho mu gutanga uruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 57 y'iri tegeko.	Matters reating to conditions for granting of an ex officio compulsory licence on a layout-design of integrated circuit are handled in the same way as provided in Article 57 of this Law.	Les aspects relatifs aux conditions d'octroi d'une licence obligatoire d'office sur un schéma de configuration du circuit intégré sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 57 de la présente loi.

Ingingo ya 179: Isaba n'itangwa ry'uruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki	**Article 179: Application and grant of an ex officio compulsory licence on a layout-design of integrated circuit**	**Article 179 : Demande et octroi d'une licence obligatoire d'office sur un schéma de configuration du circuit intégré**
(1) Inyandiko isaba uruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki ishyikirizwa Minisitiri iherekejwe n'ikimenyetso kigaragaza ko ufite uburenganzira ku cyemezo cy'iyandikwa ry'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki yashyikirijwe n'umuntu usaba urwandiko rusaba uruhushya rushingiye ku masezerano, ariko ko usaba atashoboye guhabwa urwo ruhushya mu nzira z'ubucuruzi ziboneye kandi mu gihe gikwiye.	(1) The application for an ex officio compulsory licence on a layout-design of integrated circuit is addressed to the Minister and accompanied by proof that the owner of certificate of registration of the layout-design of integrated circuit has received from the applicant, a contractual licence request, but that the latter has been unable to obtain the licence on reasonable commercial conditions and within a reasonable period.	(1) La demande d'une licence obligatoire d'office sur un schéma de configuration du circuit intégré doit est adressée au Ministre et accompagnée de la preuve que le propriétaire du certificat d'enregistrement du schéma de configuration du circuit intégré a reçue, de la part du demandeur, une demande de licence contractuelle, mais que ce dernier n'a pas pu obtenir la licence à des conditions commerciales raisonnables et dans un délai raisonnable.
(2) Ibiteganyijwe mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ntibyubahirizwa iyo uruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka rutanzwe kubera: (a) ibihe by'amage; (b) gukoresha igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane	(2) The provisions of Paragraph (1) of this Article does not apply if an ex officio compulsory licence is granted for the following reasons: (a) in a state of emergency; (b) in the effective use of the layout-design of integrated circuit for public non-	(2) Les dispositions du paragraphe (1) du présent article ne s'appliquent pas lorsque la licence obligatoire d'office est octroyée pour des raisons suivantes: (a) l'état d'urgence ; (b) en cas d'exploitation d'un schéma de configuration du circuit intégré à des fins

rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki ku nyungu rusange zitagamije ubucuruzi;	commercial interests;	d'intérêt public non commercial ;
(c) gukosora ibikorwa by'ihiganwa ritemewe n'amategeko.	(c) in case of correction of acts of unfair competition.	(c) en cas de correction d'actes de concurrence déloyale.
(3) Iyo uruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka rwatanzwe hakurikijwe ibikubiye mu gika cya (2) cy'iyi ngingo, ufite uburenganzira ku cyemezo cy'iyandikwa ry'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki amenyeshwa icyemezo cya Guverinoma mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku itariki gifatiwe.	(3) If an ex officio compulsory licence was granted in accordance with the provisions of Paragraph (2) of this Article, the owner of the certificate of registration of the layout-design of integrated circuit is notified of the decision of Government within 30 days from the date on which it was taken.	(3) Lorsqu'une licence obligatoire d'office a été octroyée conformément aux dispositions du paragraphe (2) du présent article, la décision du Gouvernement est notifiée au propriétaire du certificat d'enregistrement du schéma de configuration du circuit intégré dans les 30 jours à partir de la date à laquelle elle a été prise.
(4) Gukoresha igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki ntibirenga icyo uruhushya rwatangiwe kandi nyiracyo cyangwa umuhagarariye bahabwa igihembo gikwiye, hakurikijwe agaciro mu rwego rw'ubukungu k'icyemezo cya Guverinoma cyangwa mu gihe icyemezo cyafashwe n'urwego rw'ubucamanza cyangwa urw'ubuyobozi bubifitiye ububasha, hakurikijwe ibikenewe mu gukosora ibikorwa by'ihiganwa ririmo uburiganya.	(4) The exploitation of the layout-design of integrated circuit is limited to the purposes for which the licence has been granted and is subject to payment to the owner or his or her rightful claimant of appropriate remuneration, taking into account the economic value of the decision of Government, or if the decision has been taken by a judicial organ or by a competent authority, considering the need to correct anticompetitive practices.	(4) L'exploitation d'un schéma de configuration est limitée aux fins pour lesquelles la licence a été accordée et est subordonnée au paiement au titulaire ou à son ayant cause d'une rémunération appropriée, compte tenu de la valeur économique de la décision du Gouvernement, ou, lorsque la décision a été prise par un organe judiciaire ou une autorité compétente, compte tenu de la nécessité de corriger des pratiques anticoncurrentielles.

(5) Haseguriwe ibivugwa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo, icyemezo cya Guverinoma gifatwa, ufite uburenganzira ku cyemezo cy'iyandikwa ry'igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki n'undi wese ubifitemo inyungu bamaze kwisobanura imbere y'ubuyobozi bubifitiye ububasha iyo babyifuza.	(5) Subject to the provisions of Paragraph (2) of this Article, the decision of Government is taken after the owner of the certificate of registration of the layout-design of integrated circuit and any interested person have been heard by the competent authority, if they so wish.	(5) Sous réserve des dispositions du paragraphe (2) du présent article, la décision du Gouvernement est prise après que le propriétaire du certificat d'enregistrement du schéma de configuration du circuit intégré et toute personne intéressée aient été entendus par l'autorité compétente s'ils le souhaitent.
(6) Hakurikijwe ibikubiye mu ngingo ya 178 y'iri tegeko, gukoresha igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki n'urwego rwa Leta cyangwa undi muntu wagenwe na Guverinoma bigomba kuba bigamije kugemurira isoko ry'u Rwanda, keretse iyo uruhushya rwatanzwe hagamijwe gukosora ibikorwa by'ihiganwa ritemewe n'amategeko.	(6) In accordance with provisions of Article 178 of this Law, the effective exploitation of the layout-design of integrated circuit by the State organ or the third party appointed by the Government must aim at supplying the Rwandan market, except if the licence was granted with an intention of correcting acts of unfair competition.	(6) Conformément aux dispositions de l'article 178 de la présente loi, l'exploitation d'un schéma de configuration du circuit intégré par un organe de l'État ou un tiers désigné par le Gouvernement a pour objet l'approvisionnement du marché national sauf lorsque la licence est octroyée en vue de la correction d'actes de concurrence déloyale.
(7) Uruhushya rutangwa nta mpaka rwo gukoresha igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki rwemewe gusa kubera inyungu rusange zitagamije ubucuruzi cyangwa hagamijwe gukosora ibikorwa by'ihiganwa ritemewe n'amategeko.	(7) An ex officio compulsory licence for the use of the layout-design of integrated circuit is only authorised for public non-commercial interests or for the correction of acts of unfair competition.	(7) Une licence obligatoire d'office pour l'exploitation d'un schéma de configuration du circuit intégré n'est autorisée que pour des fins d'intérêt public non commercial ou pour corriger des actes de concurrence déloyale.

<u>Ingingo ya 180</u>: Guhindura cyangwa kuvanaho uruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki	**<u>Article 180</u>: Amendment or withdrawal of an ex officio compulsory licence on a layout-design of integrated circuit**	**<u>Article 180</u> : Modification ou retrait d'une licence obligatoire d'office sur un schéma de configuration du circuit intégré**
Ibyerekeye guhindura cyangwa kuvanaho uruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 60 y'iri tegeko.	Matters relating to amendment or withdrawal of an ex officio compulsory licence on a layout-design of integrated circuit are handled in the same way as provided in Article 60 of this Law.	Les aspects relatifs à la modification ou au retrait d'une licence obligatoire d'office sur un schéma de configuration du circuit intégré sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 60 de la présente loi.
<u>Ingingo ya 181</u>: Gukoresha uburenganzira iyo hatanzwe uruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki	**<u>Article 181</u>: Use of rights in case ex officio compulsory licence on a layout-design of integrated circuit has been granted**	**<u>Article 181</u> : Utilisation des droits en cas d'octroi d'une licence obligatoire d'office sur un schéma de configuration du circuit intégré**
Ibyerekeye gukoresha uburenganzira iyo hatanzwe uruhushya rutegetswe rutangwa nta mpaka ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki bikorwa nu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 61 y'iri tegeko.	Matters relating to the use of rights in case ex officio compulsory licence on a layout-design of integrated circuit has been granted are handled in the same way as provided in Article 61 of this Law.	Les aspects relatifs à l'utilisation des droits en cas d'octroi d'une licence obligatoire d'office sur un schéma de configuration du circuit intégré sont traités de la même manière que celle prévue à l'article 61 de la présente loi.

UMUTWE WA VI: KURENGERA IKIRANGO, IKIRANGO GIHURIWEHO, IKIRANGO NYEMEZA N'IZINA RY'UBUCURUZI	**CHAPTER VI: PROTECTION OF MARK, COLLECTIVE MARK, CERTIFICATION MARK AND TRADE NAME**	**CHAPITRE VI : PROTECTION DE MARQUE, MARQUE COLLECTIVE, MARQUE DE CERTIFICATION ET NOM COMMERCIAL**
Icyiciro cya mbere: Ikirango	**Section One: Mark**	**Section première : Marque**
Akiciro ka mbere: Ikirango kirengerwa	**Subsection one: Protected mark**	**Sous-section première : Marque protégée**
Ingingo ya 182: Ikirango gishobora kwandikwa	**Article 182: Mark eligible for registration**	**Article 182 : Marque susceptible d'être enregistrée**
(1) Ikirango gishobora kwandikwa ni ikigizwe n'ikimenyetso cyangwa urwunge rw'ibimenyetso bishobora kugaragaza itandukaniro hagati y'ibicuruzwa cyangwa serivisi bitangwa n'umuntu n'ibindi bicuruzwa cyangwa serivisi bitangwa n'undi muntu.	(1) A mark eligible for registration is a sign or a combination of signs, capable of distinguishing the goods or services of one person from those of other persons.	(1) Une marque susceptible d'être enregistrée est un signe ou une combinaison de signes, capable de distinguer les biens ou les services d'une personne ou ceux d'autres personnes.
(2) Ibimenyetso bikurikira bishobora kwandikishwa nk'ikirango:	(2) The following signs are eligible for registration as a mark:	(2) Les signes suivants sont susceptibles d'être enregistrées comme marque :
(a) amagambo, amazina bwite, inyuguti, imibare ndetse n'impine z'amagambo;	(a) words, proper names, letters, figures and abbreviations;	(a) des mots, des noms propres, des lettres, des chiffres et des sigles ;
(b) ibigaragaza amasura, harimo:	(b) figurative elements including:	(b) des éléments figuratifs y compris :
(i) ibishushanyo;	(i) designs;	(i) des dessins ;
(ii) ibipfunyikwamo;	(ii) packaging;	(ii) des emballages ;

(iii)imiterere y'ibikoresho	(iii)product forms; or	(iii)des formes de produits ; ou
(iv)cyangwa amasura shusho.	(iv)shapes.	(iv)des configurations.
(c) amabara cyangwa urwunge rw'amabara;	(c) colours or combinations of colours;	(c) des couleurs ou des combinaisons de couleurs ;
(d) urwunge urwo ari rwo rwose rw'ibimenyetso byavuzwe haruguru.	(d) any combination of the above signs.	(d) toute combinaison de signes mentionnés plus haut.
Ingingo ya 183: Ibisabwa mu kwandikisha ikirango	**Article 183: Requirements for registration of a mark**	**Article 183 : Conditions requises pour l'enregistrement d'une marque**
(1) Ikirango cyandikwa iyo:	(1) A mark is registered if:	(1) Une marque est enregistrée lorsque :
(a) gitandukanya ;	(a) it is distinctive;	(a) elle est distinctive ;
(b) kitari urwiganwa;	(b) it is not imitative;	(b) elle n'est pas imitative ;
(c) kidatera urujijo;	(c) it is not confusing;	(c) elle ne porte pas à confusion ;
(d) kidasobanura .	(d) it is not descriptive.	(d) elle n'est pas descriptive.
(2) Icyakora, ikirango ntigishobora kwandikwa iyo ubusabe bwakoranwe uburiganya cyangwa bibangamira ihiganwa**.**	(2) However, a mark cannot be registered if the application was made in bad faith or if the application is an act of unfair competition.	(2) Toutefois, une marque ne peut pas être enregistrée lorsque la demande a été faite de mauvaise foi ou que la demande constitue un acte de concurrence déloyale.
(3) Ikirango gishobora kwandikishwa gishobora kuba gifite ibikigize bitarengewe, keretse iyo bigabanya ibiranga ubutandukane bw'ikirango	(3) A mark eligible for registration may include elements which are not protected, unless they decrease the	(3) Une marque éligible à l'enregistrement peut comprendre des éléments qui ne sont pas protégés, sauf s'ils diminuent les caractéristiques distinctives de la marque

cyangwa bibangamira uburenganzira bw'abandi bantu.	distinctive characteristics of the mark or infringe the rights of other persons.	ou s'ils portent atteinte aux droits des autres personnes.
Ingingo ya 184: Ikirango gitandukanya	**Article 184: Distinctive mark**	**Article 184 : Marque distinctive**
(1) Ikirango kiba gitandukanya iyo mu miterere yacyo gishobora gutandukanya ibicuruzwa cyangwa serivisi bitangwa n'umuntu n'ibicuruzwa cyangwa serivisi bitangwa n'undi muntu.	(1) A mark is distinctive if it is inherently capable of distinguishing the goods or services of one person from those of another person.	(1) Une marque est distinctive lorsqu'elle est intrinsèquement propre à distinguer les produits ou les services d'une personne de ceux d'une autre personne.
(2) Icyakora, ubuyobozi bubifitiye ububasha bushobora kwemeza ko ikirango kitujuje ibisabwa biteganyijwe mu gika cya (1) cy'iyi ngingo gishobora gutandukanya iyo kimaze igihe gikoreshwa.	(2) However, the competent authority can decide whether a mark which does not meet the requirements referred to in Paragraph (1) of this article has acquired distinctiveness through continuous use.	(2) Toutefois, l'autorité compétente peut décider si une marque qui ne satisfait pas aux exigences visées au paragraphe (1) du présent article a acquis un caractère distinctif par usage continu.
Ingingo ya 185: Ikirango cy'urwiganwa	**Article 185: Imitative mark**	**Article 185 : Marque imitative**
(1) Ikirango kiba ari urwiganwa iyo:	(1) A mark is imitative if:	(1) Une marque est imitative lorsque :
(a) gifite isura ihwanye, cyangwa isura isa ku buryo itera urujijo n'iy'ikirango cyangwa izina ry'ubucuruzi cyangwa iyo kigizwe n'ikirango cyangwa izina ry'ubucuruzi ryahinduwe mu zindi ndimi bisanzwe byaramamaye muri Repubulika y'u Rwanda, ku bicuruzwa cyangwa serivisi bihwanye cyangwa bifite isura isa n'iby'undi muntu;	(a) it is identical with, or confusingly similar to, or constitutes a translation of a mark or a trade name which is well-known in the Republic of Rwanda for identical or similar goods or services of another person;	(a) elle est identique, ou similaire à s'y méprendre, ou constitue la traduction d'une marque ou d'un nom commercial notoirement connu en République du Rwanda pour des produits ou des services identiques ou similaires d'une autre personne ;

(b) gifite isura ihwanye, cyangwa isura isa ku buryo itera urujijo n'iy'ikirango cyangwa izina ry'ubucuruzi, cyangwa iyo kigizwe n'ikirango cyangwa izina ry'ubucuruzi cyahinduwe mu zindi ndimi cyamamaye muri Republika y'u Rwanda mu bicuruzwa cyangwa servisi bidafite isura ihwanye cyangwa isura isa n'igisabirwa iyandikwa, iyo:	(b) it is identical with, or confusingly similar to, or constitutes a translation of a mark or a trade name which is well-known in the Republic of Rwanda for goods or services which are not identical or similar to those in respect of which registration is applied for, if:	(b) elle est identique, ou similaire à s'y méprendre, ou constitue la traduction d'une marque ou d'un nom commercial notoirement connu en République du Rwanda pour des produits ou des services qui ne sont pas identiques ou similaires à ceux pour lesquels l'enregistrement est demandé, lorsque :
(i) ikoreshwa ry'ikirango cy'usaba ku bireba ibicuruzwa cyangwa serivisi bigaragaza isano iri hagati y'ibyo bicuruzwa cyangwa serivisi n'ufite uburenganzira ku kirango cyamamaye;	(i) the use of the mark of the applicant in relation to goods or services indicates a connection between those goods or services and the owner of the well-known mark;	(i) l'utilisation de la marque du demandeur en rapport avec les produits ou services en question laisse entendre qu'il existe un lien entre ces produits ou services et le propriétaire de la marque notoirement connue ;
(ii) inyungu z'ufite uburenganzira ku kirango cyamamaye zishobora kubangamirwa n'iryo koreshwa;	(ii) the interests of the owner of the well-known mark are likely to be damaged by such use;	(ii) les intérêts du propriétaire de la marque notoirement connue risquent d'être lésés par l'utilisation en question ;
(c) gifite isura ihwanye n'iy'ikirango gitunzwe n'undi muntu kandi gisanzwe cyanditswe cyangwa ubusabe bwatanzwe mbere cyangwa cyarahawe uburenganzira bwo gutanga abandi ku bireba:	(c) it is identical to a mark belonging to another person and which is already registered, or with an earlier filing date of application or priority date for:	(c) elle est identique à une marque appartenant à un autre titulaire et qui est déjà enregistrée, ou dont la date de dépôt ou de priorité est antérieure, pour :
(i) ibicuruzwa cyangwa serivisi bimwe;	(i) same goods or services;	(i) les mêmes produits ou services ;

(ii) ibicuruzwa cyangwa serivisi bisa, kandi ikoreshwa ryabyo rikaba rishobora kuyobya cyangwa guteza urujijo;	(ii) similar goods or services, and its use is likely to mislead or confuse; or	(ii) des produits ou services similaires, et que leur utilisation comporte un risque de tromperie ou de confusion ; ou
(d) cyangwa gifite isura isa n'iy'ikirango cyandikishijwe gitunzwe n'undi muntu cyangwa ubusabe bwatanzwe mbere cyangwa cyarahawe uburenganzira bwo gutanga abandi ku bireba ibicuruzwa na serivisi bimwe cyangwa bisa, kandi ikoreshwa ryacyo rikaba rishobora kuyobya cyangwa guteza urujijo.	(d) it is similar to a mark belonging to another person and which is already registered, or with an earlier filing date of application or priority date in respect of the same or similar goods or services, and its use is likely to mislead or confuse.	(d) elle est similaire à une marque appartenant à un autre titulaire et qui est déjà enregistrée, ou dont la date de dépôt ou de priorité est antérieure eu égard aux mêmes ou similaires produits ou services, et que son utilisation comporte un risque de tromperie ou de confusion.
(2) Kugaragaza ko ikirango cyamamaye bishingira ku ntera cyangwa ku rwego kiriho mu kumenyekana muri rubanda mu gice gikoreshwamo muri Repubulika y'u Rwanda, harimo no ku rwego cyagezeho kimenyekana binyuze mu kucyamamaza.	(2) determining whether a mark is well-known, consideration is given to the degree of recognition of the mark in the relevant sector of the public in the Republic of Rwanda including the degree of recognition arising from the advertising of the mark.	(2) Pour déterminer si une marque est notoirement connue, il faut tenir compte du degré de notoriété de la marque dans le secteur concerné du public en République du Rwanda, y compris le degré de notoriété découlant de la publicité de la marque.
<u>Ingingo ya 186</u>: Ikirango giteza urujijo	**<u>Article 186</u>: Confusing mark**	**<u>Article 186 </u>: Marque créant la confusion**
(1) Ikirango kiba giteza urujijo iyo gishobora gutuma abaguzi, rubanda cyangwa abacuruzi bibeshya ku bireba:	(1) A mark is confusing if it is likely to mislead consumers, the public or traders, especially as regards to:	(1) Une marque crée la confusion lorsqu'elle est susceptible d'induire en erreur les consommateurs, le public ou les commerçants, pour ce qui concerne :
(a) aho gikomoka;	(a) geographical origin;	(a) l'origine géographique ;
(b) ireme;	(b) quality;	(b) la qualité ;

(c) imiterere;	(c) nature;	(c) la nature ;
(d) ibikiranga;	(d) characteristics;	(d) les caractéristiques ;
(e) uburyo cyakozwemo;	(e) manufacturing process;	(e) le procédé de fabrication ;
(f) kuba kibereye gukoreshwa mu byo kigamije ku bijyanye n'ibicuruzwa cyangwa serivisi ikirango cyasabiwe iyandikwa n'usaba.	(f) suitability for the use for which it is intended for on goods or services in respect of which registration of the mark is applied for by the applicant.	(f) la convenance de l'utilisation pour laquelle elle est destinée en termes de produits ou de services pour lesquels l'enregistrement de la marque est demandé.
(2) Ikirango kandi kiba giteza urujijo iyo:	(2) A mark is also confusing if:	(2) Une marque crée également la confusion lorsque :
(a) gikubiyemo ikimenyetso ndangahantu kiyobya;	(a) it contains a misleading geographical indication;	(a) elle contient une indication géographique trompeuse.
(b) gifite izina risa n'izina ry'ubucururzi ryanditswe mu gitabo cy'amasosiyete rikoreshwa mu bikorwa bimwe.	(b) it has a name similar to a registered trade name used in the same business.	(b) elle a un nom similaire à un nom commercial enregistré, qui est utilisé dans le même domaine d'activités.
Ingingo ya 187: Ikirango gisobanura	**Article 187: Descriptive mark**	**Article 187 : Marque descriptive**
Ikirango kiba gisobanura iyo kigaragaza mu bikigize amagambo cyangwa imvugo:	A mark is descriptive if it contains among its components, words or expressions which:	Une marque est descriptive lorsqu'elle contient dans ses composantes, des mots ou des expressions qui :
(a) bikoreshwa gusa mu kwerekana ubwoko, ubwiza, ingano, ikigamijwe, agaciro, ahantu bikomoka, igihe ibicuruzwa	(a) serve only to designate the kind, quality, quantity, intended purpose, value, geographical origin, time of	(a) servent pour désigner l'espèce, la qualité, la quantité, la destination, la valeur, la provenance géographique ou l'époque de la

byakorewe cyangwa serivisi zatangiwe cyangwa ibindi bibiranga by'ibanze bigaragaza ibicuruzwa cyangwa serivisi;	production of goods or of rendering of services, or other fundamental characteristics of goods or services;	production du produit ou de la prestation du service, ou d'autres caractéristiques de ceux-ci ;
(b) bikoreshwa muri rusange n'abaguzi ku bireba ibicuruzwa cyangwa serivisi by'ikirango cyasabiwe iyandikwa;	(b) are in common use by consumers in relation to the goods or services in respect of which registration of the mark is applied for;	(b) sont d'usage commun par les consommateurs eu égard aux produits ou services pour lesquels l'enregistrement de la marque est demandé ;
(c) bikoreshwa muri rusange ku rwego rwa tekiniki ku bireba ibicuruzwa cyangwa servisi by'ikirango cyasabiwe iyandikwa.	(c) are common technical terms used in the relevant field of the goods and services in respect of which registration of the mark is applied for.	(c) sont des termes techniques communs utilisés dans la catégorie de produits ou de services pour lesquels l'enregistrement de la marque est demandé.
<u>Ingingo ya 188</u>: Ubusabe bw'iyandikwa ry'ikirango bwakoranwe uburiganya	**<u>Article 188</u>: Application for registration of a mark made in bad faith**	**<u>Article 188</u> : Demande d'enregistrement d'une marque constituée de mauvaise foi**
Ikirango nticyandikwa iyo ubusabe bukoranywe uburiganya, cyangwa iyo iyandikwa ry'ikirango rifite inkurikizi cyangwa rishobora kugira inkurikizi zikurikira:	A mark is not registered if the application is made in bad faith, or if the registration of a mark has the effect, or likely to have effect of:	Une marque n'est pas enregistrée lorsque la demande est constituée de mauvaise foi ou lorsque l'enregistrement de la marque a pour effet, ou est susceptible de produire les effets suivants :
(a) kubangamira ihiganwa;	(a) lessening competition;	(a) la limitation de la concurrence ;
(b) kubuza ubucuruzi;	(b) restraining trade;	(b) l'entrave au commerce ;
(c) cyangwa gukoresha nabi umwanya w'ubushobozi isoko rifite cyangwa ubwiganze rikesha ikirango.	(c) abusing a position of market power or dominance conferred by the mark.	(c) l'abus d'une position de puissance ou de dominance du marché conférée par la marque.

Ingingo ya 189: Ikirango kidashobora kwandikishwa cyangwa gukoreshwa	**Article 189: Mark excluded from registration and use**	**Article 189 : Marque exclue de l'enregistrement et de l'utilisation**
Ikirango nticyandikwa cyangwa ngo gikoreshwe, iyo:	A mark is excluded from registration and use, if:	Une marque est exclue de l'enregistrement et de l'utilisation, lorsque :
(a) kitubahirije amategeko ndemyagihugu n'imigenzo myiza;	(a) it is contrary to public order and to morality;	(a) elle est contraire à l'ordre public ou à la moralité ;
(b) cyandukura, cyigana cyangwa gikubiyemo ibice bigize ibirango by'igihugu, amabendera cyangwa ibindi birango, izina, impine z'amagambo cyangwa inyuguti zihagarariye izina cyangwa ikashe y'igihugu ikoreshwa mu kugenzura no kwemeza ibikorwa bya Leta cyangwa iby'umuryango mpuzamahanga washyizweho n'amasezerano mpuzamahanga, keretse iyo Leta cyangwa uwo muryango mpuzamahanga bibitangiye uruhushya.	(b) it reproduces, imitates or contains among its features armorial bearings, flags or other emblems, a name or abbreviation or initials of the name, official sign or hallmark and guarantee of a State or intergovernmental organisation set up by an international convention, unless authorisation is given by that State or that intergovernmental organisation.	(b) elle reproduit, imite ou contient parmi ses éléments des armoiries, drapeaux ou autres emblèmes, abréviations ou sigles ou un signe ou poinçon officiel de contrôle et de garantie d'un État ou d'une Organisation intergouvernementale créée grâce à une convention internationale, sauf autorisation donné par cet État ou cette organisation intergouvernementale.
Akiciro ka 2: Ubusabe bwo kwandikisha ikirango	**Subsection 2: Application for registration of a mark**	**Sous-section 2 : Demande d'enregistrement d'une marque**
Ingingo ya 190: Gutanga ubusabe bwo kwandikisha ikirango	**Article 190: Filing of the application for registration of a mark**	**Article 190 : Dépôt de la demande d'enregistrement d'une marque**
(1) Ubusabe bw'iyandikwa ry'ikirango bukorwa huzuzwa inyandiko	(1) An application for registration of a mark is made by filling a form provided for this	(1) Une demande d'enregistrement d'une marque s'effectue en remplissant un

yabugenewe ishyirwaho n'ubuyobozi bubifitiye ububasha.	purpose, which is prescribed by the competent authority.	formulaire prévu à cet effet et prescrit par l'autorité compétente.
(2) Gutanga ubusabe byishyurirwa amafaranga yagenwe.	(2) The filing of the application is subject to payment of the prescribed fee.	(2) Le dépôt de la demande est soumis au paiement de frais prescrits.
Ingingo ya 191: Kugena itariki y'ubusabe bw'iyandikwa ry'ikirango	**Article 191: Setting the filing date of the application for registration of a mark**	**Article 191 : Fixation de la date de dépôt de la demande d'enregistrement d'une marque**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bugena itariki bwakiriyeho ubusabe bw'iyandikwa ry'ikirango nk'itariki ubusabe hakurikijwe ibikubiye mu ngingo ya 190 y'iri tegeko.	(1) The competent authority sets as the filing date of application for registration of a mark, the date of receipt of the application, in accordance with the provisions of Article 190 of this Law.	(1) L'autorité compétente fixe comme date de dépôt de la demande d'enregistrement d'une marque, la date de réception de la demande, conformément aux dispositions de l'article 190 de la présente loi.
(2) Icyakora, iyo ibisabwa bituzuye, ubuyobozi bubifitiye ububasha bumenyesha usaba kuzuza ibibura mu gihe kitarenze iminsi 14 ibarwa uhereye ku itariki yabimenyesherejweho.	(2) However, if the requirements are not met, the competent authority informs the applicant that he or she must complete the missing elements within 14 days from the day of notification.	(2) Toutefois, lorsque les conditions requises ne sont pas réunies, l'autorité compétente informe le demandeur qu'il doit compléter les éléments faisant défaut dans un délai de 14 jours à compter du jour de notification.
(3) Iyo usaba yubahirije ibyo asabwa gukora, itariki ibyaburaga byakiriweho ni yo ifatwa nk'itariki y'ubusabe.	(3) If the applicant complies with the requirements, the date of receipt of the missing elements is considered as the filing date.	(3) Lorsque le demandeur se conforme aux conditions requises, la date de réception des éléments faisant défaut est considérée comme date de dépôt de la demande.
(4) Iyo usaba atubahirije ibyo asabwa gukora, ubusabe bufatwa nk'ubwaretswe.	(4) If the applicant does not comply with the requirements, the application is considered as withdrawn.	(4) Lorsque le demandeur ne se conforme pas aux conditions requises, la demande est considérée comme ayant été retirée.

<u>Akiciro ka 3</u>: Isuzuma n'itangazwa ry'iyandikwa ry'ikirango	**<u>Subsection 3</u>: Examination and publication of registration of a mark**	**<u>Sous-section 3</u> : Examen et publication d'enregistrement d'une marque**
<u>Ingingo ya 192</u>: Gusuzuma ireme ry'ubusabe bwo kwandikisha ikirango	**<u>Article 192</u>: Examination of the substance of application for registration of a mark**	**<u>Article 192</u> : Examen du fond de la demande d'enregistrement d'une marque**
(1) Iyo ubusabe bwo kwandikisha ikirango bwujuje ibisabwa biteganywa mu ngingo ya 190 y'iri tegeko, ubuyobozi bubifitiye ububasha busuzuma ireme ryabwo hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 183 n'iya 189 z'iri tegeko kugira ngo ikirango cyandikwe.	(1) If the application for registration of a mark meets the requirements provided for by Article 190 of this Law, the competent authority examines the substance of the application in accordance with the provisions of Articles 183 and 189 of this Law, in order for a mark to be registered.	(1) Lorsque la demande d'enregistrement d'une marque répond aux exigences prévues à l'article 190 de la présente loi, l'autorité compétente examine le fond de la demande conformément aux dispositions des articles 183 et 189 de la présente loi, afin qu'une marque soit enregistrée.
(2) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bushobora gusaba uwatanze ubusabe kwemeza ko bimwe mu bice bigize ikirango bidahabwa uburenganzira bwihariye.	(2) The competent authority may require the applicant to disclaim an unregistrable component of a mark otherwise registrable.	(2) L'autorité compétente peut requérir le demandeur de se désister du droit à l'usage exclusif d'une partie de la marque qui n'est pas enregistrable.
(3) Uwatanze ubusabe nawe ashobora gusaba ko ibice bivuzwe mu gika cya (2) cy'iyi ngingo bidahabwa uburenganzira bwihariye kuri icyo kirango asabira kwandikwa.	(3) An applicant may voluntarily disclaim a component of a mark referred to in Paragraph (2) of this Article sought to be registered.	(3) Le demandeur peut soumettre volontairement un désistement du droit à l'usage exclusif d'une partie de la marque visée au paragraphe (2) du présent article dont l'enregistrement est demandé.
(4) Iyo ubusabe butujuje ibisabwa, ubuyobozi bubifitiye ububasha bwanga ubusabe bwo kwandikisha ikirango, bukabimenyesha mu nyandiko usaba mu minsi itarenze 14 ibarwa uhereye ku itariki icyemezo cyafatiwe.	(4) If the application does not meet the requirements, the competent authority rejects the application for registration of a mark and informs in writing the applicant within 14 days from the date on which the decision was made.	(4) Lorsque la demande ne répond pas aux exigences, l'autorité compétente rejette la demande d'enregistrement d'une marque et en informe le demandeur par écrit dans un délai de 14 jours à compter du jour où la décision a été prise.

Ingingo ya 193 : Itangazwa ry'ubusabe bwo kwandikisha ikirango	**Article 193: Publication of application of registration of a mark**	**Article 193 : Publication de la demande d'enregistrement d'une marque**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha butangaza ubusabe bwemewe bwo kwandikisha ikirango mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku itariki y'isuzuma.	(1) The competent authority publishes the accepted application for registration of a mark in the Official Gazette of the Republic of Rwanda within 30 days, from the date of examination.	(1) L'autorité compétente publie la demande acceptée d'enregistrement d'une marque au Journal Officiel de la République du Rwanda dans un délai de 30 jours à compter du jour de l'examen.
(2) Itangazwa ry'ubusabe bwo kwandikisha ikirango rigaragaza amakuru akurikira:	(2) The publication of application for registration of a mark indicates the following information:	(2) La publication de la demande d'enregistrement d'une marque indique les informations suivantes :
(a) inomero y'ubusabe;	(a) application number;	(a) le numéro de la demande ;
(b) amazina y'uwatanze ubusabe;	(b) name of the applicant;	(b) le nom du demandeur ;
(c) itariki ubusabe bwatangiweho;	(c) filing date of the application;	(c) la date de dépôt de la demande ;
(d) kopi y'ikirango;	(d) copy of the mark;	(d) la copie de la marque ;
(e) amakuru arambuye y'ubusabe bw'uburenganzira bwo gutanga abandi;	(e) particulars of a claim for a right of priority for the application;	(e) les détails d'une revendication d'un droit de priorité de la demande ;
(f) ibicuruzwa cyangwa serivisi iyandikwa ry'ikirango risabirwa.	(f) goods or services in respect of which registration of the mark is applied for.	(f) les produits ou les services pour lesquels l'enregistrement de la marque est demandé.

Ingingo ya 194: Itambamira ry'iyandikwa ry'ikirango	**Article 194: Opposition to the registration of a mark**	**Article 194 : Opposition à l'enregistrement d'une marque**
Umuntu ubifitemo inyungu ashobora gutambamira iyandikwa ry'ikirango yuzuza inyandiko yabugenewe ishyirwaho n'ubuyobozi bubifitiye ububasha, mu gihe kitarenze iminsi 60 ibarwa uhereye ku itariki y'itangazwa ry'ubusabe bw'iyandikwa, hashingiwe nibura kuri imwe mu mpamvu zikurikira:	An interested person may oppose the registration of a mark by filling the form provided for this purpose and prescribed by the competent authority, within 60 days from the date of the publication of the application for registration, on at least one of the following grounds:	Une personne intéressée peut s'opposer à l'enregistrement d'une marque en remplissant un formulaire prévu à cet effet et prescrit par l'autorité compétente, dans un délai de 60 jours à partir du jour de publication de la demande d'enregistrement pour au moins l'une des raisons suivantes :
(a) iyo ikirango kidatandukanya;	(a) if the mark is not distinctive;	(a) si la marque n'est pas distinctive ;
(b) iyo ikirango ari urwiganwa;	(b) if the mark is imitative;	(b) si la marque est imitative ;
(c) iyo ikirango gishobora guteza urujijo;	(c) if the mark is likely confusing;	(c) si la marque est susceptible de créer la confusion ;
(d) iyo ikirango gisobanura;	(d) if mark is descriptive;	(d) si la marque est descriptive ;
(e) iyo ubusabe bw'iyandikwa ry'ikirango bwakoranywe uburiganya;	(e) if the application for registration of a mark was made in bad faith;	(e) si la demande d'enregistrement de la marque a été faite de mauvaise foi ;
(f) iyo ubusabe bw'iyandikwa ry'ikirango bwatanzwe hagamijwe kubangamira ihiganwa.	(f) if the application for registration of a mark is made with the aim of unfair competition.	(f) si la demande d'enregistrement de la marque est fait dans le but de concurrence déloyale.

Ingingo ya 195: Uburyo bukurikizwa mu itambamira ry'ikirango	**Article 195: Procedure for opposition to the registration of a mark**	**Article 195 : Procédure d'opposition à l'enregistrement d'une marque**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bumenyesha uwatanze inyandiko isaba kwandika ikirango itambamira ry'iyandikwa ry'ikirango, mu gihe kitarenze iminsi irindwi ibarwa uhereye ku itariki bwayakiriyeho, kugira ngo atange ibisobanuro ku mpamvu z'itambamira.	(1) The competent authority gives notice of opposition, within seven days from the date of receipt of notice of opposition, to the applicant for registration of a mark for him or her to provide explanations on the grounds of opposition.	(1) L'autorité compétente donne au demandeur d'enregistrement d'une marque une notification d'opposition à l'enregistrement d'une marque dans un délai de sept jours à compter du jour de réception de la notification, afin qu'il fournisse des explications sur des raisons d'opposition.
(2) Uwatanze inyandiko isaba kwandika ikirango atanga ibisobanuro ku mpamvu z'itambamira mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku itariki yamenyesherejweho itambamira.	(2) The applicant for registration of a mark provides explanations on the grounds of opposition within 30 days from the date on which he or she received the notice of opposition.	(2) Le demandeur d'enregistrement d'une marque fournit des explications sur des raisons d'opposition dans un délai de 30 jours à partir du jour où il a reçu la notification.
(3) Iyo uwatanze inyandiko isaba kwandika ikirango adatanze ibisobanuro ku mpamvu z'itambamira, ubusabe bufatwa nk'aho bwaretswe.	(3) If the applicant for registration of a mark does not provide explanations on the grounds of opposition, the application is considered as abandoned.	(3) Lorsque demandeur d'enregistrement d'une marque ne fournit pas des explications sur des raisons d'opposition, la demande est considérée comme étant abandonnée.
(4) Iyo uwatanze inyandiko isaba kwandika ikirango atanze ibisobanuro ku mpamvu z'itambamira, ubuyobozi bubifitiye ububasha bwohererezа kopi y'igisubizo uwakoze itambamira.	(4) If the applicant for registration of a mark provides explanations on the grounds of opposition, the competent authority transmits a copy of the response to the opposing party.	(4) Lorsque le demandeur d'enregistrement d'une marque fournit des explications sur des raisons d'opposition, l'autorité compétente transmet une copie de cette réponse à la partie opposante.
(5) Nyuma yo kumva impande zombi no gusuzuma ishingiro ry'itambamira, ubuyobozi bubifitiye ububasha bwanzura	(5) After hearing both parties and examining the relevance of the opposition, the competent authority	(5) Après avoir entendu les parties et examiné le fondement de l'opposition, l'autorité compétente décide s'il convient ou non

niba bikwiye ko ikirango cyandikwa cyangwa kitandikwa, mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku itariki ya nyuma wo kumva ibisobanuro byatanzwe n'impande zombi.	decides whether it is appropriate to register or not a mark within 30 days from the last day of hearing both parties.	d'enregistrer une marque, dans un délai de 30 jours à compter du dernier jour d'audition des parties.
Ingingo ya 196: Ubujurire ku cyemezo cy'itambamira ry'iyandikwa ry'ikirango	**Article 196: Appeal against the decision on opposition to the registration of a mark**	**Article 196 : Recours contre une décision sur l'opposition à l'enregistrement d'une marque**
(1) Umuntu ubifitemo inyungu ashobora kujuririra icyemezo ku itambamira ry'iyandikwa ry'ikirango mu kanama k'ubujurire mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku itariki yamenyesherejweho icyemezo cy'ubuyobozi bubifitiye ububasha.	(1) An interested person may appeal against a decision on opposition to the registration of a mark, before the Appeal Committee, within 30 days from the date of notification of the decision of the competent authority.	(1) Une personne intéressée peut faire recours contre une décision sur l'opposition à l'enregistrement d'une marque au comité de recours dans un délai de 30 jours à compter du jour où elle a été notifiée de la décision de l'autorité compétente.
(2) Iteka rya Minisitiri rigena abagize akanama k'ubujurire n'imikorere yako.	(2) An Order of the Minister determines the composition and functioning of the Appeal Committee.	(2) Un arrêté du Ministre détermine la composition et le fonctionnement du comité de recours.
Ingingo ya 197: Agaciro k'uburenganzira mu gihe cy'itangazwa	**Article 197: Effect of rights during publication period**	**Article 197 : Effet des droits pendant la période de publication**
(1) Nyuma yo gutangaza ubusabe na mbere yo kwandika ikirango, uwatanze ubusabe agira umwihariko n'uburenganzira bimwe nk'ibyo yari kuba afite iyo ikirango kiba cyaranditswe.	(1) After an application is published and until the registration of a mark, the applicant has the same privileges and rights as he or she would have if the mark were registered.	(1) Après la publication d'une demande et jusqu'à l'enregistrement d'une marque, le demandeur a les mêmes privilèges et droits que ceux qu'il aurait si la marque était enregistrée.
(2) Icyakora, iyo ubusabe bwo kwandikisha ikirango butambamiwe bikemerwa, uwo	(2) However, if an application for registration of a mark is successfully	(2) Toutefois, lorsqu'une demande d'enregistrement d'une marque se heurte

mwihariko n'ubwo burenganzira bihita biba imfabusa uhereye ku itariki ubusabe bwatangiweho.	opposed, the privileges and rights are null as from the date of the application.	avec succès à une opposition, les privilèges et droits deviennent nuls à partir du jour de la demande.
Akiciro ka 4: Iyandikwa ry'kirango, itangazwa n'iteshagaciro by'iyandikwa	**Subsection 4: Registration of a mark, its publication and invalidation**	**Sous-section 4 : Enregistrement d'une marque, sa publication et son invalidation**
Ingingo ya 198: Iyandikwa ry'ikirango	**Article 198: Registration of a mark**	**Article 198 : Enregistrement d'une marque**
Iyo ubusabe bwo kwandikisha ikirango bwujuje ibisabwa, ubuyobozi bubifitiye ububasha bukora ibi bikurikira:	If the application for registration of a mark meets the requirements, the competent authority proceeds to the following:	Lorsque la demande d'enregistrement satisfait aux exigences, l'autorité compétente fait ce qui suit :
(a) bwandika icyemezo cy'iyandikwa ry'ikirango muri rejisitiri y'ibirango;	(a) records a certificate of registration of a mark in the register of marks;	(a) enregistre un certificat d'enregistrement d'une marque dans le registre des marques ;
(b) buha uwatanze idosiye y'ubusabe icyemezo cy'iyandikwa ry'ikirango.	(b) issues to the applicant a certificate of registration of a mark.	(b) délivre au demandeur un certificat d'enregistrement d'une marque.
Ingingo ya 199: Itangazwa ry'iyandikwa ry'ikirango	**Article 199: Publication of registration of a mark**	**Article 199 : Publication d'enregistrement d'une marque**
Ubuyobozi bubifitiye ububasha butangaza iyandikwa ry'ikirango mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku itariki ikirango cyandikiweho.	The competent authority publishes the registration of a mark in the Official Gazette of the Republic of Rwanda within 30 days from the date of registration of a mark.	L'autorité compétente publie l'enregistrement d'une marque au Journal Officiel de la République du Rwanda dans un délai de 30 jours à compter du jour d'enregistrement d'une marque.

Ingingo ya 200: Gutesha agaciro iyandikwa ry'ikirango	**Article 200: Invalidation of the registration of a mark**	**Article 200 : Invalidation d'enregistrement d'une marque**
(1) Umuntu ubifitemo inyungu ashobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha gutesha agaciro iyandikwa ry'ikirango agaragaje nibura imwe mu mpamvu zikurikira:	(1) An interested person may apply to the competent court to invalidate the registration of a mark if at least one of the following grounds is established:	(1) Une personne intéressée peut demander à une juridiction compétente d'invalider l'enregistrement d'une marque lorsqu'au moins l'une des raisons suivantes est établie :
(a) iyo ikirango kidatandukanya;	(a) mark is not distinctive;	(a) la marque n'est pas distinctive ;
(b) iyo ikirango ari urwiganwa;	(b) mark is imitative;	(b) la marque est imitative ;
(c) iyo ikirango giteza urujijo;	(c) mark is likely confusing;	(c) la marque est susceptible de créer la confusion ;
(d) iyo ikirango gisobanura;	(d) mark is descriptive;	(d) la marque est descriptive ;
(e) iyo ikirango cyandikishijwe mu buriganya;	(e) mark was registered in bad faith; and	(e) la marque a été enregistrée de mauvaise foi ; et
(f) n'iyo ubusabe bw'iyandikwa ry'ikirango bwatanzwe hagamijwe kubangamira ihiganwa.	(f) application for registration of a mark is made with the aim of unfair competition.	(f) la demande d'enregistrement de la marque est fait dans le but de concurrence déloyale.
(2) Urukiko rubifitiye ububasha rushobora kwemeza ko ikirango cyandikwa ku wasabye ko iyandikwa riteshwa agaciro, iyo uwasabye agaragaje ko ari we ufite uburenganzira ku kirango kandi mu kirego yasabye ko bakimwandikaho.	(2) The competent court may, declare that a mark be registered on the person who requested for invalidation of the registration if that person proves to be the right owner of the mark and has requested the registration be made on his or her name.	(2) La juridiction compétente peut déclarer qu'une marque soit enregistrée sur la personne qui a introduit une demande en annulation de l'enregistrement s'elle démontre qu'elle en est le titulaire du droit et qu'elle a demandé que l'enregistrement se fasse sur son nom.

(3) Umuntu ubifitemo inyungu amenyesha ubuyobozi bubifitiye ububasha icyemezo cya burundu cy'urukiko cyo kuvanaho iyandikwa ry'ikirango kugira ngo: (a) bwandike icyemezo cy'urukiko muri rejisitiri y'ibirango; (b) bushyire ku kirango ikimenyetso cy'uko cyateshejwe agaciro muri rejisitiri y'ibirango; (c) butangaze imenyesha rivuga ku cyemezo cy'urukiko mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku itariki bwakimenyesherejweho.	(3) The interested person notifies the competent authority of the final decision of the court to invalidate the registration of a mark so as: (a) to record the court decision in the register of marks; (b) to mark the mark as invalidated in the register of marks; (c) to publish a notice referring to the decision of the court within 30 days from the date of notification.	(3) La personne intéressée notifie à l'autorité compétente le jugement final de la juridiction d'invalider l'enregistrement d'une marque pour : (a) enregistrer la décision de la cour dans le registre des marques ; (b) marquer la marque comme étant invalidée dans le registre des marques ; (c) publier une notification faisant référence à la décision de la juridiction dans un délai de 30 jours à compter du jour de notification.
Ingingo ya 201: Inkurikizi zo gutesha agaciro iyandikwa ry'ikirango Iyandikwa ry'ikirango ryateshejwe agaciro rifatwa nk'iridafite agaciro uhereye ku itariki ikirango cyandikishirijweho.	**Article 201: Effects of invalidating registration of a mark** An invalidated registration of a mark is regarded as null from the date of registration of a mark.	**Article 201 : Effets d'invalidation d'enregistrement d'une marque** L'enregistrement d'une marque invalidé est considéré comme nul à partir du jour d'enregistrement d'une marque.
Akiciro ka 5: Kurengera uburenganzira butangwa n'iyandikwa ry'ikirango n'igihe bimara	**Subsection 5: Protection of rights conferred by registration of marks and its duration**	**Sous-section 5 : Protection des droits conférés par l'enregistrement des marques et sa durée**

Ingingo ya 202: Uburenganzira butangwa n'iyandikwa ry'ikirango	**Article 202: Rights conferred by registration of a mark**	**Article 202 : Droits conférés par l'enregistrement d'une marque**
(1) Iyandikwa ry'ikirango rihesha nyiracyo uburenganzira bwihariwe bwo kugikoresha ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda.	(1) The registration of a mark confers on the owner the exclusive rights to the use of a mark on the territory of the Republic of Rwanda.	(1) L'enregistrement d'une marque confère au titulaire le droit exclusif de son utilisation sur le territoire de la République du Rwanda.
(2) Iyandikwa ry'ikirango rihesha kandi nyiracyo uburenganzira bwihariwe bwo kubuza umuntu uwo ari we wese utari nyiracyo kugikoresha ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda, atabiherewe uruhushya na nyiracyo.	(2) The registration of a mark also confers on the owner the exclusive rights to prevent any person other than the owner from using it on the territory of the Republic of Rwanda, without prior authorization of the owner.	(2) L'enregistrement d'une marque confère au titulaire le droit exclusif d'empêcher toute personne autre que le titulaire d'en faire usage sur le territoire de la République du Rwanda sans autorisation préalable du titulaire.
Ingingo ya 203: Ikirego cy'indishyi ku ibangamirwa ry'ikirango cyandikishijwe	**Article 203: Civil proceedings against infringement of registration of a mark**	**Article 203 : Action civile à l'encontre d'une violation d'enregistrement d'une marque**
Ufite uburenganzira ku kirango cyandikishijwe, ashobora kuregera indishyi mu rukiko rubifitiye ububasha, arega umuntu ukoresha ikirango cyandikishijwe, cyangwa worohereza cyangwa ugura ibyazwamusaruro ry'ikirango cyandikishijwe atabimwemereye cyangwa worohereza cyangwa ugurisha ibyazwamusaruro ry'ikirango cy'urwiganwa k'ufite uburenganzira ku kirango cyandikishijwe.	The owner of a registered mark may initiate civil proceedings before the competent court against a person who uses, or facilitates or procures the use of the registered mark without his or her consent, or a person who facilitates or procures the use of a mark which is imitative of the registered mark of the owner.	Le titulaire d'une marque enregistrée peut initier une action civile auprès d'une juridiction compétente contre une personne qui utilise, facilite ou se procure l'utilisation d'une marque enregistrée sans son consentement ou contre une personne qui utilise, facilite ou se procure l'utilisation d'une marque qui est imitative de la marque enregistrée du titulaire.

Ingingo ya 204: Gukura ikirango muri rejisitiri y'ibirango kubera ko kidakoreshwa	**Article 204: Removal of a mark from register of marks on grounds of non-use**	**Article 204 : Radiation d'une marque dans un registre des marques pour non utilisation**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha, bubyibwirije cyangwa bubisabwe n'umuntu ubifitemo inyungu, bumenyesha ufite uburenganzira ku kirango cyandikishijwe, ikurwa ry'ikirango muri rejisitiri y'ibirango kubera impamvu z'uko kitakoreshejwe na nyiracyo wacyandikishije cyangwa uwahawe uruhushya mu gihe kingana nibura n'imyaka itatu ikurikirana ibarwa uhereye ku itariki ikirango cyandikishirijweho.	(1) The competent authority, on own initiative or at the request of an interested person, informs the owner of a registered mark, of the removal of the mark from the register of marks on the grounds that the mark has not been used by the owner of registered mark or by a licensee for a period of at least three consecutive years from the date of registration of a mark.	(1) L'autorité compétente, de sa propre initiative ou à la demande de la personne intéressée, informe le titulaire d'une marque enregistrée de la radiation d'une marque du registre des marques du fait que la marque n'a pas été utilisée par le titulaire de l'enregistrement ou par le titulaire de licence pour une période d'au moins trois ans consécutifs à compter du jour d'enregistrement d'une marque.
(2) Ufite uburenganzira ku kirango cyandikishijwe cyangwa uwahawe uruhushya, mu gihe cy'iminsi 30 ibarwa uhereye ku itariki yakiriyeho imenyesha ryo gukura ikirango muri rejisitiri, atanga impamvu zamubujije gukoresha ikirango.	(2) The owner of the registered mark or the licensee, within 30 days from the date of receipt of notification of the removal of the mark from the register, may provide reasons that prevented its use.	(2) Le titulaire d'une marque enregistrée ou le titulaire de licence, dans un délai de 30 jours à compter du jour de réception de la notification de radiation, donne des raisons qui l'ont empêché d'utiliser la marque.
(3) Iyo ufite uburenganzira ku kirango cyandikishijwe cyangwa uwahawe uruhushya atanze impamvu zumvikana zamubujije kugikoresha, ikirango ntigikurwa muri regisitiri.	(3) If the owner of the registered mark or the licensee provides legitimate reasons that prevented its use, the mark is not removed from the register.	(3) Lorsque le titulaire d'une marque enregistrée ou le titulaire de licence donne des raisons valables qui l'ont empêché de l'utiliser, la marque n'est pas radiée du registre.
(4) Iyo ufite uburenganzira ku kirango cyandikishijwe cyangwa uwahawe uruhushya adatanze impamvu cyangwa	(4) If the owner of the registered mark or the licensee does not provide reasons or provides illegitimate reasons that	(4) Lorsque le propriétaire d'une marque enregistrée ou le titulaire de licence ne donne pas de raisons ou donne des raisons

atanze impamvu zitumvikana zamubujije kugikoresha, ikirango gikurwa muri rejisitiri y'ibirango.	prevented its use, the mark is removed from the register of marks.	non valables qui l'ont empêché de l'utiliser, la marque est radiée du registre.
Ingingo ya 205: Aho uburenganzira bugarukira n'irangira ryabwo	**Article 205: Limitations and exhaustion of rights**	**Article 205 : Limitations et épuisement des droits**
(1) Uburenganzira butangwa n'ikirango cyanditswe ntibureba ibikorwa byerekeye ibyatunganyijwe cyangwa serivisi byashyizwe mu bucuruzi ku buryo bwemewe n'amategeko muri Repubulika y'u Rwanda na nyir'ukucyandikisha cyangwa abitangiye uruhushya.	(1) The rights conferred by a registered mark are not extended to the acts relating to products or services that have been put lawfully on market, in the Republic of Rwanda, by the registration owner or with his or her consent.	(1) Les droits conférés par une marque enregistrée ne s'étendent pas aux actes portant sur des produits ou services mis licitement sur le marché, en République du Rwanda, par le titulaire d'enregistrement ou avec son consentement.
(2) Haseguriwe ibikubiye mu ngingo ya 204 y'iri tegeko, Minisitiri abyibwirije, abisabwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha cyangwa abisabwe n'umuntu ubifitemo inyungu afite ububasha bwo gutangaza ko uburenganzira ku cyemezo cy'ikirango bwarangiye, muri icyo gihe akemera ko abandi bantu batumiza mu mahanga icyatunganyijwe cyahawe icyemezo cy'ikirango cyangwa icyatunganyijwe mu buryo butaziguye cyangwa buziguye hakoreshejwe ikirango cyatangiwe icyemezo cy'iyandikwa cyitwa "icyatunganyijwe" cyaturutse ku butaka bw'ikindi gihugu mu gihe:	(2) Without prejudice to the provisions of Article 204 of this Law, the Minister on own motion, at the request of the competent authority or at the request of any interested person, has the authority to declare the rights of the mark exhausted, and in such a case he/she shall authorize other persons to import the product provided with a mark or a product manufactured directly or indirectly by means of the registered mark referred to as "the product" from the territory of another country when:	(2) Sans préjudice aux dispositions de l'article 204 de la présente loi, le Ministre de sa propre initiative, à la demande de l'autorité compétente ou à la demande de toute personne intéressée, a le pouvoir de déclarer les droits conférés de la marque épuisés, et dans ce cas, d'autoriser que les autres importent le produit protégé par la marque ou le produit qui a été directement ou indirectement fabriqué au moyen de la marque enregistrée appelé « le produit » à partir d'un territoire d'un autre pays quand :
(a) icyatunganyijwe:	(a) the product:	(a) le produit :

(i) kitaboneka ku butaka bw'u Rwanda;	(i) is not available on the territory of Rwanda;	(i) n'est pas disponible sur le territoire du Rwanda ;
(ii) kiboneka ku butaka bw'u Rwanda kitubahirije ubuziranenge busabwa;	(ii) is available on the territory of Rwanda but does not meet the required standards;	(ii) est disponible sur le territoire du Rwanda mais ne respecte pas les normes exigées ;
(iii) kitaboneka ku buryo gishobora guhaza abaguzi b'imbere mu gihugu;	(iii) cannot be available in sufficient quantities to meet the domestic market;	(iii) n'est pas en quantités suffisantes pour répondre aux besoins du marché intérieur ;
(iv) gifite igiciro Minisitiri asanga kidakwiye;	(iv) has a price which the Minister considers unfair;	(iv) est à un prix que le Ministre juge inadéquat ;
(b) biturutse ku yindi mpamvu iyo ari yo yose igamije inyungu rusange, harimo no gukumira ibikorwa byabangamira ihiganwa.	(b) for any other reason of public interest, including acts of unfair competition.	(b) pour toute autre raison d'intérêt public, y compris des actes de concurrence déloyale.
(3) Mu ifatwa ry'icyemezo hitabwa kuri ibi bikurikira:	(3) The decision shall be taken in consideration of the following:	(3) La décision est prise en considération de ce qui suit :
(a) icyatunganyijwe kigomba kuba cyarashyizwe ku isoko mu gihugu kizaturukamo n'ufite uburenganzira ku cyemezo cy'ikirango cyangwa uwo yabyemereye;	(a) the product has been put on market in the territory from which it will be imported by the owner of certificate of the mark or by a person authorized by him/her;	(a) le produit a été mis sur le marché sur le territoire à partir duquel il sera importé par le titulaire du certificat d'enregistrement de la marque ou par la personne autorisée par ce dernier ;
(b) icyemezo cy'ikirango gisaba kwitirirwa icyatunganyijwe cyangwa uburyo bwo kugitunganya kigomba kuba gifite agaciro mu gihugu	(b) the certificate of registration of the mark claiming the product or the process for its manufacture is in force in the territory from which the	(b) le certificat d'enregistrement de la marque revendiquant le produit ou le procédé de sa fabrication est en vigueur dans le territoire à partir duquel le

kizaturukamo kandi kikaba gifitwe n'umuntu umwe ari na we ufite uburenganzira ku cyemezo cy'ikirango gifite agaciro muri Repubulika y'u Rwanda cyangwa umuntu afiteho ububasha.	product will be imported and is owned by the same person who owns the certificate of registration of the mark in the Republic of Rwanda or by a person under his/her control.	produit sera importé et est détenu par la même personne détentrice du certificat d'enregistrement de la marque en vigueur en République du Rwanda ou par une personne sous son contrôle.
(4) Iyo uwinjije mu gihugu icyatunganyijwe atujuje ibisabwa byatumye Minisitiri afata icyo cyemezo cyo gutangaza ko uburenganzira ku cyemezo cy'ikirango bwarangiye, Minisitiri afite ububasha bwo kuvanaho urwo ruhushya, abyibwirije cyangwa abisabwe n'ufite uburenganzira ku cyemezo cy'ikirango.	(4) If the importer of the product fails to fulfil the requirements that provoked the Minister to take such a decision of declaring the extinction of the mark rights, the Minister shall, ex officio, or at the request of the owner of the mark, cancel the authorization.	(4) Si l'importateur du produit ne remplit pas les conditions qui ont justifié la décision du Ministre de déclarer que les droits conférés de la marque sont épuisés, le Ministre est habilité, soit d'office ou à la demande du titulaire des droits à la marque, à annuler l'autorisation.
(5) Ibikubiye mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ntibireba gukoresha ikirango cyanditswe mu rwego rw'imenyeshamakuru, nko kumenyekanisha ibicuruzwa cyangwa iyamamaza rigereranya, mu gihe gukora gutyo bidakorwa ku buryo bitera rubanda kwibeshya cyangwa bitaba ari igikorwa cy'ihiganwa ry'ubucuruzi kirimo uburiganya.	(5) The provisions of Paragraph (1) of this Article shall not apply to the use of the registered mark with informative purposes, such as to promote sales or engage in comparative advertisement, provided such use is not made in a manner that deceives the public or constitutes act of unfair competition.	(5) Les dispositions du paragraphe (1) du présent article ne s'appliquent pas à l'utilisation de la marque enregistrée pour raison d'information, telle que la promotion des ventes ou lors d'une publicité comparative, à condition qu'une telle utilisation n'est pas faite de manière à induire le public en erreur ou constituer un acte de concurrence déloyale.
(6) Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano afite ububasha bwo gufata icyemezo cyo kugabanya ikoreshwa ry'ibirango, hagamijwe koroshya iyandikwa n'ikoreshwa ry'imiti ikomoka ku miti y'umwimerere, ndetse n'ibikoresho byo	(6) The Minister in charge of health may take measures to limit the use of marks with the purpose of facilitating the prescription of and the access to generic pharmaceutical products and medical devices, or with the purpose of	(6) Le Ministre ayant la santé dans ses attributions est habilité à prendre des mesures pour limiter l'utilisation des marques dans le but de faciliter la prescription et l'accès aux produits pharmaceutiques génériques et matériel

kwa muganga cyangwa gufata icyemezo kibuza abantu gufata imiti yagaragaye ko yangiza ubuzima, mu gihe ibyo bitabangamira ku buryo bukabije ubushobozi bw'icyo kirango, mu gutandukanya umuti uyu n'uyu wemewe kunyobwa n'undi muti na wo wemewe gukoreshwa.	discouraging the public consumption of drugs that are deemed prejudicial to health, provided such measures do not unreasonably cause a detriment to the capability of the marks in question to distinguish a certain accepted drug from any other drug accepted to be used.	médical ou dans le but de décourager la consommation publique de produits qui sont réputés préjudiciables à la santé, à condition que de telles mesures ne causent pas de manière déraisonnable un tort à la capacité des marques en question de distinguer un produit pharmaceutique autorisé d'un autre également autorisé.
Ingingo ya 206: Igihe kurengera ikirango cyandikishijwe bimara n'igihe cy'inyongera	**Article 206: Duration of protection of the registered mark and its renewal**	**Article 206 : Durée de protection d'une marque enregistrée et son renouvellement**
(1) Ikirango cyandikishijwe kirengerwa mu gihe cy'imyaka 10 ibarwa uhereye ku itariki ubusabe bw'iyandikwa bwatangiweho.	(1) A registered mark is protected for a period of 10 years from the filing date of the application for registration.	(1) Une marque enregistrée est protégée pour une période de 10 ans à compter du jour de dépôt de la demande d'enregistrement.
(2) Igihe cyo kurengera ikirango cyandikishijwe gishobora guhora cyongererwa igihe cy'inyongera kimara imyaka 10, iyo bisabwe n'ufite uburenganzira ku kirango cyandikishijwe. Kongera igihe cyo kurengera ikirango cyandikishijwe byishyurirwa amafaranga yagenwe.	(2) The duration of protection of a registered mark can be indefinitely renewed for consecutive periods of 10 years each, upon request of the owner of a registered mark. The renewal of registration of a mark is subject to payment of the prescribed fee.	(2) La période de protection d'une marque enregistrée peut être renouvelée indéfiniment pour des périodes consécutives de 10 ans chacune, sur demande du titulaire d'une marque enregistrée. Le renouvellement d'enregistrement d'une marque est soumis au paiement de frais prescrits.
(3) Icyakora, hatangwa igihe cy'imbabazi kingana n'amezi atandatu cyo kwishyura amafaranga yo kongera igihe cyo kurengera ikirango cyandikishijwe nyuma y'itariki ntarengwa yo kwishyuriraho. Ubwishyu bukozwe mu gihe cy'imbabazi	(3) However, a grace period of six months is granted for the payment of the fee for renewal of the protection of the registered mark after the deadline for payment. The payment made during	(3) Toutefois, une période de grâce de six mois est accordée pour le paiement des frais de renouvellement de la protection d'une marque enregistrée après la date limite de paiement. Le paiement effectué pendant la

bwiyongeraho amafaranga y'inyongera yagenwe.	the grace period is subject to payment of the prescribed surcharge.	période de grâce est soumis au paiement de frais de surcharge prescrits.
(4) Iyo amafaranga yo kongerera ikirango igihe atishyuwe, kurengera ikirango cyandikishijwe bitakaza agaciro.	(4) If the fee for renewal of a mark is not paid, the protection of a registered mark lapses.	(4) Lorsque les frais de renouvellement d'une marque ne sont pas payés, la protection d'une marque enregistrée tombe en déchéance.
Akiciro ka 6: Ukwegurira undi muntu ikirango	**Subsection 6: Assignment of a mark**	**Sous-section 6 : Transfert d'une marque**
Ingingo ya 207: Uburyo bwo kwegurira undi muntu uburenganzirira ku kirango	**Article 207: Procedures for assignment of a mark**	**Article 207 : Procédures de cession d'une marque**
(1) Ikirango cyandikishijwe gishobora kwegurirwa undi muntu binyuze mu masezerano yanditse yo kwegurira undi muntu ikirango cyanditse, ashyirwaho umukono n'impande zombi.	(1) A registered mark may be assigned to a person through a written mark assignment contract signed by both parties.	(1) Une marque enregistrée peut être cédée à une personne par le biais d'un contrat écrit de cession d'une marque signé par les deux parties.
(2) Amaze kwishyura amafaranga yagenwe, uweguriwe ikirango ashyikiriza ubuyobozi bubifitiye ububasha amasezerano yanditse yo kwegurira undi muntu ikirango ariho umukono kugira ngo bwandike muri rejisitiri y'ibirango impinduka ku burenganzira ku kirango kandi bunazitangaze.	(2) Upon payment of the prescribed fee, a mark assignee submits a signed mark assignment contract to the competent authority who records in the register of marks the change in the mark ownership and publishes the details.	(2) Après avoir payé les frais prescrits, le cessionnaire d'une marque transmet un contrat écrit de cession d'une marque signé à l'autorité compétente qui à son tour enregistre dans le registre des marques le changement de propriété et publie les détails.
(3) Ukwegurira undi muntu ikirango bitangira kugira agaciro no gukurikizwa gusa iyo	(3) The assignment of a mark becomes valid and enforceable once it is recorded in the register of marks.	(3) La cession d'une marque devient valable et applicable une fois enregistrée dans le registre des marques.

kimaze kwandikwa muri rejisitiri y'ibirango.		
Ingingo ya 208: Kwanga kwandika amasezerano yo kwegurira undi muntu uburenganzirira ku kirango	**Article 208: Refusal to record a mark assignment contract**	**Article 208 : Refus d'enregistrement d'un contrat de cession d'une marque**
Ubuyobozi bubifitiye ububasha ntibwandika amasezerano yo kwegurira undi muntu ikirango iyo uko kwegurira undi muntu bishobora kuyobya, gutuma abaguzi n'abacuruzi bibeshya cyangwa bishobora kubateza urujijo ku bireba:	The competent authority does not record a mark assignment contract if the assignment is likely to mislead, to deceive or to confuse consumers and traders with regard to:	L'autorité compétente n'enregistre pas un contrat de cession d'une marque lorsque la cession est susceptible de tromper, d'induire en erreur les consommateurs et les commerçants ou de créer la confusion dans leur esprit en ce qui concerne :
(a) aho gikomoka;	(a) geographical origin;	(a) l'origine géographique ;
(b) ireme;	(b) quality;	(b) la qualité ;
(c) imiterere;	(c) nature;	(c) la nature ;
(d) ibikiranga;	(d) characteristics;	(d) les caractéristiques ;
(e) uburyo cyakozwemo;	(e) manufacturing process;	(e) le procédé de fabrication;
(f) kuba kibereye gukoreshwa mu byo kigamije ku bicuruzwa cyangwa serivisi ikirango cyasabiwe iyandikwa n'usaba.	(f) suitability for the use for which it is intended for on goods or services in respect of which registration of the mark is applied for by the applicant.	(f) la convenance de l'utilisation pour laquelle elle est destinée en termes de produits ou de services pour lesquels l'enregistrement de la marque est demandé.
Akiciro ka 7: Uruhushya rw'ikirango	**Subsection 7: Mark licence**	**Sous-section 7 : Licence d'une marque**

Ingingo ya 209: Uruhushya rushingiye ku masezerano y'ikirango	**Article 209: Mark contractual licence**	**Article 209 : Licence contractuelle d'une marque**
(1) Ufite uburenganzira ku kirango cyandikishijwe, ashobora guha, undi muntu binyuze mu masezerano yanditse yashyizweho umukono n'impande zombi, uruhushya rw'umwihariko kuri byose, urw'umwihariko kuri bimwe cyangwa ntirube urw'umwihariko rwemerera uwo muntu kugira uruhare nibura muri kimwe mu bikorwa cyangwa serivisi bigize ikoreshwa ry'ikirango.	(1) The owner of a registered mark, through a written contract signed by both parties, may grant an exclusive, semi-exclusive or non-exclusive licence to another person authorising that person to engage in at least one of the acts or services constituting the use of the mark.	(1) Un titulaire d'une marque enregistrée, par biais d'un contrat écrit signé par les deux parties, peut accorder une licence exclusive, semi-exclusive ou non exclusive à une autre personne l'autorisant à s'engager dans au moins l'un des actes ou des services qui constituent l'utilisation de la marque.
(2) Uwahawe uruhushya rushingiye ku masezerano y'ikirango, amaze kwishyura amafaranga yagenwe, ashyikiriza kopi y'uruhushya rushingiye ku masezerano y'ikirango ubuyobozi bubifitiye ububasha kugira ngo bwandike impamvu y'ayo masezerano yerekeye uruhushya muri rejisitiri y'ibirango bunayabike mu ibanga.	(2) Upon payment of the prescribed fee, a mark licensee submits a copy of the mark licence contract to the competent authority who records the fact of the licence contract in the register of marks and keeps licence contract confidential.	(2) Après avoir payé les frais prescrits, le cessionnaire de licence d'une marque transmet une copie du contrat de licence à l'autorité compétente qui à son tour enregistre le fait du contrat de licence dans le registre des marques et garde confidentiellement le contrat de licence.
(3) Uruhushya rushingiye ku masezerano y'ikirango rutangira kugira agaciro no gukurikizwa iyo rwanditswe muri rejisitiri y'ibirango.	(3) The mark licence becomes valid and enforceable if it is recorded in the register of marks.	(3) La licence d'une marque devient valable et applicable lorsqu'elle est enregistrée dans le registre des marques.

Ingingo ya 210: Ivanwaho ry'uruhushya rushingiye ku masezerano y'ikirango	**Article 210: Withdrawal of mark contractual licence**	**Article 210 : Retrait de licence contractuelle d'une marque**
Uruhushya rushingiye ku masezerano y'ikirango ruvanwaho n'ubuyobozi bubifitiye ububasha iyo:	The mark contractual licence is withdrawn by the competent authority, in case of:	La licence contractuelle d'une marque est retirée par l'autorité compétente en cas de :
(a) amasezerano yerekeye uruhushya rw'ikirango asheshwe na rumwe cyangwa impande zombi;	(a) termination of the mark licence contract by one or both parties;	(a) résiliation du contrat de licence d'une marque par l'une ou les deux parties ;
(b) iyandikwa ry'ikirango riteshejwe agaciro.	(b) invalidation of the registration of a mark.	(b) invalidation d'enregistrement d'une marque.
Ingingo ya 211: Kwanga kwandika amasezerano yo gutanga uruhushya rw'ikirango	**Article 211: Refusal to record a mark licence contract**	**Article 211 : Refus d'enregistrement d'un contrat de licence d'une marque**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha ntibwandika amasezerano yo gutanga uruhushya rw'ikirango, iyo busanze ayo masezerano afite ingingo imwe cyangwa nyinshi, cyangwa amasezerano yose uko yakabaye yabangamira ihiganwa cyangwa iyo guha uruhushya icyo kirango bishobora kuyobya, gutuma abaguzi bibeshya cyangwa bishobora kubateza urujijo ku bireba:	(1) The competent authority does not record a mark licence contract if it finds that such a contract contains one or more clauses, or the whole contract constitutes an act of unfair competition, or the licensing of the mark is likely to mislead, to deceive or to confuse consumers with regard to:	(1) L'autorité compétente n'enregistre pas un contrat de licence d'une marque lorsqu'elle constate que ce contrat contient une ou plusieurs clauses ou le contrat tout entier constitue un acte de concurrence déloyale, ou lorsque la concession de licence de marque est susceptible de tromper, d'induire en erreur les consommateurs ou de créer la confusion dans leur esprit en ce qui concerne :
(a) aho gikomoka;	(a) geographical origin;	(a) l'origine géographique ;

(b) ireme;	(b) quality;	(b) la qualité ;
(c) imiterere;	(c) nature;	(c) la nature ;
(d) ibikiranga;	(d) characteristics;	(d) les caractéristiques ;
(e) uburyo cyakozwemo;	(e) manufacturing process;	(e) le procédé de fabrication ;
(f) kuba kibereye kubyazwa umusaruro mu byo kigamije ku bicuruzwa cyangwa serivisi ikirango cyasabiwe iyandikwa n'usaba.	(f) suitability for the use for which it is intended for on goods or services in respect of which registration of the mark is applied for by the applicant.	(f) la convenance de l'utilisation pour laquelle elle est destinée en termes de produits ou de services pour lesquels l'enregistrement de la marque est demandé.
(2) Mbere yo gufata icyemezo, ubuyobozi bubifitiye ububasha bushobora kumva imyanzuro itangwa n'impande zagiranye amasezerano, bushobora kandi kugisha inama urwego rushinzwe igenzura ry'ihiganwa.	(2) Before making a decision, the competent authority can hear submissions from the parties to the contract and can seek advice from the organ in charge of competition regulation.	(2) Avant la prise d'une décision, l'autorité compétente peut auditionner les soumissions émanant des parties contractantes et demander l'avis de l'organe chargé de règlementation de la concurrence.
(3) Icyemezo cyo kwanga kwandika uruhushya rw'ikirango gishobora kujuririrwa mu kanama k'ubujurire mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku itariki icyemezo cyamenyesherejweho impande zombi.	(3) A decision to refuse to record the mark licence can be subject to appeal before the Appeal Committee within 30 days from the date of notification of the decision to both parties.	(3) Une décision de refus d'enregistrement de licence d'une marque peut faire l'objet de recours devant la commission de recours dans un délai de 30 jours à compter du jour de notification de la décision aux deux parties.
(4) Ibiteganyijwe mu masezerano bibangamira cyangwa bibuza uwahawe uruhushya rw'ikirango bidafitanye isano n'ibisabwa muri iri tegeko kandi nta	(4) A contractual term imposing a limitation or restriction on the mark licensee that does not relate to a requirement of this Law and is not	(4) Un terme contractuel imposant une limitation ou une restriction au titulaire de licence d'une marque qui n'est pas en rapport avec une condition requise de la

mpamvu za ngombwa kugira ngo harindwe uburenganzira ku kirango cyandikishijwe bifatwa ko bifite ingaruka zibangamira ihiganwa.	reasonably necessary for the safeguard of the registered mark rights is considered to have effect of unfair competition.	présente loi et qui n'est pas nécessaire pour la sauvegarde des droits à une marque enregistrée est considéré comme ayant un effet de concurrence déloyale.
<u>Ingingo ya 212</u> : Ingingo z'amasezerano yo gutanga uruhushya rw'ikirango zishobora kubangamira ihiganwa	**<u>Article 212</u>: Mark licence contract clauses likely to have effect of unfair competition**	**<u>Article 212</u> : Clauses de contrat de licence d'une marque susceptibles d'avoir un effet de concurrence déloyale**
Ubwoko bw'ingingo z'amasezerano yo gutanga uruhushya rw'ikirango bukurikira butera ugukeka gushobora kuvuguruzwa ku bibangamira ihiganwa:	The following types of mark licence contract clauses create a rebuttable presumption in favour of unfair competition:	Les types de clauses de contrat de licence d'une marque ci-après donnent lieu à une présomption réfutable en faveur de la concurrence déloyale :
(a) ingingo ibuza uwahawe uruhushya rw'ikirango gutambamira, gusaba iyamburwa iteshwagaciro ry'iyandikwa ry'ikirango;	(a) a clause that requires the mark licensee not to oppose, seek revocation or invalidation of the registration of a mark;	(a) une clause qui exige le titulaire de licence d'une marque de ne pas s'opposer, ne pas demander la révocation ou l'invalidation de l'enregistrement d'une marque;
(b) ingingo ihatira uwahawe uruhushya rw'ikirango kubona uruhushya ku birebana n'ubundi burenganzira ku mutungo mu by'inganda nk'inkomyi yo gutanga uruhushya rushingiye ku masezerano ku kirango cyandikishijwe;	(b) a clause that coerces the mark licensee to acquire a licence in respect of another industrial property right as a condition for the granting of a contractual licence over the registered mark;	(b) une clause qui contraint le titulaire de licence d'une marque à acquérir une licence eu égard à un autre droit de propriété industrielle comme condition d'octroi d'une licence contractuelle sur la marque enregistrée ;
(c) ingingo iha uwahawe uruhushya rw'ikirango inshingano yo kwishyura amafaranga adakwiye ku kirango kitarakoreshwa;	(c) a clause that imposes an obligation on the mark licensee to pay unreasonable fees for a mark not yet used;	(c) une clause qui impose une obligation au titulaire de licence d'une marque de payer des frais déraisonnables pour une marque non encore utilisée ;

(d) ingingo iha uwahawe uruhushya rw'ikirango inshingano yo kugura ibikoresho fatizo, ibyatunganyijwe bicirirtse cyangwa ibikoresho ku watanze urwo ruhushya;	(d) a clause that imposes an obligation on the mark licensee to purchase raw materials, intermediate products, or equipment from the licensor;	(d) une clause qui impose une obligation au titulaire de licence d'une marque d'acheter des matières premières, des produits intermédiaires, ou des équipements chez le concédant de licence ;
(e) ingingo ibuza uwahawe uruhushya rw'ikirango kohereza mu mahanga ibicuruzwa biriho ikirango cyangwa ibuza kohereza hanze ibyo bicuruzwa hatishyuwe amafaranga adakwiye ku watanze urwo ruhushya;	(e) a clause that prevents the mark licensee from exporting goods bearing the mark or preventing such export without the payment of an unreasonable fee to the licensor;	(e) une clause qui empêche le titulaire de licence d'une marque d'exporter des biens portant la marque ou qui empêche une telle exportation sans paiement de frais déraisonnables au concédant de licence ;
(f) ingingo igabanya, mu buryo ubwo aribwo bwose, amahirwe y'uwahawe uruhushya rw'ikirango kugira ngo agurishe ibicuruzwa biriho ikirango ku masoko yo mu gihugu cyangwa ayo hanze yacyo;	(f) a clause that limits in any way the mark licensee's opportunities to sell goods bearing the mark on internal or external markets;	(f) une clause qui, dans tous les cas, limite les opportunités du cessionnaire de licence d'une marque de vendre des biens portant la marque sur les marchés intérieurs et extérieurs ;
(g) ingingo ikubiyemo inshingano y'inyongera, kubera imiterere yayo cyangwa hakurikijwe imikoreshereze mu bucuruzi, idafite aho ihuriye n'ikigamijwe n'ayo masezerano.	(g) a clause that contains a supplementary obligation which, by its nature or according to commercial usage, has no connection with the subject matter of the contract.	(g) une clause qui contient une obligation supplémentaire qui, de par sa nature ou selon l'usage commercial, n'a aucun rapport avec l'objet du contrat.
<u>Akiciro ka 8</u>: Ikirango gihuriweho	**<u>Subsection 8</u>: Collective mark**	**<u>Sous-section 8</u> : Marque collective**
<u>Ingingo ya 213</u>: ikirango gihuriweho	**<u>Article 213</u>: Collective mark**	**<u>Article 213</u> : Marque collective**
Ikirango gishobora gutandukanya ibicuruzwa cyangwa serivisi by'abanyamuryango b'ishyirahamwe n'ibicuruzwa cyangwa	A mark, capable of distinguishing the goods or services of persons who are members of an association, from goods or services of persons	Une marque propre à distinguer les produits et les services des personnes qui sont membres d'une association, de ceux des personnes qui ne

serivisi by'abantu batari abanyamuryango b'iryo shyirahamwe cyasabiwe iyandikwa mu buryo bwagenwe gishobora kwandikishwa nk'ikirango gihuriweho ku bireba ibicuruzwa cyangwa serivisi byanditswe mu izina ry'iryo shyirahamwe.	who are not members of such association, for which the application for registration was made in the prescribed manner, is registrable as a collective mark in respect of the goods or services registered in the name of such an association.	sont pas membres de cette association, pour laquelle la demande d'enregistrement a été faite de la manière prescrite, est enregistrable comme une marque collective pour les produits ou services enregistrés au nom de cette association.
Ingingo ya 214: Ubusabe bw'iyandikwa ry'ikirango gihuriweho	**Article 214: Application for registration of a collective mark**	**Article 214 : Demande d'enregistrement d'une marque collective**
Ibyerekeye ibisabwa mu kwandikisha ikirango gihuriweho, ikirango gihuriweho kidashobora kwandikishwa cyangwa gukoreshwa, kugena itariki y'ubusabe bw'iyandikwa ry'ikirango gihuriweho, gusuzuma ireme ry'ubusabe bwo kwandikisha ikirango gihuriweho, itangazwa ry'ubusabe bwo kwandikisha ikirango gihuriweho, itambamira ry'iyandikwa ry'ikirango gihuriweho, uburyo bukurikizwa mu itambamira ry'ikirango gihuriweho, ubujurire ku cyemezo cy'itambamira ry'iyandikwa ry'ikirango gihuriweho, agaciro k'uburenganzira mu gihe cy'itangazwa, iyandikwa ry'ikirango gihuriweho, itangazwa ry'iyandikwa ry'ikirango gihuriweho n'igihe kurengera ikirango gihuriweho cyandikishijwe bimara n'igihe cy'inyongera bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 183 , iya 189, iya 191, iya 192, iya 193, iya 194, iya 195 , iya 196, iya 197 , iya 198, iya 199 n'iya 206 z'iri tegeko nk'uko bikurikirana.	Matters related to the requirements for registration of a collective mark, a collective mark excluded from registration and use, setting the filing date of the application for registration of a collective mark, examination of the substance of application for registration of a collective mark, publication of application of registration of a collective mark, opposition to the registration of a collective mark, procedure for opposition to the registration of a collective mark, appeal against the decision on opposition to the registration of a collective mark, effect of rights during publication period, registration of a collective mark, publication of registration of a collective mark and the duration of protection of the registered collective mark and its renewal are handled in the same way as provided respectively in articles 183, 189, 191, 192, 193, 194, 195, 196, 197, 198, 199 and 206 of this Law.	Les matières en rapport avec les conditions requises pour l'enregistrement d'une marque collective, une marque collective exclue de l'enregistrement et de l'utilisation, la fixation de la date de dépôt de la demande d'enregistrement d'une marque collective, l'examen du fond de la demande d'enregistrement d'une marque collective, la publication de la demande d'enregistrement d'une marque collective, l'opposition à l'enregistrement d'une marque collective, la procédure d'opposition à l'enregistrement d'une marque collective, l'effet des droits pendant la période de publication, l'enregistrement d'une marque collective, la publication d'enregistrement d'une marque collective et la durée de protection d'une marque collective enregistrée et son renouvellement sont traités de la même manière que celle prévue respectivement aux articles 183, 189, 191, 192, 193, 194, 195, 196, 197, 198, 199 et 206 de la présente loi.

Ingingo ya 215: Gutanga ubusabe bwo kwandikisha ikirango gihuriweho	**Article 215: Filing of the application for registration of a collective mark**	**Article 215 : Dépôt de la demande d'enregistrement d'une marque collective**
(1) Ubusabe bw'iyandikwa ry'ikirango gihuriweho bukorwa huzuzwa inyandiko yabugenewe ishyirwaho n'ubuyobozi bubifitiye ububasha.	(1) An application for registration of a collective mark is made by filling a form provided for this purpose, which is prescribed by the competent authority.	(1) Une demande d'enregistrement d'une marque collective s'effectue en remplissant un formulaire prévu à cet effet et prescrit par l'autorité compétente.
(2) Ubusabe bw'iyandikwa ry'ikirango gihuriweho buherekezwa na kopi y'inyandiko igaragaza imikoreshereze yumvikanweho n'abahuriye ku kirango gihuriweho igena ibisabwa mu mikoreshereze y'ikirango gihuriweho.	(2) An application for registration of a collective mark is accompanied by a copy of the regulations determining the conditions of use of a collective mark.	(2) Une demande d'enregistrement d'une marque collective est accompagnée d'une copie du règlement déterminant les conditions d'utilisation d'une marque collective.
(3) Ufite uburenganzira ku kirango gihuriweho cyandikishijwe amenyesha ubuyobozi bubifitiye ububasha impinduka zose zakozwe kuri iyo nyandiko.	(3) The owner of a registered collective mark notifies the competent authority of any change made to those regulations.	(3) Le titulaire d'une marque collective enregistrée informe l'autorité compétente de tout changement apporté audit règlement.
(4) Gutanga ubusabe byishyurirwa amafaranga yagenwe.	(4) The filing of the application is subject to payment of the prescribed fee.	(4) Le dépôt de la demande est soumis au paiement de frais prescrits.
Ingingo ya 216: Uburenganzira butangwa n'iyandikwa ry'ikirango gihuriweho	**Article 216: Rights conferred by registration of a collective mark**	**Article 216 : Droits conférés par l'enregistrement d'une marque collective**
(1) Iyandikwa ry'ikirango gihuriweho rihesha abanyamuryango b'ishyirahamwe uburenganzira bwihariwe bwo kugikoresha ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda.	(1) The registration of a collective mark confers on members of an association the exclusive rights to the use of a collective mark on the territory of the Republic of Rwanda.	(1) L'enregistrement d'une marque collective confère aux membre de l'association le droit exclusif de son utilisation sur le territoire de la République du Rwanda.

(2) Icyakora, ikirango gihuriweho cyandikishijwe ntigishobora gukorerwa amasezerano yo gutanga uruhushya.	(2) However, a registered collective mark cannot be subject to a licence contract.	(2) Toutefois, une marque collective enregistrée ne peut pas faire l'objet d'un contrat de licence.
Ingingo ya 217: Gutesha agaciro iyandikwa ry'ikirango gihuriweho	**Article 217: Invalidation of the registration of a collective mark**	**Article 217 : Invalidation d'enregistrement d'une marque collective**
(1) Umuntu ubifitemo inyungu ashobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha gutesha agaciro iyandikwa ry'ikirango gihuriweho ashingiye nibura kuri imwe mu mpamvu zikurikira:	(1) An interested person may request the competent court to invalidate the registration of a collective mark on at least one of the following grounds:	(1) Une personne intéressée peut demander à une juridiction compétente d'invalider l'enregistrement d'une marque collective pour au moins l'une des raisons suivantes :
(a) iyo umwe mu bahuriye ku kirango ariwe wenyine ugikoresha;	(a) only one of the co-owners of a registered collective mark uses the mark;	(a) seul l'un des cotitulaires d'une marque collective enregistrée utilise la marque ;
(b) iyo umwe mu bahuriye ku kirango yemerera undi muntu kugikoresha mu buryo bunyuranyije n'inyandiko igaragaza imikoreshereze yumvikanweho n'abahuriye ku ikirango gihuriweho ishyirwaho n'abahuriye ku kirango igena ibisabwa mu mikoreshereze y'ikirango gihuriweho;	(b) one of the co-owners of a collective mark allows others to use it in contravention of the regulations prescribed by the co-owners of a collective mark determining the conditions of use of a collective mark;	(b) l'un des cotitulaires d'une marque collective autorise son utilisation en contravention du règlement établi par les cotitulaires d'une marque collective déterminant les conditions d'utilisation d'une marque collective ;
(c) iyo umwe mu bahuriye ku kirango yemereye undi muntu kugikoresha cyangwa yamenye cyangwa yagombye kuba yaramenye ko kirimo gukoreshwa mu buryo buyobya, bubeshya cyangwa	(c) one of the co-owners of a collective mark allowed others to use it, or knew or ought to have known it was being used in a manner likely to mislead,	(c) l'un des cotitulaires d'une marque collective a autorisé son utilisation ou savait ou aurait dû savoir qu'elle était utilisée d'une manière qui trompe, induit en erreur les consommateurs ou les

buteza urujijo mu baguzi cyangwa abacuruzi ku bireba: (i) aho gikomoka; (ii) ireme; (iii) imiterere; (iv) ibikiranga; (v) uburyo cyakozwemo; (vi) kuba kibereye gukoreshwa mu byo kigamije ku bicuruzwa cyangwa serivisi bifitanye isano n'icyo kirango gihuriweho.	deceive or confuse consumers or traders with regards to: (i) geographical origin; (ii) quality; (iii) nature; (iv) characteristics; (v) manufacturing process; (vi) suitability for the use for which they are intended of the goods or services to which the collective mark relates.	commerçants ou crée la confusion dans leur esprit en ce qui concerne : (i) l'origine géographique ; (ii) la qualité ; (iii) la nature ; (iv) les caractéristiques ; (v) le procédé de fabrication ; (vi) la convenance de l'utilisation pour laquelle elle est destinée en termes de produits ou de services auxquels la marque collective se rapporte.
Akiciro ka 9: Ikirango nyemeza	**Subsection 9 : Certification mark**	**Sous-section 9 : Marque de certification**
Ingingo ya 218: Ikirango nyemeza	**Article 218 : Certification mark**	**Article 218 : Marque de certification**
Ikirango cyerekana itandukaniro hagati y'ibicuruzwa na serivisi byahawe icyemezo n'umuntu wabiherewe ububasha ku birebana n'ahantu byakomotse, ibikoresho fatizo, uburyo byakozwemo, ireme, ugukorwa neza n'ikindi kintu kibiranga n'ibicuruzwa cyangwa serivisi bitahawe icyemezo, kiba gishobora kwandikishwa nk'ikirango nyemeza.	A mark distinguishing goods or services certified by an authorised person in respect of the geographical origin, material, manufacturing process, quality, accuracy or other characteristic from goods or services not so certified, is registrable as a certification mark.	Une marque distinguant des produits ou des services certifiés par une personne habilitée selon leur origine géographique, la matière, le procédé de fabrication, la qualité, la convenance ou selon d'autres caractéristiques de produits ou de services non ainsi certifiés est enregistrable comme marque de certification.

<u>Ingingo ya 219</u>: Ubusabe bw'iyandikwa ry'ikirango nyemeza Ibyerekeye ibisabwa mu kwandikisha ikirango nyemeza, ikirango nyemeza kidashobora kwandikishwa cyangwa gukoreshwa, gutanga ubusabe bwo kwandikisha ikirango nyemeza, kugena itariki y'ubusabe bw'iyandikwa ry'ikirango nyemeza, gusuzuma ireme ry'ubusabe bwo kwandikisha ikirango nyemeza, itangazwa ry'ubusabe bwo kwandikisha ikirango nyemeza, itambamira ry'iyandikwa ry'ikirango nyemeza, uburyo bukurikizwa mu itambamira ry'ikirango nyemeza, ubujurire ku cyemezo cy'itambamira ry'iyandikwa ry'ikirango nyemeza, agaciro k'uburenganzira mu gihe cy'itangazwa, iyandikwa ry'ikirango nyemeza, itangazwa ry'iyandikwa ry'ikirango nyemeza n'igihe kurengera ikirango nyemeza cyandikishijwe bimara n'igihe cy'inyongera bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 183, iya 189, iya 191, iya 192, iya 193, iya 194, iya 195, iya 196, iya 197 , iya 198, iya 199 n'iya 206 z'iri tegeko nk'uko bikurikirana.	**<u>Article 219</u>: Application for registration of a certification mark** Matters related to the requirements for registration of a certification mark, a certification mark excluded from registration and use, filing of the application for registration of a certification mark, setting the filing date of the application for registration of a certification mark, examination of the substance of application for registration of a certification mark, publication of application of registration of a certification mark, opposition to the registration of a certification mark, procedure for opposition to the registration of a certification mark, appeal against the decision on opposition to the registration of a certification mark, effect of rights during publication period, registration of a certification mark, publication of registration of a certification mark and the duration of protection of the registered certification mark and its renewal are handled in the same way as provided respectively in articles 183, 189, 191, 192, 193, 194, 195, 196, 197, 198, 199 and 206 of this Law.	**<u>Article 219 </u>: Demande d'enregistrement d'une marque de certification** Les matières en rapport avec les conditions requises pour l'enregistrement d'une marque de certification, une marque de certification exclue de l'enregistrement et de l'utilisation, le dépôt de la demande d'enregistrement d'une marque de certification, la fixation de la date de dépôt de la demande d'enregistrement d'une marque de certification, l'examen du fond de la demande d'enregistrement d'une marque de certification, la publication de la demande d'enregistrement d'une marque de certification, l'opposition à l'enregistrement d'une marque de certification, la procédure d'opposition à l'enregistrement d'une marque de certification, l'effet des droits pendant la période de publication, l'enregistrement d'une marque de certification, la publication d'enregistrement d'une marque de certification et la durée de protection d'une marque de certification enregistrée et son renouvellement sont traités de la même manière que celle prévue aux articles 183, 189, 191, 192, 193, 194, 195, 196, 197, 198, 199 et 206 de la présente loi respectivement.
<u>Ingingo ya 220</u>: Uburenganzira butangwa n'iyandikwa ry'ikirango nyemeza (1) Iyandikwa ry'ikirango nyemeza rihesha	**<u>Article 220</u>: Rights conferred by registration a certification mark** (1) The registration of a certification mark	**<u>Article 220 </u>: Droits conférés par l'enregistrement d'une marque de certification** (1) L'enregistrement d'une marque de

ufite uburenganzira ku kirango nyemeza uburenganzira bwihariwe bwo kugikoresha ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda.	confers on the owner the exclusive rights to the use of a certification mark on the territory of the Republic of Rwanda.	certification confère au titulaire le droit exclusif de son utilisation sur le territoire de la République du Rwanda.
(2) Umuntu wese wagaragaje ko ibicuruzwa bye cyangwa serivisi atanga byubahiriza amabwiriza ya tekiniki n'ibindi bikurikizwa mu nyandiko igena imikoreshereze y'ikirango nyemeza ashobora gusaba uburenganzira bwo gukoresha ikirango nyemeza mu buryo bumwe n'ubwashyizweho n'iyo nyandiko.	(2) Any person who has proved that his or her products or services comply with the technical standards and other conditions of the regulations determining the conditions of use of a certification mark can request the right to use the certification mark in the same conditions as those established by those regulations.	(2) Toute personne qui prouve que ses produits ou ses services se conforment aux normes techniques et aux autres conditions du règlement déterminant les conditions d'utilisation d'une marque de certification peut demander le droit d'utiliser la marque de certification dans les mêmes conditions que celles établies par ce règlement.
(3) Icyakora, ufite uburenganzira ku kirango nyemeza ntashobora gukoresha ikirango nyemeza kugira ngo agaragaze cyangwa yemeze ibicuruzwa cyangwa serivisi bye bwite.	(3) However, the owner of a certification mark cannot use the certification mark to identify or certify his or her own products or services.	(3) Toutefois, le titulaire d'une marque de certification ne peut pas utiliser la marque de certification pour identifier ou certifier ses propres produits ou services.
<u>Ingingo ya 221</u>: Gutesha agaciro iyandikwa ry'ikirango nyemeza	**<u>Article 221</u>: Invalidation of registration of a certification mark**	**<u>Article 221</u> : Invalidation d'enregistrement d'une marque de certification**
(1) Umuntu ubifitemo inyungu ashobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha gutesha agaciro iyandikwa ry'ikirango nyemeza ashingiye nibura kuri imwe mu mpamvu zikurikira:	An interested person may request the competent court to invalidate the registration of a certification mark on at least one of the following grounds:	Une personne intéressée peut demander à une juridiction compétente d'invalider l'enregistrement d'une marque de certification pour au moins l'une des raisons suivantes :
(a) iyo ufite uburenganzira ku kirango nyemeza cyandikishijwe ari we wenyine ugikoresha;	(a) only the owner of a registered certification mark uses the mark;	(a) seul le titulaire d'une marque de certification enregistrée utilise la marque ;

(b) iyo ufite uburenganzira ku kirango nyemeza yemerera undi muntu kugikoresha mu buryo bunyuranyije n'inyandiko ishyirwaho n'abahuriye ku kirango igena ibisabwa mu mikoreshereze y'ikirango nyemeza;	(b) the owner of a certification mark allows others to use it in contravention of the regulations prescribed by the co-owners of a mark determining the conditions of use of a certification mark;	(b) le titulaire d'une marque de certification autorise son utilisation en contravention du règlement établi par les cotitulaires d'une marque déterminant les conditions d'utilisation d'une marque de certification ;
(c) iyo ufite uburenganzira ku kirango nyemeza yemereye undi muntu kugikoresha, cyangwa yamenye cyangwa yagombye kuba yaramenye ko kirimo gukoreshwa mu buryo buyobya, bubeshya cyangwa buteza urujijo mu baguzi cyangwa abacuruzi ku bireba: (i) aho gikomoka; (ii) ireme; (iii) imiterere; (iv) ibikiranga; (v) uburyo cyakozwemo; (vi) kuba kibereye gukoreshwa mu byo kigamije ku bicuruzwa cyangwa serivisi bifitanye isano n'icyo kirango nyemeza.	(c) the owner of a certification mark allowed others to use it, or knew or ought to have known it was being used in a manner likely to mislead, deceive or confuse consumers or traders with regards to: (i) geographical origin; (ii) quality; (iii)nature; (iv)characteristics; (v) manufacturing process; (vi)suitability for the use for which they are intended of the goods or services to which the certification mark relates.	(c) le titulaire d'une marque de certification a autorisé son utilisation ou savait ou aurait dû savoir qu'elle était utilisée d'une manière qui trompe, induit en erreur les consommateurs ou les commerçants ou crée la confusion dans leur esprit en ce qui concerne : (i) l'origine géographique; (ii) la qualité; (iii)la nature; (iv)les caractéristiques; (v) le procédé de fabrication; (vi)la convenance de l'utilisation pour laquelle elle est destinée en termes de produits ou de services auxquels la marque de certification se rapporte.
<u>Icyiciro cya 2</u>: Kurinda izina ry'ubucuruzi n'izina ndangarubuga yo ku rwego rwa kabiri	**<u>Section 2</u>: Protection of a trade name and second-level domain name**	**<u>Section 2</u> : Protection d'un nom commercial et d'un nom de domaine de deuxième niveau**

Ingingo ya 222: Gukoresha izina ry'ubucuruzi n'izina ndangarubuga yo ku rwego rwa kabiri	**Article 222: Use of a trade name and second-level domain name**	**Article 222 : Utilisation d'un nom commercial et du nom de domaine de deuxième niveau**
(1) Izina cyangwa inyito ntibishobora gukoreshwa nk'izina ry'ubucuruzi cyangwa izina ndangarubuga ryo ku rwego rwa kabiri iyo:	(1) A name or designation may not be used as a trade name or a second-level domain name if:	(1) Un nom ou une désignation ne peut être utilisé comme nom commercial ou nom de domaine de deuxième niveau lorsque :
(a) mu miterere yaryo cyangwa mu kurikoresha bihungabanya ituze rusange rya rubanda cyangwa bitubahiriza imigenzo myiza;	(a) its nature or its use is contrary to public order or morality;	(a) par sa nature ou par son usage, il porte atteinte à l'ordre public ou la moralité ;
(b) rishobora kuyobya umuntu uwo ariwe wese ku byerekeye imiterere y'isosiyete riranga;	(b) it is likely to mislead any person as to the nature of the company it designates;	(b) il est susceptible d'induire toute personne en erreur sur la nature de la société qu'il désigne ;
(c) risa neza cyangwa riteye kimwe n'ikirango cyanditse cyangwa kizwi na benshi muri Repubulika y'u Rwanda;	(c) it is identical or similar to a mark which is registered or well-known in the Republic of Rwanda;	(c) il est identique ou similaire à une marque enregistrée ou notoirement connue en République du Rwanda ;
(d) ari ihindurarurimi ry'ikirango cyandikishijwe cyangwa kizwi na benshi muri Repubulika y'u Rwanda.	(d) it consists of a translation of a registered or a well-known mark in the Republic of Rwanda.	(d) il consiste en une traduction d'une marque enregistrée ou notoirement connue en République du Rwanda.
(2) Hashingiwe ku ngingo z'amategeko ziteganya iyandikwa ry'izina ry'ubucuruzi cyangwa izina ndangarubuga ryo ku rwego rwa kabiri, iryo zina riba rirengewe ku	(2) Pursuant to the legal provisions providing for the registration of a trade name or a second-level domain name, such name is protected against any	(2) Conformément aux dispositions légales prévoyant l'enregistrement d'un nom commercial ou d'un nom de domaine de deuxième niveau, un tel nom est protégé

gikorwa cy'undi muntu kinyuranyije n'amategeko haba mu kurigira izina ry'ubucuruzi, ikirango cyangwa ikirango gihuriweho, mu buryo bumwe bwo gukoresha izina ry'ubucuruzi cyangwa ikindi kirango gisa na byo bishobora kuyobya abantu.	unlawful act committed by third party, be it in the form of a trade name, mark or collective mark, in the same way as any use of a similar trade name or a similar mark likely to mislead the public.	contre tout acte illégal commis par une tierce personne, que ce soit sous forme de nom commercial, de marque ou de marque collective, de même que tout usage d'un nom commercial similaire ou d'une marque similaire susceptible d'induire le public en erreur.
Icyiciro cya 3: Ubusabe n'iyandikwa mpuzamahanga ry'ikirango	**Section 3: International application and registration of a mark**	**Section 3 : Demande et enregistrement internationaux d'une marque**
Ingingo ya 223: Ibisabwa ku busabe mpuzamahanga bw'iyandikwa ry'ikirango	**Article 223: Requirements for international application for registration of a mark**	**Article 223 : Exigences relatives à la demande internationale d'enregistrement d'une marque**
Umuntu ashobora gutanga ubusabe mpuzamahanga bw'iyandikwa ry'ikirango agaragaza u Rwanda nk'igihugu ubusabe bukomokamo cyangwa nk'igihugu cyagenwe n'usaba, iyo kimwe mu bisabwa bikurikira cyubahirijwe:	A person can file an international application for registration of a mark stating Rwanda as the country of origin or designated country, if the one of following requirements is met:	Une personne peut faire une demande internationale d'enregistrement d'une marque précisant le Rwanda comme pays d'origine ou pays désigné, lorsque l'une des conditions suivantes est remplie :
(a) iyo usaba afite ikigo cyo mu rwego rw'inganda cyangwa urw'ubucuruzi gikorera muri Repubulika y'u Rwanda ku buryo buhoraho;	(a) the applicant has a real and effective industrial or commercial establishment in the Republic of Rwanda;	(a) le demandeur a un établissement industriel ou commercial réel et effectif en République du Rwanda ;
(b) iyo usaba atuye muri Repubulika y'u Rwanda;	(b) the applicant is a resident of the Republic of Rwanda;	(b) le demandeur réside en République du Rwanda ;

(c) iyo usaba afite ubwenegihugu bw'Igihugu cyashyize umukono ku masezerano y'i Madrid.	(c) the applicant is a national of a country which is a signatory to the Madrid Agreement.	(c) le demandeur est un ressortissant d'un pays signataire de l'Arrangement de Madrid.
Ingingo ya 224: Ishingiro ry'ubusabe mpuzamahanga bw'iyandikwa ry'ikirango mu gihe ubusabe bukomoka mu Rwanda	**Article 224: Basis for an international application for registration of a mark stating Rwanda as the country of origin**	**Article 224: Base pour une demande internationale d'enregistrement d'une marque précisant le Rwanda comme pays d'origine**
Ubusabe mpuzamahanga bw'iyandikwa ry'ikirango mu gihe bukomoka muri Repubulika y'u Rwanda bugira ishingiro iyo kimwe mu bikurikira cyubahirijwe:	An international application for registration of a mark stating the Republic of Rwanda as the country of origin is well founded if one of the following requirements is met:	Une demande internationale d'enregistrement d'une marque précisant la République du Rwanda comme pays d'origine est fondée lorsque l'une des conditions suivantes est remplie :
(a) iyo usaba yatanze ubusabe bw'iyandikwa ry'ikirango bw'ibanze hakurikijwe iri tegeko kandi ubusabe bukaba bwaremewe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha;	(a) the applicant has filed a basic application for registration of a mark in accordance with this Law, and that application has been accepted by the competent authority;	(a) le demandeur a fait une demande de base d'enregistrement d'une marque conformément à la présente loi et que cette demande a été acceptée par l'autorité compétente ;
(b) iyo ikirango cyandikishijwe muri Repubulika y'u Rwanda.	(b) a mark is registered in the Republic of Rwanda.	(b) une marque est enregistrée en République du Rwanda.
Ingingo ya 225: Kugenzura, Kwemeza no kohereza ubusabe mpuzamahanga bw'iyandikwa ry'ikirango	**Article 225: Verification, certification and submission of an international application for registration of a mark**	**Article 225 : Vérification, certification et transmission d'une demande internationale d'enregistrement d'une marque**
(1) Iyo ubusabe mpuzamahanga bw'iyandikwa ry'ikirango butanzwe, ubuyobozi bubifitiye ububasha bugenzura niba:	(1) If an international application for registration of a mark is filed, the competent authority verifies if:	(1) Lorsqu'une demande internationale d'enregistrement d'une marque est déposée, l'autorité compétente vérifie si :

(a) u Rwanda rufatwa nk'igihugu ubusabe bukomokamo ku bireba ubwo busabe hashingiwe ku biteganyijwe mu ngingo ya 223 y'iri tegeko;	(a) Rwanda is considered as the country of origin in respect of that application in accordance with the provisions of Article 223 of this Law;	(a) le Rwanda est considéré comme pays d'origine eu égard à cette demande conformément aux dispositions de l'article 223 de la présente loi ;
(b) ireme ry'ubusabe mpuzamahanga rihuje n'ireme ry'ubusabe bw'ibanze cyangwa iry'iyandikishwa ry'ibanze.	(b) substance of the international application is consistent with the substance of the basic application or basic registration.	(b) le fond de la demande internationale est cohérente avec le fond de la demande de base ou de l'enregistrement de base.
(2) Iyo ubuyobozi bubifitiye ububasha busanze ubusabe mpuzamahanga bwujuje ibisabwa, bwohereza ubwo busabe Ibiro Mpuzamahanga, kandi bukemeza itariki bwakiriyeho ubusabe mpuzamahanga.	(2) If the competent authority is satisfied that the international application meets the requirements, it submits the application to the International Bureau and confirms the date of receipt of the international application.	(2) Lorsque l'autorité compétente estime que la demande internationale répond aux exigences, elle transmet la demande au Bureau international et confirme la date de réception de la demande internationale.
(3) Iyo ubusabe mpuzamahanga butujuje ibisabwa, ubuyobozi bubifitiye ububasha ntibubwohereza mu Biro Mpuzamahanga ahubwo bubimenyesha uwasabye.	(3) If the international application does not meet the requirements, the competent authority does not forward it to the International Bureau, but informs the applicant.	(3) Lorsque la demande internationale ne répond pas aux exigences, l'autorité compétente ne transmet pas cette demande au Bureau international mais en informe le demandeur.
(4) Kwemeza no gushyikiriza Ibiro Mpuzamahanga ubusabe mpuzamahanga bw'iyandikwa ry'ikirango byishyurirwa amafaranga yagenwe.	(4) The certification and submission of an international application for registration of a mark to the International Bureau are subject to payment of the prescribed fee.	(4) La certification et la transmission d'une demande internationale d'enregistrement d'une marque sont soumises au paiement de frais prescrits.

Ingingo ya 226: Gusuzuma ubusabe mpuzamahanga buvugwamo u Rwanda nk'Igihugu cyagenwe	**Article 226: Examination of an international application stating Rwanda as a designated country**	**Article 226 : Examen d'une demande internationale précisant le Rwanda comme pays désigné**
(1) Ubusabe mpuzamahanga bwo kwandikisha ikirango u Rwanda ruvugwamo nk'igihugu cyagenwe busuzumwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha hakurikijwe ibiteganyijwe mu ngingo ya 183 n'iya 189 z'iri tegeko.	(1) An international application for registration of a mark stating Rwanda as a designated country is examined by the competent authority in accordance with the provisions of Articles 183 and 189 of this Law.	(1) Une demande internationale d'enregistrement d'une marque précisant le Rwanda comme pays désigné est examinée par l'autorité compétente conformément aux dispositions des articles 183 et 189 de la présente loi.
(2) Iyo ubuyobozi bubifitiye ububasha busanze ubusabe mpuzamahanga bwujuje ibisabwa kugira ngo ikirango cyandikwe, ubwo busabe buratangazwa kandi bushobora gutambamirwa hakurikijwe ibiteganyijwe mu ngingo ya 193 n'iya 194 z'iri tegeko.	(2) If the competent authority finds that an international application meets the requirements for the registration of a mark, the application is published and subject to opposition in accordance with the provisions of Articles 193 and 194 of this Law.	(2) Lorsque l'autorité compétente constate qu'une demande internationale répond aux exigences pour l'enregistrement d'une marque, la demande est publiée et peut faire l'objet d'opposition conformément aux dispositions des articles 193 et 194 de la présente loi.
(3) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bufata icyemezo ku busabe mpuzamahanga bw'iyandikwa ry'ikirango mu gihe kitarenze amezi 12 abarwa uhereye ku itariki ubusabe mpuzamahanga bw'iyandikwa ry'ikirango bwakiriweho, bukanamenyesha Ibiro Mpuzamahanga icyemezo bwafashe.	(3) The competent authority takes a decision on the international application for registration of a mark within 12 months from the date of receipt of an international application for registration of a mark and notifies the International Bureau of its decision.	(3) L'autorité compétente prend la décision sur une demande internationale d'enregistrement d'une marque dans un délai de 12 mois à compter de la date de réception d'une demande internationale d'enregistrement d'une marque et notifie sa décision au Bureau international.

Ingingo ya 227: Kwanga by'agateganyo ubusabe mpuzamahanga u Rwanda ruvugwamo nk'igihugu cyagenwe	**Article 227: Provisional refusal of an international application stating Rwanda as a designated country**	**Article 227 : Refus provisoire d'une demande internationale précisant le Rwanda comme pays désigné**
Ubuyobozi bubifitiye ububasha bushobora kwanga by'agateganyo iyandikwa ry'ubusabe mpuzamahanga bukabimenyesha nyirabwo binyujijwe ku Biro Mpuzamahanga mu gihe kitarenze amezi 12 abarwa uhereye ku itariki ubusabe mpuzamahanga bwakiriweho.	The competent authority may provisionally refuse to register an international application and notifies the applicant thereof through the International Bureau within 12 months from the date of receipt of an international application.	L'autorité compétente peut refuser provisoirement l'enregistrement d'une demande internationale et le notifie au demandeur par l'intermédiaire du Bureau international dans un délai de 12 mois à compter de la date de réception d'une demande internationale.
Imenyesha riba rikubiyemo ibi bikurikira:	The notification includes the following:	La notification comprend ce qui suit :
(a) impamvu icyemezo cyashingiyeho;	(a) grounds for the decision;	(a) les motivations de la décision ;
(b) inyandiko yose ikenewe kandi ishyigikira icyemezo cyafashwe;	(b) any relevant documentation supporting the decision;	(b) toute documentation nécessaire justifiant la décision ;
(c) ibisobanuro birambuye by'itambamira, iyo ubusabe bwanzwe hashingiwe ku itambamira ryahawe agaciro;	(c) details of the opposition, where the application is being refused on the basis of a successful opposition;	(c) les détails de l'opposition lorsque la demande a été refusée sur base d'une opposition réussie ;
(d) ibisobanuro birambuye by'uburyo usaba ashobora gusaba isubirishwamo ry'icyemezo mu gihe cy'amezi atatu abarwa uhereye ku itariki yamenyesherejweho iyangwa ry'agateganyo ry'ubusabe bwe.	(d) details for how the applicant can seek review of the decision within three months from the date of notification of the provisional refusal of his or her application.	(d) les détails sur la façon dont le demandeur peut demander une révision de la décision à compter de la date de notification du refus provisoire de sa demande.

Ingingo ya 228: Kwemera cyangwa kwanga ubusabe mpuzamahanga bw'iyandikwa ry'ikirango	**Article 228: Accepting or rejecting an international application for registration of a mark**	**Article 228 : Acceptation ou rejet d'une demande internationale d'enregistrement d'une marque**
Ubuyobozi bubifitiye ububasha busuzuma ibisobanuro byatanzwe n'usaba isubirishamo ry'icyemezo bugafata icyemezo cya burundu cyo kwanga cyangwa cyo kwemera ubusabe bukabimenyesha Ibiro Mpuzamahanga.	The competent authority examines explanations provided by an applicant seeking a review of the decision and takes a final decision to reject or accept the application and notifies the International Bureau.	L'autorité compétente examine les explications fournies par le demandeur de révision de la décision, prend la décision finale de rejeter ou d'accepter la demande et en informe le Bureau international.
Ingingo ya 229: Inkurikizi zo kutamenyesha Ibiro Mpuzamahanga icyemezo cyo kwemera cyangwa kwanga iyandikwa	**Article 229: Effects of not notifying International Bureau decision to accept or reject the registration of a mark**	**Article 229 : Effets de la non-notification du Bureau International la décision d'accepter ou de rejeter l'enregistrement d'une marque**
Iyo ubuyobozi bubifitiye ububasha butamenyesheje Ibiro Mpuzamahanga icyemezo cyo kwemera cyangwa kwanga iyandikwa mu gihe cy'amezi 12 abarwa uhereye ku itariki ubusabe mpuzamahanga bwakiriwe, iyandikwa rifatwa nk'aho ryemewe.	If the competent authority does not notify the International Bureau of the decision to accept or reject the registration within 12 months from the date of receipt of the international application, the registration is considered accepted.	Lorsque l'autorité compétente ne notifie pas au Bureau international la décision d'accepter ou de rejeter l'enregistrement dans un délai de 12 mois à compter de la date de réception de la demande internationale, l'enregistrement est considéré comme accepté.
Ingingo ya 230: Kumenyesha iteshagaciro ry'iyandikishwa ry'ibanze ry'ikirango ku Biro Mpuzamahanga	**Article 230: Notification of invalidation of the basic registration of a mark to the International Bureau**	**Article 230 : Notification d'invalidation de l'enregistrement de base d'une marque au Bureau international**
Mu gihe cy'iyandikwa mpuzamahanga ry'ikirango, iyo iyandikishwa ry'ibanze ryateshejwe agaciro n'urukiko kandi iryo teshagaciro rikaba ritakijuririwe, ubuyobozi bubifitiye ububasha bumenyesha Ibiro	If, during the period of international registration of a mark, the basic registration is invalidated by the court and the invalidation is no longer subject to appeal, the competent authority notifies the International Bureau of the invalidation and indicates the following:	Lorsque, pendant la période d'enregistrement international d'une marque, l'enregistrement de base est invalidé par le tribunal et que l'invalidation n'est plus susceptible de recours, l'autorité compétente notifie l'invalidation au Bureau international et indique ce qui suit :

Mpuzamahanga iryo teshagaciro kandi bukerekana ibi bikurikira:		
(a) urukiko rwategetse iteshagaciro n'itariki urubanza rwasomewe;	(a) the court that pronounced the invalidation and the date of the judgment;	(a) la juridiction qui a prononcé l'invalidation et la date du jugement ;
(b) nomero y'iyandikwa mpuzamahanga n'izina ry'uyitunze;	(b) the number of the international registration and the name of the holder;	(b) le numéro de l'enregistrement international et le nom du détenteur ;
(c) ibicuruzwa cyangwa serivisi birebwa n'iryo teshagaciro.	(c) the goods and services affected by the invalidation.	(c) les produits et les services concernés par l'invalidation.
Ingingo ya 231: Inkurikizi z'uburenganzira hakurikijwe ubusabe mpuzamahanga	**Article 231: Effects of rights under an international application**	**Article 231 : Effets des droits inhérents à une demande internationale**
(1) Umuntu watanze ubusabe mpuzamahanga hakurikijwe iri tegeko bugaragaza u Rwanda nk'igihugu cyagenwe afite uburenganzira n'uburyo bwo gusaba kurenganurwa nk'undi muntu wese wasabye iyandikwa ry'ikirango hakurikijwe iri tegeko.	(1) A person making an international application under this Law stating Rwanda as a designated country has the same rights and remedies as any other applicant for registration of a mark under this Law.	(1) Une personne qui, en vertu de la présente loi, introduit une demande internationale précisant le Rwanda comme pays désigné, a droit aux mêmes droits et voies de recours que ceux prévus pour tout demandeur d'enregistrement d'une marque en vertu de la présente loi.
(2) Iyandikwa mpuzamahanga rigaragaza u Rwanda nk'igihugu cyagenwe rigira inkurikizi zimwe, uhereye ku itariki ubusabe bw'iyandikwa mpuzamahanga bwabereye, nk'aho ubusabe bw'iyandikwa ry'ikirango bwashyikirijwe mu buryo butaziguye ubuyobozi bubifitiye ububasha hakurikijwe iri tegeko.	(2) An international registration stating Rwanda as designated country has the same effects, from the date of the application of international registration, as if the application for the registration of the mark had been filed directly with the competent authority under this Law.	(2) Un enregistrement international précisant le Rwanda comme pays désigné a les mêmes effets, à partir du jour de demande d'enregistrement international, comme si la demande d'enregistrement de la marque avait été directement déposée auprès de l'autorité compétente conformément à la présente loi.

(3) Iyandika ryose rikozwe muri rejisitiri mpuzamahanga yabugenewe ku bireba iyandikwa mpuzamahanga u Rwanda rugaragaramo nk'igihugu cyagenwe, rigira inkurikizi zimwe nk'aho riba ryarakozwe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha muri rejisitiri y'ibirango hakurikijwe iri tegeko.	(3) Any recording made in the International Register in respect of an international registration stating Rwanda as designated country, has the same effect as if it had been recorded by the competent authority in the register of marks under this Law.	(3) Tout enregistrement effectué dans le Registre international eu égard à un enregistrement international précisant le Rwanda comme pays désigné, a les mêmes effets comme s'il avait été effectué par l'autorité compétente dans le registre des marques conformément à la présente loi.
Ingingo ya 232: Irangira ry'agaciro k'ubusabe bw'ibanze cyangwa iyandikishwa ry'ibanze	**Article 232: Ceasing of effect of the basic application or basic registration**	**Article 232 : Cessation d'effet d'une demande de base ou d'un enregistrement de base**
Mu gihe cy'imyaka itanu ibarwa uhereye ku itariki yo gutanga ubusabe bw'ibanze cyangwa ku itariki y'iyandikishwa ry'ibanze, iyo kimwe muri byo gitakaje agaciro, ubuyobozi bubifitiye ububasha bubimenyesha Ibiro Mpuzamahanga.	If, within five years from the filing date of the basic application or the date of the basic registration, one or the other ceases to have effect, the competent authority informs the International Bureau thereof.	Lorsque, dans un délai de cinq ans à partir du jour de dépôt de la demande de base ou du jour d'enregistrement de base l'un ou l'autre cesse d'avoir effet, l'autorité compétente en informe le Bureau international.
Ingingo ya 233: Inkurikizi ku busabe mpuzamahanga bwavanyweho	**Article 233: Effect of a cancelled international application**	**Article 233 : Effet d'une demande internationale annulée**
Igihe ubusabe mpuzamahanga bwavanweho bisabwe n'ibiro by'igihugu ubusabe bw'ibanze bukomokamo ku byerekeye ibicuruzwa byose cyangwa bimwe muri byo ikirango gikoreshwaho, uwasabye iyandikwa mpuzamahanga ry'ikirango ashobora gusaba iyandikwa ry'icyo kirango mu buyobozi bubifitiye ububasha kandi ubwo busabe bufatwa nk'aho bwatanzwe ku itariki	Where, in the event that the international registration is cancelled at the request of the Office of origin, in respect of all or some of the goods and services listed in the registration, the applicant of the international registration may file an application for the registration of the same mark as the national application and that application shall be treated as if it had been filed on the date of the international	Lorsque, au cas où l'enregistrement international est radié à la requête de l'Office d'origine, à l'égard de tout ou partie des produits et des services énumérés dans ledit enregistrement, le demandeur de l'enregistrement international peut demander l'enregistrement de la même marque auprès de l'autorité compétente, et cette demande sera traitée comme si elle avait été déposée à la date

y'ubusabe bw'iyandikisha mpuzamahanga ry'icyo kirango kandi ubwo busabe mpuzamahanga iyo bwatangaga uburenganzira bwo gutanga abandi nibyo bukurikizwa ku busabe bushya igihe:	registration or on the date of, if the international registration enjoyed priority, shall enjoy the same priority, provided that;	de l'enregistrement international et si l'enregistrement international bénéficiait d'une priorité, ladite demande bénéficiera de la même priorité, sous réserve ;
(a) ubwo busabe bwatanzwe mu gihe cy'amezi atatu abarwa uhereye itariki iyandikwa mpuzamahanga ry'ikirango ryavaniweho;	(a) such application is filed within three months from the date on which the international registration was cancelled;	(a) que ladite demande soit déposée dans les trois mois à compter de la date à laquelle l'enregistrement international a été radié ;
(b) ibicuruzwa na serivisi byagaragajwe mu busabe ari bimwe n'ibyari byagaragajwe mu iyandika mpuzamahanga;	(b) the goods and services listed in the application are the same as those contained in the international registration;	(b) que les produits et services énumérés dans la demande soient les mêmes que ceux figurant dans l'enregistrement international ;
(c) ubwo busabe bwubahiriza ibisabwa kugira ngo ikirango cyandikwe biteganwa mu ngingo ya 183 n'iya 190 z'iri tegeko.	(c) such application complies with the requirements of the application of registration of a mark provided by Articles 183 and 190 of this Law.	(c) que ladite demande soit conforme aux exigences de l'enregistrement d'une marque visées aux articles 189 et 190 de la présente loi.
UMUTWE WA VII: KURENGERA IKIMENYETSO NDANGAHANTU	**CHAPITER VII: PROTECTION OF GEOGRAPHICAL INDICATION**	**CHAPITRE VII : PROTECTION D'UNE INDICATION GEOGRAPHIQUE**
Icyiciro cya mbere: Ibisabwa mu kurengera ikimenyetso ndangahantu	**Section One: Requirements for protection of a geographical indication**	**Section première : Exigences pour la protection d'une indication géographique**
Ingingo ya 234: Ikimenyetso ndangahantu kirengerwa	**Article 234: Protected geographical indication**	**Article 234 : Indication géographique protégée**
(1) Ikimenyetso ndangahantu kirengerwa iyo:	(1) A geographical indication is protected if:	(1) L'indication géographique est protégée lorsque :

(a) cyerekana intara, akarere, cyangwa agace by'Igihugu igicuruzwa gikomokamo;	(a) it indicates the territory, region or locality of the country in which the product originates;	(a) elle indique le territoire, la région ou la localité du pays dont le produit est originaire ;
(b) kigaragaza umwimerere no kwamamara kw'igicuruzwa cyangwa indi miterere yihariye y'icyo gicuruzwa bishobora guharirwa inkomoko y'ahantu cyaturutse.	(b) it indicates quality and reputation of a product or other characteristics that are essentially attributable to its geographical origin.	(b) elle indique la qualité et la réputation ou d'autres caractéristiques qui sont essentiellement attribuables à sa provenance géographique.
(2) Icyakora, ikimenyetso ndangahantu kiba kirengewe cyaba cyandikishijwe cyangwa kitandikishijwe.	(2) However, a geographical indication is protected whether registered or not.	(2) Toutefois, une indication géographique est protégée qu'elle soit enregistrée ou non.
Ingingo ya 235: Iyandikwa ry'ibimenyetso ndangahantu bihuye	**Article 235: Registration of homonymous geographical indications**	**Article 235 : Enregistrement d'indications géographiques homonymes**
(1) Mu kwandika ikimenyetso ndangahantu gifite ikindi ikimenyetso ndangahantu bihuye mu mivugire, mu myandikire ndetse bifite ishusho imwe kandi bikomoka mu bice bitandukanye, ubuyobozi bubifitiye ububasha bushobora gushyiraho ibikurikizwa mu kucyandika hagamijwe ko:	(1) When registering a geographical indication that has another geographical indication that sounds, spells or reads alike and which originate in different places, the competent authority may impose conditions on its registration to ensure that:	(1) Lors de l'enregistrement d'une indication géographique qui a une autre indication géographique dont la prononciation, l'orthographe ou la lecture est identique et qui provient de lieux différents, l'autorité compétente peut imposer des conditions à son enregistrement pour s'assurer que :
(a) ikimenyetso gitandukanywa n'ikindi bihuje amazina;	(a) homonymous indications are differentiated from each other;	(a) les indications homonymes sont différentiées l'une de l'autre ;
(b) ikimenyetso gihuje izina n'ikindi kidateza urujijo cyangwa kitayobya rubanda;	(b) the public is not confused or misled;	(b) le public n'est pas confus ou trompé ;

(c) abatunganya ibicuruzwa bireba bose bafatwa kimwe.	(c) all producers concerned are treated equitably.	(c) tous les producteurs concernés sont traités de façon équitable.
(2) Haseguriwe ibivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, iyo amazina y'ikimenyetso ndangahantu ahuye ku byerekeye za divayi cyangwa inzoga z'ibyotsi, kurengera bikorerwa buri kimenyetso ndangahantu.	(2) Subject to the provisions of Paragraph (1) of this Article, in the case of homonymous geographical indications for wines and spirits, protection is accorded to each geographical indication.	(2) Sous réserve des dispositions du paragraphe (1) du présent article, en cas d'homonymie d'indications géographiques pour les vins et les spiritueux, la protection est accordée à chaque indication.
(3) Iteka rya Minisitiri rishobora kugena ibindi bicuruzwa byiyongera ku bivugwa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo.	(3) An order of the Minister may determine additional products to those referred to under Paragraph (2) of this Article.	(3) Un arrêté du Ministre peut déterminer des produits supplémentaires à ceux visés au paragraphe (2) du présent article.
Ingingo ya 236: Ikimenyetso ndangahantu kidashobora kurengerwa	**Article 236: Geographical indication excluded from protection**	**Article 236 : Indication géographique exclue de protection**
Ikimenyetso ndangahantu ntigishobora kurengerwa iyo:	A geographical indication cannot be protected where:	Une indication géographique ne peut pas être protégée dans les cas où :
(a) giteye ku buryo umwimerere wacyo, uko kizwi cyangwa ikindi kintu cyihariye kiranga igicuruzwa kidashobora kwitirirwa ahantu gikomoka;	(a) a quality, reputation or other specific characteristic of the product cannot be attributed essentially to its geographical origin;	(a) une qualité, réputation ou autre caractéristique déterminée du produit ne peut être attribuée essentiellement à son origine géographique ;
(b) gihungabanya ituze rusange rya rubanda cyangwa kitubahiriza imigenzo myiza;	(b) it is contrary to public order or morality;	(b) elle est contraire à l'ordre public ou à la moralité ;

(c) kiri mu bitarengerwa cyangwa kiri mu bitakirengerwa mu gihugu gikomokamo;	(c) it is not, or has ceased to be, protected in its country of origin;	(c) elle n'est pas, ou a cessé d'être protégée dans son pays d'origine ;
(d) kiyobya kandi gituma rubanda rufata ibicuruzwa nk'aho bikomoka ahantu hatandukanye;	(d) it misleads and makes the public consider that the products originate from a different territory;	(d) elle induit le public en erreur et l'amène à considérer que les produits proviennent d'un territoire différent ;
(e) gisa neza n'inyito gakondo mu rurimi ruhuriweho muri Repubulika y'u Rwanda nk'izina risanzwe ryahawe igicuruzwa;	(e) it is identical with the term customary in common language in the Republic of Rwanda as the common name for the relevant product;	(e) elle est identique au terme usuel employé dans le langage courant en République du Rwanda comme nom commun du produit ;
(f) kibangamira ikirango cyasabiwe kwandikwa cyangwa cyanditswe, cyangwa cyabonywe binyuze mu mikorere nta buriganya muri Repubulika y'u Rwanda.	(f) it is prejudicial to a prior mark applied for or registered in good faith, or acquired through use in good faith in the Republic of Rwanda.	(f) elle est préjudiciable à une marque demandée ou enregistrée de bonne foi, ou acquise par un usage de bonne foi en République du Rwanda.
Icyiciro cya 2: Ubusabe bw'iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu	**Section 2: Application for registration of a geographical indication**	**Section 2 : Demande d'enregistrement d'une indication géographique**
Ingingo ya 237: Uburenganzira bwo gusaba iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu	**Article 237: Right to apply for registration of a geographical indication**	**Article 237 : Droit de demande d'enregistrement d'une indication géographique**
Iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu bisabwa na:	The registration of a geographical indication is applied for by:	L'enregistrement d'une indication géographique est demandé par :
(a) ishyirahamwe ry'abantu berekana mu busabe bwabo ko bakorera ibikorwa	(a) an association of persons who indicate in their application that they carry out production activities in the	(a) une association de personnes qui indiquent dans leur demande qu'elles mènent des

bibyara umusaruro mu gace k'ahantu havugwa mu busabe;	geographical region indicated in the application;	activités de production dans la région géographique indiquée dans la demande ;
(b) ikigo gifite ubuzimagatozi gikorera ahantu hagaragajwe mu busabe, ku bijyanye n'igicuruzwa kivugwa mu busabe gikora igikorwa kibyara umusaruro harimo icy'ubuhinzi n'icy'ubukorikori cyangwa ikindi cyose;	(b) a legal entity operating in the region indicated in the application, in respect to a product indicated in the application, that carries out a production activity including agricultural and handicrafts activities or any other activity;	(b) une entité juridique qui opère dans la région indiquée dans la demande, en ce qui concerne un produit indiqué dans la demande, qui exerce une activité de production comprenant des activités agricoles et artisanales ou toute autre activité ;
(c) urwego rwa Leta rufite ubuzimagatozi kandi rufite inyungu mu kwandikisha ikimenyetso ndangahantu.	(c) a public institution having legal personality and interest in registering a geographical indication.	(c) institution publique dotée de la personnalité juridique et ayant un intérêt dans l'enregistrement d'une indication géographique.
Ingingo ya 238: Gutanga ubusabe bwo kwandikisha ikimenyetso ndangahantu	**Article 238: Filing the application for registration of a geographical indication**	**Article 238 : Dépôt de la demande d'enregistrement d'une indication géographique**
(1) Ubusabe bw'iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu bukorwa huzuzwa inyandiko yabugenewe ishyirwaho n'ubuyobozi bubifitiye ububasha.	(1) An application for registration of a geographical indication is made by filling a form provided for this purpose, which is prescribed by the competent authority.	(1) Une demande d'enregistrement d'une indication géographique s'effectue en remplissant un formulaire prévu à cet effet et prescrit par l'autorité compétente.
(2) Gutanga ubusabe byishyurirwa amafaranga yagenwe.	(2) The filing of the application is subject to payment of the prescribed fee.	(2) Le dépôt de la demande est soumis au paiement de frais prescrits.

Ingingo ya 239: Kugena itariki y'ubusabe bw'iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu	**Article 239: Setting the filing date of the application for registration of a geographical indication**	**Article 239 : Fixation de la date de dépôt de la demande d'enregistrement d'une indication géographique**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bugena itariki bwakiriyeho ubusabe bw'iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu nk'itariki ubusabe bwatangiweho hakurikijwe ibikubiye mu ngingo ya 238 y'iri tegeko.	(1) The competent authority sets as the filing date of application for registration of a geographical indication, the date of receipt of the application, in accordance with the provisions of Article 238 of this Law.	(1) L'autorité compétente fixe comme date de dépôt de la demande d'enregistrement d'une indication géographique, la date de réception de la demande, conformément aux dispositions de l'article 238 de la présente loi.
(2) Icyakora, iyo ibisabwa bituzuye, ubuyobozi bubifitiye ububasha bumenyesha usaba kuzuza ibibura mu gihe kitarenze iminsi 14 ibarwa uhereye ku itariki yabimenyesherejweho.	(2) However, if the requirements are not met, the competent authority informs the applicant that he or she must complete the missing elements within 14 days from the day of notification.	(2) Toutefois, lorsque les conditions requises ne sont pas réunies, l'autorité compétente informe le demandeur qu'il doit compléter les éléments faisant défaut dans un délai de 14 jours à compter du jour de notification.
(3) Iyo usaba yubahirije ibyo asabwa gukora, itariki ibyaburaga byakiriweho ni yo ifatwa nk'itariki y'ubusabe.	(3) If the applicant complies with the requirements, the date of receipt of the missing elements is considered as the filing date.	(3) Lorsque le demandeur se conforme aux conditions requises, la date de réception des éléments faisant défaut est considérée comme date de dépôt de la demande.
(4) Iyo usaba atubahirije ibyo asabwa gukora, ubusabe bufatwa nk'aho bwaretswe.	(4) If the applicant does not comply with the requirements, the application is considered as withdrawn.	(4) Lorsque le demandeur ne se conforme pas aux conditions requises, la demande est considérée comme ayant été retirée.
Icyiciro cya 3: Isuzuma n'itangazwa ry'iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu	**Section 3: Examination and publication of registration of a geographical indication**	**Section 3 : Examen et publication d'enregistrement d'une indication géographique**

Ingingo ya 240: Gusuzuma ireme ry'ubusabe bwo kwandikisha ikimenyetso ndangahantu	**Article 240: Examination of the substance of application for registration of a geographical indication**	**Article 240 : Examen du fond de la demande d'enregistrement d'une indication géographique**
(1) Mu gihe cyo gusuzuma ireme ry'ubusabe bw'iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu, ubuyobozi bubifitiye ububasha busuzuma ko:	(1) During the examination of the substance of application for registration of a geographical indication, the competent authority verifies if:	(1) Lors de l'examen du fond de la demande d'enregistrement d'une indication géographique, l'autorité compétente vérifie si :
(a) ubusabe bwujuje ibisabwa biteganywa mu ngingo ya 234, iya 236, iya 237 n'iya 238 z'iri tegeko;	(a) the application complies with the requirements provided in the Articles 234, 236, 237 and 238 of this Law;	(a) la demande est conforme aux exigences prévues aux articles 234, 236, 237 et 238 de la présente loi ;
(b) usaba afite uburenganzira bwo gusaba iyandikwa;	(b) the applicant has a right to apply for registration;	(b) le demandeur a droit d'introduire la demande d'enregistrement;
(c) igicuruzwa ari umwimerere, uko cyatunganyijwe, uko cyamamaye cyangwa ikindi kikiranga byihariye bigaragazwa muri ubwo busabe byerekeranye n'aho icyo kimenyetso gikomoka byemejwe n'urwego rufite icyo gicuruzwa mu nshingano.	(c) a quality, processing, reputation or other specific characteristic of the product indicated in the application in respect of the geographical origin of the indication were approved by the entity regulating matters related to the product;	(c) la qualité, le traitement, la réputation ou autre caractéristique déterminée du produit indiqué dans la demande eu égard à l'origine géographique d'une indication ont été approuvés par l'entité règlementant les matières en rapport avec le produit ;
(2) Iyo ibisabwa bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo byuzuye, ubuyobozi bubifitiye ububasha bwemera ubusabe.	(2) If the requirements referred to in Paragraph (1) of this Article are met, the competent authority approves the application.	(2) Lorsque les exigences visées au paragraphe (1) du présent article sont satisfaites, l'autorité compétente accepte la demande.

(3) Iyo ibisabwa bituzuye, ubuyobozi bubifitiye ububasha bwanga ubusabe kandi bukabimenyesha uwasabye mu nyandiko.	(3) If the requirements are not met, the competent authority rejects the application and notifies the applicant in writing.	(3) Lorsque les exigences ne sont pas satisfaites, l'autorité compétente rejette la demande et en notifie le demandeur par écrit.
Ingingo ya 241: Itangazwa ry'ubusabe bwo kwandikisha ikimenyetso ndangahantu	**Article 241: Publication of application of registration of a geographical indication**	**Article 241 : Publication de la demande d'enregistrement de l'indication géographique**
(1) Iyo ibisabwa mu kurengera ikimenyetso ndangahantu byuzuye, ubuyobozi bubifitiye ububasha butangaza ubusabe bw'iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku itariki isuzuma ry'ireme ryarangiriyeho.	(1) If the requirements for the protection of a geographical indication are met, the competent authority publishes the application for registration of a geographical indication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda within 30 days from the date on which examination of substance ended.	(1) Lorsque les exigences en matière de protection d'une indication géographique sont satisfaites, l'autorité compétente publie la demande d'enregistrement d'une indication géographique au Journal Officiel de la République du Rwanda dans un délai de 30 jours à compter du jour de fin d'examen du fond.
(2) Itangazwa ry'ubusabe bwo kwandikisha ikimenyetso ndangahatu rigaragaza nibura amakuru akurikira:	(2) The publication of application for registration of a geographical indication indicates at least the following information:	(2) La publication de la demande d'enregistrement d'une indication géographique indique au moins les informations suivantes :
(a) inomero y'ubusabe;	(a) application number;	(a) le numéro de la demande;
(b) amazina y'uwatanze ubusabe;	(b) name of the applicant;	(b) les noms du demandeur;
(c) itariki ubusabe bwatangiweho;	(c) filing date of the application;	(c) la date de dépôt de la demande;
(d) incamake y'igisobanuro cy'ikimenyetso ndangahantu, harimo:	(d) a brief description of the geographical indication, including:	(d) une brève description de l'indication géographique comprenant:

(i) akarere k'ahantu harebwa n'ikimenyetso ndangahantu gisabwa;	(i) the geographical region for which the geographical indication applies;	(i) la région géographique concernée par l'indication géographique ;
(ii) ibicuruzwa birebwa n'ikimenyetso ndangahantu;	(ii) the products to which the geographical indication applies;	(ii) les produits concernés par l'indication géographique;
(iii) umwimerere w'igicuruzwa, uko cyamamaye cyangwa ikindi kiranga ibyo bicuruzwa.	(iii)quality, reputation or other characteristic of the products.	(iii)la qualité, la réputation ou autre caractéristique de ces produits.
Ingingo ya 242: Itambamira ry'iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu	**Article 242: Opposition to the registration of a geographical indication**	**Article 242 : Opposition à l'enregistrement d'une indication géographique**
Ibyerekeye itambamira ry'iyandikwa, uburyo bukurikizwa mu itambamira n'ubujurire ku cyemezo cy'itambamira ry'iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 194, iya 195 n'iya 196 z'iri tegeko nk'uko bikurikirana.	Matters related to opposition to the registration, procedure for opposition to the registration and appeal against the decision on opposition to the registration of a geographical indication are handled in the same way as provided respectively in Articles 194, 195 and 196 of this Law.	Les matières en rapport avec l'opposition à l'enregistrement, la procédure d'opposition à l'enregistrement et le recours contre une décision sur l'opposition à l'enregistrement d'une indication géographique sont traitées de la même manière que celle prévue aux articles 194, 195 et 196 de la présente loi respectivement.
Icyiciro cya 4: iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu, itangazwa n'iteshagaciro by'iyandikwa	**Section 4: Registration of a geographical indication, its publication and invalidation**	**Section 4 : Enregistrement d'une indication géographique, sa publication et son invalidation**
Ingingo ya 243: Iyandikwa n'itangazwa ry'iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu	**Article 243: Registration and publication of registration of a geographical indication**	**Article 243 : Enregistrement et publication d'enregistrement d'une indication géographique**
Ibyerekeye iyandikwa n'itangazwa ry'iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu	Matters related to the registration and publication of registration of a geographical	Les matières en rapport avec l'enregistrement et la publication d'enregistrement d'une indication

bikorwa mu buryo bumwe nk'ubuteganyijwe mu ngingo ya 198 n'iya 199 z'iri tegeko nk'uko bikurikirana.	indication are handled in the same way as provided respectively in Articles 198 and 199 of this Law.	géographique sont traitées de la même manière que celle prévue respectivement aux articles 198 et 199 de la présente loi.
Ingingo ya 244: Ivugurura ry'iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu	**Article 244: Amendment of the registration of a geographical indication**	**Article 244 : Amendement de l'enregistrement d'une indication géographique**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bubisabwe n'ufite uburenganzira ku kimenyetso ndangahantu, bushobora kuvugurura iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu hagamijwe guhindura kimwe cyangwa byinshi mu bigize ubusabe bwo kwandikisha ikimenyetso ndangahantu, ku byerekeye:	(1) The competent authority, upon request of the geographical indication owner, may make amendment of the registration of a geographical indication to correct one or more of the details in the application for the registration of a geographical indication relating to:	(1) L'autorité compétente, sur demande du titulaire de l'indication géographique, peut faire l'amendement de l'enregistrement de l'indication géographique pour corriger une ou plusieurs informations contenues dans la demande de l'enregistrement d'une indication géographique en rapport avec :
(a) akarere k'ahantu harebwa n'ikimenyetso ndangahantu;	(a) the geographical region for which the geographical indication applies;	(a) la région géographique concernée par l'indication géographique ;
(b) ibicuruzwa birebwa n'ikimenyetso ndangahantu;	(b) the products to which the geographical indication applies;	(b) les produits concernés par l'indication géographique ;
(c) umwimerere w'igicuruzwa, uko cyamamaye cyangwa ikindi kibiranga.	(c) quality, reputation or other characteristic of the product.	(c) la qualité, la réputation ou autre caractéristique du produit.
(2) Iteka rya Minisitiri rishobora kugena ibindi byashingirwaho mu kuvugurura iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu.	(2) An Order of the Minister may determine other considerations for the amendment of the registration of a geographical indication.	(2) Un arrêté du Ministre peut déterminer d'autres considérations pour l'amendement de l'enregistrement d'une indication géographique.

Ingingo ya 245: Gutesha agaciro iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu	**Article 245: Invalidation of the registration of a geographical indication**	**Article 245 : Invalidation de l'enregistrement d'une indication géographique**
Umuntu ubifitemo inyungu ashobora gusaba urukiko rubifitiye ububasha gutesha agaciro iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu iyo agaragaje nibura imwe mu mpamvu zikurikira:	An interested person may apply to the competent court to invalidate the registration of a geographical indication if he or she indicates at least one of the following grounds:	Une personne intéressée peut demander à une juridiction compétente d'invalider l'enregistrement d'une indication géographique lorsqu'elle démontre au moins l'une des raisons suivantes :
(a) iyo ikimenyetso ndangahantu kitagaragaza intara, akarere, cyangwa agace by'Igihugu igicuruzwa gikomokamo;	(a) if a geographical indication does not indicate the territory, region or locality of the country in which the product originates;	(a) lorsqu'une indication géographique indique le territoire, la région ou la localité du pays dont le produit est originaire ;
(b) iyo ikimenyetso ndangahantu kitagaragaza umwimerere no kwamamara kw'igicuruzwa cyangwa indi miterere yihariye y'icyo gicuruzwa bishobora guharirwa inkomoko y'ahantu cyaturutse;	(b) if a geographical indication does not indicate the quality and reputation of a product or other characteristics that are essentially attributable to its geographical origin;	(b) lorsqu'une indication géographique indique la qualité et la réputation ou d'autres caractéristiques qui sont essentiellement attribuables à sa provenance géographique ;
(c) iyo ikimenyetso ndangahantu giteye ku buryo umwimerere wacyo, uko cyamamaye cyangwa ikindi kintu cyihariye kiranga igicuruzwa kidashobora kwitirirwa ahantu gikomoka;	(c) if the quality, reputation or other specific characteristic of the product indicated on the geographical indication cannot be attributed essentially to its geographical origin;	(c) lorsqu'une qualité, réputation ou autre caractéristique déterminée du produit indiquée sur l'indication géographique ne peut être attribué essentiellement à son origine géographique ;
(d) iyo ikimenyetso ndangahantu gihungabanya ituze rusange rya rubanda cyangwa kitubahiriza imigenzo myiza;	(d) if a geographical indication is contrary to public order or morality;	(d) lorsqu'une indication géographique est contraire à l'ordre public ou à la moralité ;
(e) iyo ikimenyetso ndangahantu kiri mu bitarengerwa cyangwa kiri mu	(e) if a geographical indication is not, or has ceased to be, protected in its	(e) lorsqu'une indication géographique n'est pas, ou a cessé d'être protégée dans son

bitakirengerwa mu gihugu gikomokamo;	country of origin;	pays d'origine ;
(f) iyo ikimenyetso ndangahantu kiyobya kandi gituma rubanda ifata ibicuruzwa nk'aho bikomoka ahantu hatandukanye;	(f) if a geographical indication misleads and makes the public consider that the products originate from a different territory;	(f) lorsqu'une indication géographique induit le public en erreur et l'amène à considérer que les produits proviennent d'un territoire différent ;
(g) iyo ikimenyetso ndangahantu gisa neza n'inyito gakondo mu rurimi ruhuriweho muri Repubulika y'u Rwanda nk'izina risanzwe ryahawe igicuruzwa;	(g) if a geographical indication is identical with the term customary in common language in the Republic of Rwanda as the common name for the relevant product;	(g) lorsqu'une indication géographique est identique au terme usuel employé dans le langage courant en République du Rwanda comme nom commun du produit ;
(h) iyo ikimenyetso ndangahantu kibangamira ikirango cyasabiwe kwandikwa cyangwa cyanditswe cyangwa cyakoreshejwe muri Repubulika y'u Rwanda.	(h) a geographical indication is prejudicial to a prior mark applied for or registered in good faith, or acquired through use in good faith in the Republic of Rwanda.	(h) lorsqu'une indication géographique est préjudiciable à une marque demandée ou enregistrée de bonne foi, ou acquise par un usage de bonne foi en République du Rwanda.
Icyiciro cya 5: Uburenganzira butangwa n'iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu	**Section 5: Rights conferred by registration of a geographical indication**	**Section 5 : Droits conférés par l'enregistrement d'une indication géographique**
Ingingo ya 246: Uburenganzira bwo kubyaza umusaruro ikimenyetso ndangahantu	**Article 246: Right to use a geographical indication**	**Article 246 : Droit d'utiliser une indication géographique**
(1) Iyandikwa ry'ikimenyetso ndangahantu rihesha ba nyiracyo uburenganzira bwihariwe bwo kugikoresha ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda.	(1) The registration of a geographical indication confers on owners the exclusive rights to its use on the territory of the Republic of Rwanda.	(1) L'enregistrement d'une indication géographique confère aux titulaires le droit exclusif de son utilisation sur le territoire de la République du Rwanda.

(2) Icyakora, ikimenyetso ndangahantu cyandikishijwe ntigishobora gukorerwa amasezerano yo gutanga uruhushya.	(2) However, a registered geographical indication cannot be subject to a licence contract.	(2) Toutefois, une indication géographique enregistrée ne peut pas faire l'objet d'un contrat de licence.
<u>Ingingo ya 247</u>: Gutanga ikirego ku ibangamirwa ry'uburenganzira bwo gukoresha ikimenyetso ndangahantu	**<u>Article 247</u>: Civil proceedings against infringement of the right to use a geographical indication**	**<u>Article 247</u> : Action civile à l'encontre d'une violation de droit à l'utilisation d'une indication géographique**
Umuntu ubifitemo inyungu ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha kugira ngo rukumire cyangwa ruhagarike, ibikorwa byerekeye ikimenyetso ndangahantu bikurikira:	An interested person may initiate civil proceedings before the competent court in order to prevent or stop the following acts related to a geographical indication:	Une personne intéressée peut initier une action civile auprès d'une juridiction compétente en vue de prévenir ou stopper des actes suivants en rapport avec une indication géographique :
(a) gukoresha, mu kwita cyangwa kugaragaza igicuruzwa, uburyo bwose bwerekana cyangwa bushobora kwerekana ko icyo gicuruzwa gikomoka ahandi hantu ku buryo byayobya umuntu ku byerekeye aho icyo gicuruzwa gikomoka;	(a) the use, in the designation or presentation of the product, of any means which indicates or suggests that this product originates from another geographical region in a manner which misleads any person as to the geographical origin of the product;	(a) l'utilisation, dans la désignation ou la présentation de produit, de tout moyen qui indique ou suggère que ce produit provient d'une autre région géographique de manière d'induire toute personne en erreur quant à l'origine géographique de ce produits ;
(b) gukoresha ikimenyetso ndangahantu mu buryo ubwo ari bwo bwose binyuze mu ihiganwa ritemewe;	(b) any use of the geographical indication which constitutes an act of unfair competition;	(b) tout usage d'une indication géographique qui constitue un acte de concurrence déloyale ;
(c) gukoresha ikimenyetso ndangahantu kigaragaza za divayi kuri za divayi zidakomoka mu gace kagaragazwa n'ikimenyetso ndangahantu kivugwa cyangwa kigaragaza inzoga z'ibyotsi ko ari inzoga z'ibyotsi bidakomoka mu	(c) the use of a geographical indication identifying wines for wines not originating in the place indicated by the geographical indication in question, or identifying spirits for spirits not originating in the place indicated by the	(c) l'utilisation d'une indication géographique identifiant des vins pour des vins qui ne sont pas originaires du lieu indiqué par l'indication géographique en question, ou identifiant des spiritueux pour des spiritueux qui ne sont pas originaires du lieu

gace kagaragazwa n'ikimenyetso ndangahantu kivugwa, nubwo inkomoko nyakuri y'ibyo bicuruzwa igaragazwa cyangwa ko ikimenyetso ndangahantu cyakoreshejwe mu guhindura mu zindi ndimi cyangwa giherekejwe n'imvugo nk'izi: "ubwoko", "icyiciro", "uburyo", "urwiganwa" n'ibisa na byo.	concerned geographical indication, even where the true origin of the goods is indicated or the geographical indication is used in translation or accompanied by expressions such as "kind", "type", "style", "imitation" or the like.	indiqué par l'indication géographique en question, même dans les cas où la véritable origine du produit est indiquée ou dans ceux où l'indication géographique est employée en traduction ou accompagnée d'expressions telles que « genre », « type », « style », « imitation » ou autres.
Ingingo ya 248: Kwanga kwandika ikirango gisa cyangwa kirimo ikimenyetso ndangahantu	**Article 248: Refusal to register a mark identical with, or containing a geographical indication**	**Article 248 : Refus d'enregistrer une marque qui contient une indication géographique**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bubyibwirije cyangwa bubisabwe n'ubifitemo inyungu ntibwandika:	(1) The competent authority, on own initiative or at the request of an interested person, refuses to register:	(1) L'autorité compétente, de sa propre initiative ou à la demande de la personne intéressée refuse d'enregistrer :
(a) ikirango gisa cyangwa kirimo ikimenyetso ndangahantu kiranga ibicuruzwa bidakomoka mu gace kavugwa, iyo gukoresha icyo kirango kuri ibyo bicuruzwa muri Repubulika y'u Rwanda bishobora gutera urujijo ku byerekeye inkomoko nyakuri yabyo;	(a) a mark containing or consisting of a geographical indication with respect to products that do not originate in the indicated locality, if use of the indication in the mark for such products in the Republic of Rwanda is of such a nature as to mislead the public as to the true geographical origin of the products;	(a) une marque qui comporte une indication géographique ou qui est constituée par une telle indication, pour des produits qui ne sont pas originaires de la localité indiquée, si l'utilisation de cette indication dans la marque pour de tels produits en République du Rwanda est de nature à induire le public en erreur quant au véritable lieu d'origine de ceux-ci ;
(b) ikirango gisa cyangwa kirimo ikimenyetso ndangahantu kiranga za divayi cyangwa inzoga z'ibyotsi bidakomoka mu gace kavugwa, iyo	(b) a mark containing or consisting of a geographical indication with respect to wines or spirits that do not originate in the indicated locality, if	(b) une marque qui comporte une indication géographique ou qui est constituée par une telle indication, pour des vins ou des spiritueux qui ne sont pas originaires de la

gukoresha icyo kirango kuri izo divayi cyangwa inzoga z'ibyotsi muri Repubulika y'u Rwanda bishobora gutera urujijo ku byerekeye inkomoko nyakuri yabyo.	use of the indication in the mark for such wines or spirits in the Republic of Rwanda is of such a nature as to mislead the public as to their true geographical origin.	localité indiquée, si l'utilisation de cette indication dans la marque pour de tels vins ou spiritueux en République du Rwanda est de nature à induire le public en erreur quant à leur véritable lieu d'origine.
(2) Icyakora, iyo kwandikisha ikirango gisa cyangwa kirimo ikimenyetso ndangahantu byasabwe nta buriganya, cyangwa uburenganzira ku kirango bukaba bwaratanzwe nta buriganya mbere y'uko ikimenyetso ndangahantu kirengerwa mu gihugu gikomokamo, icyo kirango cyandikishijwe gikomeza kurengerwa.	(2) However, where the registration of a mark containing or consisting of a geographical indication has been requested in good faith, or the rights on the mark have been granted through good faith before the geographical indication is protected in its country of origin, the registered mark continues to be protected.	(2) Toutefois, lorsque l'enregistrement d'une marque qui comporte une indication géographique ou qui est constituée par une telle indication a été demandé de bonne foi, ou que les droits sur la marque ont été accordés de bonne foi avant que l'indication géographique ne soit protégée dans son pays d'origine, le la marque enregistrée continue d'être protégée.
(3) Gusaba indishyi ku byerekeye ikoreshwa cyangwa iyandikwa ry'ikirango bikorwa mu gihe kitarenze imyaka itanu ibarwa uhereye ku itariki ikoreshwa ribangamiye ikimenyetso ndangahantu kirengerwa rimenyekaniyeho muri rusange muri Repubulika y'u Rwanda, ariko ikirango kikaba cyaratangajwe kuri iyo tariki, niba iza mbere y'itariki ikoreshwa ribangamiye uburenganzira ryamenyekaniyeho muri Repubulika y'u Rwanda muri rusange, kandi ikimenyetso ndangahantu kikaba kitarakoreshejwe cyangwa kitarandikishijwe mu buriganya.	(3) Any request for compensation in connection with the use or registration of a mark is presented within five years after the prejudicial use of the protected geographical indication has become generally known in the Republic of Rwanda or after the date of registration of the mark in Rwanda provided that the mark has been published on this date, if such date is earlier than the date on which the prejudicial use became generally known in the Republic of Rwanda, and provided that the geographical indication is not used or registered in bad faith.	(3) Toute demande de réparation au sujet de l'usage ou de l'enregistrement d'une marque est présentée dans un délai de cinq ans après que l'usage préjudiciable de l'indication géographique protégée sera devenu généralement connu en République du Rwanda ou après la date d'enregistrement de la marque au Rwanda, à condition que la marque ait été publiée à cette date, si celle-ci est antérieure à la date à laquelle l'usage préjudiciable sera devenu généralement connu en République du Rwanda, à condition que l'indication géographique ne soit pas utilisée ou enregistrée de mauvaise foi.

Ingingo ya 249: Igihe kurengera ikimenyetso ndangahantu cyandikishijwe bimara n'igihe cy'inyongera	**Article 249: Duration of protection of the registered geographical indication and its renewal**	**Article 249 : Durée de protection d'une indication géographique enregistrée et son renouvellement**
(1) Ikimenyetso ndangahantu cyandikishijwe kirengerwa mu gihe cy'imyaka 10 ibarwa uhereye ku itariki ubusabe bw'iyandikwa bwatangiweho.	(1) A registered geographical indication is protected for a period of 10 years from the filing date of the application for registration.	(1) Une indication géographique enregistrée est protégée pour une période de 10 ans à compter du jour de dépôt de la demande d'enregistrement.
(2) Igihe cyo kurengera ikimenyetso ndangahantu cyandikishijwe gishobora guhora cyongererwa igihe cy'inyongera kimara imyaka 10, iyo bisabwe n'ufite uburenganzira ku kimenyetso ndangahantu cyandikishijwe. Kongera igihe cyo kurengera ikimenyetso ndangahantu cyandikishijwe byishyurirwa amafaranga yagenwe.	(2) The duration of protection of a registered geographical indication can be indefinitely renewed for consecutive periods of 10 years each, upon request of the owner of a registered geographical indication. The renewal of registration of a geographical indication is subject to payment of the prescribed fee.	(2) La période de protection d'une indication géographique enregistrée peut être renouvelée indéfiniment pour des périodes consécutives de 10 ans chacune, sur demande du titulaire d'une indication géographique enregistrée. Le renouvellement d'enregistrement d'une indication géographique est soumis au paiement de frais prescrits.
(3) Icyakora, hatangwa igihe cy'imbabazi kingana n'amezi atandatu cyo kwishyura amafaranga yo kongera igihe cyo kurengera ikimenyetso ndangahantu cyandikishijwe nyuma y'itariki ntarengwa yo kwishyuriraho. Ubwishyu bukozwe mu gihe cy'imbabazi bwiyongeraho amafaranga y'inyongera yagenwe.	(3) However, a grace period of six months is granted for the payment of the fee for renewal of the protection of the registered geographical indication after the deadline for payment. The payment made during the grace period is subject to payment of the prescribed surcharge.	(3) Toutefois, une période de grâce de six mois est accordée pour le paiement des frais de renouvellement de la protection d'une indication géographique enregistrée après la date limite de paiement. Le paiement effectué pendant la période de grâce est soumis au paiement de frais de surcharge prescrits.
(4) Iyo amafaranga yo kongerera ikimenyetso ndangahantu atishyuwe, kurengera ikimenyetso ndangahantu cyandikishijwe bitakaza agaciro.	(4) If the fee for renewal of a geographical indication is not paid, the protection of a registered geographical indication lapses.	(4) Lorsque les frais de renouvellement d'une indication géographique ne sont pas payés, la protection d'une indication géographique enregistrée tombe en déchéance.

UMUTWE WA VIII: INGINGO ZIHURIWEHO KU MUTUNGO BWITE MU BY'INGANDA	**CHAPTER VIII: COMMON PROVISIONS TO INDUSTRIAL PROPERTY**	**CHAPITRE VIII : DISPOSITIONS COMMUNES À UNE PROPRIÉTÉ INDUSTRIELLE**
Ingingo ya 250: Umuntu wemerewe kwandikisha umutungo bwite mu by'inganda	**Article 250: Person eligible to register an industrial property**	**Article 250 : Personne éligible pour faire enregistrer une propriété industrielle**
Uwemerewe kwandikisha umutungo bwite mu by'inganda ni:	The person eligible to register an industrial property is:	La personne éligible pour faire enregistrer une propriété industrielle est :
(a) umunyarwanda utuye muri Repubulika y'u Rwanda cyangwa ikigo gifite ubuzimagatozi gifite icyicaro gikuru muri Repubulika y'u Rwanda cyangwa ikigo cy'ubucuruzi cyangwa uruganda bigaragara kandi bikorera muri Repubulika y'u Rwanda;	(a) a Rwandan who has his or her habitual residence in the Republic of Rwanda or legal entity which has its headquarters in the Republic of Rwanda or a company or an industry which has real and effective industrial or business establishments located in the Republic of Rwanda;	(a) un rwandais qui a une résidence habituelle en République du Rwanda ou une personne morale qui a son siège social en République du Rwanda, ou une société ou une industrie qui a des établissements industriels ou commerciaux réels et effectifs en République du Rwanda ;
(b) umwenegihugu w'igihugu cyemeye Amasezerano y'i Paris yerekeye kurengera umutungo bwite mu by'inganda cyangwa umwenegihugu w'igihugu kiri mu Muryango Mpuzamahanga w'Ubucuruzi ku bireba ubusabe ubwo ari bwo bwose bwashyikirijwe ubuyobozi bubifitiye ububasha n'ikurikizwa ry'uburenganzira bwabo muri Repubulika y'u Rwanda;	(b) a national of a country party to Paris Convention for the Protection of Industrial Property or a national of a country member of World Trade Organisation regarding any application before the competent authority and enforcement of their rights in the Republic of Rwanda;	(b) un ressortissant d'un pays membre de la Convention de Paris pour la protection de la propriété industrielle ou un ressortissant d'un pays membre de l'Organisation Mondiale du Commerce pour ce qui concerne toute demande présentée à l'autorité compétente et l'application de leurs droits en République du Rwanda ;

(c) umwenegihugu w'igihugu kitemeye Amasezerano y'i Paris yerekeye kurengera umutungo bwite mu by'inganda n'umwenegihugu w'igihugu kitari mu Muryango Mpuzamahanga w'Ubucuruzi ubarizwa cyangwa ufite ikigo cy'inganda cyangwa cy'ubucuruzi kigaragara ariko gikorera muri kimwe mu bihugu byemeye Amasezerano y'i Paris cyangwa kiri mu Muryango Mpuzamahanga w'Ubucuruzi ku bireba ubusabe ubwo ari bwo bwose bwashyikirijwe ubuyobozi bubifitiye ububasha n'ikurikizwa ry'uburenganzira bwabo muri Repubulika y'u Rwanda;	(c) a national of a country not party to Paris Convention for the Protection of Industrial Property and a national of country not a member of the World Trade Organisation, who is domiciled or who has real and effective industrial or business establishments in the territory of one of the countries parties to Paris Convention or member of World Trade Organisation regarding any application before the competent authority and enforcement of their rights in the Republic of Rwanda;	(c) un ressortissant d'un pays non membre de la Convention de Paris pour la protection de la propriété industrielle et un ressortissant d'un pays non membres de l'Organisation Mondiale du Commerce, qui a un domicile ou qui a des établissements industriels ou commerciaux réels et effectifs sur le territoire de l'un des pays membres de la Convention de Paris ou membres de l'Organisation Mondiale du Commerce pour ce qui concerne toute demande présentée à l'autorité compétente et l'application de leurs droits en République du Rwanda ;
(d) umuntu utavugwa mu gaka ka (a), aka (b) n'aka (c) tw'iyi ngingo ashobora gusaba iyandikwa cyangwa kurengera umutungo bwite mu by'inganda bitewe n'inyungu bifitiye u Rwanda cyangwa mu gihe igihugu akomokamo cyangwa abarizwamo kirengera abanyarwanda mu buryo buhwanye n'uko kirengera abenegihugu bacyo.	(d) a person who is not referred to in Subparagraphs (a), (b) and (c) of this Article may apply for registration and protection of his or her creation or innovation taking into account the interest for Rwanda or insofar as his or her country of origin or in which he is domiciled grants equivalent protection to Rwandans.	(d) une personne qui n'est pas visée aux alinéas (a), (b) et (c) du présent article peut demander l'enregistrement et la protection de sa création ou de son innovation en tenant en considération l'intérêt pour le Rwanda dans la mesure où son pays d'origine ou son pays de domicile accorde protection équivalente aux Rwandais.

Ingingo ya 251: Intumwa yabiherewe uruhushya mu byerekeye umutungo bwite mu by'inganda	**Article 251: Industrial property authorised agent**	**Article 251 : Mandataire de propriété industrielle autorisé**
(1) Usaba iyandikwa cyangwa utanze ubusabe bw'icyemezo ku mutungo bwite mu by'inganda utuye muri Repubulika y'u Rwanda ashobora guhagararirwa n'intumwa yabiherewe uruhushya n'ubuyobozi bubifitiye ububasha.	(1) The applicant whose habitual residence or principal place of business is located in the Republic of Rwanda may be represented by an industrial property agent authorised by the competent authority.	(1) le demandeur dont la résidence habituelle ou dont l'endroit principal de son commerce est situé dans la République du Rwanda peut être représentée par un mandataire de propriété industrielle autorisé par l'autorité compétente.
(2) Usaba udatuye muri Repubulika y'u Rwanda cyangwa icyicaro gikuru cy'ubucuruzi bwe kikaba kiri hanze ya Repubulika y'u Rwanda ahagararirwa n'intumwa yahawe uruhushya n'ubuyobozi bubifitiye ububasha mu byerekeye umutungo bwite mu by'inganda bwo gukora umwuga wayo muri Repubulika y'u Rwanda.	(2) The applicant whose habitual residence or principal place of business is located outside the Republic of Rwanda is represented by an industrial property agent authorised by the competent authority to carry out his or her profession in the Republic of Rwanda.	(2) le demandeur dont la résidence habituelle ou dont l'endroit principal de son commerce est situé en dehors de la République du Rwanda est représenté par un mandataire de propriété industrielle autorisé par l'autorité compétente pour exercer sa profession dans la République du Rwanda.
(3) Usaba iyandikwa yifashishije intumwa yabiherewe uruhushya mu byerekeye umutungo bwite mu by'inganda ku busabe ubwo ari bwo bwose, amenyesha ubuyobozi bubifitiye ububasha mu nyandiko intumwa yagennye.	(3) An applicant required to use, or wishing to use an industrial property authorised agent for any application, notifies the competent authority in writing of his or her nominated agent.	(3) Un demandeur appelé à utiliser ou désireux d'utiliser un mandataire de propriété industrielle autorisé pour toute demande, notifie l'autorité compétente par écrit de l'agent désigné.
(4) Iteka rya Minisitiri rigena ibisabwa ku mikorere y'intumwa mu byerekeye	(4) An Order of the Minister determines modalities for the use of an industrial	(4) Un arrêté du Ministre détermine les modalités d'utilisation d'un mandataire

umutungo bwite mu by'inganda n'imiterere y'inyandiko itanga ububasha.	property agent and the format for the power of attorney.	de propriété industrielle et le format du mandat.
<u>Ingingo ya 252</u>: Gutanga amakuru n'inyandiko ku busabe bwakorewe mu mahanga yerekeye umutungo bwite mu by'inganda	**<u>Article 252</u>: Provision of information and documents relating to foreign application with regard to industrial property**	**<u>Article 252</u> : Donner des informations et documents relatifs à une demande étrangère eu égard à la propriété industrielle**
(1) Usaba kurengera umutungo bwite mu by'inganda muri Repubulika y'u Rwanda usa n'uwo yatangiye ubusabe mu mahanga agaragariza ubuyobozi bubifitiye ububasha itariki na nomero by'ubusabe yatanze mu mahanga.	(1) The applicant claiming, in the Republic of Rwanda, for the protection of industrial property which is similar to that for which he claimed in the application filed abroad, indicates to the competent authority the date and number of the application he or she filed abroad.	(1) Le demandeur qui revendique, en République du Rwanda, un titre de protection de la propriété industrielle similaire à celle pour laquelle la revendication est portée à la demande qu'il a déposée à l'étranger indique à l'autorité compétente la date et le numéro de la demande qu'il a déposés à l'étranger.
(2) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bushobora gusaba uwasabye gutanga inyandiko zikurikira:	(2) The competent authority may request the applicant to provide the following documents:	(2) L'autorité compétente peut demander au demandeur de fournir les documents suivants :
(a) kopi y'inyandiko yerekeye ibyagezweho n'ubushakashatsi cyangwa isuzuma ryakozwe ku byerekeye ubusabe bwakorewe mu mahanga ;	(a) a copy of any communication concerning the results of any search or examination carried out in respect of the foreign application;	(a) une copie de toute communication concernant les résultats de toute recherche ou examen effectué eu égard à la demande étrangère ;
(b) kopi y'urupapuro mpamo yemejwe ko ihuye n'urupapuro mpamo rwerekeranye no kurengera umutungo bwite mu by'inganda rwatanzwe	(b) a certified copy of the certificate of industrial property granted following the foreign application;	(b) une copie certifiée conforme à l'original du titre de propriété industrielle octroyé suite à une demande étrangère ;

hakurikijwe ubusabe bwakorewe mu mahanga;		
(c) kopi y'icyemezo cya burundu kigaragaza ko ubusabe bwanzwe hakurikijwe ubusabe bwakorewe mu mahanga;	(c) a copy of the final decision indicating that the application was rejected following a foreign application;	(c) une copie de la décision finale indiquant que la demande a été rejetée suivant la demande étrangère ;
(d) kopi y'icyemezo cya burundu gitesha agaciro umutungo bwite mu by'inganda cyangwa urundi rupapurompamo rwerekeranye no kurengera umutungo bwite mu by'inganda.	(d) a copy of the final decision invalidating the industrial property certificate or any other title of the industrial property protection.	(d) une copie de la décision finale annulant le titre de propriété industrielle ou tout autre titre de protection de la propriété industrielle.
Ingingo ya 253: Uburenganzira ku mutungo bwite mu by'inganda	**Article 253: Rights to an industrial property**	**Article 253 : Droits à la propriété industrielle**
Umuntu ufite umutungo bwite mu by'inganda agira uburenganzira bwihariye kuri uwo mutungo ari uko wandikishijwe.	The owner of industrial property enjoys exclusive rights on it only when it is registered.	Le propriétaire d'une propriété industrielle ne jouit des droits exclusifs sur cette propriété que lorsqu'elle est enregistrée.
Ingingo ya 254: Gutanga icyemezo cy'iyakira ry'ubusabe bw'iyandikwa ry'umutungo bwite mu by'inganda	**Article 254: Notification for the receipt of the application for registration of an industrial property**	**Article 254 : Notification de la réception de la demande d'enregistrement d'une propriété**
Ubusabe bw'iyandikwa ry'umutungo bwite mu by'inganda bwujuje ibisabwa, buhesha uwasabye uburenganzira bwo guhabwa icyemezo cy'iyakira ry'ubusabe gitangwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha kigaragaza ibi bikurikira:	An application for registration of an industrial property which fulfils the requirements give the owner the right to be notified on receipt of the application by the competent authority. The notice states the following:	La demande d'enregistrement d'une propriété industrielle qui remplit les conditions requises, donne au propriétaire le droit de recevoir la notification de réception de la demande par l'autorité compétente. La notification indique ce qui suit :

(a) itariki n'isaha ubusabe bwatangiweho;	(a) date and hour on which the application was filed;	(a) la date et l'heure du dépôt de la demande;
(b) inomero y'ubusabe;	(b) application number; and	(b) le numéro de la demande; et
(c) n'andi makuru akenewe agenwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha.	(c) other necessary information determined by the competent authority.	(c) d'autres informations jugées nécessaires par l'autorité compétente.
Ingingo ya 255: Uburenganzira bwo gutanga abandi	**Article 255: Right of priority**	**Article 255 : Droit de priorité**
(1) Ubusabe bwo kwandikisha umutungo bwite mu by'inganda bushobora kuba bukubiyemo ubusabe bw'uburenganzira bwo gutanga abandi hakurikijwe Amasezerano y'i Paris cyangwa andi masezerano mpuzamahanga yemejwe n'u Rwanda.	(1) An application for registration of industrial property may contain a claim to a priority filing date in accordance with the Paris Convention or any other international convention to which the Republic of Rwanda is party.	(1) Une demande d'enregistrement de la propriété industrielle peut contenir une revendication d'une date de priorité conformément à la Convention de Paris ou à toute autre convention internationale à laquelle la République du Rwanda est partie.
(2) Ubusabe bwo gutanga abandi bushobora gutangwa hashingiwe ku busabe bumwe cyangwa bwinshi bwo ku rwego rw'Igihugu, urw'Akarere cyangwa Mpuzamahanga bwatanzwe n'usaba cyangwa umuhagarariye mu gihugu cyemeje amasezerano y'i Paris cyangwa kiri mu bigize Umuryango Mpuzamahaganga w'Ubucuruzi.	(2) A request of priority date may be filled in respect of one or more previous national, regional, or international applications, filed by the applicant or his or her rightful representative in a State party to Paris Convention or the World Trade Organisation.	(2) La demande de la date de priorité peut être déposée eu égard à une ou plusieurs demandes antérieures nationales, régionales, ou internationales déposées par le demandeur ou son mandataire dans un État membre de la Convention de Paris ou de l'Organisation Mondiale du Commerce.
(3) Igihe cyo gutanga abandi ni amezi 12 abarwa uhereye ku itariki ubusabe bwa	(3) The priority date is 12 months from the filing date of the first application for	(3) La date de priorité est de 12 mois à partir du jour de dépôt de la première demande

mbere bwatangiweho busaba uburenganzira bwo gutanga abandi. Icyakora, igihe cyo gutanga abandi ni amezi atandatu ku birango.	which the right to priority is claimed. However, this period is six months for marks.	pour laquelle le droit de priorité est revendiqué. Toutefois, cette période est de six mois pour les marques.
Ingingo ya 256: Ibisabwa mu gutanga ubusabe ku burenganzira bwo gutanga abandi	**Article 256: Requirements for making a request for a priority right**	**Article 256 : Conditions requises pour faire la demande du droit de priorité**
(1) Ubusabe bwo gutanga abandi bwemerwa iyo:	(1) A request of priority date is accepted if:	(1) La demande de la date de priorité est acceptée lorsque :
(a) bwerekana itariki na nomero y'ubusabe bwabanje n'igihugu bwatanzwemo;	(a) it indicates the date and number of the previous application and the State where it has been filed;	(a) elle indique la date et le numéro de la demande antérieure ainsi que l'État où elle a été déposée.
(b) usaba agaragaje kopi y'ubusabe yemejwe n'ubuyobozi bwakiriye ubusabe bwa mbere.	(b) the applicant provides a copy of the previous application, certified by the authority with which this previous application has been filed.	(b) le demandeur fournit une copie de la demande antérieure, certifiée conforme par l'autorité auprès de laquelle cette demande antérieure a été déposée.
(2) Mu gihe kopi y'ubusabe bwa mbere yatanzwe iri mu rurimi rutari mu ndimi zemewe mu butegetsi mu Rwanda, usaba agaragaza ihindura ry'ubusabe muri rumwe mu ndimi zemewe mu butegetsi mu Rwanda.	(2) When the copy of the previous application is in a language which is not one of the official languages in Rwanda, the applicant provides a translated copy in one of the official languages in Rwanda.	(2) Lorsque la copie de la demande antérieure n'est dans l'une des langues officielles au Rwanda, le demandeur fournit une copie traduite dans l'une des langues officielles au Rwanda.
(3) Iyo ubusabe butujuje ibisabwa biteganyijwe mu gaka ka (b) k'igika cya (1) cy'iyi ngingo, ubuyobozi bubifitiye ububasha busaba uwasabye kuzuza	(3) If the application does not meet the requirements provided in Sub paragraph (b) of Paragraph (1) of this Article, the competent authority requests the applicant	(3) Lorsque la demande n'a pas satisfait les conditions prévues à l'alinéa (b) du paragraphe (1) du présent article, l'autorité compétente demande au demandeur de

ibisabwa mu gihe kitarenze iminsi 30 ibarwa uhereye ku itariki usaba yabimenyesherejweho.	to fulfil the requirements within 30 days from the date the applicant has been notified.	remplir les conditions requises dans les 30 jours à compter du jour de la notification au demandeur.
(4) Iyo usaba atujuje ibisabwa mu gihe giteganywa mu gika cya (3) cy'iyi ngingo ubwo busabe ntibwemerwa.	(4) If the applicant does not fulfil the requirements within the time limits referred to in Paragraph (3) of this Article, the request is not considered.	(4) Lorsque le demandeur ne satisfait pas aux conditions requises dans le délai prévu au paragraphe (3) du présent article, la demande n'est pas considérée.
Ingingo ya 257: Agaciro ko gutanga abandi	**Article 257: Effect of priority**	**Article 257 : Effet de priorité**
Ubusabe butanzwe bukubiyemo ubusabe bw'uburenganzira bwo gutanga abandi muri Repubulika y'u Rwanda hakurikijwe ibiteganywa mu ngingo ya 255 y'iri tegeko, butesha agaciro ubusabe bwakorewe muri Repubulika y'u Rwanda busa nabwo niyo haba harakozwe ibikorwa birimo itangazwa cyangwa gukoresha umutungo bwite mu by'inganda bireba.	An application filled which include a request of priority date in the Republic of Rwanda in accordance with Article 255 of this Law, invalidates another similar application made in the interval in the Republic of Rwanda, even if acts including publication or use of the relevant industrial property have been performed.	Une demande déposée en République du Rwanda avec une déclaration de la date de priorité conformément à l'article 255 de la présente loi, annule une autre demande similaire faite avant l'expiration de la période de priorité, nonobstant tout acte y compris la publication ou l'utilisation de la propriété industrielle concernée.
Ingingo ya 258: Kuvanaho ubusabe bw'iyandikwa ry'umutungo bwite mu by'inganda	**Article 258: Withdrawal of an application for registration of an industrial property**	**Article 258 : Retrait d'une demande d'enregistrement d'une propriété industrielle**
(1) Uwatanze ubusabe bwo kwandikisha umutungo bwite mu by'inganda ashobora kubuvanaho igihe cyose bugisuzumwa bikozwe mu nyandiko ishyikirizwa ubuyobozi bubifitiye ububasha.	(1) An applicant for a registration of an industrial property may withdraw the application at any time during its pendency by submitting a written request to the competent authority.	(1) Le demandeur d'enregistrement de la propriété industrielle peut retirer sa demande à tout moment pendant qu'elle en instance par un écrit soumis à l'autorité compétente.

(2) Iyo ubusabe bwavanyweho, ubundi busabe bushobora gutangwa kuri uwo mutungo bwite mu by'inganda bireba. Iyo ubwo busabe bundi bukozwe bufatwa nk'aho ari ubwa mbere kuri uwo mutungo bwite mu by'inganda bireba.	(2) When the application has been withdrawn, a subsequent application can be filed in respect of the same industrial property. If such subsequent application is filed, it is regarded as the first application in respect of that industrial property.	(2) Lorsque la demande a été retirée, une nouvelle demande peut être déposée pour la même propriété industrielle. Si cette nouvelle demande est déposée, elle est considérée comme étant la première demande pour cette même propriété industrielle.
(3) Uburenganzira bwo gutanga abandi ntibutangwa hashingiwe ku busabe bwavanyweho.	(3) Priority rights are not granted based on the withdrawn application.	(3) Les droits de priorité ne sont pas accordés sur base d'une demande retirée.
Ingingo ya 259: Gukosora amakosa	**Article 259: Correction of errors**	**Article 259 : Correction des erreurs**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha busaba uwatanze ubusabe mu nyandiko gukosora amakosa y'imyandikire arimo ayakozwe mu guhindura mu ndimi, ukwibeshya biboneka mu busabe cyangwa mu nyandiko yabushyikirijwe mu gihe bidahindura ireme ry'ubusabe.	(1) The competent authority requests the applicant in writing to correct any clerical errors including those related to translation, to mistakes appearing in any application or document filed with such authority as long as it does not affect the application in substance.	(1) L'autorité compétente demande par écrit au demandeur de corriger toutes les erreurs d'écriture y compris celles de traduction ou toutes les fautes apparaissant dans toute demande ou tout document déposé auprès de l'autorité compétente si cela n'affecte pas le fond de la demande.
(2) Igihe cyose bibaye ngombwa, uwatanze ubusabe ashobora gusaba mu nyandiko ubuyobozi bubifitiye ububasha uburenganzira bwo gukosora amakosa y'imyandikire avugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.	(2) The applicant may, whenever necessary, request in writing to the competent authority the authorization to correct clerical errors referred to in Paragraph (1) of this Article.	(2) Le demandeur peut, à chaque fois que de besoin, demander par écrit à l'autorité compétente l'autorisation de corriger les erreurs d'écriture visées au paragraphe (1) du présent article.

Ingingo ya 260: Kongera igihe	**Article 260: Extension of time limits**	**Article 260 : Extension des délais**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bubisabwe n'umuntu ubifitemo inyungu kandi ku mpamvu zumvikana bushobora kongera igihe kingana n'igiteganyijwe muri iri tegeko ku byerekeye gukosora amakosa ari mu busabe, kuzuza dosiye y'ubusabe, kujuririra icyemezo, itambamira cyangwa ivanwaho ry'uburenganzira kubera kudakoresha umutungo bwite mu by'inganda.	(1) The competent authority may, upon request by the interested person and on reasonable grounds, extend the time limits up to the same amount of time as is provided for by this Law with regard to correcting errors appearing in the application file, completing the application file, making an appeal against a decision, to making an opposition or cancellation of rights for the non-use of industrial proprty.	(1) L'autorité compétente peut, sur demande d'une personne intéressée et sur base des raisons valables, prolonger d'une même durée que celle prévue par la présente loi, le délai d'effectuer des corrections des erreurs apparaissant dans le dossier de demande, de remplir le dossier de demande, d'introduire un recours contre une décision, de former une opposition ou d'annuler les droits suite à la non-utilisation propriété industrielle.
(2) Ubusabe bwo kongeresha igihe bukorwa mu nyandiko iherekejwe n'ikimenyetso kigaragaza impamvu zo kongeresha igihe bigakorwa mbere y'uko igihe cyateganyijwe kirangira, hamaze kwishyurwa amafaranga yagenwe.	(2) A request for the extension of time limits is made in writing and is accompanied with the statement of the grounds for the extension before expiry of the existing time limits and after payment of a prescribed fee.	(2) La demande de prolongation des délais se fait par écrit et elle est accompagnée d'une déclaration de son justificatif et ce, avant l'expiration des délais existant et après paiement des frais prescrits.
Ingingo ya 261: Kubika Rejisitiri zandikwamo umutungo bwite mu by'inganda	**Article 261: Keeping the industrial property registers**	**Article 261 : Tenue des registres des propriétés industrielles**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bubika rejisitiri zikurikira:	(1) The competent authority keeps the following registers:	(1) L'autorité compétente tient les registres suivants :
(a) rejisitiri y'impamyabuvumbuzi;	(a) register of patents;	(a) registre des brevets ;
(b) rejisitiri y'ibyemezo by'ubuvumbuzi bucirirtse;	(b) register of utility model certificates;	(b) registre des certificats de modèle d'utilité ;

(c) rejisitiri y'ibishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda ;	(c) register of industrial designs;	(c) registre de dessins et modèles industriels ;
(d) rejisitiri y'ibirango;	(d) register of marks;	(d) registre des marques ;
(e) rejisitiri y'ibimenyetso ndangahantu;	(e) register of geographical indications;	(e) registre des indications géographiques ;
(f) rejisitiri y'ibishushanyo ndangamiterere by'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki;	(f) register of layout-designs of integrated circuit;	(f) registre des schémas de configuration du circuit intégré ;
(g) rejisitiri y'intumwa zabiherewe uruhushya mu byerekeye umutungo bwite mu by'inganda.	(g) register of industrial property authorised agents.	(g) registre des agents de propriété industrielle autorisés.
(2) Umuntu wese ubifitemo inyungu ashobora kureba ibikubiye muri rejisitiri iyo ari yo yose, akanahabwa inyandiko ihinnye abanje kwishyura amafaranga yagenwe.	(2) An interested person may consult any of the registers and obtain an extract upon payment of the prescribed fee.	(2) Une personne intéressée peut consulter l'un de ces registres et obtenir un extrait moyennant paiement des frais prescrits.
Ingingo ya 262: Guhuza amakuru n'igihe	**Article 262: Information update**	**Article 262 : Mise à jour d'informations**
(1) Ufite uburenganzira ku mutungo bwite mu by'inganda wandikishijwe amenyesha ubuyobozi bubifitiye ububasha impinduka kuri ibi bikurikira:	(1) The owner of a registered industrial property rights notifies to the competent authority any change on the following:	(1) Le titulaire des droits d'une propriété industrielle enregistrée notifie à l'autorité compétente tout changement en matière de ce qui suit :
(a) aderesi y'ufite uburenganzira ku mutungo bwite mu by'inganda;	(a) contact address of the owner of an industrial property rights;	(a) adresse de contact du titulaire des droits d'une propriété industrielle ;

(b) intumwa mu byerekeye umutungo bwite mu by'inganda yabiherewe uruhushya;	(b) industrial property authorised agent;	(b) agent de propriété industrielle autorisé;
(c) n'andi makuru yo mu rwego rw'ubutegetsi adashingiye ku ireme asabwa.	(c) other non-substantive administrative information required.	(c) autres informations administratives non substantielles exigées.
(2) Ubuyobozi bubifitiye ububasha buhuza amakuru n'igihe muri rejisitiri yabugenewe.	(2) The competent authority updates the information in the relevant register.	(2) L'autorité compétente met à jour les informations dans le registre concerné.
(3) Guhuza amakuru n'igihe byishyurirwa amafaranga yagenwe.	(3) Updating information is subject to payment of a prescribed fee.	(3) La mise à jour des informations est assujettie au paiement des frais prescrits.
Ingingo ya 263: Gusubizaho uburenganzira	**Article 263: Reinstatement of rights**	**Article 263 : Rétablissement des droits**
(1) Ufite uburenganzira ku mutungo bwite mu by'inganda watakaje uburenganzira kuri uwo mutungo kubera kutongeresha igihe cyo kuwurengera mu gihe giteganywa muri iri tegeko ku mpamvu yumvikana, ashobora gusaba ubuyobozi bubifitiye ububasha gusubizwa uburenganzira.	(1) The owner of an industrial property who lost rights on such a property for non-payment of maintenance fee within the time limits provided for by this Law may, on a reasonable ground, request the competent authority to reinstate his or her rights.	(1) Le titulaire des droits d'une propriété industrielle qui a perdu des droits sur cette propriété suite au non-paiement des frais de maintenance dans les délais prévus par la présente loi peut, sur motif valable, demander à l'autorité compétente de rétablir ses droits.
(2) Gusaba gusubizwa uburenganzira bikorwa mu nyandiko mu gihe kitarenze amezi 12 abarwa uhereye ku itariki ntarengwa wo kongeresha igihe kandi hamaze kwishyurwa amafaranga yagenwe.	(2) The request for reinstatement of rights is made in writing within a period of 12 months from the expiry date of the deadline for the payment of maintenance fee and after payment of a prescribed fee.	(2) La demande de rétablissement des droits se fait par écrit dans une période de 12 mois à compter de la date d'expiration de la date limite du paiement des frais de maintenance et moyennant paiement des frais prescrits.

<u>Ingingo ya 264</u>: Ihame ry'uwatanze abandi gutanga ubusabe	**<u>Article 264</u>: First application principle**	**<u>Article 264 </u>: Principe de première demande**
Iyo abantu barenze umwe bahuriye ku buvumbuzi, ku buvumbuzi bucirirtse, ku gishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda, igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki cyangwa ikirango ariko buri wese yabikoze ukwe, mu gutanga itariki y'ubusabe hubahirizwa ihame ry'uwatanze abandi mu gutanga ubusabe.	If two or more persons have the same invention, utility model, industrial design, layout-design of integrated circuit or mark but independently of each other, the principle of first applicant applies when it comes to granting the priority date.	Lorsque deux ou plusieurs personnes ont une même invention, un même modèle d'utilité, dessin et modèle industriels, schéma de configuration du circuit intégré ou d'une même marque, mais indépendamment l'une de l'autre, le principe du premier demandeur s'applique lors de l'octroi de la date de priorité.
<u>Ingingo ya 265</u>: Ufite uburenganzira ku mutungo bwite mu by'inganda wakozwe mu gihe cyo gushyira mu bikorwa amasezerano y'umurimo	**<u>Article 265</u>: Owner of rights on an industrial property which was made during the execution of an employment contract**	**<u>Article 265 </u>: Détenteur des droits sur la propriété industrielle faite lors de l'exécution d'un contrat de travail**
(1) Iyo ubuvumbuzi, ubuvumbuzi bucirirtse, igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyangwa igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki bikozwe n'umukozi mu gihe cyo gushyira mu bikorwa amasezerano y'umurimo, uburenganzira bwo gusaba iyandikwa cyangwa icyemezo buba ari ubw'umukoresha, keretse iyo biteganyijwe ukundi mu masezerano y'umurimo.	(1) If an invention, utility model, industrial design, or the layout-design of integrated circuit which are made by an employee during the execution of an employment contract, the right to apply for the registration or certificate belongs to the employer, unless otherwise provided in the employment contract.	(1) Lorsqu'une invention, un modèle d'utilité, dessin et modèle industriels ou un schéma de configuration du circuit intégré sont faits lors de l'exécution d'un contrat de travail, le droit de demander l'enregistrement ou le certificat appartient à l'employeur, à moins que le contrat de travail ne le prévoie autrement.
(2) Iyo ubuvumbuzi, ubuvumbuzi bucirirtse, igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa	(2) If an invention, utility model, industrial design, or a layout-design of integrated	(2) Lorsque une invention, un modèle d'utilité, dessin et modèle industriels ou un schéma de

mu nganda cyangwa igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki bifite agaciro mu by'ubukungu karenze ako impande zombi zateganyaga mu gihe hakorwaga amasezerano y'umurimo, umukozi agira uburenganzira ku gihembo gikwiranye n'agaciro k'ubuvumbuzi, ubuvumbuzi buciritse, igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyangwa igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki.	circuit has an economic value that is higher than that which the both parties could reasonably foresee at the time the employment contract was concluded, the employee is entitled to equitable remuneration considering the value of the invention, utility model, industrial design, or the layout-design of integrated circuit.	configuration du circuit intégré a une valeur économique qui est supérieure à celle que les deux parties pouvaient raisonnablement anticiper au moment de la conclusion du contrat de travail, l'inventeur, l'innovateur ou le créateur a droit à une rémunération équitable par rapport à la valeur de l'invention, du modèle d'utilité, du dessin et modèle industriels ou du schéma de configuration du circuit intégré.
<u>Ingingo ya 266</u>: Ufite uburenganzira ku mutungo bwite mu by'inganda wakozwe bidateganyijwe mu masezerano y'umurimo	**<u>Article 266</u>: Owner of rights on an industrial property which was made out of the employment contract**	**<u>Article 266</u> : Titulaire des droits sur la propriété industrielle faite en dehors du contrat de travail**
(1) Umukozi afite uburenganzira bwo gusaba iyandikwa ry'icyemezo cy'ubuvumbuzi, ubuvumbuzi buciritse, cyangwa iyandikwa ry'igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyangwa igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki iyo yabikoze:	(1) An employee has the right to apply for a registration certificate for an invention, utility model, industrial design, or a layout-design of integrated circuit if he or she made them:	(1) Un employé a le droit de faire une demande d'enregistrement d'une invention, d'un modèle d'utilité, d'un dessin et modèle industriels ou d'un schéma de configuration du circuit intégré lorsqu'il les a réalisés :
(a) atabitegetswe n'amasezerano y'umurimo;	(a) without any obligation under his or her employment contract;	(a) sans aucune obligation dans son contrat de travail ;

(b) mu rwego rw'ibikorwa by'umukoresha we;	(b) in his or her employer's field of activities;	(b) dans le domaine d'activités de son employeur ;
(c) yifashishije amakuru, uburyo cyangwa ubumenyi yungutse muri ako kazi.	(c) using the data, means or knowledge available to him or her through his or her employment.	(c) en utilisant les données, les moyens ou les connaissances auxquels il a eu accès dans son travail.
(2) Iyo umukoresha agaragarije umukozi ko afite inyungu kuri ubwo buvumbuzi, ubuvumbuzi bucirirtse, igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyangwa igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki ashobora gusaba guhabwa uburenganzira bwose cyangwa bumwe muri bwo ku buvumbuzi, ubuvumbuzi bucirirtse, igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda cyangwa igishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki, umukozi ahawe ingurane y'igihembo yumvikanyeho n'umukoresha.	(2) If the employer makes his or her interest in such an invention, utility model, industrial design, or a layout-design of integrated circuit known to the employee, he or she may request the grant of all or part of the rights to the invention, utility model, industrial design, or a layout-design of integrated circuit of the employee in exchange for remuneration to be agreed upon between the employee and employer.	(2) Lorsque l'employeur manifeste son intérêt pour cette invention, ce modèle d'utilité, dessin et modèle industriels ou d'un schéma de configuration du circuit intégré connue par l'employé, il peut demander l'octroi de tous les droits ou d'une partie de ces droits sur l'invention, le modèle d'utilité, le dessin et modèle industriels ou sur le schéma de configuration du circuit intégré de l'employé en échange d'une rémunération consentie entre l'employé et l'employeur.
(3) Iyo umukozi n'umukoresha badashoboye kumvikana, biyambaza urukiko rubifitiye ububasha.	(3) If the employee and the employer cannot reach an agreement, they refer the matter to the competent court.	(3) Lorsque l'employé et l'employeur ne parviennent pas à un compromis, ils saisissent la juridiction compétente.

Ingingo ya 267: Gukoresha icyemezo cy'umutungo bwite mu by'inganda nk'ubwishingizi cyangwa ingwate	**Article 267: Use of industrial property title for security or guarantee**	**Article 267 : Utilisation d'un titre de propriété industrielle comme sûreté ou garantie**
Icyemezo cy'umutungo bwite mu by'inganda gishobora gutangwaho ubwishingizi cyangwa ingwate.	An industrial property title may be used as security or guarantee.	Un titre de propriété industrielle peut servir de sûreté ou garantie.
Ingingo ya 268: Izungurwa ry'uburenganzira ku mutungo bwite mu by'inganda	**Article 268: Succession over the right to an industrial property**	**Article 268 : Succession des droits à une propriété industrielle**
Uburenganzira bwihariwe ku buvumbuzi, ku buvumbuzi bucirirtse, ku gishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda, ku gishushanyo ndangamiterere cy'urusobekerane rw'imiyoboro yo mu rwego rwa elegitoroniki no ku kirango bushobora kuzungurwa.	An exclusive right to an invention, utility model, industrial design, layout-design of integrated circuit and to a mark may be subject to succession.	Un droit exclusif à une invention, un modèle d'utilité, un dessin et modèle industriels, un schéma de configuration du circuit ou à une marque peut faire objet d'une succession.
UMUTWE WA IX: GUKUMIRA IBIKORWA BY'IHIGANWA BIRIMO UBURIGANYA	**CHAPTER IX: PROTECTION AGAINST ACTS OF UNFAIR COMPETITION**	**CHAPITRE IX : PROTECTION CONTRE LES ACTES DE CONCURRENCE DÉLOYALE**
Icyiciro cya mbere: Amahame rusange	**Section One: General Principles**	**Section première : Principes généraux**
Ingingo ya 269: Gukumira ihiganwa ririmo uburiganya	**Article 269: Protection against unfair competition**	**Article 269 : Protection contre la concurrence déloyale**
Igikorwa cy'ubucuruzi, icy'inganda cyangwa icy'ubugeni gikomoka ku mutungo bwite mu	A commercial, industrial or artistic activity emanating from the protected intellectual	Toute activité commerciale, industrielle ou artistique émanant de la propriété intellectuelle

by'ubwenge urengewe kirindwa ihiganwa ririmo uburiganya.	property is protected against acts of unfair competition.	protégée est protégée contre les actes de concurrence déloyale.
<u>Icyiciro cya 2</u>: Ibikorwa by'ihiganwa ririmo uburiganya	**<u>Section 2:</u> Acts of unfair competition**	**<u>Section 2</u> : Actes de concurrence déloyale**
<u>Ingingo ya 270:</u> Ibikorwa by'ihiganwa ririmo uburiganya	**<u>Article 270</u>: Acts of unfair competition**	**<u>Article 270</u> : Actes de concurrence déloyale**
Mu kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge, ibikorwa bikurikira bifatwa nk'ibikorwa by'ihiganwa ririmo uburiganya:	For the purposes of the protection of intellectual property, the following acts constitute acts of unfair competition:	Aux fins de protection de la propriété intellectuelle, les actes suivants constituent des actes de concurrence déloyale :
(a) gutera urujijo mu kigo cy'undi cyangwa mu mirimo ye;	(a) causing confusion in another's enterprise or activities;	(a) création de confusion avec l'entreprise d'autrui ou ses activités ;
(b) gukoresha amagambo atesha agaciro ikigo cy'undi cyangwa ibikorwa bye;	(b) use of words discrediting another's enterprise or activities;	(b) usage de propos discréditant l'entreprise d'autrui ou ses activités ;
(c) kujijisha rubanda ;	(c) misleading the public;	(c) induire le public en erreur ;
(d) kwanduza isura cyangwa gutesha agaciro ikigo cy'undi cyangwa ibikorwa bye;	(d) damaging another's goodwill or reputation;	(d) salir l'image ou la réputation d'une entreprise ou des services d'autrui ;
(e) ikoreshwa ry'ubumenyi ngiro bwa tekiniki bw'undi utabifitiye uruhushya;	(e) unauthorised use of technical know-how;	(e) usage non autorisé du savoir-faire technique ;
(f) igikorwa cy'ihiganwa kirimo uburiganya ku byerekeye amakuru aba ataratangajwe.	(f) act of unfair competition in respect of information not disclosed.	(f) acte de concurrence déloyale en rapport avec les renseignements non divulgués.

Ingingo ya 271: Gutera urujijo mu kigo cy'undi cyangwa mu mirimo ye	**Article 271: Causing confusion in another's enterprise or activities**	**Article 271 : Création de confusion avec l'entreprise d'autrui ou ses activités**
(1) Igikorwa cyangwa imigirire mu mirimo y'inganda cyangwa iy'ubucuruzi bitera cyangwa bikaba bishobora gutera urujijo, mu kigo cy'ukora imirimo imwe cyangwa ibicuruzwa bimwe nk'iby'undi cyangwa umuntu cyangwa ibikorwa bye mu rwego rw'ibyatunganyijwe cyangwa imirimo itangwa n'ikigo, igize igikorwa cy'ihiganwa ririmo uburiganya gitera urujijo.	(1) Any act or practice, in the course of industrial or commercial activities, that causes, or is likely to cause, confusion with respect to a competitor's or another's enterprise or his/her activities, in particular, with regard to the products or services offered by such enterprise, constitutes an act of unfair competition causing confusion.	(1) Constitue un acte de concurrence déloyale prêtant à confusion, tout acte ou pratique qui, dans le cadre d'activités industrielles ou commerciales, crée ou est de nature à créer la confusion avec l'entreprise d'un concurrent ou d'un tiers ou avec ses activités, en particulier, avec les produits ou les services offerts par une telle entreprise.
(2) Urujijo rushobora kugaragarira muri ibi bikurikira:	(2) Confusion may be caused with respect to:	(2) La confusion peut porter sur ce qui suit :
(a) ikirango cyandikishijwe cyangwa kitandikishijwe;	(a) a registered or non-registered mark;	(a) une marque enregistrée ou non ;
(b) izina ry'ubucuruzi;	(b) a trade name;	(b) un nom commercial ;
(c) ikimenyetso cyihariye cy'ubucuruzi, kitari ikirango cyangwa kitari izina ry'ubucuruzi;	(c) a business identifier other than a mark or trade name;	(c) un signe distinctif d'affaires, autre que la marque ou le nom commercial ;
(d) isura y'icyatunganyijwe;	(d) the appearance of a product;	(d) l'apparence d'un produit ;
(e) imiterere y'icyatunganyijwe cyangwa y'umurimo;	(e) the presentation of products or services;	(e) la présentation du produit ou du service ;

(f) ukwamamara cyangwa ukumenyekana kw'akarango mpisho.	(f) a celebrity or a well-known fictional character.	(f) la célébrité ou la notoriété du caractère fictive.
Ingingo ya 272: Amagambo atesha agaciro ikigo cy'undi cyangwa ibikorwa bye	**Article 272: Discrediting another's enterprise or its activities**	**Article 272 : Dénigrement de l'entreprise d'autrui ou ses activités**
(1) Amagambo y'ibinyoma cyangwa afifitse atesha agaciro cyangwa ashobora gutesha agaciro imirimo y'inganda cyangwa y'ubucuruzi y'ikigo cy'ukora imirimo imwe cyangwa ibicuruzwa bimwe n'iby'undi cyangwa umuntu cyangwa ibikorwa bye, mu rwego rw'ibyatunganyijwe n'imirimo bitangwa n'icyo kigo, afatwa nk'igikorwa cy'ihiganwa ririmo uburiganya ritesha agaciro ikigo cy'undi cyangwa ibikorwa bye.	(1) Any false or unjustified allegation, in the course of industrial or commercial activities, that discredits, or is likely to discredit, a competitor's or another person's enterprise or activities, in particular, the products or services offered by such enterprise, constitutes an act of unfair competition discrediting another's enterprise or its activities.	(1) Constitue un acte de concurrence déloyale discréditant l'entreprise d'autrui ou ses activités, toute allégation fausse ou injustifiée qui, dans le cadre d'activités industrielles ou commerciales, discrédite ou est de nature à discréditer l'entreprise ou les activités d'un concurrent ou d'autrui, en particulier les produits ou les services offerts par une telle entreprise.
(2) Gutesha agaciro bishobora gukorwa binyuze mu iyamamaza cyangwa imenyekanisha mu rwego rw'ubucuruzi kandi bikaba bishingiye kuri ibi bikurikira:	(2) Discrediting may arise out of commercial advertising or promotion and may occur with respect to:	(2) Le dénigrement peut résulter de la publicité ou de la promotion commerciale et porter sur les éléments suivants :
(a) uburyo icyatunganyijwe cyakozwemo;	(a) the manufacturing process of the product;	(a) procédé de fabrication du produit ;
(b) ubushobozi bwihariye bw'icyatunganyijwe cyangwa umurimo mu gukora icyo byagenewe;	(b) the suitability of a product or service for a particular purpose;	(b) aptitude d'un produit ou d'un service à un emploi particulier ;

(c) ubuziranenge cyangwa ubwinshi cyangwa utundi turango tw'icyatunganyijwe;	(c) the quality or quantity or other characteristics of the product;	(c) qualité, quantité ou autre caractéristique d'un produit ;
(d) uburyo ibyatunganyijwe cyangwa imirimo bigezwa ku bantu cyangwa bitangwa;	(d) the conditions on which products or services are offered or provided;	(d) conditions auxquelles les produits ou services sont offerts ou fournis ;
(e) ikiguzi cy'ibyatunganyijwe, imirimo cyangwa uburyo bwo kubibara.	(e) the price of products or services or the manner in which it is calculated.	(e) prix des produits ou services ou son mode de calcul.
Ingingo ya 273: Igikorwa cyo kujijisha rubanda	**Article 273: Misleading the public**	**Article 273 : Tromperie à l'égard du public**
(1) Ikimenyetso cyangwa amagambo ajijisha cyangwa ashobora kujijisha rubanda ku byerekeye ikigo n'imirimo yacyo, by'umwihariko ibyatunganyijwe n'imirimo imwe cyangwa ibicuruzwa bimwe n'iby'undi, ikigo gikora mu rwego rw'imirimo y'inganda n'iy'ubucuruzi bifatwa nk'ibikorwa by'ihiganwa ririmo uburiganya bijijisha rubanda.	(1) Any indication or words in the course of industrial or commercial activities that mislead, or are likely to mislead the public with respect to an enterprise or its activities, in particular, the products or services offered by such enterprise, constitute acts of unfair competition misleading the public.	(1) Constituent des actes de concurrence déloyale induisant le public en erreur, une indication ou des propos qui, dans l'exercice d'activités industrielles ou commerciales, induisent ou sont de nature à induire le public en erreur au sujet d'une entreprise ou de ses activités, en particulier des produits ou services offerts par cette entreprise.
(2) Igikorwa cyo kujijisha rubanda gishobora gukomoka ku iyamamaza cyangwa imenyekanisha mu rwego rw'ubucuruzi kandi kikaba gishingiye kuri ibi bikurikira:	(2) A misleading act may arise out of commercial advertising or promotion and may occur with respect to the following:	(2) L'acte d'induire le public en erreur peut découler de la publicité ou de la promotion commerciale et porter sur les éléments suivants :
(a) uburyo icyatunganyijwe cyakozwemo;	(a) the manufacturing process of the product;	(a) procédé de fabrication du produit ;

(b) ubushobozi bwihariye bw'icyatunganyijwe cyangwa imirimo mu gukora icyo byagenewe;	(b) the suitability of a product or service for a particular purpose;	(b) aptitude d'un produit ou d'un service à un emploi particulier ;
(c) ubuziranenge cyangwa ubwinshi cyangwa utundi turango tw'icyatunganyijwe;	(c) the quality or quantity or other characteristics of the product;	(c) qualité, quantité ou autre caractéristique d'un produit ;
(d) imiterere y'icyatunganyijwe, ibishushanyo, ibirango n'impamyabuvumbuzi by'ukora imirimo cyangwa ikigo gikora imirimo nk'iy'ikindi kigo;	(d) the nature of the product, designs, marks and the patent of a competitor or an enterprise whose activities are similar to those of another enterprise;	(d) nature du produit, dessins, marques et brevet d'un concurrent ou d'une autre entreprise exerçant les activités similaires à celles d'une autre entreprise ;
(e) aho icyatunganyijwe cyangwa imirimo bikomoka;	(e) the geographical origin of the product or services;	(e) origine géographique d'un produit ou d'un service ;
(f) uburyo ibyatunganyijwe cyangwa imirimo bigezwa ku bantu cyangwa bitangwa;	(f) the conditions on which products or services are offered or provided;	(f) conditions auxquelles les produits ou services sont offerts ou fournis ;
(g) ikiguzi cy'ibyatunganyijwe cyangwa cy'imirimo cyangwa uburyo bwo kubibara.	(g) the price of products or services or the manner in which it is calculated.	(g) prix des produits ou services ou son mode de calcul.
Ingingo ya 274: Igikorwa cyanduza isura cyangwa gitesha agaciro ikigo cy'undi cyangwa ibikorwa bye	**Article 274: Damaging another's goodwill or reputation**	**Article 274 : Atteinte à l'image ou à la réputation d'une entreprise ou des services d'autrui**
(1) Igikorwa cyanduza isura cyangwa gitesha agaciro ikigo cy'undi cyangwa ibikorwa bye, gifatwa nk'igikorwa cy'ihiganwa	(1) Any act or practice, in the course of industrial or commercial activities, that damages, or is likely to damage, the	(1) Un acte qui salit l'image ou la réputation d'une entreprise ou des services d'autrui constitue un acte de concurrence déloyale

ririmo uburiganya iyo igikorwa usanga ko mu mirimo y'inganda cyangwa y'ubucuruzi ari igikorwa cyangwa imigirire ihungabanya isura cyangwa gitesha agaciro ukora imirimo imwe cyangwa ibicuruzwa bimwe nk'iby'undi cyangwa undi muntu n'ubwo icyo gikorwa cyangwa iyo migirire byaba bidatera urujijo.	goodwill or reputation of a competitor's or another's enterprise constitute an act of unfair competition, regardless of whether such act or practice causes confusion.	lorsque, dans l'exercice d'activités industrielles ou commerciales, cet acte est un acte ou pratique qui porte atteinte ou est de nature à porter atteinte à l'image ou à la réputation de l'entreprise d'un concurrent ou d'autrui même si cet acte ou pratique ne crée pas de confusion.
(2) Guhungabanya isura cyangwa gutesha agaciro bishobora guturuka by'umwihariko ku gusisibiranya isura cyangwa ubwamamare bijyana na:	(2) Damaging another's goodwill or reputation may, in particular, result from the dilution of the goodwill or reputation attached to:	(2) L'atteinte à l'image ou à la réputation peut résulter notamment de l'affaiblissement de l'image ou de la réputation attachée à :
(a) ikirango cyandikishijwe cyangwa kirengewe kubera ubwamamare kitandikishijwe;	(a) a mark, whether registered or not, protected by its celebrity;	(a) une marque, enregistrée ou non , protégée grâce à sa célébrité;
(b) izina ry'ubucuruzi;	(b) a trade name;	(b) un nom commercial ;
(c) ikimenyetso cyihariye cy'ubunyemari, kitari ikirango cyangwa kitari izina ry'ubucuruzi;	(c) a business identifier other than a mark or a trade name;	(c) un signe distinctif d'affaires, autre qu'une marque ou un nom commercial ;
(d) isura y'icyatunganyijwe;	(d) the appearance of a product;	(d) l'aspect extérieur d'un produit ;
(e) imiterere y'icyatunganyijwe cyangwa y'umurimo;	(e) the presentation of a product or service;	(e) la présentation d'un produit ou d'un service ;
(f) ubwamamare cyangwa imenyekana ry'akarango mpisho.	(f) a celebrity or a well-known fictional character.	(f) la célébrité ou la notoriété du caractère fictif.

(3) Muri iyi ngingo, "gusisibiranya isura cyangwa gutesha agaciro" bivuga kugabanya imbaraga n'akamaro by'akarango kihariye cyangwa agaciro kamenyekanisha ikirango, izina ry'ubucuruzi cyangwa ikindi kimenyetso cyihariye cy'ubunyemari, isura y'icyatunganyijwe, imiterere yacyo cyangwa umurimo cyangwa ubwamamare cyangwa imenyekana ry'akarango mpisho.	(3) For the purposes of provisions of this article "dilution of goodwill or reputation" means the lessening of the distinctive character or advertising value of a mark, trade name or other business identifier, the appearance of a product or the presentation of a product or service or of a celebrity or well-known fictional character.	(3) Aux fins des dispositions du présent article « affaiblissement de l'image ou de la réputation » signifie diminution de la force et importance du caractère distinctif ou de la valeur publicitaire de la marque, du nom commercial ou d'un autre signe distinctif d'affaires, de l'aspect extérieur d'un produit, de la présentation d'un produit ou d'un service ou de la célébrité ou la notoriété du caractère fictif.
Ingingo ya 275: Ikoreshwa ry'ubumenyi ngiro bwa tekiniki bw'undi utabifitiye uruhushya	**Article 275: Unauthorised use of technical know-how**	**Article 275 : Usage non autorisé du savoir-faire technique**
Igikorwa cyo gukoresha nta ruhushya, ubuvumbuzi, ubuvumbuzi bucirirtse, igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda, ikirango, indemeko n'uruhurirane bya tekiniki cyangwa imikorere y'umuntu ukora imirimo imwe cyangwa ibicuruzwa bimwe nk'iby'undi cyangwa uko ikindi kigo gikora ibintu gifatwa nk'igikorwa cy'ihiganwa ririmo uburiganya.	Any unauthorized use of a patented invention, utility model, industrial design or a layout-design, mark, technical formula and combinations or manufacturing method of a competitor or other company constitutes an act of unfair competition.	Constitue un acte de concurrence déloyale, tout usage non autorisé d'une invention brevetée, modèle d'utilité, dessin et model industriel, marque, formules et combinaisons techniques ou mode de fabrication d'un concurrent ou d'une autre entreprise.
Ingingo ya 276: Igikorwa cy'ihiganwa kirimo uburiganya ku byerekeye amakuru y'ibanga	**Article 276: Unfair competition in respect of secret information**	**Article 276 : Concurrence déloyale portant sur l'information confidentielle**
(1) Igikorwa cyangwa imigirire bituma undi muntu amenya amakuru y'ibanga, akagera	(1) Any act or practice, in the course of industrial or commercial activities, that	(1) Constitue un acte de concurrence déloyale, tout acte ou pratique qui, dans l'exercice

cyangwa agakoresha ayo makuru atabiherewe uruhushya n'umuntu wemerewe n'amategeko gutunga ayo makuru kandi bigakorwa ku buryo bunyuranyije n'imigirire y'ubucuruzi buzira ubuhemu bifatwa nk'igikorwa cy'ihiganwa ririmo uburiganya mu rwego rw'inganda n'ubucuruzi.	result in the disclosure, acquisition or use by others of secret information without the consent of the person lawfully in control of the rightful holder and in a manner contrary to honest commercial practices shall constitute an act of unfair competition.	d'activités industrielles ou commerciales, entraîne la divulgation, l'acquisition ou l'utilisation par des tiers d'une information confidentielle sans le consentement de la personne légalement habilitée à disposer de cette information et d'une manière contraire aux usages commerciaux honnêtes.
(2) Guhishura, kugera no gukoresha amakuru y'ibanga utabifitiye uruhushya bishobora guterwa by'umwihariko n'impamvu zikurikira:	(2) Disclosure, acquisition or use of secret information by others without the consent of the rightful holder may, in particular, result from:	(2) La divulgation, l'acquisition ou l'utilisation non autorisée d'une information confidentielle peut, en particulier, résulter des actes suivants :
(a) ubutasi mu nganda no mu bucuruzi;	(a) industrial and commercial espionage;	(a) espionnage industriel et commercial ;
(b) gusesa amasezerano;	(b) breach of contract;	(b) rupture de contrat ;
(c) ubuhemu;	(c) breach of confidence;	(c) abus de confiance ;
(d) gushishikariza gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu duka kuva ku ka (a) kugeza ku ka (c) tw'iki gika;	(d) inducement to commit any of the acts referred to in Subparagraphs (a) to (c) of this Paragraph;	(d) incitation à commettre l'un des actes visés aux alinéas (a) à (c) du présent paragraphe ;
(e) kugera ku makuru y'ibanga bikozwe n'uruhande rwari ruzi ko kimwe mu bikorwa bivugwa mu duka kuva ku ka (a) kugeza ku ka (d) tw'iki gika cyari cyaratangiye mu gihe cy'imenyekana ry'ayo makuru, cyangwa rwerekanaga ko rutabizi.	(e) acquisition of secret information by a third party who knew that one of the acts referred to in subparagraphs (a) to (d) of this paragraph was initiated during the process of acquisition of such an information or indicated its lack of awareness.	(e) acquisition d'une information confidentielle par un tiers qui savait que l'un des actes visés aux alinéas (a) à (d) du présent paragraphe était entrepris lors de l'acquisition de l'information, ou qui semblait ne pas être informé.

(3) Muri iyi ngingo, inkuru yitwa inkuru y'ibanga ku mpamvu zikurikira:	(3) For the purposes of this Article, information is considered secret under the following reasons:	(3) Aux fins du présent article, une information est considérée comme confidentielle lorsque :
(a) kuba itazwi cyangwa idashobora kugerwaho ku buryo bworoshye bitewe n'imiterere n'uko iyo nkuru ibitswe;	(a) if it is unknown or not easily accessible due to its nature or the way it is kept;	(a) elle n'est pas connue ou n'est pas facilement accessible à cause de sa nature ou la façon dont elle est conservée ;
(b) kuba ifite agaciro mu bucuruzi kubera ko iba ari ibanga;	(b) if it has commercial value because it is secret;	(b) elle a une valeur commerciale du fait de son caractère confidentielle ;
(c) kuba nyirayo yarakoze ibishoboka byose kugira ngo ikomeze kuba ibanga.	(c) if the holder has taken reasonable steps to keep it secret.	(c) le détenteur a pris les mesures nécessaires pour qu'elle reste confidentielle.
Ingingo ya 277: Ikirego cy'indishyi kijyanye n'ihiganwa ririmo uburiganya	**Article 277: Civil proceedings against unfair competition**	**Article 277 : Action civile en matière de concurrence déloyale**
Ufite umutungo bwite mu by'ubwenge urenganyijwe cyangwa ubona ko uburenganzira bwe bushobora kubangamirwa afite uburenganzira bwo kuregera urukiko rubifitiye ububasha asaba indishyi cyangwa guhagarikisha icyo gikorwa iyo habaye uburiganya mu rwego rw'inganda n'ubucuruzi, aho umunyenganda, umucuruzi, ukora imirimo yo gutunganya cyangwa umunyabugeni, amutesha agaciro, amwambura abaguzi cyangwa akabangamira ubushobozi bwe bwo gupiganwa.	An intellectual property owner harmed, or likely to be harmed by an act of unfair competition, has the right to initiate civil proceedings before the competent court, or to request for the cessation of such an act where, through an act contrary to honest industrial and commercial use, a manufacturer, trader, producer or craftsman damages his or her credibility, takes away his or her customers or harms his or her capacity for competition.	Tout titulaire de propriété intellectuelle lésé ou susceptible d'être lésé par un acte de concurrence déloyale a le droit d'introduire une action civile auprès d'une juridiction compétente, ou de demander la cessation de cet acte, lorsque par un acte contraire aux usages honnêtes en matière industrielle et commerciale, un industriel, un commerçant, un producteur ou un artisan porte atteinte à son crédit, lui enlève sa clientèle ou nuit à sa capacité de concurrence.

INTERURO YA III: UBURENGANZIRA BW'UMUHANZI N'UBURENGANZIRA BUSHAMIKIYEHO	**TITLE III: COPYRIGHTS AND RELATED RIGHTS**	**TITRE III : DROITS D'AUTEUR ET DROITS CONNEXES**
UMUTWE WA MBERE: IBIKUBIYE MU BURENGANZIRA BW'UMUHANZI N'UBURENGANZIRA BUSHAMIKIYEHO	**CHAPTER ONE: SCOPE OF COPYRIGHTS AND RELATED RIGHTS**	**CHAPITRE PREMIER : CHAMPS D'APPLICATION DES DROITS D'AUTEUR ET DROITS CONNEXES**
Ingingo ya 278: Ibigize uburenganzira bw'umuhanzi n'uburenganzira bushamikiyeho	**Article 278: Components of copyrights and related rights**	**Article 278 : Composants des droits d'auteur et des droits connexes**
Ibigize uburenganzira bw'umuhanzi n'uburenganzira bushamikiyeho ni ibi bikurikira:	The components of copyrights and related rights are the following:	Les composants des droits d'auteur et des droits connexes sont les suivants :
(a) ibihangano by'ubuvanganzo, iby'ubugeni n'iby'ubumenyi;	(a) literary works, artistic works, and scientific works;	(a) les œuvres littéraires, artistiques et scientifiques;
(b) ikinwa ry'ibihangano cyangwa indirimbo bikorwa n'abanyabugeni;	(b) performances of performing artists;	(b) les représentations des artistes interprètes ou exécutants ;
(c) fonogaramu;	(c) phonograms;	(c) les phonogrammes ;
(d) isakaza ridakoresheje insinga;	(d) wireless broadcasting;	(d) les émissions sans fil ;
(e) porogaramu za mudasobwa;	(e) computer programs;	(e) les programmes informatiques ;
(f) ikindi gihangano cyose cy'ubwenge cy'umwimerere.	(f) any other original intellectual work.	(f) toute autre œuvre intellectuelle originale.

Icyiciro cya mbere: Kurengera igihangano	**Section One: Protection of a work**	**Section première : Protection d'une œuvre**
Ingingo ya 279: Ibihangano birengerwa	**Article 279: Protected works**	**Article 279 : Œuvres protégées**
Ibihangano by'ubuvanganzo, iby'ubugeni cyangwa by'ubumenyi by'umwimerere birengerwa birimo ibi bikurikira:	The protected original literary, artistic or scientific works include the following:	Les œuvres littéraires, artistiques ou scientifiques originales protégées comprennnent les suivantes :
(a) ibihangano by'ubuvanganzo bigaragajwe mu buryo bw'inyandiko kandi byerekeye ibishushanyo byatangajwe mu buryo ubwo aribwo bwose, harimo na porogaramu za mudasobwa;	(a) literary works expressed in the form of writing and related illustrations published in whatever form, including computer programs;	(a) œuvres littéraires exprimées sous forme d'écriture ainsi que des illustrations connexes publiées sous n'importe quelle forme, dont les programmes informatiques ;
(b) ibiganiro mbwirwaruhame, za disikuru ndende na za disikuru ngufi, amasomo, inyigisho z'amadini n'ibindi bihangano bigizwe n'amagambo kandi bivugwa;	(b) conferences, speeches and addresses, lectures, sermons and other oral works;	(b) conférences, discours et allocutions, cours, sermons et autres œuvres orales ;
(c) indirimbo ziherekejwe n'inyandiko cyangwa zitayifite;	(c) musical compositions with or without words;	(c) compositions musicales avec ou sans paroles ;
(d) ibihangano by'ikinamico biri byonyine cyangwa bijyanye n'indirimbo;	(d) dramatic or dramatico-musical works;	(d) œuvres dramatiques ou dramatico-musicales ;
(e) imbyino n'imikino y'amarenga;	(e) choreographic works and entertainments in dumb show;	(e) œuvres chorégraphiques et pantomimes ;
(f) ibihangano by'iyumvabona;	(f) audio-visual works;	(f) œuvres audio-visuelles ;
(g) ibihangano by'ubugeni, harimo n'ibishushanyo, ibishushanyishije	(g) artistic works including works of drawing, painting, sculpture,	(g) œuvres artistiques, y compris des œuvres de dessin, de peinture, de sculpture, de

amarangi, ibihangano by'ubukwaruzi, ibibajije mu maharaza, ibyanditse ku mabuye n'ibiboshye mu misengo;	engraving, lithography and tapestry;	gravure, de lithographie et de tapisserie ;
(h) ibihangano byo mu budaraza;	(h) works of architecture;	(h) œuvres d'architecture ;
(i) ibihangano bishingiye ku mafoto, harimo n'ibikoresheje ubuhanga busa n'ubw'amafoto;	(i) photographic works, including works produced by a process analogous to photography;	(i) œuvres photographiques, y compris des œuvres exprimées par un procédé analogue à la photographie ;
(j) ibihangano by'ubugeni mberabyombi, harimo iby'ubukorikori cyangwa ibyahanzwe bihereye ku buhanga mvaruganda;	(j) works of applied art, including handicraft works or works produced by industrial process;	(j) œuvres d'art appliqué, y compris des œuvres artisanales ou des œuvres produites suivant un procédé industriel ;
(k) ibishushanyo nsobanuro, amakarita y'ubumenyi bw'isi, ibishushanyo ngero, ibishushanyishije amarangi, ibishushanyo ngereranyo, ibihangano nyerekweshatu byerekeye ubumenyi bw'isi, imiterere y'ubutaka, ubudaraza cyangwa ubumenyi;	(k) illustrations, maps, plans, sketches, charts and three-dimensional works relative to geography, topography, architecture or science;	(k) illustrations, cartes géographiques, plans, croquis et ouvrages plastiques relatifs à la géographie, à la topographie, à l'architecture et aux sciences ;
(l) ibihangano bifatiye ku bugeni nyarwanda gakondo.	(l) works derived from Rwandan national folklore.	(l) œuvres dérivées du folklore national rwandais.
Ingingo ya 280: Ibihangano byakomotse ku bindi cyangwa ibyakusanyijwe birengerwa	**Article 280: Derivative works and collections of works protected**	**Article 280 : Œuvres dérivées et recueils d'œuvres protégées**
(1) Ibihangano byakomotse ku bindi birengerwa birimo ibihangano byahinduwe mu zindi ndimi, mu miterere,	(1) Protected derivative works include translations, adaptations, arrangements and other transformations of works.	(1) Les œuvres dérivées protégées sont notamment les traductions, les

ibyatunganyijwe n'ibyahindaguwemo ibindi.		adaptations, les arrangements et autres transformations d'œuvres.
(2) Ibihangano byakusanyijwe birengerwa birimo ibihangano gakondo cyangwa ibikubiyemo ibyabayeho cyangwa imbonwa zisanzwe byakusanyijwe nk'inkomatanyabumenyi, ibikubiyemo indobanure z'inyandiko, imbonwa zakusanyijwe, byaba byarashyizwe ku bikoresho imashini zishobora kugaragaza cyangwa bifite indi miterere, iyo ibyo bihangano byakusanyijwe ari ibihangano by'ubwenge, by'umwimerere hashingiwe ku itoranywa cyangwa ku mitunganyirize y'ibibigize.	(2) Protected collections of works include works of expression of folklore or of simple facts or mere data such as encyclopaedia, anthologies, collections of data, whether in machine readable form or other form, provided that such collections are original intellectual creations by reason of the selection or arrangement of their contents.	(2) Les recueils d'œuvres protégées sont notamment des œuvres d'expression du folklore ou de simples faits ou données, telles que des encyclopédies, des anthologies, des bases de données, qu'elles soient reproduites sur support exploitable par machine ou sur toute autre forme qui, par le choix ou la disposition des matières, constituent des créations intellectuelles originales.
(3) Kurengera ibihangano byakomotse ku bindi cyangwa ibyakusanyijwe, ntibibangamira irengerwa ry'ibihangano byahereweho mu gutunganya ibihangano byabikomotseho.	(3) The protection of derivative works or collections of works do not affect the protection of existing works used in the making of such works.	(3) La protection des œuvres dérivées et des recueils d'œuvres ne doit pas porter préjudice à la protection des œuvres préexistantes utilisées pour la confection de ces œuvres.
Ingingo ya 281: Igihangano kirengerwa hashingiye ku ifasi	**Article 281: Protected work on the basis of territoriality**	**Article 281 : Œuvre protégée sur la base de la territorialité**
Kurengera igihangano cyo mu rwego rw'ubuvanganzo, urw'ubugeni cyangwa urw'ubumenyi hashingiwe ku ifasi bireba ibi bikurikira:	The protection of a literary, artistic or scientific work on the basis of territoriality applies to the following:	La protection d'une œuvre littéraire, artistique ou scientifique sur la base de la territorialité s'applique à ce qui suit :

(a) igihangano cy'umuhanzi cyangwa ufite uburenganzira ku gihangano ukomoka, utuye cyangwa ufite icyicaro muri Repubulika y'u Rwanda;	(a) work of an author or any other entitled person who is a national of the Republic of Rwanda, or has his or her habitual residence or headquarters in the Republic of Rwanda;	(a) une œuvre d'un auteur ou de toute autre personne habilitée de nationalité rwandaise, ou qui a une résidence habituelle ou un siège social en République du Rwanda ;
(b) igihangano cy'iyumvabona, cy'uwishingiye imirimo yo gukora igihangano ukomoka, utuye cyangwa ufite icyicaro muri Repubulika y'u Rwanda ;	(b) audio-visual work, the producer of which is a national of the Republic of Rwanda or has his or her habitual residence or headquarters in the Republic of Rwanda;	(b) une œuvre audio-visuelle dont le producteur est de nationalité rwandaise ou a sa résidence habituelle ou son siège social en République du Rwanda ;
(c) igihangano cyatangarijwe bwa mbere muri Repubulika y'u Rwanda;	(c) work first published in the Republic of Rwanda;	(c) une œuvre publiée pour la première fois en République du Rwanda ;
(d) igihangano cy'ubudaraza cyubatse ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda n'ikindi gihangano cyose cy'ubugeni kiri ku nyubako iri ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda;	(d) work of architecture erected on the territory of the Republic Rwanda and other artistic work incorporated in a building located on the territory the Republic of Rwanda;	(d) une œuvre d'architecture érigée sur le territoire de la République du Rwanda et une autre œuvre artistique incorporée dans un bâtiment situé sur le territoire de la République du Rwanda ;
(e) ibihangano birengerwa nk'uko biteganywa n'Amasezerano ya Berne yerekeye ibihangano by'ubuvanganzo n'ubugeni cyangwa andi masezerano mpuzamahanga ayo ari yo yose u Rwanda rwemeje;	(e) work that is eligible for protection in accordance with the Berne Convention for the Protection of Literary and Artistic Works, or any other international convention to which Rwanda is party;	(e) une œuvre qui est éligible pour la protection conformément à la Convention de Berne pour la protection des œuvres littéraires et artistiques ou à toute autre convention internationale à laquelle le Rwanda est partie ;
(f) iyo igihugu umuhanzi akomokamo cyangwa atuyemo kirengera ibihangano bikomoka muri Repubulika y'u Rwanda mu buryo buhwanye n'ubw'ibyabo.	(f) if the country of origin of the author or in which he or she is resident grants equivalent protection to works from the Republic of Rwanda.	(f) lorsque le pays d'origine de l'auteur ou le pays dans lequel l'auteur réside accorde une protection équivalente aux œuvres provenant de la République du Rwanda.

Ingingo ya 282: Ibihangano bitarengerwa	**Article 282: Works excluded from protection**	**Article 282 : Œuvres non protégées**
Kurengera ibihangano ntibireba:	The protection of works does not extend to:	La protection des œuvres ne s'étend pas à :
(a) inyandiko za Leta zerekeye amategeko, ubuyobozi n'ubucamanza n'inyandiko zazo zahinduwe mu zindi ndimi ku buryo bwemewe;	(a) official texts of a legislative, administrative and judicial nature, and official translations of such texts;	(a) des textes officiels de nature législative, administrative ou judiciaire, ni à leurs traductions officielles ;
(b) amakuru y'umunsi cyangwa amakuru yerekeye ibintu binyuranye bifite imiterere y'ibintu bisanzwe by'amakuru yo mu itangazamakuru ;	(b) news of the day or miscellaneous facts having the character of mere items of press information;	(b) des nouvelles du jour ou des faits divers ayant un caractère de simples articles d'informations médiatiques ;
(c) igitekerezo, uburyo bwo gukora, imiterere, uburyo bw'imikoreshereze, ibisobanuro, amahame, ibyavumbuwe cyangwa imbonwa zisanzwe, n'iyo ibyo byaba byatangajwe, byagaragarijwe imiterere, byasobanuwe, byatangiwe ingero cyangwa byashyizwe mu gihangano.	(c) any idea, procedure, system, method of operation, concept, principle, discovery or mere data, regardless of the form in which it is described, explained, illustrated, or embodied in such work.	(c) des idées, procédés, systèmes, méthodes de fonctionnement, concepts, principes, découvertes ou simples données, même si ceux-ci sont énoncés, décrits, expliqués, illustrés ou incorporés dans une œuvre.
Ingingo ya 283: Ibishingirwaho mu kurengera igihangano	**Article 283: Requirements for protection of a work**	**Article 283 : Conditions requises de protection d'une œuvre**
(1) Igihangano kirengerwa iyo ari umwimerere.	(1) A work is protected when it is original.	(1) Une œuvre est protégée lorsqu'elle est originale.
(2) Igihangano cy'umwimerere kirengerwa cyaba cyandikishijwe cyangwa kitandikishijwe.	(2) An original work is protected whether registered or not.	(2) Une œuvre originale est protégée, qu'elle soit enregistrée ou non.

(3) Kurengera igihangano cy'umwimerere bitangira kuva igihangano gihimbwa, n'iyo cyaba kitarashyizwe ku gikoresho gifatika.	(3) The protection of an original work starts from the beginning of its creation, even if it is not incorporated to a medium.	(3) La protection d'une œuvre commence dès sa création, même si celle-ci n'est pas fixée sur un support matériel.
(4) Igihangano cy'umwimerere cyitwa ko cyahimbwe igihe cyatangiye gutunganywa n'iyo cyaba kitarashyirwa ahagaragara, cyaba kitararangira cyangwa igihe umuhanzi akikinoza.	(4) An original work is deemed to have been created by the sole fact of its creation, irrespective of any public disclosure, even if it is incomplete and during the time it is designed by its author.	(4) Une œuvre originale est réputée créée, indépendamment de toute divulgation publique, du seul fait de sa réalisation, même inachevée et pendant la conception par son auteur.
(5) Kurengera igihangano ntibyita ku buryo gikoze, ku miterere yacyo, ku kamaro kacyo, ku bwiza bwacyo cyangwa ku cyo kigamije.	(5) Protection of a work is independent of the mode, form of expression, utility, quality and purpose of the work.	(5) La protection d'une œuvre est indépendante du mode ou de la forme d'expression, de l'utilité, de la qualité et du but de l'œuvre.
Ingingo ya 284: Umwimerere w'igihangano	**Article 284: Originality of a work**	**Article 284 : Originalité d'une œuvre**
Igihangano kiba ari umwimerere iyo gikomoka ku muhanzi, atari kopi, cyarakoranywe ubuhanga, imbaraga n'ubushishozi bihagije.	A work is original if it originates from the author, is not a copy of another work, and is the product of the author's exercise of skill, effort and judgment.	Une œuvre est originale si elle émane d'un auteur, n'est pas une copie d'une autre œuvre et est le produit de l'exercice du talent, de l'effort et du jugement d'un auteur.
Ingingo ya 285: Gufatwa nk'ufite uburenganzira ku gihangano	**Article 285: Presumption of ownership of copyright**	**Article 285 : Présomption de titularité du droit d'auteur**
(1) Umuhanzi w'igihangano afatwa ko ari we ufite uburenganzira kuri icyo gihangano.	(1) An author of a work is presumed to be the copyright owner.	(1) L'auteur d'une œuvre est présumé titulaire du droit d'auteur.
(2) Umuhanzi w'igihangano kitandikishijwe afatwa nka nyiracyo iyo bihagije kugira	(2) An author of an unregistered work is presumed as the owner of the copyright if	(2) Un auteur d'une œuvre non enregistrée est présumé être le titulaire du droit d'auteur

ngo izina rye rigaragare kuri icyo gihangano.	it is sufficient for his or her name to be indicated on the work.	s'il suffit que son nom soit indiqué sur l'œuvre.
(3) Ibiteganyijwe mu gika cya (2) cy'iyi ngingo birubahirizwa n'iyo izina ari irihimbano mu gihe ridatera urujijo mu kumenyekanisha ufite uburenganzira ku gihangano.	(3) The provisions of Paragraph (2) of this Article are applicable even if the name is a pseudonym, where the pseudonym leaves no doubt as to the identity of the author.	(3) Les dispositions du paragraphe (2) du présent article sont applicables, même si le nom est un pseudonyme, dès lors que le pseudonyme ne laisse aucun doute sur l'identité de l'auteur.
(4) Iyo igihangano kitanditseho izina ry'uwagihanze cyangwa cyanditseho izina ry'irihimbano mu gihe ritera urujijo, uwatangaje icyo gihangano n'izina rye rikaba rigaragara ku gihangano, iyo nta kimenyetso kibivuguruza, afatwa nk'uhagarariye umuhanzi, bikanamuhesha uburenganzira bwo kubahiriza no gutuma abandi bubahiriza uburenganzira bw'umuhanzi ndetse no kuba yatanga ikirego mu gihe uburenganzira buhungabanyijwe.	(4) In the case of an anonymous work or pseudonymous work that leaves doubt, the publisher whose name appears on the work is, in the absence of proof to the contrary, deemed to represent the author, and in this capacity, he or she is entitled to protect and enforce the author's rights.	(4) Pour une œuvre anonyme ou une œuvre pseudonyme laissant de doute, l'éditeur dont le nom est indiqué sur l'œuvre est, sans autre preuve, réputé représenter l'auteur et en cette qualité, il est fondé à sauvegarder et à faire valoir les droits de l'auteur.
(5) Ibiteganyijwe mu gika cya (4) cy'iyi ngingo ntibikurikizwa iyo umuhanzi yamenyekanishije umwirondoro we akagaragaza n'uburenganzira afite.	(5) The provisions of Paragraph (4) of this Article do not apply when the author reveals his identity and establishes his or her claim to authorship of the work.	(5) Les dispositions du paragraphe (4) du présent article ne n'appliquent pas quand l'auteur a révélé son identité et justifié de sa qualité.
<u>Ingingo ya 286</u>: Gutanga ubusabe bw'iyandikwa ry'igihangano	**<u>Article 286</u>: Filing of an application for registration of a work**	**<u>Article 286</u> : Dépôt d'une demande d'enregistrement d'une œuvre**
(1) Ubusabe bwo kwandikisha igihangano bukorwa huzuzwa inyandiko yabugenewe	(1) An application for registration of a work is filed by filling in a form provided for	(1) Une demande d'enregistrement d'une œuvre s'effectue en remplissant un

ishyirwaho n'ubuyobozi bubifitiye ububasha.	this purpose, which is prescribed by the competent authority.	formulaire prévu à cet effet et prescrit par l'autorité compétente.
(2) Gutanga ubusabe byishyurirwa amafaranga yagenwe.	(2) Filing of the application is subject to payment of a prescribed fee.	(2) Le dépôt de la demande est soumis au paiement de frais prescrits.
Ingingo ya 287: Kugena itariki y'ubusabe bw'iyandikwa ry'igihangano	**Article 287: Setting the filing date of application for registration of a work**	**Article 287 : Fixation de la date de dépôt de la demande d'enregistrement d'une œuvre**
Ubuyobozi bubifitiye ububasha bugena itariki bwakiriyeho ubusabe bw'iyandikwa ry'igihangano nk'itariki ubusabe bwatangiweho, bukandika igihangano n'uburenganzira bugishamikiyeho mu gitabo cyandikwamo uburenganzira bw'abahanzi.	The competent authority sets as the filing date of application for registration of a work, the date of receipt of the application, and records the work and related right in the register of copyrights.	L'autorité compétente fixe comme date de dépôt de la demande d'enregistrement d'une œuvre, la date de réception de la demande et enregistre l'œuvre, et le droit connexe dans le registre des droits d'auteurs.
Icyiciro cya 2: Uburenganzira burengerwa	**Section 2: Protected rights**	**Section 2 : Droits protégés**
Akiciro ka mbere: Uburenganzira nyamuntu	**Subsection one: Moral rights**	**Sous-section première : Droits moraux**
Ingingo ya 288: Uburenganzira nyamuntu bw'umuhanzi	**Article 288: Moral rights of an author**	**Article 288 : Droits moraux d'un auteur**
(1) Umuhanzi w'igihangano afite uburenganzira nyamuntu bukurikira:	(1) An author of a work enjoys the following moral rights:	(1) Un auteur d'une œuvre jouit de droits moraux suivants :
(a) kwitirirwa igihangano cye, by'umwihariko afite uburenganzira bwo gushyira izina rye ku gihangano cyangwa kuri kopi y'igihangano, ndetse iyo bishobotse no ku buryo	(a) claim the authorship, in particular to have his or her name indicated on the work or a copy of the work and in connection with any public use	(a) revendiquer le droit d'auteur, en particulier le fait d'avoir le nom indiqué sur l'œuvre ou sur un exemplaire de l'œuvre et, dans la mesure du possible et

busanzwe, iyo igihangano cye cyakoreshejwe cyerekanwa mu ruhame;	of his or her work, as far as practicable;	de la façon habituelle, en relation avec toute utilisation publique de son œuvre ;
(b) kwanga ko igihangano cye cyangizwa, cyononwa cyangwa gihindurirwa imiterere no kwanga ko igihangano cye cyahungabanywa ku buryo ubwo ari bwo bwose iyo bibangamira icyubahiro cye cyangwa uko asanzwe azwi mu bandi;	(b) object to any distortion, mutilation or other modification of, or other derogatory action in relation to his or her work if prejudicial to his or her honour or reputation;	(b) s'opposer à toute déformation, mutilation ou autre modification de son œuvre ou à toute autre atteinte à la même œuvre qui serait préjudiciable à son honneur ou à sa réputation ;
(c) kudatangaza amazina ye cyangwa gukoresha izina ry'irihimbano.	(c) not have his or her name known or use a pseudonym.	(c) ne pas avoir son nom connu ou utiliser un pseudonyme.
(2) Uburengenzira nyamuntu bw'umuhanzi ntibushobora kwegurirwa undi muntu cyangwa gutangwaho uruhushya.	(2) Moral rights of an author cannot be assigned or licenced.	(2) Les droits moraux d'un auteur ne peuvent ni être cédés, ni faire l'objet d'une licence.
kiciro ka 2: Uburenganzira mu bukungu	**Subsection 2: Economic rights**	**Sous-section 2 : Droits économiques**
Ingingo ya 289: Uburenganzira mu bukungu bw'umuhanzi	**Article 289: Economic rights of an author**	**Article 289 : Droits économiques d'un auteur**
(1) Umuhanzi afite uburenganzira bwihariye bwo gukora cyangwa bwo gutanga uruhushya rwo gukora ibikorwa bikurikira:	(1) An author of a work has the exclusive right to do or to authorise the following acts:	(1) Un auteur d'une œuvre a le droit exclusif de faire ou d'autoriser les actes suivants :
(a) gutubura igihangano cye;	(a) to reproduce his or her work;	(a) la reproduction de son œuvre ;
(b) guhindura igihangano cye mu zindi ndimi;	(b) to translate his or her work;	(b) la traduction de son œuvre ;

(c) guhindura imiterere, imitunganyirize y'igihangano cye mu bundi buryo cyangwa kukibyazamo ibindi bintu;	(c) to adapt, arrange or transform his or her work;	(c) l'adaptation, l'arrangement ou la transformation de son œuvre ;
(d) gukodesha, gutiza, gutanga uruhushya rwo gukodesha cyangwa urwo gutiza rubanda igihangano cye cy'umwimerere, kopi y'igihangano cy'iyumvabona, kopi y'igihangano cyashyizwe kuri fonogaramu n'iya porogaramu ya mudasobwa, keretse iyo uko gukodesha cyangwa gutiza ari ku mpamvu z'uburezi cyangwa zitagamije inyungu bikozwe mu nyungu z'abaturage muri rusange;	(d) to rent or lend, or to authorise the renting or lending to the public the original or a copy of an audio-visual work, a work embodied in a phonogram, or a computer program, except if such renting or lending for educational or non-profit purposes for the benefit of the general public;	(d) la location ou le prêt, ou l'autorisation de la location ou du prêt au public de l'original ou d'une copie d'une œuvre audio-visuelle, d'une œuvre fixée sur un phonogramme, ou d'un programme informatique, à l'exception du fait de la louer ou de la prêter pour des fins éducationnelles ou sans but lucratif pour l'intérêt public général ;
(e) gukwirakwiza cyangwa gutanga uruhushya rwo gukwirakwiza muri rubanda igihangano cy'umwimerere cyangwa kopi y'igihangano cye ngo kigurishwe;	(e) to distribute or authorise distribution to the public of the original or a copy of his or her work for sale;	(e) la distribution ou autorisation de distribution au public de l'original ou d'une copie de son œuvre pour vente ;
(f) guhererekanya uburenganzira ku gihangano;	(f) to transfer ownership of a work;	(f) le transfert du droit de propriété de l'œuvre ;
(g) gutangaza igihangano cye mu ruhame akoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose, harimo kugisakaza cyangwa kugikina mu ruhame.	(g) to communicate his or her work to the public by any means, including by broadcast or public performance.	(g) communication de son œuvre au public par tous les moyens, y compris par l'émission ou la performance publique.
(2) Uburenganzira bwo gukwirakwiza igihangano ntibukurikizwa ku mwimerere	(2) The right of distribution does not apply to the original or a copy of the work	(2) Le droit de distribution ne s'applique pas à l'original ou à une copie de l'œuvre qui a été

cyangwa kuri kopi y'igihangano cyashyizwe ku isoko cyangwa cyagurishijwe cyangwa irindi hererekanya ry'uburenganzira ryatangiwe uruhushya n'ufite uburenganzira ku gihangano.	that has been put on the market or been subject to a sale or other transfer of ownership authorised by the owner of the copyright.	mise sur le marché ou a fait objet d'une vente ou d'un autre transfert de droit de propriété autorisé par le titulaire de droit d'auteur.
(3) Iyo ari igihangano cy'igishushanyo cyangwa imiterere y'ikintu cyagaragajwe mu buryo bw'ibyerekezo bitatu by'ubugeni cyangwa inyandiko y'intoki y'umwimerere, ufite uburenganzira ku gihangano cyangwa abazungura be bafite uburenganzira ntavogerwa bwo guhabwa umugabane ku giciro gishya igihangano cyagurishijweho nyuma y'uko ufite uburenganzira ku gihangano yeguriye undi muntu uburenganzira kuri icyo gihangano.	(3) In case of original graphic and three-dimensional works of art or original manuscript, the author or his or her heirs have the inalienable right to have a share of the resale price of the work subsequent to the first transfer of ownership of the work by the author.	(3) En cas d'œuvres d'art graphiques et tridimensionnelles originales ou de manuscrit original, l'auteur ou ses héritiers ont le droit inaliénable d'avoir une part sur le prix de revente de l'œuvre subséquent au premier transfert de propriété de l'œuvre par l'auteur.
(4) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bugena ingano y'umugabane ku giciro gishya igihangano cyagurishijweho.	(4) The competent authority determines the amount of the share of the resale price of the work.	(4) L'autorité compétente détermine le montant d'une part sur le prix de revente de l'œuvre.
Ingingo ya 290: Uburenganzira mu bukungu ku gihangano cyakomotse ku muco gakondo	**Article 290: Economic rights of work derived from folklore**	**Article 290 : Droits économiques d'une œuvre dérivée du folklore**
(1) Ibikorwa bikurikira byishyurirwa igihembo cy'uruhushya iyo:	(1) The following acts are subject to payment of royalties:	(1) Les actes suivants sont soumis aux paiements de redevances :
(a) gukoresha igihangano cyakomotse ku muco gakondo w'igihugu hagamijwe inyungu;	(a) the use of work derived from national folklore for profit making purposes;	(a) l'utilisation de l'œuvre dérivée du folklore national à des fins lucratives;

(b) ihererekanya ry'uburenganzira ku gihangano cyose cyangwa ku gice cyacyo, hagamijwe inyungu ku gihangano cyakomotse ku muco gakondo cyangwa gutanga uruhushya rwihariye rujyanye n'igihangano giteye gityo, hagamijwe inyungu.	(b) a transfer of ownership in whole or in part, for profit making purposes, of work derived from the folklore or any exclusive licence granted on such work, for profit making purposes.	(b) le transfert du droit de propriété en tout ou en partie à des fins lucratives d'une œuvre dérivée du folklore ou de toute autre licence octroyée sur cette œuvre à des fins lucratives.
(2) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bugena igihembo cy'uruhushya mu gukoresha cyangwa ihererekanya ry'uburenganzira ku gihangano cyakomotse ku muco gakondo hagamijwe inyungu n'uburyo yishyurwamo.	(2) The competent authority determines the royalties for the use or transfer of rights on the work derived from the folklore for profit making purposes, and modalities for payment.	(2) L'autorité compétente dans ses attributions détermine la redevance pour l'utilisation ou le transfert de droits sur une œuvre dérivée du folklore à des fins lucratives, et les modalités de paiement.
(3) Makumyabiri na gatanu ku ijana by'igihembo cy'uruhushya icyo ari cyo cyose cyishyuwe giharirwa gutera inkunga ibikorwa bigamije guteza imbere ibihangano by'ubuhanzi.	(3) Twenty-five per cent of any royalties paid is reserved to fund activities aimed at creative works promotion.	(3) Vingt-cinq pour cent de toutes les redevances payées sont réservés au financement des activités de promotion des œuvres créatives.
<u>Akiciro ka 3</u>: Aho uburenganzira mu bukungu ku gihangano bugarukira	**<u>Subsection 3</u>: Limitations to economic rights on a work**	**<u>Sous-Section 3</u> : Limitations aux droits économiques sur une œuvre**
<u>Ingingo ya 291</u>: Gutubura igihangano hagamijwe ko gikoreshwa n'umuntu ku giti cye	**<u>Article 291</u>: Private reproduction of a work for personal purposes**	**<u>Article 291</u> : Reproduction privée d'une œuvre à des fins personnelles**
(1) Gutubura igihangano cyatangajwemo kopi imwe gusa, hagamijwe ko ikoreshwa n'umuntu ku giti cye biremewe	(1) The private reproduction of a published work by a natural person in a single copy is permitted without the authorisation of the	(1) La reproduction privée d'une œuvre publiée par une personne physique en une seule copie est permise sans l'autorisation de

bidatangiwe uruhushya rw'umuhanzi, nta n'igihembo cy'uruhushya gitanzwe.	author and without the obligation of payment of royalties.	l'auteur et sans obligation de paiement d'une redevance.
(2) Icyakora, ibivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ntibireba gutubura:	(2) However, the provisions of Paragraph (1) of this Article does not extend to the reproduction of:	(2) Toutefois, les dispositions du paragraphe (1) du présent article ne s'étendent pas sur la reproduction de :
(a) igihangano cyo mu budaraza gifite isura y'inzu cyangwa iy'izindi nyubako zisa na cyo;	(a) a work of architecture in the form of building or similar construction;	(a) une œuvre architecturale sous forme de bâtiment ou de construction similaire ;
(b) hakoreshejwe ikoporora, igitabo cyose uko cyakabaye cyangwa igice cyacyo cy'ingenzi cyangwa kwandukura indirimbo mu buryo bw'iyandikishamanota;	(b) the form of reprography of the whole or of a substantial part of a book or of a musical work in the form of notation;	(b) une forme de reprographie de l'entièreté ou d'une partie substantielle du livre ou d'une œuvre musicale sous forme de notation ;
(c) ububiko bwose bw'imbonwa cyangwa ibice byabwo by'ingenzi, hakoreshejwe iyandikishamibare;	(c) the whole or of a substantial part of a database in digital form;	(c) l'entièreté ou une partie substantielle d'une base de données sous forme digitale ;
(d) porogaramu za mudasobwa.	(d) a computer program.	(d) un programme informatique.
Ingingo ya 292: Gutubura igihangano by'igihe gito byemewe	**Article 292: Permitted temporary reproduction of a work**	**Article 292 : Reproduction temporaire autorisée d'une œuvre**
Gutubura igihangano by'igihe gito byemerwa iyo:	Temporary reproduction of a work is permitted if:	La reproduction temporaire d'une œuvre est autorisée lorsque :
(a) bikozwe mu gihe cyo kohereza igihangano hakoreshejwe iyandikishamibare cyangwa mu bikorwa byo kugaragaza igihangano	(a) it is done in the process of a digital transmission of the work or an act of	(a) elle est faite dans le processus de transmission digitale de l'œuvre ou dans un

cyabitswe hakoreshejwe iyandikishamibare;	making a digitally stored work perceptible;	acte visant à rendre perceptible une œuvre conservée de façon digitale ;
(b) bikozwe n'umuntu ku giti cye wabiherewe uruhushya cyangwa ikigo gifite uburenganzira bwo kohereza icyo gihangano cyangwa kukigaragaza;	(b) it is done by an authorised a natural person or entity entitled to make that transmission or to make the work perceptible;	(b) elle est faite par une personne physique autorisée ou une entité qui est habilitée à faire cette transmission ou à rendre cette œuvre perceptible ;
(c) bifite agaciro ko hasi ukurikije ibyoherejwe, bigakorwa mu buryo busanzwe bukoreshwa n'ibyuma byabugenewe, kandi bigahita bisibwa ku buryo igihangano kitakongera kugaragazwa hakoreshejwe uburyo bwa elegitoroniki, hagamijwe kugikoresha ibindi uretse ibiteganyijwe n'agaka ka (a) n'aka (b) tw'iyi ngingo.	(c) it is incidental to the transmission, that occurs during the normal operation of the equipment used and entails the automatic deletion of the copy without enabling the electronic retrieval of the work for any other purpose than those referred to in Subparagraphs (a) and (b) of this Article.	(c) elle est accessoire de la transmission, qui se produit au cours de l'opération normale de l'équipement utilisé et occasionne une suppression automatique de la copie sans possibilité de récupération électronique de l'œuvre pour tout autre but que celui auquel référence est faite dans les alinéas (a) et (b) du présent article.
Ingingo ya 293: Ubwisanzure mu gukoresha ibango ry'igihangano cyatangajwe	**Article 293: Free use of a published work in the form of quotation**	**Article 293 : Libre utilisation d'une œuvre publiée sous forme de citation**
(1) Gukoresha mu buryo bwo gutira ibango cyangwa igice gito cy'igihangano cyatangajwe rigashyirwa mu kindi gihangano biremewe, bidatangiwe uruhushya n'umuhanzi nta n'igihembo cy'uruhushya gitanzwe, iyo gukoresha iryo bango cyangwa igice gito cy'igihangano byatiwe byubahiriza imikoreshereze myiza kandi ntibirenge intego zigamijwe.	(1) The use, in the form of quotation or of a short part of a published work is permitted without authorisation of the author and without payment of royalties, provided that the use is compatible with fair practice and does not exceed the extent justified by the purpose.	(1) L'utilisation sous forme de citation ou d'une courte partie d'une œuvre publiée est permise sans l'autorisation de l'auteur et sans paiement d'une redevance, pourvu que l'utilisation soit compatible avec la pratique équitable et n'excède pas l'étendue justifiée par le but.

(2) Gutira ibango cyangwa igice gito cy'igihangano biherekezwa no kugaragaza inkomoko n'izina ry'umuhanzi, iyo iryo zina rigaragara ku gihangano iryo bango ryakuwemo.	(2) A quotation or short part of a work is accompanied by an indication of source and the name of the author, if his or her name appears in the work from which the quotation is taken.	(2) Une citation ou une courte partie d'une œuvre est accompagnée d'une indication de la source et du nom de l'auteur si ce nom apparaît dans l'œuvre d'où ladite citation a été tirée.
Ingingo ya 294: Gukoresha igihangano mu kwigisha	**Article 294: Use of a work for teaching purposes**	**Article 294 : Utilisation d'une œuvre à des fins d'enseignement**
(1) Mu gihe cyo kwigisha ibikorwa bikurikira biremewe bidatangiwe uruhushya n'umuhanzi nta n'igihembo cy'uruhushya gitanzwe iyo:	(1) For teaching purposes, the following acts are permitted in respect of a work without the authorisation of the author and without payment of royalties:	(1) Pour des fins d'enseignement, les actes suivants sont permis eu égard à une œuvre sans l'autorisation de l'auteur et sans paiement d'une redevance :
(a) ikoreshwa ry'igihangano binyuze mu isobanura, ibiganiro by'isakaza, ibyafatiweho amajwi cyangwa amashusho byagenewe inyigisho;	(a) the use of a work for teaching purposes by way of illustration, broadcasting, sound or visual recordings;	(a) l'utilisation d'une œuvre à des fins d'enseignement par voie d'illustration, radiodiffusion, enregistrements sonores ou visuels ;
(b) gutubura hakoreshejwe uburyo bw'ikoporora, mu rwego rw'inyigisho cyangwa urw'ibizamini mu bigo by'amashuri bidafite ibikorwa bigamije inyungu kandi ibyo bigakorwa mu buryo buhuje n'intego zigamijwe;	(b) the reproduction by reprographic means, for teaching or for the holding of examinations at educational non-profit making institutions, to the extent justified by the purpose;	(b) la reproduction par des moyens reprographiques, aux fins de l'enseignement ou de la tenue d'examens dans des établissements d'enseignement à des fins qui ne soient pas lucratives et dans la mesure justifiée par l'objectif visé ;
(c) inyandiko zitandukanye zatangajwe mu buryo bwemewe n'amategeko mu igazeti cyangwa ibinyamakuru, amabango magufi yavuye mu gihangano cyatangajwe mu buryo	(c) various articles lawfully published in magazines or gazettes, brief extracts of a work published lawfully or a short creative work lawfully published.	(c) des articles variés licitement publiés dans un journal ou une périodique, de brefs extraits d'une œuvre licitement publiée ou une courte œuvre créative licitement publiée.

bwemewe n'amategeko cyangwa igihangano kigufi cyatangajwe mu buryo bwemewe n'amategeko.		
(2) Icyakora, ibikorwa bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo bigomba kugaragaza inkomoko n'izina ry'umuhanzi iyo iryo zina rigaragara ku gihangano.	(2) However, the acts referred to in Paragraph (1) of this Article are subject to the obligation to indicate the source and the name of the author if the name appears on a work.	(2) Toutefois, les actes visés au paragraphe (1) du présent article sont soumis à l'obligation d'indiquer la source et le nom de l'auteur si le nom apparait sur une œuvre.
Ingingo ya 295: Gutubura igihangano bikozwe na serivisi z'amasomero cyangwa iz'ishyinguranyandiko	**Article 295: Reprographic reproduction of a work by libraries or archive services**	**Article 295 : Reproduction reprographique d'une œuvre par les bibliothèques ou les services d'archives**
Serivisi z'amasomero cyangwa iz'ishyinguranyandiko zikora ibikorwa bitagamije inyungu z'ubucuruzi ku buryo buziguye cyangwa butaziguye zishobora, gutubura umubare ukenewe wa kopi z'igihangano bidasabiwe uruhushya rw'umuhanzi cyangwa ufite uburenganzira ku gihangano, iyo:	Libraries or archive services whose activities are not directly or indirectly profit-making may, without the consent of the author or other holder of copyright, make a necessary number of copies of a work by means of reprographic reproduction, where:	Les bibliothèques ou les services d'archives dont les activités ne visent pas directement ou indirectement un profit commercial peuvent, sans l'autorisation de l'auteur ou de tout autre titulaire du droit d'auteur, réaliser par reproduction reprographique un nombre nécessaire d'exemplaires d'une œuvre, lorsque :
(a) igihangano cyatubuwe ari inyandiko yatangajwe, ikindi gihangano kigufi cyangwa incamake y'igihangano;	(a) the work reproduced is a published article, other short work or short extract of a work;	(a) l'œuvre reproduite est un article publié, une autre courte œuvre ou un court extrait d'une œuvre ;
(b) gutubura bigamije kubahiriza ubusabe bw'umuntu ku giti cye;	(b) the purpose of the reproduction is to satisfy the request of a natural person;	(b) le but de la reproduction est de répondre à la demande d'une personne physique ;
(c) serivisi z'isomero cyangwa iz'ishyinguranyandiko zibona ko kopi	(c) the library or archive service is satisfied that the copy will be used solely for the	(c) la bibliothèque ou le service d'archives est assuré que l'exemplaire sera utilisé

izakoreshwa gusa hagamijwe inyigisho, ubufasha buhabwa abanyeshuri mu myigire cyangwa ubushakashatsi bwigenga;	purposes of study, scholarship or private research;	uniquement à des fins d'études, de recherches universitaire ou privée ;
(d) igikorwa cyo gutubura cyihariye cyangwa gisubiwemo mu buryo butandukanye cyangwa budahuye kandi nta ruhushya ruhuriweho ruhari;	(d) the act of reproduction is an isolated case occurring, if repeated, on separate and unrelated occasions, and there is no collective licence available;	(d) l'acte de reproduction est un cas isolé se présentant, s'il est répété, en des occasions séparées et sans relation entre elles et qu'aucune licence collective n'est obtenue ;
(e) kopi yakozwe hagamijwe kubungabunga cyangwa gusimbuza kopi yabuze, yangijwe cyangwa itagishobora gukoreshwa cyangwa iri mu bubiko buhoraho bw'irindi somero cyangwa mu yindi serivisi y'ishyinguranyandiko.	(e) the copy is made in order to preserve or replace a copy which has been lost, destroyed or rendered unusable or which is in the permanent collection of another library or archive service.	(e) la réalisation d'un exemplaire est destinée à préserver ou remplacer un exemplaire qui a été perdu, détruit ou rendu inutilisable ou qui est dans une collection permanente d'une autre bibliothèque ou d'un autre service d'archives.
Ingingo ya 296: Ubwisanzure bwo gukoresha igihangano ku mpamvu zerekeye ubucamanza cyangwa ubuyobozi	**Article 296: Free use of a work for judicial or administrative purposes**	**Article 296 : Libre utilisation d'une œuvre à des fins judiciaires ou administratives**
Gukoresha igihangano ku mpamvu zerekeye ubucamanza cyangwa ubuyobozi biremewe bidatangiwe uruhushya rw'umuhanzi kandi ntibitangirwa igihembo cy'uruhushya, iyo bitarenze intego zigamijwe.	The use of a work for judicial or administrative procedure purposes is permitted without the consent of the author and without payment of royalties, on the condition that the extent of such use does not exceed that justified by the intended purpose.	L'utilisation d'une œuvre à des fins judiciaires ou administratives est permise sans l'autorisation de l'auteur et sans le paiement d'une redevance, à la condition que l'ampleur d'une telle utilisation ne dépasse pas celle justifiée par le but à atteindre.

Ingingo ya 297: Ubwisanzure bwo gukoresha igihangano hagamijwe amakuru	**Article 297: Free use of a work for informational purposes**	**Article 297 : Libre Utilisation d'une œuvre à des fins d'information**
(1) Ibikorwa bikurikira hagamijwe amakuru ku gihangano biremewe bidatangiwe uruhushya n'umuhanzi nta n'igihembo cy'uruhushya gitanzwe:	(1) The following acts in respect of information on a work are permitted without the consent of the author and without payment of royalties:	(1) Les actes suivants eu égard à une information sur une œuvre sont permis sans l'autorisation de l'auteur et sans paiement d'une redevance :
(a) gutubura mu kinyamakuru cyandikwa, gusakaza cyangwa kugeza kuri rubanda, inyandiko ngufi yerekeye ubukungu, politiki, imibereho myiza cyangwa iyobokamana yatangajwe mu magazeti cyangwa mu rwunge rw'ibinyamakuru, cyangwa igihangano giteye nk'ibyo cyasakajwe, mu gihe uburenganzira bwo gutubura, bwo gusakaza cyangwa bwo kugeza kuri rubanda butabujijwe ku buryo bweruye;	(a) the reproduction by the press, the broadcasting or the communication to the public, of an article published in newspapers or periodicals on current economic, political, social or religious topics, or of a broadcast work of the same character, where the right to reproduction, broadcasting or communication to the public is not expressly reserved;	(a) la reproduction par la presse, la radiodiffusion ou la communication au public d'un article d'actualité économique, politique, sociale ou religieuse publié dans des journaux ou recueils périodiques, ou une œuvre radiodiffusée ayant le même caractère, lorsque le droit de reproduction, de radiodiffusion ou de communication au public n'est pas expressément réservé ;
(b) gutubura cyangwa kugeza kuri rubanda, mu rwego rwo gutangaza mu buryo bugufi amakuru mashya hifashishijwe amafoto, sinema cyangwa isakaza cyangwa irindi tumanaho rikoresha insinga ku gihangano cyabonywe cyangwa cyumviswe mu gihe ayo makuru yabaga, hagamijwe kugera ku ntego yo gutangaza amakuru;	(b) the reproduction or communication to the public, for the purpose of reporting short current events by means of photography, cinematography, or through broadcasting or communication by wire, of a work seen or heard during such event, to the extent justified by the intended informatory purpose;	(b) la reproduction ou la communication au public à des fins de compte rendu de courts événements d'actualité par le moyen de la photographie, de la cinématographie ou par voie de radiodiffusion ou communication par câble d'une œuvre vue ou entendue au cours d'un tel événement dans la mesure justifiée par le but d'information à atteindre ;
(c) gutubura mu kinyamakuru, gusakaza	(c) the reproduction in the press, the	(c) la reproduction par la presse, la

cyangwa kugeza kuri rubanda, disikuru za politiki, ibiganiro mbwirwaruhame, disikuru ngufi, inyigisho z'amadini cyangwa ibindi bihangano biteye nk'ibyo byatangarijwe mu ruhame, na disikuru zavuzwe mu iburanisha, hagamijwe kugera ku ntego yo gutangaza amakuru agezweho, abahanzi bakagumana uburenganzira bwo gutangaza urusange rw'ibyo bihangano.	broadcasting or other communication to the public of political speeches, lectures, addresses, sermons or other works of the same nature delivered in public, or speeches delivered during legal proceedings, to the extent justified by the purpose of providing current information the authors remaining with the right to publish the collection of those works.	radiodiffusion ou la communication au public des discours politiques, des conférences, des allocutions, des sermons ou autres œuvres de même nature délivrés en public ainsi que des discours délivrés lors de procès, à des fins d'informations d'actualités, dans la mesure justifiée par le but à atteindre, les auteurs conservant leurs droits de publier des collections de ces œuvres.
(2) Icyakora, ibikorwa bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo bigaragaza inkomoko n'izina ry'umuhanzi iyo bishoboka.	(2) However, the acts referred to in Paragraph (1) of this Article indicate the source and the name of the author as far as practicable.	(2) Toutefois, les actes visés au paragraphe (1) du présent article indiquent la source et le nom de l'auteur dans la mesure du possible.
Ingingo ya 298: Ubwisanzure bwo gukoresha amashusho cyangwa amafoto y'ibihangano biri ahantu rusange	**Article 298: Free use of images or photographs of works that are located in a place open to the public**	**Article 298 : Libre utilisation d'images ou de photographies d'œuvres situées dans des endroits publics**
(1) Ibikorwa bikurikira byerekeye amashusho, amafoto, ibihangano by'ubugeni mberabyombi, ishusho y'igihangano cyo mu budaraza bihora ahantu rusange biremewe bidatangiwe uruhushya n'umuhanzi nta n'igihembo cy'uruhushya gitanzwe:	(1) The following acts related to images, photographic works, works of applied art, an image of a work of architecture that are permanently located in a place open to the public are permitted without the consent of the author and without payment of royalties:	(1) Les actes suivants relatifs aux images, aux œuvres photographiques, aux œuvres des arts appliqués, à une image d'une œuvre d'architecture qui sont situés en permanence dans un endroit ouvert au public sont permis sans l'autorisation de l'auteur et sans paiement d'une redevance :
(a) gutubura;	(a) reproduction;	(a) la reproduction ;
(b) gusakaza;	(b) broadcast;	(b) la radiodiffusion ;
(c) kugeza kuri rubanda hakoreshejwe insinga.	(c) communication to the public by wire.	(c) la communication par câble au public.

(2) Icyakora, iyo ishusho ry'igihangano ari ryo ry'ibanze ry'icyatubuwe, icyasakajwe cyangwa icyagejejwe kuri rubanda, kandi iyo shusho ikoreshejwe mu rwego rw'ubucuruzi bisabirwa uruhushya kandi bigatangirwa igihembo cy'uruhushya.	(2) However, if the image of the work is the main subject of such reproduction, broadcast or communication and if it is used for commercial purposes, consent and payment of a royalties are required.	(2) Toutefois, si l'image de l'œuvre est le sujet principal d'une telle reproduction, radiodiffusion ou communication et si elle est utilisée à des fins commerciales, l'autorisation et le paiement d'une redevance sont requis.
<u>Ingingo ya 299</u>: Ubwisanzure mu gutubura no guhindura imiterere ya porogaramu za mudasobwa	**<u>Article 299</u>: Free reproduction and adaptation of computer programs**	**<u>Article 299</u> : Libre reproduction et adaptation de programmes d'ordinateur**
(1) Utunze mu buryo bwemewe n'amategeko kopi ya porogaramu ya mudasobwa ashobora, bidatangiwe uruhushya rw'umuhanzi nta n'igihembo cy'uruhushya gitanzwe, gukora kopi imwe y'iyo porogaramu cyangwa kuyihindurira imiterere, mu gihe iyo kopi cyangwa iyo porogaramu yahinduriwe imiterere ikenewe hagamijwe:	(1) The legitimate owner of a copy of a computer program may, without the author's authorization or payment of royalty, make a copy or adapt this program, provided that the copy or adaptation is required for:	(1) L'utilisateur légitime d'un exemplaire d'un programme d'ordinateur peut, sans l'autorisation de l'auteur et sans paiement d'une redevance, réaliser un exemplaire ou l'adaptation de ce programme à condition que cet exemplaire ou cette adaptation soit nécessaire à :
(a) gukoresha porogaramu ya mudasobwa ibyo yagenewe kandi bitarenze intego zigamijwe;	(a) use of the computer program for purposes for which the program has been obtained;	(a) l'utilisation du programme d'ordinateur à des fins pour lesquelles le programme a été obtenu ;
(b) gushyingura no gusimbuza kopi ya porogaramu ya mudasobwa itunzwe mu buryo bwemewe n'amategeko, mu gihe iyo kopi yatakaye cyangwa yangiritse ku buryo itakoreshwa.	(b) archiving purposes and in order to replace the copy lawfully held where that copy was lost, damaged or made unusable.	(b) des fins d'archivage et pour remplacer l'exemplaire de programme d'ordinateur licitement détenu dans le cas où celui-ci est perdu, endommagé ou rendu inutilisable.

(2) Kopi cyangwa porogaramu yahinduriwe imiterere ikozwe hakurikijwe igika cya (1) cy'iyi ngingo irasibwa iyo amasezerano yo gukomeza gutunga kopi ya porogaramu ya mudasobwa yarangiye. Gusiba iyo porogaramu bikorwa mu gihe kitarenze amezi atandatu abarwa uhereye ku itariki amasezerano yarangiriyeho.	(2) A copy or adaptation of a program made under Paragraph (1) of this Article is destroyed where the contract for extended possession of the copy of the computer program ceases to be lawful. The destruction of such a program is made within six months after the expiry of the contract.	(2) Tout exemplaire ou toute adaptation d'un programme réalisés en application du paragraphe (1) du présent article sont détruits dans le cas où le contrat de possession prolongée de l'exemplaire du programme d'ordinateur cesse d'être licite. La destruction de ce programme se fait dans un délai de six mois après l'expiration du contrat.
Ingingo ya 300: Ubwisanzure bwo gufata amajwi by'igihe gito ku kigo cy'isakaza	**Article 300: Free ephemeral recording by a broadcasting organisation**	**Article 300 : Libre enregistrement éphémère par un organisme de radiodiffusion**
(1) Ikigo cy'isakaza gishobora hatagombye uruhushya rw'umuhanzi nta n'igihembo cy'uruhushya gitanzwe, gufata by'igihe gito, kibyikoreye kandi hagamijwe ibiganiro byacyo, amajwi y'igihangano icyo kigo gifitiye uburenganzira bwo gusakaza.	(1) A broadcasting organisation may, without the consent of the author and without payment of royalty, make an ephemeral recording by means of its own facilities and for the purposes of its own broadcasts of a work it is authorized to broadcast.	(1) Un organisme de radiodiffusion peut, sans l'autorisation de l'auteur et sans paiement d'une redevance, réaliser un enregistrement éphémère par ses propres moyens et pour ses propres émissions d'une œuvre qu'il a le droit de radiodiffuser.
(2) Ikigo cy'isakaza kigomba gusiba amajwi yafashwe mu gihe cy'amezi atandatu abarwa uhereye itariki amajwi yafatiweho iyo nta masezerano atandukanye yabayeho.	(2) A broadcasting organisation is required to destroy such a recording within six months of it having been made, unless a different agreement has been made.	(2) Un organisme de radiodiffusion doit détruire cet enregistrement dans les six mois suivant sa réalisation, à moins qu'un accord diffèrent n'ait été passé.
Ingingo ya 301: Ubwisanzure mu ikinwa ry'igihangano mu ruhame	**Article 301: Free public performance of a work**	**Article 301 : Libre représentation ou exécution publique d'une œuvre**
Ikinwa ry'igihangano mu ruhame riremewe bidatangiwe uruhushya rw'umuhanzi kandi	Public performance of a work is permitted without the consent of the author and without	La représentation ou l'exécution publique d'une œuvre est permise sans l'autorisation de l'auteur

hadatanzwe igihembo cy'uruhushya iyo bikozwe:	payment of royalties if it is done:	et sans paiement d'une redevance si elle est faite :
(a) mu gihe cy'imihango ya Leta cyangwa y'amadini iyo gukina igihangano mu ruhame bitagamije inyungu;	(a) during an official or religious ceremonies, where the public performance is not for profit;	(a) lors de cérémonies officielles ou religieuses dans la mesure où la représentation ou l'exécution publique est à but non lucratif ;
(b) mu rwego rw'ibikorwa by'uburezi cyangwa ubukangurambaga bukozwe na Leta cyangwa n'ikigo kitagamije inyungu, iyo ikinwa ry'igihangano mu ruhame bitagamije inyungu;	(b) as part of the educational or public awareness activities of the government or non-profit making organisation, where the public performance of a work is not for profit;	(b) dans le cadre d'activités éducatives ou de sensibilisation du public effectuées par l'État ou par un organisme à but non lucratif, dans la mesure où la représentation ou l'exécution publique est à but non lucratif ;
(c) cyangwa mu rwego rw'ibikorwa byo kwigisha bikozwe n'ikigo cy'uburezi, iyo igihangano gikiniwe abakozi, abanyeshuri cyangwa umuryango ugizwe n'abanyeshuri cyangwa abandi bantu bafite uruhare rutaziguye mu bikorwa by'icyo kigo.	(c) or as part of the teaching activities of an educational institution, where the work is performed to staff, students or organisation of students or other persons directly involved in activities of the institution.	(c) ou dans le cadre d'activités d'un établissement d'enseignement, lorsque l'œuvre est représentée ou exécutée pour le personnel, les étudiants ou l'organisation composée d'étudiants ou d''autres personnes directement liées aux activités de l'établissement.
<u>Ingingo ya 302</u>: Ubwisanzure mu kwinjiza mu gihugu kopi y'igihangano ku mpamvu bwite	**<u>Article 302</u>: Free importation of a work for personal purposes**	**<u>Article 302</u> : Libre importation d'une œuvre à des fins personnelles**
Kwinjiza mu gihugu kopi y'igihangano umuntu yabonye ku mpamvu ze bwite mu buryo bwemewe n'amategeko biremewe bidasabiwe uruhushya kandi nta n'igihembo cy'uruhushya gitanzwe.	The importation of a lawfully obtained copy of a work by a person for his or her own personal purposes is permitted without the consent of the author and without payment of royalties.	L'importation d'un exemplaire d'une œuvre légalement obtenue par une personne à des fins personnelles est permise sans l'autorisation de l'auteur et sans paiement d'une redevance.

Ingingo ya 303: Ubwisanzure mu gutubura igihangano ku bafite ubumuga bwo kutabona, abatabona neza cyangwa abatabasha gusoma igitabo	**Article 303: Free reproduction of a work for persons who are blind, visually impaired, or print disabled**	**Article 303 : Libre reproduction d'une œuvre pour des aveugles, des déficients visuels et des personnes ayant des difficultés de lecture des textes imprimés**
(1) Urwego rubifite mu nshingano rutabiherewe uruhushya n'umuhanzi cyangwa n'ufite uburenganzira bw'umuhanzi nta n'igihembo cy'uruhushya gitanzwe rushobora gukora kopi y'igihangano iri mu buryo bushobora kugerwaho, kuvana kopi y'igihangano mu buryo bushobora kugerwaho mu kindi kigo kibifitiye uruhushya, no guha izo kopi abantu bafite ubumuga bwo kutabona, abatabona neza cyangwa abatabasha gusoma igitabo hakoreshejwe uburyo ubwo ari bwo bwose, harimo gutiza bitagamije ubucuruzi cyangwa isakaza mu buryo bwa elegitoroniki hakoreshejwe cyangwa hadakoreshejwe insinga no gukora ibikenewe kugira ngo ikigamijwe kigerweho, iyo hujujwe ibisabwa bikurikira :	(1) An authorized entity can, without the consent of the author or copyright holder and without payment of royalties, make an accessible format copy of a work, obtain from another authorised entity an accessible format copy, and supply those copies to persons who are blind, visually impaired, or print disabled by any means, including by non-commercial lending or by electronic communication by wire or wireless means, and undertake any intermediate steps to achieve those objectives, when the following conditions are met:	(1) Une entité autorisée peut, sans l'autorisation de l'auteur ou du titulaire du droit d'auteur et sans paiement d'une redevance, réaliser un exemplaire en format accessible d'une œuvre, obtenir d'une autre entité autorisée un exemplaire en format accessible d'une œuvre et mettre ces exemplaires à la disposition des aveugles, des déficients visuels et des personnes ayant des difficultés de lecture des textes imprimés par tous les moyens disponibles, y compris par prêt non commercial ou par communication électronique par fil ou sans fil, et prendre toute mesure intermédiaire pour atteindre ces objectifs, lorsque les conditions suivantes sont remplies :
(a) urwego rubifite mu nshingano rwifuza gukora icyo gikorwa rwemerewe n'amategeko kugera kuri icyo gihangano cyangwa kuri kopi yacyo;	(a) the authorised entity wishing to undertake said activity has lawful access to that work or a copy of that work;	(a) l'entité autorisée désirant entreprendre cette activité a un accès licite à cette œuvre ou à un exemplaire de cette œuvre ;
(b) igihangano gihinduwemo kopi iri mu buryo bushobora kugerwaho,	(b) the work is converted to an accessible format copy, which may include any	(b) l'œuvre est convertie en un exemplaire en format accessible qui peut inclure tous les

bukubiyemo uburyo ubwo aribwo bwose bukenewe bwo kugera kuri ayo makuru ari mu buryo bushobora kugerwaho, ariko hadakozwe izindi mpinduka zitari ngombwa, kugira ngo icyo gihangano kibashe kugerwaho n'umuntu ufite ubumuga bwo kutabona, ubwo kutabona neza cyangwa ubwo kutabasha gusoma igitabo;	means needed to navigate information in the accessible format, but does not introduce changes other than those needed to make the work accessible to the person who is blind, visually impaired, or print disabled;	moyens nécessaires pour parcourir les informations dans ce format accessible mais qui n'introduit pas de changements autres que ceux nécessaires pour rendre l'œuvre accessible à l'aveugle, au déficient visuel et à la personne ayant des difficultés de lecture des textes imprimés ;
(c) kopi ziri mu buryo bushobora kugerwaho zikorerwa gusa gukoreshwa n'abantu bafite ubumuga bwo kutabona, ubwo kutabona neza cyangwa ubwo kutabasha gusoma igitabo;	(c) such accessible format copies are supplied exclusively to be used by persons who are blind, visually impaired, or print disabled;	(c) les exemplaires en format accessible de l'œuvre sont offerts exclusivement pour l'utilisation des aveugles, des déficients visuels et des personnes ayant des difficultés de lecture des textes imprimés ;
(d) icyo gikorwa gikozwe hatagamijwe inyungu.	(d) the activity is undertaken on a non-profit basis.	(d) l'activité est entreprise à des fins non lucratives.
(2) Umuntu ufite ubumuga bwo kutabona, ubwo kutabona neza cyangwa ubwo kutabasha gusoma igitabo cyangwa umwunganira, atabiherewe uruhushya nta n'igihembo cy'uruhushya gitanzwe, ashobora gukora kopi y'igihangano iri mu buryo bushobora kugerwaho agamije kuyikoresha ku giti cye cyangwa imufasha gukora cyangwa gukoresha izo kopi z'ibihangano ziri mu buryo bushobora kugerwaho iyo yabonye icyo gihangano	(2) A person who is blind, visually impaired or print disabled, or someone acting on his or her behalf may, without the consent and without payment of royalties, make an accessible format copy of a work for the personal use of the beneficiary person or otherwise may assist the beneficiary person to make and use accessible format copies where the beneficiary person has	(2) Un aveugle, un déficient visuel ou une personne ayant des difficultés de lecture des textes imprimés ou une personne physique agissant en son nom peut, sans l'autorisation et sans paiement d'une redevance, réaliser un exemplaire en format accessible d'une œuvre pour l'usage personnel ou peut aider d'une autre manière la personne bénéficiaire à réaliser et utiliser des exemplaires en format accessible lorsque la personne

cyangwa kopi yacyo mu buryo bwemewe n'amategeko.	lawful access to that work or a copy of that work.	bénéficiaire a un accès licite à cette œuvre ou à un exemplaire de cette œuvre.
(3) Ibiteganywa muri iyi ngingo bireba ibihangano biri mu buryo bw'inyandiko, iyandikishamanota cyangwa ibishushanyo bijyana na byo, byaba ibyatangajwe cyangwa ibyagejejwe kuri rubanda mu ruhame mu buryo ubwo ari bwo bwose bw'itangazamakuru, harimo ibihangano byo mu buryo bw'amajwi nk'ibitabo biherekejwe n'amajwi yafashwe. Bireba kandi ibikoresho by'uburenganzira bushamikiyeho bya ngombwa kugira ngo izo kopi ziri mu miterere ituma zigerwaho ziboneke.	(3) Provisions of this Article apply to the works that are in the form of text, notation or related illustrations, whether published or otherwise made publicly available in any media, including works in audio form, such as audiobooks. They also apply to objects of related rights as necessary to make accessible format copies.	(3) Les dispositions du présent article s'appliquent aux œuvres qui sont sous forme d'un texte, une notation ou d'illustrations connexes, qu'elles soient publiées ou autrement rendues publiques dans un organe de presse y comprises des œuvres sous forme audio, tels que les livres audio. Elles s'appliquent également aux objets de droits connexes qui sont nécessaires pour faire des copies de format accessible.
<u>Ingingo ya 304</u>: Ubwisanzure mu gusakaza no kwinjiza mu gihugu igihangano kiri mu buryo bushobora kugerwaho ku bafite ubumuga bwo kutabona, abatabona neza cyangwa abatabasha gusoma igitabo	**<u>Article 304</u>: Free distribution or importation of an accessible format copy for persons who are blind, visually impaired, or print disabled**	**<u>Article 304</u> : Libre distribution ou importation d'un exemplaire en format accessible pour des aveugles, des déficients visuels et des personnes ayant des difficultés de lecture des textes imprimés**
(1) Urwego rubifite mu nshingano rushobora rutabiherewe uruhushya n'umuhanzi cyangwa ufite uburenganzira ku gihangano nta n'igihembo cy'uruhushya gitanzwe, gukwirakwiza cyangwa gutuma kopi ziri mu buryo bushobora kugerwaho ziboneka iyo:	(1) An authorised entity can, without the authorisation of the author or copyright holder and without payment of royalties, distribute or make available accessible format copies if:	(1) Une entité autorisée peut distribuer ou mettre à disposition, sans l'autorisation de l'auteur ou titulaire du droit d'auteur et sans paiement d'une redevance, des exemplaires en format accessible lorsque :

(a) izo kopi zikoreshwa mu buryo bwihariwe n'abantu bafite ubumuga bwo kutabona, abatabona neza cyangwa abatabasha gusoma igitabo;	(a) such copies are for the exclusive use of persons who are blind, visually impaired, or print disabled;	(a) ces exemplaires sont pour l'utilisation exclusive des aveugles, des déficients visuels et des personnes ayant des difficultés de lecture des textes imprimés ;
(b) hagamijwe guha mu buryo butaziguye izo kopi umuntu ufite ubumuga bwo kutabona, utabona neza cyangwa utabasha gusoma igitabo wo mu kindi gihugu cyemeje Amasezerano ya Marrakeshi;	(b) it is intended to make available such copies directly to a person who is blind, visually impaired, or print disabled from another country party to the Marrakesh Treaty;	(b) dans le but de fournir ces exemplaires directement à un aveugle, un déficient visuel et une personne ayant des difficultés de lecture des textes imprimés dans un autre pays partie au Traité de Marrakech ;
(c) Uruhushya rwatanzwe rurakurikizwa bipfa kuba mbere yo gusakaza cyangwa gutuma ikigo gifite uburenganzira gikomokaho icyo gihangano kitari kizi cyangwa nta mpamvu zumvikana ko cyagombaga kumenya ko iyo kopi iri mu buryo bushobora kugerwaho, ishobora kubonwa yagombaga gukoreshwa n'abandi bantu batari abafite ubumuga bwo kutabona, utabona neza cyangwa utabasha gusoma igitabo.	(c) the permission granted applies provided that prior to the distribution or making available the originating authorised entity did not know or did not have reasonable grounds to know that the accessible format copy would be used for other than persons who are blind, visually impaired, or print disabled.	(c) la permission accordée s'applique pourvu qu'avant la distribution ou la mise à disposition l'entité autorisée d'origine ne savait pas ou n'avait pas de motifs raisonnables de croire que l'exemplaire en format accessible serait utilisé au profit de personnes autres que des aveugles, des déficients visuels et des personnes ayant des difficultés de lecture des textes imprimés.
(2) Iryo kwirakwiza cyangwa ishyirwa ahagaragara rya kopi iri mu buryo bushobora kugerwaho rigarukira:	(2) Such distribution or making available accessible format copies is limited to:	(2) Une telle distribution ou mise à disposition d'exemplaire en format accessible est limitée à :
(a) ku bintu bimwe na bimwe bifite umwihariko;	(a) certain special cases;	(a) certains cas spéciaux ;

(b) ku bintu bitanyuranyije no kubyaza umusaruro mu buryo busanzwe igihangano cyangwa igikoresho gifite uburenganzira bushamikiye kuri icyo gihangano;	(b) matters that do not conflict with a normal exploitation of the work or object of related rights;	(b) des matières qui ne portent pas atteinte à l'exploitation normale de l'œuvre ou de l'objet de droits connexes ;
(c) ku bintu bitabangamira inyungu zemewe n'amategeko z'ufite uburenganzira kuri icyo gihangano.	(c) matters that do not unreasonably prejudice the legitimate interests of the copyright holder.	(c) des matières qui ne causent pas de préjudice injustifié aux intérêts légitimes du titulaire du droit.
(3) Umuntu ufite ubumuga bwo kutabona, utabona neza cyangwa utabasha gusoma igitabo cyangwa umuntu ukora mu izina rye cyangwa ikigo kibifitiye uburenganzira yemerewe kwinjiza mu gihugu kopi iri mu buryo bushobora kugerwaho bidatangiwe uruhushya rw'umuhanzi cyangwa urw'ufite uburenganzira bw'umuhanzi nta n'igihembo cy'uruhushya.	(3) A person who is blind, visually impaired, or print disabled, or someone acting on his or her behalf, or an authorised entity, is permitted to import an accessible format copy for the benefit of that disabled person, without the without the authorisation of the author or copyright holder and without payment of royalties.	(3) Un aveugle, un déficient visuel et une personne ayant des difficultés de lecture des textes imprimés ou une personne agissant en son nom ou une entité autorisée est autorisé à importer un exemplaire en format disponible au profit de cette personne, sans l'autorisation de l'auteur ou du titulaire du droit d'auteur et sans paiement d'une redevance.
(4) Ibiteganywa muri iyi ngingo bireba ibihangano biri mu buryo bw'inyandiko, iyandikishamanota cyangwa ibishushanyo bijyana na byo, byaba ibyatangajwe cyangwa ibyagejejwe kuri rubanda mu ruhame mu buryo ubwo ari bwo bwose bw'itangazamakuru, harimo ibihangano byo mu buryo bw'amajwi nk'ibitabo biherekejwe n'amajwi yafashwe. Bireba kandi ibikoresho by'uburenganzira bushamikiyeho bya ngombwa kugira ngo izo kopi ziri mu miterere ituma zigerwaho ziboneke.	(4) Provisions of this Article apply to the works that are in the form of text, notation or related illustrations, whether published or otherwise made publicly available in any media, including works in audio form, such as audiobooks. They also apply to objects of related rights as necessary to make accessible format copies.	(4) Les dispositions du présent article s'appliquent aux œuvres qui sont sous la forme de texte, de notations ou d'illustrations y relatives, qu'elles soient publiées ou mises d'une autre manière à la disposition du public sur quelque support que ce soit, y compris des œuvres sous forme audio, tels que les livres sonores. Elles s'appliquent également aux objets de droits connexes qui sont nécessaires pour faire des exemplaires en format accessible.

Ingingo ya 305: Ibyubahirizwa mu gihe cyo gukoresha igihangano nta ruhushya	**Article 305: Obligations on the use of a work without authorisation**	**Article 305 : Obligations concernant l'utilisation d'une œuvre sans l'autorisation**
Ubwisanzure mu gukoresha igihangano nta ruhushya rw'ufite uburenganzira ku gihangano buvugwa mu ngingo ya 291, iya 292, iya 293, iya 294, iya 295, iya 296, iya 297, iya 298, iya 299, iya 300, iya 301, iya 302, iya 303 n'iya 304 z'iri Tegeko ntibubangamira imikoreshereze isanzwe y'igihangano, uburenganzira bushamikiyeho cyangwa inyungu ufite uburenganzira ku gihangano yemerewe kuri icyo gihangano.	The free use of a work without the authorisation of the right holder referred to in Articles 291, 292, 293, 294, 295, 296, 297, 298, 299, 300, 301, 302, 303 and 304 of this Law does not prejudice the normal use of a work, related rights or legitimate interests of the right holder.	La libre utilisation d'une œuvre sans l'autorisation du titulaire de droit visée aux articles 291, 292, 293, 294, 295, 296, 297, 298, 299, 300, 301, 302, 303 et 304 de la présente loi ne cause pas de préjudice à l'utilisation normale d'une œuvre, aux droits connexes ou aux intérêts légitimes du titulaire du droit.
Akiciro ka 4: Igihe kurengera uburenganzira bw'umuhanzi bimara	**Subsection 4: Duration of protection of copyrights**	**Sous-Section 4 : Durée de protection de droits d'auteur**
Ingingo ya 306: Igihe kurengera uburenganzira nyamuntu ku gihangano bimara	**Article 306: Duration of protection of moral rights in a work**	**Article 306 : Durée de protection de droits moraux sur une œuvre**
Uburenganzira nyamuntu ku gihangano ntibugira igihe burangirira ntibusaza, ntibuhererekanywa mu gihe umuhanzi akiriho cyangwa yarapfuye.	Moral rights in a work have no limitation in time, are imprescriptible, are not transferrable when the author is still alive or deceased.	Les droits moraux sur une œuvre ne sont pas conditionnés à une durée dans le temps, sont imprescriptibles et incessibles lorsque l'auteur est encore en vie ou décédé.
Ingingo ya 307: Igihe kurengera uburenganzira mu bukungu ku gihangano bimara	**Article 307: Duration of protection of economic rights in a work**	**Article 307 : Durée de protection de droits économiques sur une œuvre**
Uburenganzira mu bukungu ku gihangano burarengerwa mu gihe cyose umuhanzi akiriho	Economic rights in a work are protected during the life of the author and for 50 years after his	Les droits économiques sur une œuvre sont protégés pendant toute la vie de l'auteur et pour

ndetse no mu gihe kingana n'imyaka 50 nyuma y'urupfu rwe. Igihe cyo kurengera uburenganzira mu bukungu ku gihangano kirangirana n'umwaka uburenganzira bw'umuhanzi burangiriramo.	or her death. The period of protection of economic rights in a work extends to the end of the calendar year in which the property rights expire.	une période de 50 ans après sa mort. La période de protection de droits économiques sur une œuvre s'étend jusqu'à la fin de l'année calendrier dans laquelle les droits d'auteur expirent.
Ingingo ya 308: Igihe kurengera uburenganzira mu bukungu ku gihangano gisangiwe bimara	**Article 308: Duration of protection of economic rights in a work of joint authorship**	**Article 308 : Durée de protection des droits économiques sur une œuvre de collaboration**
Uburenganzira mu bukungu ku gihangano gisangiwe burarengerwa mu gihe cyose uwa nyuma mu bafatanyije guhanga akiriho no mu gihe kingana n'imyaka 50 nyuma y'urupfu rwe.	Economic rights in a work of joint authorship are protected during the life of the last surviving author and for 50 years after his or her death.	Les droits économiques sur une œuvre de collaboration sont protégés pendant la vie du dernier auteur survivant et 50 ans après sa mort.
Ingingo ya 309: Igihe kurengera uburenganzira mu bukungu ku gihangano kitagaragaza nyiracyo cyangwa ku cyanditse ku mazina y'amahimbano bimara	**Article 309: Duration of protection of economic rights in an anonymous work or a pseudonymous work**	**Article 309 : Durée de protection des droits économiques sur une œuvre anonyme ou une œuvre de pseudonyme**
(1) Igihangano cyatangajwe kitagaragaza nyiracyo cyangwa cyanditse ku mazina y'amahimbano, uburenganzira mu bukungu burarengerwa muri kimwe mu bihe bikurikira:	(1) Economic rights in a work published anonymously or under a pseudonym are protected in one of the following periods:	(1) Les droits économiques sur une œuvre publiée de manière anonyme ou sous un pseudonyme sont protégés dans l'un des périodes suivantes :
(a) mu gihe cy'imyaka 50 ibarwa uhereye ku itariki igihangano cyahangiweho;	(a) for a period of 50 years from the date of the making of the work;	(a) pendant 50 ans à compter du jour de réalisation de l'œuvre ;

(b) mu gihe cy'imyaka 50 ibarwa uhereye ku itariki icyo gihangano cyatangarijweho bwa mbere;	(b) for a period 50 years from the date on which such a work was published for the first time;	(b) pendant 50 ans à compter du jour auquel une telle œuvre a été publiée pour la première fois ;
(c) mu gihe cy'imyaka 50 ibarwa uhereye ku itariki icyo gihangano cyagejejwe bwa mbere kuri rubanda.	(c) for a period of 50 years from the date on which such a work was made accessible to the public.	(c) pendant 50 ans à compter du jour auquel une telle œuvre a été rendue accessible au public.
(2) Icyakora, iyo umwirondoro w'umuhanzi umenyekanye cyangwa utagishidikanywaho mbere y'irangira ry'ibihe bivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, ingingo ya 307 n'iya 308 zirakurikizwa.	(2) However, where, before the expiration of the periods referred to in Paragraph (1) of this Article, the author's identity is revealed or is no longer in doubt, articles 307 and 308 apply.	(2) Toutefois, si, avant l'expiration des périodes visées au paragraphe (1) du présent article, l'identité de l'auteur est révélée ou ne laisse aucun doute, les articles 307 et 308 de la présente loi s'appliquent.
<u>Ingingo ya 310</u>: Igihe kurengera uburenganzira mu bukungu ku gihangano gihuriweho cyangwa ku gihangano cyatangajwe nyiracyo atakiriho bimara	**<u>Article 310</u>: Duration of protection of economic rights in a collective work or a posthumous work**	**<u>Article 310 </u>: Durée de protection des droits économiques sur une œuvre collective ou une œuvre posthume**
Uburenganzira mu bukungu ku gihangano gihuriweho cyangwa cyatangajwe nyiracyo atakiriho, burengerwa mu gihe kimwe mu bihe bikurikira:	Economic rights in a collective work or a posthumous work are protected in one of the following periods:	Les droits économiques sur une œuvre collective ou une œuvre posthume sont protégés dans l'un des périodes suivantes :
(a) imyaka 50 ibarwa uhereye ku itariki igihangano cyahangiweho;	(a) for a period of 50 years from the date of the making of the work;	(a) pendant 50 ans à compter du jour de réalisation de l'œuvre ;
(b) imyaka 50 ibarwa uhereye ku itariki icyo gihangano cyatangarijweho bwa mbere;	(b) for a period 50 years from the date on which such a work was published for the first time;	(b) pendant 50 ans à compter du jour auquel une telle œuvre a été publiée pour la première fois ;

(c) imyaka 50 ibarwa uhereye ku itariki icyo gihangano cyagejejwe kuri rubanda.	(c) for a period of 50 years from the date on which such a work was made accessible to the public.	(c) pendant 50 ans à compter du jour auquel une telle œuvre a été rendue accessible au public.
Ingingo ya 311: Igihe kurengera uburenganzira mu bukungu ku gihangano cy'ubugeni mberabyombi bimara	**Article 311: Duration of protection of economic rights in a work of applied art**	**Article 311 : Durée de protection des droits économiques sur une œuvre d'art appliqué**
Uburenganzira mu bukungu ku gihangano cy'ubugeni mberabyombi burengerwa mu gihe cy'imyaka 25 ibarwa uhereye ku itariki icyo gihangano cyahangiweho.	Economic rights in a work of applied art are protected for a period of 25 years from the date of the making of the work.	Les droits économiques sur une œuvre d'art appliqué sont protégés pendant 25 ans à compter du jour de réalisation de l'œuvre.
Ingingo ya 312: Igihe igihangano kijya mu mutungo rusange	**Article 312: Period in which a work passes into the public domain**	**Article 312 : Période dans laquelle une œuvre tombe dans le domaine public**
(1) Igihangano kijya mu mutungo rusange iyo:	(1) A work passes into the public domain if:	(1) Une œuvre tombe dans le domaine public lorsque :
(a) igihe cyo kukirengera kirangiye;	(a) the term of its protection expires;	(a) la durée de sa protection expire ;
(b) ufite uburenganzira ku gihangano yaretse uburenganzira yari afite kuri icyo gihangano.	(b) the owner of copyright has waived his or her right on such a work.	(b) le titulaire du droit d'auteur a renoncé à son droit sur cette œuvre .
(2) Kureka uburenganzira ku gihangano bivugwa mu gaka ka (b) k'igika cya (1) cy'iyi ngingo, bikorwa mu nyandiko imenyeshwa rubanda hakoreshejwe uburyo ubwo aribwo bwose kandi hamaze gusuzumwa ko uko kureka uburenganzira	(2) The waiver of rights referred to in Subparagraph (b) of Paragraph (1) of this Article is done in a written statement communicated to the public through any means and after examining if such a waiver does not prejudice prior contracts relating to such a work.	(2) La renonciation aux droits visée à l'alinéa (b) du paragraphe (1) du présent article se fait en une déclaration écrite communiquée au public par tout moyen et après examen si une telle renonciation ne porte pas préjudice aux contrats antérieurs relatifs à une telle œuvre.

bitabangamira amasezerano yakozwe mbere mu birebana n'icyo gihangano.		
(3) Umuntu wese ashobora gukoresha igihangano kiri mu mutungo rusange hatubahirije ibiteganyijwe mu ngingo ya 289 y'iri tegeko.	(3) Any person can use a work that has passed into the public domain without complying with the provisions of Article 289 of this Law.	(3) Toute personne peut utiliser une œuvre ayant été tombée dans le domaine public sans respecter les dispositions de l'article 289 de la présente loi.
<u>Akiciro ka 5</u>: Ufite uburenganzira mu bukungu ku gihangano	**<u>Subsection 5</u>: Owner of economic rights in a work**	**<u>Sous-section 5</u> : Titulaire de droits économiques sur une œuvre**
<u>Ingingo ya 313</u>: Uburenganzira ku gihangano gisangiwe	**<u>Article 313</u>: Ownership of a work of joint authorship**	**<u>Article 313</u> : Propriété d'une œuvre de collaboration**
(1) Abafatanyije guhanga igihangano nibo ba nyiracyo kandi bafite uburenganzira nyamuntu n'uburenganzira mu bukungu kuri icyo gihangano.	(1) The co-authors of a work are the original owners of the moral and economic rights in such a work.	(1) Les co-auteurs d'une œuvre sont des titulaires originaux de droits moraux et économiques sur cette œuvre.
(2) Iyo igihangano gisangiwe kidashobora gukoreshwa na ba nyiracyo buri wese ukwe, uburenganzira bw'umuhanzi buba ari ubw'abafatanyije kugihanga, ariko buri wese muri bo, ashobora gutanga umugabane we no gutanga ikirego igihe uburenganzira bw'umuhanzi bubangamiwe.	(2) If a work of joint authorship cannot be used separately, the co-authors are the owners jointly but each of them may assign his or her share in the work and may undertake separate proceedings for infringement of copyrights.	(2) Lorsqu'une œuvre de collaboration ne peut pas être utilisée de façon séparée, les co-auteurs sont des titulaires de façon conjointe, mais chacun d'eux peut céder sa part dans l'œuvre et peut entreprendre une procédure judiciaire séparée contre une violation de droits d'auteurs.
(3) Iyo igihangano gisangiwe n'abagihanze kigizwe n'ibice bishobora gukoreshwa n'abagihanze buri wese ukwe, kandi bishobora gutuburwa, gukinwa cyangwa	(3) If a work of joint authorship consists of parts that can be used separately and can be reproduced, performed or executed in a different manner, the	(3) Lorsqu'une œuvre de collaboration consiste en des parties qui peuvent être utilisées séparément ou peuvent être reproduites, faites ou exécutées d'une manière différente,

gukoreshwa mu bundi buryo, buri muhanzi afite uburenganzira bujyanye n'uruhare rwe kuri icyo gihangano, ariko abafatanyije kugihanga bakomeza ku gitunga bagihuriyeho cyose uko cyakabaye.	author of each part is entitled to the rights on the part that corresponds to his or her personal contribution to that work, but the co-authors remain the co-owners of the whole work.	l'auteur de chaque partie a droit sur la part qui correspond à sa contribution personnelle à cette œuvre, mais les co-auteurs restent les co-propriétaires de l'entièreté de l'œuvre.
Ingingo ya 314: Uburenganzira ku gihangano gihuriweho	**Article 314: Ownership of a collective work**	**Article 314 : Titularité des droits sur une œuvre collective**
Ufite uburenganzira nyamuntu n'uburenganzira mu bukungu ku gihangano gihuriweho ni umuntu watangije kandi wishingiye ihangwa ry'igihangano.	The owner of moral and economic rights in a collective work is the person who initiated its creation and under whose responsibility the work was created.	Le titulaire de droits moraux et économiques sur une œuvre collective est la personne qui a initié sa création et sous la responsabilité de laquelle l'œuvre a été créée.
Ingingo ya 315: Ufite uburenganzira ku gihangano cyahanzwe hashingiwe ku masezerano y'umurimo	**Article 315: Ownership of a work created under an employment contract**	**Article 315 : Propriété d'une œuvre créée en vertu d'un contrat de travail**
(1) Iyo igihangano gihanzwe n'umuhanzi abikoreye umuntu yubahiriza amasezerano y'umurimo, umuhanzi afite uburenganzira nyamuntu ku gihangano keretse iyo amasezerano y'umurimo abiteganya ukundi.	(1) If a work is created by an author employed by a person in the execution of a work contract, the owner of the moral rights is the employed author, unless provided otherwise in the contract of employment.	(1) Lorsqu'une œuvre est créée par un auteur employé par une personne dans l'accomplissement de son travail, le propriétaire de droits moraux est l'auteur employé, à moins que le contrat de travail ne le prévoie autrement.
(2) Uburenganzira mu bukungu bufatwa nk'aho bweguriwe umukoresha cyangwa umuhagarariye, iyo igihangano cyahanzwe hashyirwa mu bikorwa amasezerano y'umurimo agamije igikorwa cy'ubuhanzi.	(2) The economic rights are considered assigned to the employer or his or her representative if the work was created in execution of an employment contract which aims at carrying out creative activity.	(2) Les droits économiques sont considérés comme étant cédés à l'employeur ou son représentant lorsque l'œuvre a été créée dans le cadre d'exécution d'un contrat de travail qui vise à mener une activité créative.

(3) Icyakora, umukozi afite uburenganzira mu bukungu ku gihangano yahanze bidateganyijwe mu masezerano y'umurimo.	(3) However, the employee is the owner of economic rights on a work that he or she created without it being stipulated in the contract of employment.	(3) Toutefois, l'employé est le propriétaire des droits économiques sur une œuvre qu'il a créée sans que cela ne soit prévu au contrat de travail.
(4) Igihangano cyahanzwe n'umukozi wa Leta y'u Rwanda hashingiwe ku masezerano y'umurimo, kiba ari icya Repubulika y'u Rwanda, keretse iyo ayo masezerano abiteganya ukundi.	(4) A work created by a Rwanda's civil servant in the execution of contract of employment is owned by the Republic of Rwanda unless provided otherwise in the contract of employment.	(4) Une œuvre créée par un agent de l'État Rwandais dans le cadre d'exécution d'un contrat de travail est la propriété de la République du Rwanda, à moins que le contrat de travail ne le prévoie autrement.
Ingingo ya 316: Uburenganzira ku gihangano cyahanzwe byasabwe	**Article 316: Ownership of a work created under commission**	**Article 316 : Propriété d'une œuvre créée sur commande**
Iyo ihangwa ry'igihangano risabwe n'umuntu hatanzwe ingurane y'igihembo, uburenganzira mu bukungu kuri icyo gihangano buba ari ubw'uwo muntu wasabye ko hakorwa igikorwa cyo guhanga icyo gihangano, keretse iyo biteganyijwe ukundi mu masezerano yanditse agenga isabwa ryo guhanga icyo gihangano.	If the creation of a work is commissioned by a person in exchange for remuneration, the economic rights to that work belong to the person who commissioned the work, unless otherwise stipulated in a written contract governing such a commission.	Lorsque la création d'une œuvre a été commanditée par une personne en contrepartie d'une rémunération, le propriétaire des droits économiques est la personne qui a commandité la création de l'œuvre à moins que le contrat écrit de cette commande ne le prévoie autrement.
Ingingo ya 317: Ufite uburenganzira mu bukungu ku gihangano cy'iyumvabona	**Article 317: Ownership of audio-visual work**	**Article 317 : Propriété d'une œuvre audio-visuelle**
(1) Uwishingiye imirimo yo gukora igihangano cy'iyumvabona niwe ufite uburenganzira mu bukungu kuri icyo	(1) A producer of an audio-visual work is the owner of the economic rights, unless provided otherwise in a contract.	(1) Un producteur d'une œuvre audiovisuelle est le propriétaire des droits économiques, à moins que le contrat ne le prévoie autrement.

gihangano keretse iyo biteganyijwe ukundi mu masezerano.		
(2) Icyakora, abafatanyije guhanga igihangano cy'iyumvabona n'abandi bahanzi b'ibihangano byahanzwe mbere byifashishijwe cyangwa byahinduwe mu ihangwa ry'icyo gihangano cy'iyumvabona, bagira uburenganzira mu bukungu ku bijyanye n'uruhare rwabo muri icyo gihangano cyangwa ku bihangano byari bisanzweho, ku buryo urwo ruhare rwabo cyangwa ibihangano bisanzweho bishobora kuba mu bigize ibikorwa bijyanye n'uburenganzira bwabo mu rwego rw'ubukungu butandukanye n'ubwo bafite ku gihangano cy'iyumvabona.	(2) However, co-authors of the audio-visual work and other authors of the pre-existing works included in or adapted for the making of the audio-visual work, maintain their economic rights in their contributions or pre-existing works, respectively, to the extent that those contributions or pre-existing work, can be subject of acts covered by their economic rights separately from the audio-visual work.	(2) Toutefois, les co-auteurs d'une œuvre audiovisuelle et les autres auteurs des œuvres préexistantes incluses ou adaptées pour la réalisation de l'œuvre audiovisuelle conservent leurs droits économiques sur leurs contributions ou œuvres préexistantes, respectivement, dans la mesure où leurs contributions ou œuvres préexistantes peuvent faire l'objet d'actes couverts par leurs droits économiques séparément de l'œuvre audiovisuelle.
<u>Ingingo ya 318</u>: Ufite uburenganzira mu bukungu ku gihangano cy'ifoto	**<u>Article 318</u>: Ownership of economic rights on a photographic work**	**<u>Article 318</u> : Propriété des droits économiques sur une œuvre photographique**
(1) Uwahanze igihangano cy'ifoto ni we ufite uburengazira mu bukungu kuri icyo gihangano.	(1) A creator of a photographic work is the owner of the economic rights on such a work.	(1) Le créateur d'une œuvre photographique est le propriétaire des droits économiques sur cette œuvre.
(2) Icyakora, undi muntu ashobora kugira uburenganzira mu bukungu kuri icyo gihangano iyo yishyuye ingurane y'igihembo yacyo binyuze mu masezerano yanditse kandi yashyizweho umukono n'impande zombi, keretse iyo amasezerano abiteganya ukundi.	(2) However, another person may be the owner of the economic rights on such a work, upon payment of a remuneration, by means of a written contract, unless provided otherwise in a contract.	(2) Toutefois, une autre personne peut être le propriétaire des droits économiques sur une œuvre, moyennant paiement d'une rémunération et ce, au moyen d'un contrat écrit, à moins que le contrat ne le prévoie autrement.

Akiciro ka 6: Kwegurira undi muntu uburenganzira mu bukungu ku gihangano	**Subsection 6: Assignment of economic rights on a work**	**Sous-Section 6 : Cession des droits économiques sur une œuvre**
Ingingo ya 319: Kwegurira undi muntu uburenganzira mu bukungu ku gihangano	**Article 319: Assignment of economic rights on a work**	**Article 319 : Cession de droits économiques sur une œuvre**
(1) Uburenganzira mu bukungu ku gihangano ni umutungo wihariwe ushobora kwegurirwa undi muntu uko wakabaye cyangwa igice cyawo.	(1) Economic rights on a work are an exclusive property which may be assigned in whole or in part.	(1) Les droits économiques sont une propriété exclusive qui peut être cédé en tout ou en partie.
(2) Ufite uburenganzira mu bukungu ku gihangano ashobora kubwegurira undi muntu binyuze mu masezerano y'ihererekanya ry'igihangano cyangwa binyuze mu izungura.	(2) The owner of economic rights may assign such rights to any person through the work assignment contract or through succession.	(2) Le titulaire des droits économiques sur une œuvre peut céder ces droits à toute personne, par contrat de cession ou par succession.
Ingingo ya 320: Amasezerano yo kwegurira undi muntu uburenganzira mu bukungu ku gihangano	**Article 320: Assignment contract of economic rights on a work**	**Article 320 : Contrat de cession des droits économiques sur une œuvre**
(1) Amasezerano yo kwegurira undi muntu uburenganzira mu bukungu ku gihangano akubiyemo nibura ibi bikurikira:	(1) An assignment contract for economic rights on a work indicates at least the following:	(1) Un contrat de cession de droits économiques sur une œuvre indique au moins ce qui suit :
(a) uburenganzira bwihariye bwegurirwa undi muntu;	(a) specific rights being assigned;	(a) les droits spécifiques faisant objet de cession ;
(b) igihe iyegurira rizamara;	(b) duration of the assignment;	(b) la durée de cession ;
(c) ifasi buzakoreshwamo, iyo itagaragajwe bifatwa ko	(c) territorial scope of the assignment, or otherwise the assignment is	(c) l'étendue territoriale de la cession, autrement la cession est présumée se

ukwegurira kugomba kugarukira mu gihugu amasezerano yo kwegurira undi muntu uburenganzira yakorewemo;	presumed to be limited to the jurisdiction under which the assignment contract was concluded;	limiter à la circonscription territoriale sous laquelle le contrat était conclu ;
(d) ingano y'igihembo n'uburyo bwo kwishyura.	(d) amount of remuneration and mode of payment.	(d) le montant de rémunération et le mode de paiement.
(2) Amasezerano yo kwegurira undi muntu uburenganzira mu bukungu ku gihangano agira agaciro iyo yanditse kandi yarashyizweho umukono n'impande zombi.	(2) The assignment contract is valid if it is made in writing and signed by both parties.	(2) Le contrat de cession est valable s'il est fait par écrit et signé par les deux parties.
(3) Uburenganzira mu bukungu butavuzwe mu buryo bweruye mu masezerano bufatwa ko buhariwe umuhanzi.	(3) Economic rights which are not explicitly mentioned in the contract are presumed to be reserved for the author.	(3) Les droits économiques qui ne sont pas expressément mentionnés dans le contrat sont présumés réservés à l'auteur.
Ingingo ya 321: Ihererekanya ry'igihangano cy'umwimerere cyangwa kopi zacyo	**Article 321: Transfer of an original work or its copies**	**Article 321 : Cession d'un original d'une œuvre ou de ses exemplaires**
(1) Iyo umuhanzi ahaye undi muntu igihangano cye cy'umwimerere cyangwa kopi yacyo nk'impano, ntafatwa nk'umweguriye uburenganzira bwe mu bukungu cyangwa nk'umwemereye gukora igikorwa icyo ari cyo cyose cyerekeye uburenganzira bwe mu bukungu, keretse iyo amasezerano y'ihererekanya abiteganya ukundi.	(1) If the author gives as a gift the original or a copy of his or her work to another person, he or she is neither considered to have assigned any of his or her economic rights nor authorised to perform any act concerning his or her economic rights, unless the transfer contract provides otherwise.	(1) Lorsque l'auteur donne comme cadeau l'original ou un exemplaire de son œuvre à une autre personne, il n'est pas considéré comme avoir cédé ses droits économiques ou avoir autorisé d'exécuter tout acte concernant ces droits économiques, à moins que le contrat de cession en dispose autrement.

(2) Haseguriwe ibiteganywa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, ufite igihangano cy'umwimerere cyangwa kopi yacyo mu buryo bwemewe n'amategeko aba afite uburenganzira bwo kucyerekanira mu ruhame keretse iyo amasezerano y'ihererekanya abiteganya ukundi.	(2) Subject to provisions of Paragraph (1) of this Article, the legitimate holder of an original or a copy of the work enjoys the right of presentation of the original or copy to the public, unless the transfer contract provides otherwise.	(2) Sous réserve des dispositions du paragraphe (1) du présent article, le détenteur légitime d'un original ou d'un exemplaire de l'œuvre jouit du droit de présentation de cet original ou de l'exemplaire au public, à moins que le contrat de cession en dispose autrement.
(3) Uburenganzira buteganywa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo ntibureba umuntu ufite igihangano cy'umwimerere cyangwa kopi yacyo, binyuze mu bukode cyangwa mu bundi buryo bwose, iyo atigeze agihabwaho uburenganzira mu bukungu n'ufite uburenganzira ku gihangano.	(3) The right referred to in Paragraph (2) of this Article is not extended to persons who are in possession of original or copies of a work by means of renting or any other means without having acquired ownership of the economic rights over the work.	(3) Le droit visé au paragraphe (2) du présent article n'est pas étendu aux personnes qui sont en possession de l'original ou d'exemplaires d'une œuvre par voie de location ou par tout autre moyen sans avoir acquis possession des droits économiques sur l'œuvre.
Akiciro ka 7: Uruhushya rw'uburenganzira mu bukungu ku gihangano	**Subsection 7: Licence of economic rights on a work**	**Sous-Section 7 : Licence de droits économiques sur une œuvre**
Ingingo ya 322: Uruhushya rushingiye ku masezerano y'uburenganzira mu bukungu	**Article 322: Contractual licence for economic rights**	**Article 322 : Licence contractuelle de droits économiques**
Umuhanzi ashobora byumvikanyweho mu masezerano y'uruhushya yanditse ashyirwaho umukono n'impande zombi, guha undi muntu uruhushya rwihariwe, urwihariwe igice cyangwa urutihariwe rumwemerera kugira uruhare mu gikorwa cyose kigize uburenganzira mu bukungu bushingiye kuri icyo gihangano.	An author of a work may grant, by written contractual licence agreement signed by both parties, an exclusive, semi-exclusive or non-exclusive licence to another person authorising that person to engage in any act exercising an economic right in relation to the work.	L'auteur d'une œuvre peut accorder, par accord de licence contractuelle écrit et signé par les deux parties, une licence exclusive, semi-exclusive ou non exclusive à une autre personne l'autorisant à s'engager dans tout acte d'exercice de droit économique eu égard à cette œuvre.

Ingingo ya 323: Ibikubiye mu masezerano y'uruhushya rw'uburenganzira mu bukungu ku gihangano	**Article 323: Content of the licence contract for economic rights on a work**	**Article 323 : Contenu du contrat de licence des droits économiques sur une œuvre**
(1) Amasezerano y'uruhushya rw'uburenganzira mu bukungu ku gihangano akubiyemo nibura ibi bikurikira:	(1) A licence contract for economic rights of a work indicates at least the following:	(1) Un contrat de licence des droits économiques eu égard à l'œuvre indique au moins ce qui suit :
(a) uburenganzira bwihariye ku ruhushya rwahawe undi muntu;	(a) specific rights on the licence being assigned;	(a) les droits spécifiques faisant objet de cession de la licence;
(b) igihe uruhushya ruzamara;	(b) duration of the licence;	(b) la durée de la licence;
(c) ifasi ruzakoreshwamo. Iyo itagaragajwe bigafatwa ko uruhushya rugomba kugarukira mu gihugu amasezerano yo gutanga urwo ruhushya yakorewemo;	(c) territorial scope of the licence, otherwise the licence is presumed to be limited to the jurisdiction under which the licence contract was concluded;	(c) l'étendue territoriale de la licence, autrement la licence est présumée se limiter à la circonscription territoriale de la juridiction sous laquelle le contrat était conclu;
(d) ingano y'igihembo n'uburyo bwo kwishyura.	(d) amount of remuneration and mode of payment.	(d) le montant de rémunération et le mode de paiement.
(2) Uburenganzira mu bukungu butavuzwe mu buryo bweruye mu masezerano yo gutanga uruhushya bufatwa ko buhariwe umuhanzi.	(2) Economic rights which are not mentioned in the contract are presumed to be explicitly reserved to the author.	(2) Les droits économiques non mentionnés dans le contrat sont présumés être exclusivement réservés à l'auteur.
Ingingo ya 324: Uruhushya rwo kubyaza umusaruro igihangano nyiracyo ataboneka	**Article 324: Licence for the use of an orphan work**	**Article 324 : Licence pour l'utilisation d'une œuvre orpheline**
(1) Umuntu ushaka kubyaza umusaruro igihangano nyiracyo ataboneka abisabira	(1) A person who wants to use an orphan work applies for a licence to the	(1) Une personne qui veut utiliser une œuvre orpheline en fait la demande à l'autorité

uruhushya ubuyobozi bubifitiye ububasha iyo yakoze ibishoboka byose kugira ngo abonane n'ufite uburenganzira ku gihangano ariko ntabashe kumubona.	competent authority if he or she made reasonable efforts to locate the owner of the orphan work but failed to locate him or her.	compétente lorsque cette personne a fait des efforts raisonnables pour localiser le propriétaire de l'œuvre orpheline mais sans y parvenir.
(2) Iyo ubuyobozi bubifitiye ububasha busanze usaba yaragize umuhate wo kumenya aho ufite uburenganzira ku gihangano cyangwa umuhagarariye ahereye ariko ntaboneke, bushobora guha uwasabye uruhushya.	(2) If the competent authority is satisfied that the applicant has made reasonable efforts to locate the owner of the orphan work and that the owner cannot be located, the competent authority may issue to the applicant a licence.	(2) Lorsque l'autorité compétente est satisfaite que le requérant a fait des efforts raisonnables pour localiser le propriétaire de l'œuvre orpheline et que celui-ci ne peut être localisé, elle peut émettre une licence au requérant.
(3) Uruhushya rwo kubyaza umusaruro igihangano nyiracyo ataboneka ntirwihariwe kandi rukurikiza ibisabwa bigenwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha.	(3) A licence issued for the use of an orphan wok is non-exclusive and is subject to terms and conditions determined by the competent authority.	(3) Une licence délivrée pour l'utilisation d'une œuvre orpheline est non-exclusive et est soumise aux conditions définies par l'autorité compétente.
Ingingo ya 325: Igihe cyo kwakira igihembo cy'uruhushya ku burenganzira ku gihangano nyiracyo atabonetse	**Article 325: Duration of collection of royalties over a licence for the use of an orphan work**	**Article 325 : Période de collecte des redevances sur la licence pour l'utilisation d'une œuvre orpheline**
Ufite uburenganzira ku gihangano mu gihe kitarenze imyaka itanu nyuma y'irangira ry'uruhushya rwatanzwe ku bireba uburenganzira ku gihangano nyiracyo atabonetse, ahabwa igihembo cy'uruhushya cyangwa iyo atagihawe ashobora kuregera urukiko rubifitiye ububasha hagamijwe kugihabwa.	The owner of the work may, not later than five years after the expiration of a licence issued in respect of the orphan work, collect the royalties fixed in the licence or, in default of their payment, file an action to recover them in the competent court.	Le propriétaire d'une œuvre, dans les cinq ans après l'expiration d'une licence délivrée eu égard à l'œuvre orpheline, collecte les redevances fixées dans la licence ou, en défaut de leur paiement, intente une action pour leur recouvrement dans une juridiction compétente.
Akiciro ka 8: Amasezerano yo gutangaza hakoreshejwe icapisha	**Subsection 8: Publishing contract**	**Sous-Section 8 : Contrat d'édition**

Ingingo ya 326: Ibikurikizwa mu masezerano y'icapisha	**Article 326: Conditions of publishing contract**	**Article 326 : Conditions du contrat d'édition**
(1) Ufite uburenganzira ku gihangano, binyuze mu masezerano y'icapisha ashobora kwegurira ucapa uburenganzira bwo gukora cyangwa kwemerera gukora umubare wa kopi z'igihangano zanditse, zakozwe mu buryo bw'imashini, ubw'ikoranabuhanga cyangwa kopi z'igihangano no kuzitangaza cyangwa kuzikwirakwiza. Mu gushyira mu bikorwa ayo masezerano, ucapa:	(1) A copyright owner may assign, through a publishing contract, to a publisher the right to make or to authorise the making of a number of graphic, mechanical, digital or copies of the work, and to publish or distribute them. While executing the publishing contract, a publisher:	(1) Un titulaire de droit d'auteur peut céder, par le biais d'un contrat d'édition, à un éditeur le droit de faire ou d'autoriser de faire un nombre d'exemplaires graphiques, mécaniques, digitaux ou d'autres exemplaires d'une œuvre, et de les publier ou les distribuer. Lors de l'exécution du contrat d'édition, l'éditeur :
(a) ntashobora kugira icyo ahindura ku gihangano atabyumvikanyeho n'umuhanzi;	(a) does not, without the agreement of the author, make any modification to his or her work;	(a) ne peut faire aucune modification à cette œuvre sans l'autorisation de l'auteur ;
(b) ashyira kuri buri kopi y'igihangano izina ry'umuhanzi cyangwa irihimbano rye;	(b) indicates on each of the copies the name of the author or his or her pseudonym;	(b) indique à chacune des copies le nom de l'auteur ou son pseudonyme ;
(c) agena:	(c) determines:	(c) détermine :
(i) imiterere n'uburyo igihangano kizacapwamo;	(i) form and means of publication;	(i) la forme et les moyens d'édition ;
(ii) igihe amasezerano y'icapisha azamara;	(ii) duration of the publishing contract;	(ii) la durée du contrat d'édition ;
(iii) umubare wa kopi zizasohoka n'uburyo kopi zitagurishijwe zizitabwaho nyuma	(iii) number of copies of this publication and how many copies	(iii)le nombre d'exemplaires de cette édition et comment le nombre d'exemplaires

y'irangira ry'igihe cy'amasezerano y'icapisha;	unsold after the expiration of the contract are to be dealt with;	non vendues après l'expiration du contrat sera traité ;
(iv) ingano y'igihembo n'uburyo kizahabwa umuhanzi hakurikijwe ikoreshwa n'umusaruro wava mu icuruza ry'icyo gihangano;	(iv) amount of remuneration and mode of payment for the author in accordance with the use and revenue extracted from the use of his or her work;	(iv) le montant de rémunération et le mode de paiement de l'auteur eu égard à l'utilisation et aux revenus recueillis suite à l'utilisation de son œuvre ;
(v) uburyo bwo gusesa amasezerano y'icapisha.	(v) manner of termination of the publishing contract.	(v) les modalités de résiliation du contrat d'édition.
(2) Uretse igihe byateganyijwe ukundi mu masezerano, icapisha rishya ry'igihangano ntirigomba gukorwa umuhanzi atongeye kubimuhera urundi ruhushya.	(2) Unless otherwise provided for in the contract, new publication of the work is not done without another authorisation of author.	(2) À moins que cela ne soit prévu autrement dans le contrat, une nouvelle publication de l'œuvre ne peut se faire sans une autre autorisation de l'auteur.
Ingingo ya 327: Aho uburenganzira mu bukungu bw'ucapa bugarukira	**Article 327: Limitation of economic rights of the publisher**	**Article 327 : Limitation des droits économiques de l'éditeur**
(1) Ucapa ntiyemerewe kwegurira undi muntu uburenganzira yeguriwe n'ufite uburenganzira ku gihangano byaba ku buntu, kugurisha cyangwa kugira imigabane mu isosiyete y'ubucuruzi, inyungu yakuye mu masezerano y'icapisha atabiherewe uburenganzira na nyiri igihangano wa mbere.	(1) The publisher is not permitted to transfer to third party, either by gift, sale or by means of having company's shares, the profit extracted from publishing contract, without previous author's authorization.	(1) L'éditeur ne peut transmettre, à titre gratuit ou onéreux, ou par voie d'apport en société, le bénéfice du contrat d'édition à des tiers, sans avoir préalablement obtenu l'autorisation de l'auteur
(2) Igihe yeguriye undi imari ikoreshwa mu icapisha n'igihe uko kwegurira undi bishobora kubangamira inyungu	(2) In case of transfer of publishing business in relation with the work and when this transfer is likely to cause	(2) En cas d'aliénation du fonds de commerce de l'édition de l'œuvre et lorsque cette aliénation est de nature à compromettre les

zishingiye ku bintu cyangwa ku gaciro nyamuntu k'umuhanzi, nyiri igihangano afite uburenganzira bwo guhabwa indishyi ikwiye cyangwa amasezerano agaseswa hashingiwe ku buremere bw'ikosa.	injury to the author's economic or moral interests, the author shall be entitled to equitable compensation and in case of failure of such compensation the contract shall terminate, according to the importance of the infringement.	intérêts matériels ou moraux de l'auteur, l'auteur a droit à une réparation équitable et à défaut d'une telle réparation le contrat est résilié, en fonction de l'importance de l'infraction.
(3) Igihe imari ikoreshwa mu icapisha ibyazwa umusaruro n'ishyirahamwe, guha imari ikoreshwa mu icapisha umuntu ku giti cye, yishyize hamwe n'abandi cyangwa ari wenyine kandi bikomoka ku iseswa cyangwa igabana ry'umutungo, ntibishobora gufatwa nko kwegurira umutungo undi muntu, kandi bisaba ko umuhanzi abyemera.	(3) Where publishing business is exploited by a legal entity, the acquisition of this business by a natural person, associated or not arising from liquidation of business or sharing business assets shall not be considered as assignment of rights and shall require the author's approval.	(3) Lorsque le fonds de commerce d'édition est exploité par une personne morale, l'acquisition du fonds de commerce d'édition par une personne physique, associée ou non et résultant de la liquidation ou partage du patrimoine, ne peut être considérée comme une cession et requiert l'approbation de l'auteur.
<u>Ingingo ya 328</u>: Igihe amasezerano y'icapisha amara	**<u>Article 328</u>: Duration of publishing contract**	**<u>Article 328</u>: Durée du contrat d'édition**
(1) Mu gihe amasezerano y'icapisha ari amasezerano y'igihe kizwi, uburenganzira bw'ucapa burangirana n'igihe cyateganyijwe.	(1) In case of a publishing contract with a determined duration, the publisher's rights immediately expire with the determined period.	(1) En cas de contrat d'édition de durée déterminée, les droits de l'éditeur s'éteignent de plein droit à l'expiration du délai.
(2) Icyakora, mu gihe cy'imyaka itatu nyuma y'irangira ry'igihe cyateganyijwe, ucapa ashobora kugurisha kopi z'igihangano zisigaye mu bubiko ku zari ziteganyijwe mu masezerano, keretse iyo icyo gihe, umuhanzi ahisemo kujyana kopi zisigaye	(2) However, in a period of three years after the expiration of the determined period, the publisher may sell the copies remaining in the stock, except if during that period the author prefers to take the remaining copies and to pay the publisher	(2) Toutefois, l'éditeur peut procéder, pendant trois ans après cette expiration, à l'écoulement des exemplaires restant dans le stock, sauf si, à l'expiration du délai, l'auteur préfère s'approprier les exemplaires restant moyennant l'octroi à l'éditeur d'une rémunération équitable

ariko agaha ucapa igihembo gihwanye n'agaciro kazo.	a remuneration equivalent to the value of these copies.	compte tenu de la valeur de ces exemplaires.
Ingingo ya 329: Iseswa ry'amasezerano y'icapisha	**Article 329: Termination of the publishing contract**	**Article 329 : Résiliation du contrat d'édition**
(1) Amasezerano y'icapisha ashobora guseswa iyo ucapa atubahirije ibikubiye mu masezerano cyangwa iyo umuhanzi atujuje inshingano ze.	(1) The publishing contract may be terminated when the publisher does not comply with the terms of the contract or when the author does not fulfil his or her duties.	(1) Le contrat d'édition peut être résilié lorsque l'éditeur ne respecte pas les termes du contrat ou lorsque l'auteur ne remplit pas ses obligations.
(2) Icapisha rishobora gufatwa nk'iryarangiye iyo habonetse inyandiko nibura ebyiri zikurikiranya zisaba kugemura kopi ariko kopi ntizitangwe uko bikwiye kandi nta mpamvu ifatika mu gihe cy'amezi atandatu.	(2) The publishing edition is considered to be exhausted where two successive purchasing orders for delivery of copies have not been satisfied within six months without any valid reason.	(2) L'édition peut être considérée comme épuisée si deux commandes successives de livraison d'exemplaires ne sont pas honorées dans une période de six mois sans raison valable.
(3) Iyo igikorwa cy'icapisha kirangiye, umuhanzi afite uburenganzira bwo gusesa amasezerano. Iyo umuhanzi apfuye mu gihe igihangano cye kiri mu icapiro, igice cy'amasezerano atarashyirwa mu bikorwa araseswa, keretse hagize ibindi biteganywa n'amasezerano mashya yakorwa hagati y'ucapa n'abazungura b'umuhanzi.	(3) Where publishing edition is exhausted, the author may terminate the contract. In case of author's death during the publishing edition, the contract is terminated with regard to the part of the contract not executed, except otherwise stipulated by a new contract between the publisher and the heirs of the author.	(3) En cas d'épuisement d'édition, l'auteur peut résilier le contrat. En cas de décès de l'auteur au cours de l'édition de l'œuvre, le contrat est résilié en ce qui concerne la partie du contrat non exécuté, sauf stipulation contraire d'un nouveau contrat entre l'éditeur et les héritiers de l'auteur.
Akiciro ka 9: Uruhushya rutegetswe	**Subsection 9: Compulsory licence**	**Sous-Section 9 : Licence obligatoire**

Ingingo ya 330: Uruhushya rutegetswe rwo guhindura igihangano mu zindi ndimi	**Article 330: Compulsory licence for a translation of a work**	**Article 330 : Licence obligatoire de traduction d'une œuvre**
(1) Umuntu ubifitemo inyungu ashobora gusaba Minisitiri uruhushya rutegetswe rwo guhindura mu zindi ndimi igihangano cyatangajwe ku buryo bw'icapwa cyangwa ubundi buryo buteye nka bwo, hagamijwe kwigisha cyangwa gukora ubushakashatsi :	(1) An interested person may apply to the Minister for a translation compulsory licence in respect of the work, for teaching or research purposes, if, in respect of a work published in printed or an analogous form of reproduction:	(1) Une personne intéressée peut demander au Ministre une licence obligatoire de traduction d'une œuvre, à des fins d'enseignement ou de recherche, lorsque, eu égard à une œuvre publiée sous forme d'imprimés ou une forme analogue de reproduction :
(a) iyo mu myaka itatu nyuma y'itariki w'itangazwa rya mbere ry'igihangano mu rurimi rumwe mu zemewe mu butegetsi, igihangano kitatangajwe mu rundi rurimi mu zemewe mu butegetsi;	(a) if in a period of three years after the date of the first publication of the work in one of the official languages, the work has not been published in another official language; or	(a) si dans une période de trois ans après le jour de la première publication de l'œuvre dans l'une des langues officielles, l'œuvre n'a pas été publiée dans une autre langue officielle; ou
(b) cyangwa iyo igihangano cyahinduwe mu ndimi zose zemewe mu butegetsi ariko kopi imwe cyangwa nyinshi mu zahinduwe mu zindi ndimi zitakiboneka zicapye.	(b) the work has been translated into all of the official languages but one or more of the published translations are out of print.	(b) l'œuvre a été traduite dans toutes les langues officielles mais l'une ou plusieurs des traductions publiées ne sont pas imprimées.
(2) Uruhushya rutegetswe rwo guhindura mu zindi ndimi ntirwihariwe kandi ntirwegurirwa undi muntu ku isoko ry'imbere mu gihugu, kandi rwemerera urutunze, atabiherewe uruhushya n'ufite uburenganzira bw'umuhanzi, guhindura igihangano mu zindi ndimi zikenewe no gutangaza ibyahinduwe mu buryo bucapye	(2) A translation compulsory licence is non-exclusive and non-transferable, for the domestic market, and permits the licence-holder, without authorisation of the copyright owner, to translate the work into the relevant languages and publish the translation in printed or analogous forms of reproduction.	(2) Une licence obligatoire de traduction est non-exclusive et non cessible sur le marché intérieur, et permet à son détenteur, sans l'autorisation du propriétaire de droit d'auteur, de traduire l'œuvre dans des langues appropriées et de publier la traduction sous forme d'imprimés ou des formes analogues de reproduction.

cyangwa ubundi buryo busa na bwo bw'itubura.		
Ingingo ya 331: Ibisabwa mu gutanga uruhushya rutegetswe rwo guhindura igihangano mu zindi ndimi	**Article 331: Requirements for granting a translation compulsory licence**	**Article 331 : Conditions d'octroi d'une licence obligatoire de traduction**
(1) Uruhushya rutegetswe rwo guhindura igihangano mu zindi ndimi rushobora gutangwa iyo uwarusabye agaragaje ko:	(1) A translation compulsory licence may be granted if the applicant proves that:	(1) Une licence obligatoire de traduction peut être octroyée lorsque le requérant prouve que :
(a) yasabye ufite uburenganzira ku gihangano uruhushya rutegetswe rwo guhindura mu zindi ndimi akarumwima ku mpamvu z'ubucuruzi;	(a) he or she requested from the copyright owner, the authorisation to translate the work into other languages and was denied such authorization on commercial grounds;	(a) il a demandé au titulaire du droit d'auteur l'autorisation de traduire l'œuvre dans d'autres langues et cette autorisation lui a été refusée pour des raisons commerciales ;
(b) cyangwa yakoze ibishoboka byose kugira ngo abonane n'ufite uburenganzira ku gihangano ariko ntabashe kumugeraho.	(b) he or she made reasonable efforts to contact the copyright owner but was unable to find him or her.	(b) il a fait des efforts raisonnables pour contacter le propriétaire de droit d'auteur mais sans y parvenir.
(2) Mu gihe hatanzwe uruhushya rutegetswe uruhawe agomba kugaragaza izina ry'umuhanzi n'inyito y'umwimerere y'igihangano rigaragara kuri kopi zose z'igihangano cyahinduwe mu zindi ndimi hakurikijwe uruhushya rutegetswe rwo guhindura igihangano mu zindi ndimi.	(2) In case a translation compulsory licence is granted, the person who is granted such a licence must indicate the name of the author and the original title of the work on all copies of the translation made under a translation compulsory licence.	(2) En cas d'octroi d'une licence obligatoire de traduction, la personne à laquelle cette licence est octroyée doit indiquer le nom de l'auteur et le titre original de l'œuvre sur toutes les copies de la traduction faite en vertu d'une licence obligatoire de traduction.
(3) Mu gutanga uruhushya rutegetswe, Minisitiri afata ibyemezo bikwiye kugira	(3) When granting the licence, the Minister takes appropriate measures to ensure a	(3) Lors de l'octroi de la licence, le Ministre prend des mesures appropriées pour garantir

ngo igihangano cyahinduwe mu rundi rurimi kitagira amakosa kandi ufite uburenganzira ku gihangano akagenerwa igihembo cy'uruhushya gikwiye cyumvikanyweho mu bwisanzure hashingiwe ku bwoko bw'igihangano cyatangiwe uruhushya rutegetswe rwo guhindura mu zindi ndimi.	correct translation of the work and just remuneration for the copyright owner that is consistent with standards of royalties for licences freely negotiated in respect of the type of work that is the subject of the translation compulsory licence.	une traduction correcte de l'œuvre ainsi qu'une juste rémunération du propriétaire de droits d'auteur qui est cohérente avec les normes de redevances pour les licences librement négociées eu égard au type d'œuvre qui fait objet de licence obligatoire de traduction.
(4) Icyakora, uruhushya rutegetswe rwo guhindura igihangano mu zindi ndimi ntirutangwa iyo umuhanzi yisubije kopi zose z'igihangano cye atakizikwirakwiza.	(4) However, a translation compulsory licence is not granted if the author has withdrawn from circulation all copies of his or her work.	(4) Toutefois, une licence obligatoire de traduction n'est pas octroyée lorsque l'auteur a retiré de la circulation tous les exemplaires de son œuvre.
Ingingo ya 332: Irangira ry'uruhushya rutegetswe rwo guhindura igihangano mu zindi ndimi	**Article 332: Expiry of a translation licence**	**Article 332 : Expiration d'une licence de traduction**
(1) Uruhushya rutegetswe rwo guhindura igihangano mu zindi ndimi rurangira:	(1) The translation compulsory licence expires if:	(1) La licence obligatoire de traduction expire lorsque :
(a) iyo igihangano gitangajwe n'ufite uburenganzira ku gihangano cyahinduwe mu ndimi zemewe mu butegetsi;	(a) a translation of that work is published in official languages by the copyright owner; or	(a) une traduction de cette œuvre est publiée dans les langues officielles par le titulaire du droit d'auteur ; ou
(b) cyangwa iyo guhindura igihangano mu zindi ndimi bitangiwe uruhushya n'ufite uburenganzira ku gihangano ku giciro gikwiye hashingiwe ku bikurikizwa ku igena ry'igihembo cy'uruhushya.	(b) the translation of the work is done with the authorisation of the copyright owner at a reasonable remuneration in respect of standards of the determination of royalties.	(b) la traduction de l'œuvre est faite sur autorisation du titulaire du droit d'auteur, moyennant rémunération raisonnable compte tenu des standards de définition des redevances.

(2) Icyakora, kopi zose zakozwe mbere y'uko uruhushya rutegetswe rwo guhindura igihangano mu zindi ndimi rurangira zikomeza gukwirakwizwa kugeza zishize mu bubiko.	(2) However, copies already made before the translation compulsory licence expires continue to be distributed until the stock is exhausted.	(2) Toutefois, les copies déjà faites avant l'expiration de la licence obligatoire de traduction continuent à être distribuées jusqu'à ce que le stock soit terminé.
Ingingo ya 333: Impamvu zishingirwaho mu gutanga uruhushya rutegetswe rwo gutubura igihangano	**Article 333: Requirements for granting a reproduction compulsory licence**	**Article 333 : Conditions d'octroi d'une licence obligatoire de reproduction**
(1) Umuntu ubifitemo inyungu ashobora gusaba Minisitiri uruhushya rutegetswe rwo gutubura igihangano ku mpamvu z'inyungu rusange, kwigisha cyangwa gukora ubushakashatsi ku bireba igihangano cyatangajwe mu buryo bw'inyandiko icapye cyangwa ubundi buryo buteye nka bwo mu gutubura igihangano muri Repubulika y'u Rwanda.	(1) An interested person may apply to the Minister for a reproduction compulsory licence in respect of a work, for the purpose of public interest, teaching or research in respect a work published in printed or an analogous form of reproduction in the Republic of Rwanda.	(1) Une personne intéressée peut demander au Ministre une licence obligatoire de reproduction d'une œuvre à des fins d'intérêt public, d'enseignement ou de recherche eu égard à une œuvre publiée sous forme d'imprimés ou une forme analogue de reproduction en République du Rwanda.
(2) Uruhushya rutegetswe rwo gutubura igihangano ntirwihariwe kandi uwaruhawe ntashobora kurwegurira undi muntu ku isoko ry'imbere mu gihugu.	(2) A reproduction compulsory licence is non-exclusive and non-transferable for a domestic market.	(2) Une licence obligatoire de reproduction est non exclusive et non transférable sur le marché intérieur.
Ingingo ya 334: Igihe uruhushya rutegetswe rwo gutubura igihangano rushobora gutangwa	**Article 334: Period for granting a reproduction compulsory licence**	**Article 334 : Période pour octroyer une licence obligatoire de reproduction**
(1) Uruhushya rutegetswe rwo gutubura igihangano rushobora gutangwa mu bihe bikurikira:	(1) A compulsory licence for reproduction of a work may be granted for the following periods:	(1) Une licence obligatoire de reproduction d'une œuvre peut être accordée pour les périodes suivantes :

(a) nyuma y'imyaka itatu ibarwa uhereye ku itariki y'itangazwa rya mbere ry'icapisha ku bihangano by'ubumenyimpamo, iby'ubumenyabintu n'iby'ikoranabuhanga;	(a) three years from the date of first publication of the edition for works of the natural and physical sciences and those of technology;	(a) trois ans à partir de la date de la première publication de l'édition pour les œuvres de sciences naturelles et physiques ainsi que celles de technologie ;
(b) nyuma y'imyaka irindwi ibarwa uhereye ku itariki y'itangazwa rya mbere ry'icapisha ku bihangano by'inkuru z'ubuvanganzo, iby'ubusizi, iby'ikinamico, ibya muzika n'ibitabo by'ubugeni;	(b) seven years from the date of first publication of the edition for works of fiction, poetry, drama and music, and for art books;	(b) sept ans à partir de la date de la première publication de l'édition pour les œuvres de fiction, de poésie, de théâtre et de musique, et pour les livres d'art ;
(c) nyuma y'imyaka itanu ibarwa uhereye ku itariki y'itangazwa rya mbere ry'icapisha ku bindi bihangano.	(c) five years from the date of first publication of the edition for all other works.	(c) cinq ans à partir de la date de la première publication de l'édition pour toutes les autres œuvres.
(2) Iyo igihe giteganyijwe mu gika cya (1) cy'iyi ngingo kirangiye, hakiri kopi z'icyo gihangano zitakwirakwizwa n'ufite uburenganzira bwo gutubura igihangano cyangwa uwo yabihereye uruhushya ku giciro gikwiye igihangano ugereranyije n'ibihangano bisa n'icyo, cyangwa nta kopi z'icyo gihangano zemerewe gucuruzwa mu gihe cy'amezi atandatu ku giciro gikwiye ugereranyije n'ibihangano bisa n'icyo, umuntu ubifitemo inyungu ashobora guhabwa uburenganzira bwo gutubura no gutangaza iryo capisha ku giciro gikwiye.	(2) If after expiry of a period referred to in Paragraph (1) of this Article, there exist copies of the work that have not been distributed by the copyright owner for reproduction or with his or her authorisation at a reasonable price given comparable works, or no authorised copies of that work have been on sale for a period of six months at a reasonable price given to comparable works, any interested person may obtain a licence to reproduce and publish such edition at a reasonable price.	(2) Lorsqu'à l'expiration d'une période visée au paragraphe (1) du présent article, il existe des exemplaires de l'œuvre qui n'ont pas été distribués par le titulaire du droit de reproduction ou avec son autorisation à un prix raisonnable accordé à des œuvres comparables ou copies autorisés de cette œuvre ne sont plus en vente pendant une période de six mois à un prix raisonnable accordé aux œuvres comparables, toute personne intéressée peut obtenir une licence pour reproduire et publier cette édition à un prix raisonnable.

Ingingo ya 335: Ibisabwa mu gutanga uruhushya rutegetswe rwo gutubura igihangano	**Article 335: Requirements for granting a reproduction compulsory licence**	**Article 335 : Conditions d'octroi d'une licence obligatoire de reproduction**
(1) Uruhushya rutegetswe rwo gutubura igihangano rushobora gutangwa iyo usaba agaragaje ko:	(1) A reproduction compulsory licence may be granted if the applicant establishes that:	(1) Une licence obligatoire de reproduction peut être octroyée lorsque le requérant établit que :
(a) yasabye ufite uburenganzira ku gihangano uruhushya rwo gutubura igihangano akarumwima ku mpamvu z'ubucuruzi;	(a) he or she requested from the owner, the authorisation to reproduce the work and was denied the same on commercial grounds;	(a) il a demandé au titulaire l'autorisation de reproduire l'œuvre et que cette dernière lui est refusé pour des raisons commerciales ;
(b) yakoze ibishoboka byose kugira ngo abone ufite uburenganzira ku gihangano amusabe uruhushya ariko ntabashe kumugeraho.	(b) he or she made reasonable efforts to contact the copyright owner to request a licence but was unable to find him or her.	(b) il a fait des efforts raisonnables pour contacter le propriétaire de droit d'auteur pour lui demander une licence mais sans y parvenir.
(2) Mu gihe hatanzwe uruhushya rutegetswe uruhawe agomba kugaragaza izina ry'umuhanzi n'inyito y'umwimerere y'igihangano kuri kopi zose z'igihangano cyatubuwe hakurikijwe uruhushya rutegetswe rwo gutubura igihangano.	(2) In case a reproduction compulsory licence is granted, the person who is granted such a licence must indicate the name of the author and the original title of the work all copies of the work reproduced under a reproduction compulsory licence.	(2) En cas d'octroi d'une licence obligatoire de reproduction, la personne à laquelle cette licence est octroyée doit indiquer le nom de l'auteur et le titre original de l'œuvre sur tous les exemplaires de l'œuvre reprographiée en vertu d'une licence obligatoire de reproduction.
(3) Mu gutanga uruhushya rutegetswe, Minisitiri afata ibyemezo bikwiye kugira ngo igihangano gituburwe mu buryo bwizewe kandi ufite uburenganzira bw'umuhanzi agenerwa igihembo cy'uruhushya gikwiye cyumvikanyweho	(3) When granting the compulsory licence, the Minister takes appropriate measures to ensure a faithful reproduction of the work and just remuneration for the copyrights owner that is consistent with standards of royalties for licences freely negotiated in	(3) Lors de l'octroi de la licence obligatoire, l'autorité compétente s'entoure de mesures appropriées pour garantir une fidèle reproduction de l'œuvre ainsi qu'une juste rémunération du titulaire de droits d'auteur qui est cohérente avec les normes de

mu bwisanzure hashingiwe ku bwoko bw'igihangano cyatangiwe uruhushya rutegetswe rwo gutuburwa.	respect of the type of work that is the subject of the reproduction compulsory licence.	redevances pour les licences librement négociées eu égard au type d'œuvre qui fait objet de licence obligatoire de reproduction.
(4) Icyakora, uruhushya rutegetswe rwo gutubura igihangano ntirutangwa iyo ufite uburenganzira ku gihangano yakuye icyo gihangano gisabirwa gutuburwa ku isoko.	(4) However, a reproduction compulsory licence is not granted if the author has withdrawn from circulation all copies of his or her work.	(4) Toutefois, une licence de reproduction n'est pas accordée lorsque l'auteur a retiré de la circulation toutes les copies de son œuvre.
Ingingo ya 336: Irangira ry'uruhushya rutegetswe rwo gutubura igihangano	**Article 336: Expiration of a reproduction compulsory licence**	**Article 336 : Expiration d'une licence obligatoire de reproduction**
(1) Uruhushya rutegetswe rwo gutubura igihangano rurangira iyo :	(1) The reproduction compulsory licence expires if:	(1) La licence obligatoire de reproduction expire lorsque :
(a) igihangano cyatubuwe kandi gikwirakwizwa n'ufite uburenganzira ku gihangano;	(a) the reproduction of that work and circulation were made by the copyright owner;	(a) la reproduction de cette œuvre ainsi que la distribution sont effectuées par le titulaire du droit d'auteur ;
(b) gutubura igihangano bitangiwe uruhushya n'ufite uburenganzira ku gihangano ku giciro gikwiye.	(b) the reproduction was authorised by the copyright owner on a reasonable price.	(b) la reproduction de l'œuvre se fait sur autorisation du titulaire du droit d'auteur à un prix raisonnable.
(2) Icyakora, kopi zose zakozwe mbere y'uko uruhushya rutegetswe rwo gutubura igihangano rurangira zikomeza gukwirakwizwa kugeza zishize mu bubiko.	(2) However, copies already made before the reproduction licence expires may continue to be distributed until the stock is exhausted.	(2) Toutefois, les exemplaires déjà faits avant l'expiration de la licence de reproduction peuvent continuer à être distribuées jusqu'à ce que le stock soit terminé.
UMUTWE WA II: IBIKUBIYE MU BURENGANZIRA BUSHAMIKIYE KU GIHANGANO, AHO BUGARUKIRA N'IGIHE BUMARA	**CHAPTER II: CONTENT, SCOPE AND DURATION OF RELATED RIGHTS**	**CHAPITRE II : CONTENU, ÉTENDUE ET DURÉE DES DROITS CONNEXES**

<u>Icyiciro cya mbere</u>: Kurengera ikinwa ry'igihangano, fonogaramu cyangwa ibiganiro bisakazwa	**<u>Section One</u>: Protection of performance, phonograms and broadcasts**	**<u>Section première</u> : Protection de représentation ou exécution, de phonogrammes et d'émissions**
<u>Ingingo 337</u>: Kurengera ikinwa ry'igihangano	**<u>Article 337</u>: Protection of performance**	**<u>Article 337</u> : Protection d'une représentation ou exécution**
Ikinwa ry'igihangano rirengerwa iyo:	A performance is protected if:	Une représentation ou exécution est protégée lorsque :
(a) uwagikinnye ari umwenegihugu wa Repubulika y'u Rwanda;	(a) the performer is a national of the Republic of Rwanda;	(a) l'acteur est un ressortissant de la République du Rwanda ;
(b) rikorewe ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda;	(b) it takes place on the territory of the Republic of Rwanda;	(b) elle est effectuée sur le territoire de la République du Rwanda ;
(c) ryinjijwe muri fonogaramu irengewe;	(c) it is incorporated in a phonogram that is protected;	(c) elle est incorporée dans un phonogramme qui est protégé ;
(d) ritashyizwe muri fonogaramu ariko bikinjizwa mu kiganiro cyemerewe kurengerwa;	(d) it has not been fixed in a phonogram but is included in a broadcast qualifying for protection;	(d) elle n'a pas été fixée dans un phonogramme mais est incluse dans une émission éligible pour la protection ;
(e) uwakinnye igihangano ari umukinnyi w'iyumvabona utari umwenegihugu wa Repubulika y'u Rwanda ariko asanzwe atuye muri Repubulika y'u Rwanda.	(e) the performer is an audio-visual performer who is not a national of the Republic of Rwanda but has his or her habitual residence in the Republic of Rwanda.	(e) l'acteur est un acteur audiovisuel qui n'est pas un ressortissant de la République du Rwanda mais qui a sa résidence habituelle en République du Rwanda.

Ingingo ya 338: Fonogaramu irengerwa	**Article 338: Phonogram protected**	**Article 338 : Phonogramme protégé**
Fonogaramu irengerwa iyo yujuje nibura kimwe muri ibi bikurikira: (a) uwayikoze ari umwenegihugu wa Repubulika y'u Rwanda; (b) gushyira amajwi bwa mbere kuri fonogaramu byabereye muri Repubulika y'u Rwanda; (c) gutangaza fonogaramu bwa mbere byabereye muri Repubulika y'u Rwanda.	A phonogram is protected if at least the following is fulfilled: (a) the producer is a national of the Republic of Rwanda; (b) the first fixation of sounds on the phonogram took place in the Republic of Rwanda; (c) the first publication of the phonogram took place in the Republic of Rwanda.	Un phonogramme est protégé lorsqu'il remplit au moins ce qui suit : (a) le producteur est un ressortissant de la République du Rwanda ; (b) la première fixation de sons sur le phonogramme a eu lieu en République du Rwanda ; (c) la première publication du phonogramme a eu lieu en République du Rwanda.
Ingingo ya 339: Ikiganiro gisakazwa kirengerwa	**Article 339: Broadcast protected**	**Article 339 : Émission protégée**
Ikiganiro gisakazwa kirengerwa iyo: (a) icyicaro cy'ikigo gisakaza kiri muri Repubulika y'u Rwanda; (b) cyangwa ikiganiro gisakazwa gituruka mu nsakaza zihereye muri Repubulika y'u Rwanda.	The broadcast is protected if: (a) the headquarter of the broadcasting organisation is located in the Republic of Rwanda; (b) the broadcast is transmitted from transmitters situated in the Republic of Rwanda.	L'émission est protégée lorsque : (a) le siège social de l'organisme de radiodiffusion est situé en République du Rwanda ; (b) l'émission est transmise à partir des émetteurs situés en République du Rwanda.

Ingingo ya 340: Igihe cyo kurengera ikinwa ry'igihangano	**Article 340: Duration for protection of a performance**	**Article 340 : Durée de protection d'une représentation ou exécution**
(1) Igihe cyo kurengera ikinwa ry'igihangano ni imyaka 50 ibarwa uhereye:	(1) The rights granted to performances are protected within a period of 50 years from:	(1) La durée de protection accordée aux représentations ou exécutions est une période de 50 ans à compter :
(a) mu kwezi kwa mbere k'umwaka ukurikira uw'ifatwa ry'amajwi n'amashusho ku byerekeye ikinwa ry'igihangano cyafashwe kuri fonogaramu;	(a) the first month of the year that follows the year of sounds and images fixation if the performance has been fixed on a phonogram;	(a) du premier mois de l'année qui suit l'année pendant laquelle la fixation sons et images ont eu lieu, pour la représentation ou exécution fixée sur un phonogramme ;
(b) mu kwezi kwa mbere k'umwaka ukurikira uwo indirimbo yaririmbiweho cyangwa ikinwa ry'igihangano, ku ndirimbo cyangwa ikinwa ry'igihangano bitafashwe kuri fonogaramu.	(b) the first month of the year that follows the year of the music execution or of the performance if the music or the performance has not been fixed on a phonogram.	(b) du premier mois de l'année qui suit l'année pendant laquelle l'exécution de la musique ou la représentation ou exécution ont eu lieu, pour la musique et la représentation ou exécution qui ne sont pas fixées sur un phonogramme.
(2) Kurengera ikinwa ry'igihangano ntibihagarika cyangwa ngo bibangamire kurengera uburenganzira bw'umuhanzi wahanze igihangano cyakinwe.	(2) The protection of performances does not limit or cause prejudice to the protection of copyrights for the work subjected to performance.	(2) La protection des représentations ou exécutions ne se limite pas ou cause de préjudice à la protection des droits d'auteur par rapport à l'œuvre ayant fait objet de la représentation ou exécution.
Ingingo ya 341: Igihe kurengera fonogaramu bimara	**Article 341: Duration for protection of a phonogram**	**Article 341 : Durée de protection d'un phonogramme**
(1) Fonogaramu irengerwa mu gihe cy'imyaka 50 ibarwa uhereye:	(1) A phonogram is protected for a period of 50 years from:	(1) Un phonogramme est protégé pendant une période de 50 ans à compter :

(a) mu kwezi kwa mbere k'umwaka ukurikira uw'itangaza rya fonogaramu;	(a) the first month of the year that follows the year of publication of the phonogram;	(a) du premier mois de l'année qui suit l'année pendant laquelle le phonogramme a été publié ;
(b) mu kwezi kwa mbere k'umwaka ukurikira uwo igihangano cyashyiriwe kuri fonogaramu;	(b) the first month of the year that follows the year of the work fixation on the phonogram;	(b) du premier mois de l'année qui suit l'année pendant laquelle la fixation sur le phonogramme a eu lieu ;
(c) mu kwezi kwa mbere k'umwaka ukurikira uwo amajwi yafatiweho iyo fonogaramu itatangajwe.	(c) the first month of the year that follows the year of the sound recording if the phonogram has not been published.	(c) du premier mois de l'année qui suit l'année pendant laquelle l'enregistrement de sons a eu lieu, pour le phonogramme qui n'a pas été publiée.
(2) Kurengera fonogaramu ntibihagarika cyangwa ngo bibangamire kurengera uburenganzira bw'umuhanzi w'igihangano.	(2) The protection of phonograms does not limit or cause prejudice to the protection of copyrights.	(2) La protection des phonogrammes ne se limite pas ni ne cause de préjudice à la protection des droits d'auteurs.
<u>Ingingo ya 342</u>: Igihe kurengera ikiganiro gisakazwa bimara	**<u>Article 342</u>: Duration for protection of a broadcast**	**<u>Article 342</u> : Durée de protection d'une émission**
(1) Ikiganiro gisakazwa kirengerwa mu gihe cy'imyaka 25 ibarwa uhereye ukwezi kwa mbere k'umwaka ukurikira umwaka isakazwa ry'ikiganiro ryabereyemo.	(1) A broadcast is protected for a period of 25 years from the first month of the year that follows the year in which the broadcast took place.	(1) Une émission est protégée pour une période de 25 ans à compter du premier mois de l'année qui suit l'année pendant laquelle l'émission a eu lieu.
(2) Kurengera ikiganiro gisakazwa ntibihagarika cyangwa ngo bibangamire kurengera uburenganzira bw'umuhanzi.	(2) The protection of a broadcast does not limit or cause prejudice to the protection of copyrights.	(2) La protection d'une émission ne se limite pas ni ne cause de préjudice à la protection des droits d'auteurs.

Ingingo ya 343: Ubwisanzure bwo gukoresha by'igihe gito amajwi n'amashusho by'ikinwa ry'igihangano n'ibiganiro by'isakaza ku kigo cy'isakaza	**Article 343: Free ephemeral use of sounds and images performance by a broadcasting organisation**	**Article 343 : Utilisation éphémère gratuite d'une performance de radiodiffusion des sons et images par un organisme de radiodiffusion**
(1) Uruhushya mu gufata amajwi n'amashusho indirimbo cyangwa imikino n'ibiganiro by'isakaza, gutubura ibyafashwe amajwi n'amashusho no gutubura za fonogaramu hagamijwe ubucuruzi ntiruba rukenewe, iyo gufata amajwi n'amashusho by'igihe gito cyangwa gutubura bikozwe n'ikigo cy'isakaza ubwacyo kandi gikurikiza ibyo gikeneye mu mirimo yacyo.	(1) Authorisation to make fixations of performances and broadcasts, to reproduce such fixations on phonograms published for commercial purposes is not required when ephemeral fixations or reproductions are made by broadcasting organisation using its own means and for its own broadcasts.	(1) L'autorisation pour effectuer des fixations des performances et des émissions radiophoniques, pour reproduire de telles fixations sur les phonogrammes publiés à des fins commerciales n'est pas exigée lorsque des fixations éphémères ou des reproductions sont faites par un organisme de radiodiffusion qui utilise ses propres moyens et pour ses propres émissions.
(2) Icyakora, ibikorwa bikurikira bisabirwa uruhushya:	(2) However, the following acts require authorisation:	(2) Toutefois les actes suivants requièrent l'autorisation :
(a) buri sakaza ry'ikinwa ry'igihangano ryafashwe amajwi n'amashusho cyangwa ryatubuwe;	(a) each broadcast of a fixation of a performance or its reproductions;	(a) chaque émission d'une fixation d'une performance ou ses reproductions ;
(b) buri sakaza ry'ikiganiro cyafashwe amajwi n'amashusho cyangwa itubura ryacyo.	(b) each broadcast of fixed broadcasts, or of reproduction of such fixation.	(b) chacune des émissions d'une fixation d'une émission, ou d'une reproduction d'une telle fixation.
(3) Amajwi n'amashusho byafashwe cyangwa amakopi yabyo bigomba guhanagurwa mu gihe kingana n'amezi atandatu akurikira igihe amajwi n'amashusho byafatiwe no mu gutubura ibihangano birengerwa	(3) Audio visual broadcasts recorded or its reproductions, the fixation and its reproductions are destroyed within six months following the period when recording took place and reproductions	(3) Les émissions audio-visuelles enregistrées ou leurs reproductions, la fixation et ses reproductions sont détruites dans les six mois suivant leur réalisation et aux reproductions d'œuvres protégées par des

n'uburenganzira bw'umuhanzi, uretse kopi imwe rukumbi ishobora kubikwa hagamijwe gusa gushyingura inyandiko ndetse no kwegeranya inyandiko.	of works protected by copyrights, except a single copy that is kept for the exclusive purposes of conservation of archives and constitution of documentation.	droits d'auteur, à l'exception d'une seule copie qui est gardée à des fins exclusives de conservation comme archives ou de constitution de documentation.
Ingingo ya 344: Uburenganzira bw'umuhanzi ukina igihangano	**Article 344: Rights of a performing artist**	**Article 344 : Droits d'un artiste interprète ou exécutant**
(1) Umuhanzi ukina igihangano afite uburenganzira bwihariwe bwo gukora cyangwa gutanga uruhushya ku bikorwa bikurikira:	(1) A performing artist has the exclusive right to carry out or to authorise the following acts:	(1) Un artiste interprète ou exécutant a le droit exclusif de mener ou d'autoriser des actes suivants :
(a) gusakaza indirimbo cyangwa umukino bye, uretse igihe isakazwa rikozwe:	(a) to broadcast his or her performance, except if the broadcasting:	(a) la radiodiffusion de sa représentation ou exécution, sauf lorsque la radiodiffusion :
(i) rifatiye ku majwi n'amashusho y'indirimbo cyangwa umukino byafashwe umuhanzi yatangiye uruhushya;	(i) is made from a fixation of the performance which the performer has authorised to be made;	(i) est faite à partir d'une fixation de la représentation ou exécution que l'artiste interprète ou exécutant a autorisée ;
(ii) risubiramo ikiganiro ku buryo bwemewe n'ikigo cy'isakaza gisakaza bwa mbere igihangano;	(ii) is a re-broadcasting authorised by the broadcasting organisation initially broadcasting the performance;	(ii) est une rediffusion autorisée par l'organisme de radiodiffusion diffusant initialement la représentation ou exécution ;
(b) gukwirakwiza muri rubanda indirimbo cyangwa umukino, uretse igihe iryo kwirakwiza:	(b) distribution to the public of the performance, except if such a distribution is made from:	(b) la distribution au public d'une représentation ou exécution, sauf lorsqu'une telle distribution est faite à partir de :

(i) rikozwe rifatiye ku majwi n'amashusho y'indirimbo cyangwa umukino byafashwe;	(i) a fixation based on the recorded sounds or images of performance;	(i) une fixation sur base d'un enregistrement des sons ou images d'une représentation ou exécution ;
(ii) rikozwe rifatiye ku isakaza ry'indirimbo cyangwa umukino;	(ii) a broadcasting of the performance;	(ii) une radiodiffusion d'une représentation ou exécution ;
(c) gufata amajwi n'amashusho by'indirimbo cyangwa umukino bitarafatirwa amajwi n'amashusho;	(c) fixation of unfixed performance;	(c) la fixation d'une représentation ou exécution non fixée ;
(d) gutubura ku buryo butaziguye cyangwa buziguye indirimbo cyangwa umukino byafatiwe amajwi n'amashusho;	(d) direct or indirect reproduction of a fixation of his or her performance;	(d) la reproduction directe ou indirecte d'une fixation de sa représentation ou exécution ;
(e) gukwirakwiza muri rubanda, binyuze mu igurisha cyangwa ubundi buryo bwo guhererekanya umutungo, kopi z'indirimbo cyangwa umukino byafatiwe amajwi n'amashusho;	(e) fixation of his or her performance, or of copies thereof, to the public by sale or other transfer of ownership;	(e) la fixation de sa représentation ou exécution, ou de ses copies au public par vente ou un autre transfert de droit de propriété ;
(f) gukodesha rubanda indirimbo cyangwa umukino bye byafatiwe amajwi n'amashusho cyangwa kopi zabyo;	(f) rental to the public of a fixation of his or her performance, or copies thereof;	(f) la location au public d'une fixation de sa représentation ou exécution ou de ses exemplaires ;
(g) kugeza kuri rubanda indirimbo cyangwa umukino byafashwe kuri fonogaramu ku buryo buri wese aho ari ho hose n'igihe icyo ari cyo cyose abishakiye ashobora kubigeraho.	(g) communication to the public of a fixed performance in phonogram in such a way that the public may access them from a place or at a time individually chosen by them.	(g) la communication au public d'une performance fixée dans un phonogramme de telle manière que le public peuvent avoir accès à elle à partir d'un endroit individuellement choisi par eux.

(2) Iyo ukina yatanze uburenganzira bwo gufata umukino we mu mashusho no mu majwi, utunganya ayo mashusho n'amajwi afite uburenganzira bwihariwe bwo gutanga uruhushya rwo gukoresha umukino washyizwe mu gihangano cy'iyumvabona, keretse iyo byemeranyijweho ukundi.	(2) If the performer authorised fixation of a performance in an audio-visual fixation, the producer has the exclusive right to authorise the use of the performance fixed in the audio-visual work, unless otherwise agreed.	(2) Lorsque l'acteur a autorisé la fixation d'une performance dans une fixation audiovisuelle, le producteur a le droit exclusif d'autoriser l'utilisation de l'exécution fixée dans l'œuvre audiovisuelle, sauf en cas d'accord contraire.
(3) Haseguriwe uburenganzira bw'uwatunganyije igihangano, ukina afite uburenganzira bwo guhabwa igihembo cyangwa igihembo cy'uruhushya bikwiye kuri buri sakaza, buri gikorwa kigamije kugeza ubutumwa kuri rubanda, buri kodesha cyangwa buri gikorwa cyo gushyira ahagaragara indirimbo cyangwa umukino bye byafatiwe ku gihangano cy'iyumvabona.	(3) Subject to the rights of the producer, the performer has the right to receive equitable remuneration or royalties in respect of any broadcasting, communication to the public, rental or making available to the public of his or her performance fixed in an audio-visual work.	(3) Sous réserve des droits du producteur, l'acteur a le droit de recevoir une rémunération ou des redevances équitables pour toute radiodiffusion, communication au public, location ou mise à la disposition du public de sa représentation ou exécution fixée dans une œuvre audiovisuelle.
<u>Ingingo ya 345</u>: Uburenganzira bw'ukora fonogaramu	**<u>Article 345</u>: Rights of phonogram producers**	**<u>Article 345</u> : Droits des producteurs de phonogrammes**
(1) Ukora fonogaramu afite uburenganzira bwihariwe bwo gukora cyangwa gutanga uruhushya rwo gukora ibikorwa bikurikira:	(1) A phonogram producer has the exclusive right to carry out or to authorise the following acts:	(1) Un producteur de phonogramme a le droit exclusif de mener ou d'autoriser des actes suivants :
(a) gutubura fonogaramu ku buryo butaziguye cyangwa buziguye;	(a) direct or indirect reproduction of the phonogram;	(a) la reproduction directe ou indirecte du phonogramme ;
(b) gukwirakwiza muri rubanda kopi za fonogaramu binyuze mu igurisha	(b) distribution of copies of the phonogram to the public by sale or other transfer of	(b) la distribution des copies du phonogramme au public par vente ou par

cyangwa ubundi buryo bwo guhererekanya uburenganzira ku gihangano;	rights on the work;	un autre transfert de droits sur l'œuvre ;
(c) gukodesha rubanda kopi za fonogaramu;	(c) rental of copies of the phonogram to the public;	(c) la location des exemplaires du phonogramme au public ;
(d) kugeza kuri rubanda fonogaramu, hifashishijwe uburyo bukoresha cyangwa budakoresha insinga, ku buryo umuntu aho ari hose n'igihe cyose abishakiye ashobora kuyigeraho.	(d) communication of the phonogram to the public, by wire or wireless, in such a way that a person may access it from a place or at a time chosen by that person.	(d) la communication du phonogramme au public, par fil ou sans fil, dans une telle manière qu'une personne puisse y avoir accès à partir d'un endroit et à un moment choisi par cette personne.
(2) Uburenganzira bwo gukwirakwiza buteganywa mu gaka ka (b) k'igika cya (1) cy'iyi ngingo ntibukurikizwa igihe igihangano cy'umwimerere cyangwa kopi yacyo byashyizwe ku isoko, byagurishijwe cyangwa habayeho ihererekanya ry'uburenganzira ryatangiwe uruhushya n'ufite uburenganzira ku gihangano aho ariho hose ku isi.	(2) The right of distribution under Subparagraph (b) of paragraph (1) of this Article does not apply to the original or a copy of the work that has been put on the market or has been subject to a sale or other transfer of rights anywhere in the world authorised by the owner of the copyright.	(2) Le droit de distribution en vertu de l'alinéa (b) du paragraphe (1) du présent article ne s'applique pas à l'original ou à une copie d'une œuvre qui a été mise sur le marché ou a fait objet de vente ou d'un autre transfert des droits n'importe où dans le monde avec l'autorisation du titulaire de droit d'auteur.
<u>Ingingo ya 346</u>: Uburenganzira bw'ikigo cy'isakaza	**<u>Article 346</u>: Rights of a broadcasting organisation**	**<u>Article 346</u> : Droits d'un organisme de radiodiffusion**
Ikigo cy'isakaza gifite uburenganzira bwihariwe bwo gukora cyangwa gutanga uruhushya rwo gukora ibikorwa bikurikira:	A broadcasting organisation has the exclusive right to carry out or to authorise any of the following acts:	Une organisme de radiodiffusion a le droit exclusif de mener ou d'autoriser des actes suivants :
(a) gusubiramo ibiganiro cyasakaje;	(a) rebroadcast of its broadcasting;	(a) la rediffusion d'une émission ;

(b) gufata amajwi cyangwa amashusho y'ibiganiro cyasakaje;	(b) sounds or images fixation of its broadcast;	(b) la fixation des sons ou images de son émission ;
(c) gutubura ibiganiro byacyo byafashwe amajwi cyangwa amashusho byasakajwe;	(c) reproduction of sounds or images fixation of its broadcast;	(c) la reproduction d'une fixation des sons ou images de son émission ;
(d) gukwirakwiza muri rubanda ibiganiro byacyo.	(d) communication to the public of its broadcast.	(d) la communication de son émission au public.
Ingingo ya 347: Aho uruhushya rwo gusakaza rugarukira	**Article 347: Limitations of broadcasting authorisation**	**Article 347 : Limitations d'autorisation de radiodiffusion**
Uruhushya rwo gusakaza ruhawe ikigo cy'isakaza, uretse igihe amasezerano abiteganya ukundi, ntibivuze gutanga ibi bikurikira:	An authorisation to a broadcasting organisation to broadcast, unless otherwise stipulated in the contract does not imply the provision of the following:	L'autorisation à un organisme de radiodiffusion de diffuser, à moins que cela ne soit stipulé autrement dans le contrat, n'implique pas l'octroi de ce qui suit :
(a) uruhushya ku bindi bigo by'isakaza k'ugusakaza ikinwa ry'igihangano;	(a) authorisation to other broadcasting organisations to broadcast the performance;	(a) l'autorisation aux autres organismes de radiodiffusion de diffuser la représentation ou exécution ;
(b) uruhushya rwo gufata amajwi n'amashusho cyangwa ikinwa ry'igihangano ;	(b) authorisation to fix sounds and images or performance ;	(b) l'autorisation de fixation des sons et images ou d'une représentation ou exécution ;
(c) uruhushya rwo gutubura amajwi n'amashusho cyangwa ikinwa ry'igihangano byafashwe;	(c) authorisation to reproduce fixed sounds and images or performance;	(c) l'autorisation de reproduction de la fixation des sons et images ou d'une représentation ou exécution ;
(d) uruhushya rwo gufata amajwi n'amashusho cyangwa ikinwa	(d) authorisation to fix sounds and images or a performance and to reproduce such	(d) l'autorisation de fixation des sons et images ou d'une représentation ou

ry'igihangano no gutubura icyo gihangano cyangwa uruhushya rwo gusakaza cyangwa ikinwa ry'igihangano gifatiye ku gihangano cyafashwe amajwi n'amashusho cyangwa ibyatubuwemo.	a fixation or the authorisation to broadcast the performance from the fixation or its reproductions.	exécution et de reproduction de la fixation ou l'autorisation de radiodiffusion de la représentation ou exécution à partir de la fixation ou de ses reproductions.
Ingingo ya 348: Igihembo gikwiye ku isakaza n'imenyekanisha rya fonogaramu	**Article 348: Adequate remuneration for phonogram broadcasting or disclosure**	**Article 348 : Rémunération appropriée pour la radiodiffusion ou la divulgation d'un phonogramme**
(1) Umuhanzi wa fonogaramu yatangajwe mu rwego rw'ubucuruzi kandi yakoreshejwe mu isakazwa cyangwa mu bundi buryo bw'imenyekanisha kuri rubanda ahabwa igihembo gikwiye gitangwa rimwe kandi icyo gihembo akakigabana n'umuhanzi wakinnye igihangano.	(1) The producer of a phonogram published for commercial purposes and broadcasted or disclosed to the public through any other means is provided with an adequate remuneration that is shared between him or her and the performing artist.	(1) Le producteur d'un programme publié à des fins commerciales et diffusé ou communiqué au public par tout autre moyens reçoit une rémunération appropriée qu'il se partage avec l'artiste interprète ou exécutant.
(2) Igihembo gikwiye kivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo, kigabanywa mu buryo bungana keretse iyo amasezerano umuhanzi wa fonogaramu yagiranye n'umuhanzi wakinnye igihangano abiteganya ukundi.	(2) The adequate remuneration referred to in Paragraph (1) of this Article is equitably shared unless provided otherwise in the contract between the producer of phonogram and the artist performer.	(2) La rémunération appropriée visée au paragraphe (1) du présent article est partagée équitablement à moins que le contrat entre le producteur de phonogramme et l'artiste interprète ou exécutant ne le prévoie autrement.
Ingingo ya 349: Ubwisanzure mu gukoresha uburenganzira bushamikiyeho	**Article 349: Free use of related rights**	**Article 349 : Utilisation gratuite des droits connexes**
(1) Ibikorwa bikurikira bikorwa bidatangiwe uruhushya n'ufite uburenganzira bw'ukina igihangano, umuhanzi wa fonogaramu	(1) The following acts are carried out without authorisation of performing artist, phonogram producer or broadcasting	(1) Les actes suivants sont menés sans l'autorisation des titulaires de droits d'artiste interprète ou exécutant, de producteur de

cyangwa ikigo cy'isakaza kandi nta igihembo gitanzwe:	organisation and without remuneration:	phonogramme ou d'organisme de radiodiffusion et sans paiement d'une rémunération :
(a) gukoresha uduce duto twa fonogaramu, utw'ikinwa ry'igihangano cyangwa utw'isakaza mu kuvuga amakuru y'ibiri kuba;	(a) using short extracts of phonogram, performance or broadcast for reporting current events;	(a) l'utilisation de courts extraits d'un phonogramme, d'une exécution ou d'une radiodiffusion en vue de reportage des événements en cours ;
(b) gutubura fonogaramu, ikinwa ry'igihangano cyangwa isakaza hagamijwe ubushakashatsi mu by'ubuhanga;	(b) reproduction of phonogram, performance or broadcast solely for scientific research;	(b) la reproduction d'un phonogramme, d'une exécution ou d'une radiodiffusion uniquement à des fins de recherche scientifique ;
(c) gutubura fonogaramu, ikinwa ry'igihangano cyangwa isakaza hagamijwe kugikoresha mu bikorwa byo kwigisha mu buryo bw'imbonankubone, uretse ibihangano bikinwa n'amajwi yafashwe byashyizwe ahagaragara nk'imfashanyigisho;	(c) reproduction of phonogram, performance or broadcast solely for the purpose of face-to-face teaching activities, except for performances and sound recordings which have been published as teaching or instructional materials;	(c) la reproduction d'un phonogramme, d'une exécution ou d'une radiodiffusion uniquement à des fins d'enseignement de face-à-face, à l'exception des représentations ou exécutions et des enregistrements sonores qui ont été publiés en tant que matériel didactiques ;
(d) gukoresha fonogaramu, ikinwa ry'igihangano cyangwa isakaza n'umuntu ku giti cye;	(d) using a phonogram, performance or a broadcast for private purposes;	(d) l'utilisation d'un phonogramme, d'une exécution ou d'une radiodiffusion à des fins personnelles ;
(e) gutubura fonogaramu, ikinwa ry'igihangano cyangwa isakaza bikozwe na serivisi z'amasomero cyangwa iz'ishyinguranyandiko hatagamijwe inyungu;	(e) reproduction of phonogram, performance or broadcast by library and documentation services free of charge;	(e) la reproduction d'un phonogramme, d'une exécution ou d'une radiodiffusion par les services de la bibliothèque et documentation à titre gratuit ;

(f) gukoresha fonogaramu, ikinwa ry'igihangano cyangwa isakaza ku mpamvu zerekeye ubucamanza cyangwa ubuyobozi;	(f) using phonogram, performance or broadcast for justice or administrative purposes;	(f) l'utilisation d'un phonogramme, d'une exécution d'une radiodiffusion à des fins judiciaires ou administratives ;
(g) gutubura no gusakaza fonogaramu, ikinwa ry'igihangano cyangwa isakaza k'ufite ubumuga bwo kutabona, utabona neza cyangwa utabasha gusoma igitabo.	(g) reproduction and broadcast of phonogram, performance or broadcast for a person who is blind, visually impaired or print disabled.	(g) la reproduction ou radiodiffusion d'un phonogramme, d'une exécution ou d'une radiodiffusion pour un aveugle, un déficient visuel ou une personne ayant des difficultés de lecture des textes imprimés.
(2) Ubwisanzure buvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ntibubangamira imikoreshereze isanzwe y'igihangano cyangwa inyungu ufite uburenganzira ku gihangano yemerewe kuri icyo gihangano.	(2) The free use referred to in Paragraph (1) of this Article does limit the ordinary use of the work or right enjoyment by the copyright owner.	(2) Utilisation gratuite prévue au paragraphe (1) du présent article ne limite l'utilisation ordinaire de l'œuvre ou la jouissance d'un droit par le titulaire du droit d'auteur.
UMUTWE WA III: INGINGO ZIHURIWEHO KU BURENGAZIRA KU GIHANGANO N'UBURENGANZIRA BUBUSHAMIKIYEHO	**CHAPTER III: COMMON PROVISIONS TO COPYRIGHTS AND RELATED RIGHTS**	**CHAPITRE III : DISPOSITIONS COMMUNES AUX DROITS D'AUTEURS ET DROITS CONNEXES**
Ingingo ya 350: Ikusanywa n'isaranganya ry'ibihembo by'uruhushya	**Article 350: Collection and distribution of licence remunerations**	**Article 350 : Collecte et distribution des rémunérations de licence**
(1) Ubuyobozi bubifitiye ububasha bukusanya ibihembo by'uruhushya byavuye mu gukoresha ibikomoka ku bihangano, uburenganzira bw'abahanzi n'uburenganzira bushamikiyeho kandi bukabisaranganya ku bafite uburenganzira.	(1) The competent authority collects licence remunerations and other proceeds from exploitation of works, copyrights and related rights and distributes the same among rights owners.	(1) L'autorité compétente collectionne les rémunérations de licence et d'autres produits de l'exploitation des œuvres, des droits d'auteurs ainsi que des droits connexes et les distribue entre les titulaires des droits.

(2) Iteka rya Minisitiri ufite umuco mu nshingano rigena uburyo bw'ikusanywa n'isaranganya ry'ibihembo by'uruhushya byavuye mu gukoresha ibikomoka ku bihangano, uburenganzira bw'abahanzi, uburenganzira bushamikiyeho rikorwa.	(2) An Order of the Minister in charge of Culture determines modalities for the collection and distribution of remunerations and other proceeds from exploitation of works, copyrights and related rights.	(2) Un arrêté du Ministre ayant la culture dans ses attributions détermine les modalités de collecte et de distributions des rémunérations de licence et d'autres produits de l'exploitation des œuvres, des droits d'auteurs ainsi que des droits connexes.
Ingingo ya 351: Ibibujijwe mu kurengera uburyo koranabuhanga bwo kurinda igihangano	**Article 351: Prohibitions with regard to technical measures for protection of a work**	**Article 351 : Interdictions quant aux mesures techniques de protection d'une œuvre**
(1) Mu rwego rwo kurengera uburyo koranabuhanga bwo kurinda igihangano, ibikorwa bikurikira ntibyemewe : (a) kurengera uburyo koranabuhanga bwakoreshejwe mu kurinda igihangano; (b) gukora, kwinjiza mu gihugu, gukwirakwiza, kugurisha, gukodesha, imenyekanisha rigamije igurishwa cyangwa ikodeshwa, gutunga mu rwego rw'ubucuruzi ibikoresho cyangwa ibice bibigize byamamazwa nk'ibyifashishwa mu kwirengagiza nkana tekiniki zirengera igihangano mu buryo buhamye.	(1) For the purposes of protecting technical measures for copyrights and related rights, it is prohibited to: (a) circumvent effective technical measures for protection of a work; (b) produce, import, distribute, sell, rent, advertise for sale or rental, or possess devices, products, components or services for commercial purposes that are promoted, advertised or marketed for the purpose of circumventing effective technical measures of protection of a work.	(1) À des fins de protection des mesures techniques pour les droits d'auteur et les droits connexes, il est interdit de : (a) contourner les mesures techniques de protection d'une œuvre ; (b) produire, importer, distribuer, vendre, mettre en location, faire la publicité pour la vente ou la location, ou posséder des appareils, des produits, des composantes ou des services pour des fins commerciales qui sont promus, mis en publicité ou sur le marché afin de contourner les mesures techniques effectives de protection de l'œuvre.
(2) Icyakora, bisabwe n'umuntu ufite uburenganzira bwo gukoresha igihangano bidatangiwe uruhushya buteganywa mu	(2) However, the right owner, upon request by the person with the right to use a work without being subjected to authorization in	(2) Toutefois, le titulaire du droit, à la demande de celui qui a le droit d'utiliser une œuvre sans autorisation préalable dans les

ngingo ya 288, iya 290, iya 291, iya 292, iya 294, iya 295, iya 296, iya 297, iya 298, iya 300 n'iya 346 z'iri tegeko ufite uburenganzira ku gihangano akuraho uburyo koranabuhanga bwo kurinda igihangano kugira ngo uwemerewe gukoresha igihangano nta ruhushya ashobore kugikoresha nk'uko abyemererwa n'amategeko.	circumstances provided for in Articles 288, 290, 291, 292, 294, 295, 296, 297, 298, 300 and 346 of this Law, waiver technical measures for protection of a work to allow its use in accordance with the law.	circonstances prévues aux articles 288, 290, 291, 292, 294, 295, 296, 297, 298, 300 et 346 de la présente loi, renoncer aux mesures techniques de protection d'une œuvre en permettre l'utilisation conformément à la loi.
Ingingo ya 352: Kurinda igihangano hakoreshejwe uburyo koranabuhanga	**Article 352: Effective technical measures for protection of a work**	**Article 352 : Mesures techniques effectives pour la protection d'une œuvre**
Kurinda igihangano hakoreshejwe uburyo koranabuhanga bikorwa iyo gukoresha igihangano, bigenzurwa n'ufite uburenganzira ku gihangano cyangwa ufite uburenganzira bushamikiyeho yifashishije kugenzura cyangwa kurinda uburyo bwo kugera ku gihangano nk'ijambo ry'ibanga, uburyo bwo guhisha, kuyoberanya cyangwa ubundi buryo bwo guhindura igihangano cyangwa ikindi gikoresho cyangwa uburyo bwo kugenzura kopi mu buryo busanzwe bukoreshwa, bikagera ku ntego yo kukirengera.	Technical protection measures are effective if the use of a work or object of related right protected is controlled by the right owner through application of an access control or protection process, such as encryption, scrambling or other transformation of the work or other subject matter, or a copy control mechanism, which, in the normal course of its operation, achieves the protection objective.	Les mesures techniques pour la protection sont effectives lorsque l'utilisation d'une œuvre ou d'un objet de droit connexe protégé est contrôlée par le propriétaire de droit par le biais d'application d'un contrôle d'accès ou un processus de protection, comme un chiffrement, un embrouillage ou une autre transformation de l'œuvre ou de l'objet, une copie d'un mécanisme de contrôle qui, dans le cours normal de son opération, accomplit un objectif de protection.
Ingingo ya 353: Ibibujijwe ku byerekeye amakuru ku micungire y'uburenganzira ku gihangano	**Article 353: Prohibitions related to copyright management information**	**Article 353 : Interdiction relative aux informations de gestion des droits d'auteur**
(1) Ibikorwa bikurikira byerekeye icungwa ry'amakuru ku burenganzira birabujijwe:	(1) The following acts related to copyrights management information are prohibited:	(1) Les actes suivants relatifs aux informations de gestion des droits d'auteur sont interdit :

(a) gukuraho cyangwa guhindura imicungire y'amakuru k'uburenganzira utabyemerewe n'ufite uburenganzira ku gihangano;	(a) remove or alter any rights management information without the consent of the rights owner;	(a) enlever ou altérer toutes les informations de gestion des droits d'auteur sans le consentement du propriétaire des droits ;
(b) gukwirakwiza, kwinjiza mu gihugu hagamijwe ikwirakwiza, isakaza cyangwa kumenyekanisha kuri rubanda igihangano cyangwa ibindi bikoresho birengerwa byakuweho cyangwa byahinduriwe uburenganzira ku micungire y'amakuru bidatangiwe uruhushya n'ufite uburenganzira ku gihangano.	(b) distribute, import for distribution, broadcast or communicate to the public works or other subject- matter protected from which rights management information has been removed or altered without the authorisation of the rights owner.	(b) distribuer, importer pour distribution, diffuser ou communiquer au public des œuvres ou un autre objet protégé auxquelles les informations de gestion des droits d'auteur ont été enlevées ou altérées sans l'autorisation du propriétaire des droits d'auteur.
(2) Icyakora, ibiteganyijwe mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ntibireba ibikorwa bya Leta bigamije kubahiriza ituze rusange cyangwa umutekano bya rubanda.	(2) However, provisions of Paragraph (1) of this Article do not apply to governmental activities for public order or security.	(2) Toutefois, les dispositions du paragraphe (1) du présent article ne s'appliquent pas à des activités gouvernementales visant l'ordre public et la sécurité publique.
INTERURO YA IV: IBYEMEZO BIGAMIJE IYUBAHIRIZWA RY'UBURENGANZIRA KU MUTUNGO BWITE MU BY'UBWENGE, IBYAHA N'IBIHANO	**TITLE IV: INTELLECTUAL PROPERTY RIGHTS ENFORCEMENT MEASURES, OFFENCES AND SANCTIONS**	**TITRE IV : MESURES DESTINÉES À FAIRE RESPECTER LES DROITS DE PROPRIÉTÉ INTELLECTUELLE, INFRACTIONS ET SANCTIONS**
UMUTWE WA MBERE: IBYEMEZO BIGAMIJE IYUBAHIRIZWA RY'UBURENGANZIRA KU MUTUNGO BWITE MU BY'UBWENGE	**CHAPTER ONE: INTELLECTUAL PROPERTY RIGHTS ENFORCEMENT MEASURES**	**CHAPITRE PREMIER : MESURES DESTINÉES À FAIRE RESPECTER LES DROITS DE PROPRIÉTÉ INTELLECTUELLE**

Icyiciro cya mbere: Icyemezo cy'agateganyo ku birebana n'umutungo bwite mu by'ubwenge	**Section One: Provisional measure in relation to intellectual property**	**Section première : Mesure provisoire en matière de propriété intellectuelle**
Ingingo ya 354: Gusaba no gufata icyemezo cy'agateganyo ku birebana n'umutungo bwite mu by'ubwenge	**Article 354: Request and ordering of a provisional measure in relation to intellectual property**	**Article 354 : Demande et adoption d'une mesure provisoire en matière de propriété intellectuelle**
Bisabwe n'ufite urupapurompamo rwo kurengera umutungo bwite mu by'inganda, ufite uburenganzira ku gihangano, ufite burenganzira bushamikiyeho cyangwa uwahawe uruhushya, urukiko rubifitiye ububasha rushobora gufata icyemezo cy'agateganyo kigamije gukumira igikorwa kinyuranyije n'amategeko cyangwa kurinda ibimenyetso bifite ireme bigaragaza ibangamirwa ry'uburenganzira rikekwa.	Upon a request by an industrial property title holder, a copyright holder, a related rights holder or a licensee, the competent court may order a provisional measure to prevent an unlawful act from occurring, or to preserve relevant evidence in regard to an alleged infringement.	À la demande d'un titulaire de titre de propriété industrielle, d'un titulaire du droit d'auteur, d'un titulaire de droits connexes ou d'un titulaire de licence, la juridiction compétente peut adopter une mesure provisoire pour empêcher qu'un acte illicite ne soit commis ou pour sauvegarder les éléments de preuve pertinents relatifs à cette atteinte alléguée.
Ingingo ya 355: Ibishingirwaho mu ifatwa ry'icyemezo cy'agateganyo	**Article 355: Conditions for ordering a provisional measure**	**Article 355 : Conditions pour adoption d'une mesure provisoire**
(1) Urukiko rubifitiye ububasha rushobora gufata icyemezo cy'agateganyo rutabanje kumva uregwa iyo: (a) gutinda gufata icyemezo ku ibangamirwa ry'uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge cyangwa kurinda ibimenyetso bifite ireme bijyana n'iyigana ryagaragaye	(1) The competent court may order a provisional measure without hearing the defendant where: (a) any delay in ordering a measure on an infringement of any intellectual property right or in preserving relevant evidence in regard to an alleged infringement is likely to	(1) La juridiction compétente peut adopter une mesure provisoire sans que le défendeur ne soit entendu lorsque : (a) le retard dans l'adoption d'une mesure sur l'atteinte à un droit de propriété intellectuelle ou à la sauvegarde éléments de preuve pertinents relatifs à cette atteinte alléguée est de nature à

bishobora guteza igihombo ku buryo budasubirwaho k'ufite uburenganzira;	cause irreparable harm to the right holder;	causer un préjudice irréparable au titulaire du droit ;
(b) ibimenyetso bifatika bigaragaza ko urega ariwe ufite uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge kandi ko uburenganzira bwe burimo guhungabanywa cyangwa ko ihungabanya ririmo gutegurwa;	(b) any reasonably available evidence indicates that the applicant is the right holder and that the applicant's right is being infringed or that such infringement is imminent;	(b) les éléments de preuve raisonnablement accessibles indiquent que le requérant est le détenteur du droit et qu'il est porté atteinte à son droit ou que cette atteinte est imminente ;
(c) urega atanze ingwate cyangwa ubundi bwishingire hagamijwe kurinda uregwa no gukumira ubuhemu ubwo ari bwo bwose.	(c) the applicant provides a security or equivalent assurance sufficient to protect the defendant and to prevent abuse.	(c) le requérant constitue une caution ou une garantie équivalente suffisante pour protéger le défendeur et prévenir les abus.
(2) Urukiko rufata icyemezo mu gihe kitarenze iminsi itatu y'akazi ibarwa uhereye ku itariki rwashyikirijwe ikirego. Iyo icyemezo cy'agateganyo gifashwe, Urukiko rumenyesha uwatanze ikirego nawe akamenyesha abandi barebwa n'ikibazo.	(2) The court takes a decision within three working days from the date of receipt of the complaint. Where a provisional measure has been adopted without hearing the other party, the competent court gives notice to both parties affected, without delay.	(2) Le tribunal prend une décision dans un délai de trois jours ouvrables à compter de la date de dépôt de la plainte. Lorsqu'une mesure provisoire a été adoptée sans que l'autre partie ne soit entendue, la juridiction compétente en avise les parties affectées sans délai.
(3) Iteka rya Minisitiri rigena ingano y'ingwate cyangwa y'ubwishingire iteganyijwe mu gika cya (1), agaka ka (c) by'iyi ngingo.	(3) An Order of the Minister determines the amount of guarantee or equivalent assurance provided for in Paragraph (1), Subparagraph (c) of this Article.	(3) Un arrêté du Ministre détermine le montant de la garantie ou caution équivalente prévues au paragraphe (1), alinéa (c) du présent article.

Ingingo ya 356: Gusubirishamo icyemezo cy'agateganyo (1) Iyo icyemezo cy'agateganyo cyafashwe hashingiwe ku bikubiye mu ngingo ya 355 y'iri tegeko, uregwa ashobora gutanga, mu rukiko rwari rwafashe icyemezo, ikirego cyo gusubirishamo icyo cyemezo mu minsi 15 ibarwa uhereye ku itariki icyemezo cyamenyekanishirijweho. (2) Mu gihe cyo gusubirishamo icyemezo, urukiko rubifitiye ububasha ruha impande zombi umwanya wo kwisobanura kandi rushobora kugumishaho, guhindura, cyangwa gusesa icyemezo mu gihe kitarenze iminsi ibiri y'umurimo ikurikira itariki ikirego cyo gusubirishamo icyemezo cy'agateganyo cyakiriweho. **Ingingo ya 357: Gukuraho icyemezo cy'agateganyo** Bisabwe n'uwabangamiwe n'icyemezo cy'agateganyo, urukiko rubifitiye ububasha rushobora gusesa icyemezo cy'agateganyo iyo urega adashyikirije urukiko ikirego kigamije kuburanisha urubanza mu mizi mu gihe cy'iminsi 31 ibarwa uhereye ku itariki imenyekanisha ry'icyemezo cy'agateganyo ryakorewe.	**Article 356: Review of a provisional measure** (1) If a provisional measure has been ordered in accordance with Article 355, the defendant may file a request for review with the competent court within 15 days from the notification of the measure. (2) In reviewing the proceedings, the competent court gives both parties an opportunity of being heard and may confirm, modify or revoke the decision within two working days following the day after the reception of the claim of the request for review. **Article 357: Revocation of a provisional measure** Upon request by the defendant, the competent court may revoke a provisional measure if the applicant does not initiate proceedings leading to a decision on the merits of the case within 31 days from the notification of a provisional measure.	**Article 356 : Révision d'une mesure provisoire** (1) Lorsqu'une mesure provisoire a été adoptée en vertu de l'article 355, le défendeur peut introduire une demande de révision auprès de la juridiction compétente dans les 15 jours à compter du jour de notification de la mesure. (2) Lors de la procédure de révision, la juridiction compétente donne aux deux parties une opportunité d'être entendues et peut confirmer, modifier, ou abroger la mesure dans les deux jours ouvrables suivant le jour de réception de la demande de révision. **Article 357 : Révocation d'une mesure provisoire** À la demande du défendeur, la juridiction compétente peut révoquer une mesure provisoire lorsque le requérant n'a pas engagé une procédure conduisant à une décision sur le fond dans un délai de 31 jours à compter du jour de notification d'une mesure provisoire.

<u>Icyiciro cya 2</u>: Ibyemezo bikosora ku birebana n'umutungo bwite mu by'ubwenge	**<u>Section 2</u>: Corrective measures in relation to intellectual property**	**<u>Section 2</u> : Mesures correctives en matière de propriété intellectuelle**
<u>Ingingo ya 358</u>: Gusaba no gufata ibyemezo bikosora mu birebana n'umutungo bwite mu by'inganda	**<u>Article 358</u>: Request and ordering of corrective measures in relation to industrial property**	**<u>Article 358</u> : Demande et adoption de mesures correctives en matière de propriété industrielle**
Bisabwe n'ufite umutungo bwite mu by'inganda cyangwa uwabiherewe uruhushya, urukiko rubifitiye ububasha rushobora gutegeka:	Upon request by the industrial property owner or a licensee, the competent court may order:	À la demande du propriétaire de propriété industrielle ou du titulaire de licence, la juridiction compétente peut ordonner :
(a) guhagarika kwinjiza mu bucuruzi ibicuruzwa bifite ibirango by'ibyiganano cyangwa bihungabanya uburenganzira bw'ufite uburenganzira ku mutungo bwite mu by'inganda no guhagarika kubyamamaza;	(a) cessation of release and advertisement of counterfeit mark goods or goods infringing the industrial property owner's rights into the channels of commerce;	(a) la cessation d'introduction dans les circuits commerciaux de marchandises de marques contrefaites ou de marchandises portant atteinte au droit du propriétaire de propriété industrielle et la cessation de leur publicité ;
(b) kuvana mu bucuruzi, nta ndishyi ibicuruzwa bifite ibirango by'ibyiganano cyangwa bibangamiye uburenganzira bw'ufite uburenganzira ku umutungo bwite mu by'inganda ku buryo arindwa icyahungabanya uburenganzira bwe. Gukuraho ikirango cyashyizweho ku buryo budakurikije amategeko byonyine ntibihagije uretse ku mpamvu zidasanzwe zo gutuma ibicuruzwa byinjizwa mu bucuruzi ;	(b) that the goods bearing counterfeit marks or otherwise infringing the industrial property owner's rights be disposed of without compensation outside the channels of commerce in such a manner as to avoid any harm caused to the right owner. A simple removal of marks unlawfully affixed to the goods is not sufficient, other than in exceptional cases, to permit release of the goods into the channels of commerce;	(b) que les marchandises de marques contrefaites ou portant atteinte au droit du propriétaire de propriété industrielle soient, sans dédommagement, retirées des circuits commerciaux de manière à éviter toute atteinte aux droits du titulaire. Le simple fait de retirer la marque apposée de manière illicite n'est pas suffisant si ce n'est dans des circonstances exceptionnelles pour permettre l'introduction des marchandises dans les circuits commerciaux ;

(c) kuvana mu bucuruzi, nta ndishyi zitanzwe, ibikoresho byifashishijwe cyangwa bishobora kwifashishwa mu guhanga cyangwa gukora ibicuruzwa bifite ibirango by'ibyiganano cyangwa bibangamiye uburenganzira bw'ufite uburenganzira ku mutungo bwite mu by'inganda hagamijwe kwirinda inkurikizi zabangamira uburenganzira bwe;	(c) that materials or instruments that were used or which may be used in the creation or manufacture of goods with imitative marks or goods otherwise infringing the industrial property owner's rights be disposed of outside the channels of commerce without compensation in order to avoid the risks of infringement of the owner's rights;	(c) que les matériaux ou instruments ayant servi ou pouvant servir à la création ou à la fabrication des marchandises de marques contrefaites ou portant atteinte aux droits du titulaire du droit de propriété industrielle soient, sans dédommagement, retirés des circuits commerciaux de manière à minimiser tous risques d'atteinte aux droits du titulaire ;
(d) gufatira, kwamburwa cyangwa gusenya ibicuruzwa by'ibyiganano n'ibikoresho byose byakoreshejwe mu gukora ibicuruzwa by'ibyiganano.	(d) seizure, forfeiture or destruction of the infringing goods and of any materials or instruments used in the manufacture of the infringing goods.	(d) la saisie, la confiscation ou la destruction des marchandises contrefaites et de tous les matériaux ou instruments ayant servi à la fabrication des marchandises contrefaites.
Ingingo ya 359: Gusaba no gufata icyemezo gikosora ku birebana n'uburenganzira bw'umuhanzi n'uburenganzira bushamikiyeho	**Article 359: Request and ordering of a corrective measure in relation to copyrights and related rights**	**Article 359 : Demande et adoption d'une mesure corrective en matière de droits d'auteur et de droits connexes**
(1) Bisabwe n'ufite uburenganzira ku gihangano, ufite uburenganzira bushamikiyeho cyangwa uwahawe uruhushya, urukiko rubifitiye ububasha rushobora gutegeka :	(1) Upon request by a copyright holder, a related rights holder or a licensee, the competent court may order:	(1) À la demande du titulaire du droit d'auteur, du titulaire de droits connexes ou du titulaire de licence, la juridiction compétente peut ordonner :
(a) guhagarika igikorwa kinyuranyije n'amategeko cyangwa gihungabanya uburenganzira ku gihangano;	(a) cessation of unlawful act or act infringing the copyright;	(a) la cessation d'un acte illicite ou portant atteinte au droit d'auteur ;

(b) ifatira, iyamburwa cyangwa iyangizwa ry'amakopi y'ibihangano cyangwa ya fonogaramu yakozwe cyangwa yinjijwe mu gihugu cyangwa se akekwa kuba yarakozwe cyangwa yarinjijwe mu gihugu bidatangiwe uruhushya n'ufite uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge;	(b) seizure, forfeiture or destruction of copies of works or phonograms made or imported or suspected of being made or imported without the authorisation of the intellectual property right holder;	(b) la saisie, la confiscation ou la destruction de copies d'œuvres ou de phonogrammes faits ou importés ou suspects d'être faits ou importés sans l'autorisation du titulaire d'un droit de propriété intellectuelle ;
(c) ifatira, iyamburwa cyangwa iyangizwa ry'ibifuniko by'amakopi y'ibihangano cyangwa ya za fonogaramu, ibikoresho byakoreshejwe mu gukora izo kopi z'ibihangano n'inyandiko, impapuro z'ubucuruzi zijyanye n'izo kopi;	(c) seizure, forfeiture or destruction of the packaging of copies of works or phonograms, materials or instruments used for the making of such copies of works, and the documents, or business papers referring to such copies;	(c) la saisie, la confiscation ou la destruction des emballages des copies d'œuvres ou de phonogrammes, des matériaux ou instruments ayant servi à la fabrication de ces copies d'œuvres et des documents, des papiers commerciaux faisant référence à ces copies ;
(d) gukura ku isoko kopi z'igihangano cyangwa fonogaramu n'ibifuniko byabyo byifashishijwe mu gukora cyangwa gukomeza gukora ibikorwa bibangamira ufite uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge;	(d) disposal outside the channels of commerce of copies, phonograms and their packaging that are used to commit or continue to commit acts of infringement of the intellectual property right holder;	(d) le retrait des circuits commerciaux des copies, des phonogrammes et de leurs emballages qui sont utilisés pour commettre ou continuer à commettre des actes portant atteinte au titulaire d'un droit de propriété intellectuelle ;
(e) gukura ku isoko ibikoresho bishobora gukoreshwa mu gukora cyangwa gukomeza gukora ibikorwa bibangamira ufite uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge.	(e) disposal outside the channels of commerce of the materials or instruments that are likely to be used to commit or continue to commit acts of infringement of the intellectual property right holder.	(e) le retrait des circuits commerciaux des matériaux ou instruments qui sont susceptibles d'être utilisés pour commettre ou continuer à commettre des actes portant atteinte au titulaire d'un droit de propriété intellectuelle.

(2) Gufatira, kwambura cyangwa kwangiza hakurikijwe ibiteganywa n'igika cya (1) cy'iyi ngingo ntibikurikizwa kuri za kopi n'ibifuniko byazo umuntu yabonye nta buriganya.	(2) The seizure, forfeiture or destruction in accordance with Paragraph (1) of this Article is not applicable to copies and their packaging that were acquired by a third party in good faith.	(2) La saisie, la confiscation ou la destruction conformément au paragraphe (1) du présent article ne s'applique pas aux copies et leurs emballages qui ont été acquises de bonne foi par un tiers.
Ingingo ya 360: Itangwa ry'indishyi	**Article 360: Damages**	**Article 360 : Dommages-intérêts**
(1) Urukiko rubifitiye ububasha rushobora gutegeka uwabangamiye ufite uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge kumwishyura indishyi ikwiye iyo uwabangamiye ufite uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge yari azi cyangwa hari impamvu zigaragaza ko yamenye ko yakoraga igikorwa cyo kubangamira ufite uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge.	(1) The competent court may order the infringer of rights of an intellectual property right holder to pay him or her adequate damages where the infringer of rights of an intellectual property right holder knew or had reasonable grounds to know that he or she was engaged in an activity that infringes the rights of an intellectual property right holder.	(1) La juridiction compétente peut ordonner au contrevenant de verser au titulaire du droit de propriété intellectuelle des dommages-intérêts adéquats lorsque le contrevenant savait ou avait des raisons valables de croire qu'il se livrait à une activité portant atteinte aux droits du titulaire d'un droit de propriété intellectuelle.
(2) Urukiko rubifitiye ububasha rushobora gutegeka uwabangamiye ufite uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge kumwishyura inyungu yabonye kubera gukora igikorwa kibangamira uburenganzira bwe yaba yaragikoze abizi cyangwa atabizi.	(2) The competent court may order the infringer of rights of an intellectual property right holder to pay him or her the profits obtained by him or her by engaging, knowingly or with reasonable grounds to know, in an activity that infringes his or her rights.	(2) La juridiction compétente peut ordonner au contrevenant des droits du titulaire d'un droit de propriété intellectuelle de lui verser des profits réalisés par lui grâce au fait de se livrer à une activité portant atteinte à ses droits sans le savoir ou sans avoir de motifs raisonnables de le savoir.
(3) Iyo urukiko rubifitiye ububasha rusanze uwatanze ikirego cy'iyubahirizwa ry'uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge yarabikoze mu buriganya,	(3) Where the competent court finds that the applicant filed the complaint in bad faith, it orders him or her to pay the defendant adequate compensation for the injury suffered.	(3) Lorsque la juridiction compétente constate que le requérant a présenté la plainte de mauvaise foi, elle lui ordonne de payer au défendeur un

rumutegeka kwishyura uwarezwe indishyi ikwiye ku gihombo yagize.		dédommagement adéquat en réparation du dommage subi.
Ingingo ya 361: Uburenganzira ku makuru	**Article 361: Right of information**	**Article 361 : Droit d'information**
Urukiko rubifiye ububasha rubisabwe n'ufite uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge, ufite uburenganzira burengewe cyangwa undi muntu ubifitemo inyungu, rushobora gutegeka uwabangamiye uburenganzira burengewe kumenyesha ufite uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge amazina y'abandi bantu bagize uruhare mu gukora no gukwirakwiza ibicuruzwa by'ibyiganano cyangwa gutanga servisi zitatangiwe uruhushya n'inzira byakozwemo.	Upon request by the intellectual property right holder, the protected right holder or any other interested person, the competent court may order the infringer of rights of an intellectual property right holder to inform the intellectual property right holder of the identity of third persons involved in the production and distribution of the infringing goods or services and of their channels of distribution.	À la demande du titulaire d'un droit de propriété intellectuelle, du titulaire d'un droit protégé ou de toute autre personne intéressée, la juridiction compétente peut ordonner au contrevenant des droits du titulaire d'un droit de propriété intellectuelle d'informer le détenteur du droit de l'identité des tiers participant à la production et à la distribution des marchandises ou services en cause, ainsi que de leurs circuits de distribution.
Ingingo ya 362: Itangwa ry'ibimenyetso ku byerekeye uburyo bwakoreshejwe mu buvumbuzi	**Article 362: Burden of proof in relation to the process patent**	**Article 362 : Charge de la preuve en matière de brevet de procédé**
(1) Iyo ikirego cyatanzwe n'ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi ari icyerekeranye n'uburyo bwakoreshejwe mu buvumbuzi kugira ngo icyatunganyijwe kigerweho, urukiko rubifitiye ububasha rushobora gutegeka uregwa gutanga ibimenyetso bigaragaza ko uburyo bwakoreshejwe kugira ngo agere ku cyatunganyijwe gisa n'icy'urega	(1) If the subject matter of a patent is a process for obtaining a product, the competent court can order the defendant to prove that the process to obtain an identical product is different from the patented process.	(1) Si l'objet du brevet est un procédé d'obtention d'un produit, la juridiction compétente peut ordonner au défendeur de prouver que le procédé utilisé pour obtenir un produit identique est différent du procédé breveté.

butandukanye n'ubwatangiwe impamyabuvumbuzi.		
(2) Iyo icyatunganyijwe gisa n'icyatunganyijwe kirengewe nta ruhushya rw'ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi kandi iyo nta kimenyetso kibivuguruza, gifatwa nk'aho cyagezweho hifashishijwe uburyo burengewe kuri imwe mu mpamvu zikukurikira:	(2) Any identical product when produced without the consent of the patent owner is, in the absence of proof to the contrary, deemed to have been obtained by the patented process for one of the following reasons:	(2) Tout produit identique fabriqué sans le consentement du titulaire du brevet est, jusqu'à preuve du contraire, considéré comme ayant été obtenu par le procédé breveté pour l'une des raisons suivantes :
(a) iyo icyatunganijwe ari gishya;	(a) if the product obtained by the patented process is new;	(a) le produit obtenu par le procédé breveté est nouveau ;
(b) iyo icyatunganijwe cyakozwe hifashishijwe ubwo buryo busa, kandi ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi akaba atarashoboye gusobanura uburyo nyakuri bwakoreshejwe ubwo ari bwo.	(b) if there is a substantial likelihood that the identical product was made by the process and the owner of the patent has been unable through reasonable efforts to determine the process actually used.	(b) la probabilité est grande que le produit identique a été obtenu par le procédé et le titulaire du brevet n'a pas pu, en dépit d'efforts raisonnables, déterminer quel procédé a été en fait utilisé.
(3) Mu gusaba ko hatangwa ibimenyetso, urukiko rubifitiye ububasha rwashyikirijwe ikirego, ntirushyira ahagaragara amabanga y'uburyo ikintu cyakozwe n'amabanga y'ubucuruzi by'uwabangamiye uburenganzira bw'ufite uburenganzira ku mpamyabuvumbuzi.	(3) In requiring the production of proof, the competent court before which the proceedings take place do not disclose manufacturing and business secrets of the alleged infringer.	(3) En demandant la production de la preuve, la juridiction compétente saisie ne divulgue pas les secrets de fabrication et de commerce du prétendu contrevenant.
<u>Icyiciro cya 3</u>: Ibyemezo byihariye bikurikizwa ku mupaka	**<u>Section 3</u>: Special requirements related to border measures**	**<u>Section 3</u> : Prescriptions spéciales concernant les mesures à la frontière**

<u>Akiciro ka mbere</u>: Ibyemezo bishobora gufatwa n'ubuyobozi bwa gasutamo	**<u>Subsection One</u>: Measures that may be taken by the customs authority**	**<u>Sous-section première</u> : Mesures pouvant être prises par l'autorité douanière**
<u>Ingingo ya 363</u>: Gusaba guhagarika ikwirakwizwa ry'ibicuruzwa by'ibyiganano	**<u>Article 363</u>: Request for suspension of the release of goods into free circulation**	**<u>Article 363 :</u> Demande de suspension de mise en libre circulation des marchandises**
(1) Ubuyobozi bwa gasutamo bubisabwe mu nyandiko n'ufite uburenganzira, ufite impamvu zifatika zo gukeka ko hari umugambi wo kwinjiza mu gihugu ibicuruzwa by'ibyiganano cyangwa bubyibwirije, bushobora guhagarika imirimo yose ijyanye no gukura ibyo bicuruzwa muri gasutamo n'ikwirakwiza ryabyo.	(1) Upon a request in writing by a right holder who has valid grounds for suspecting that the importation of counterfeit goods or upon own initiative, the customs authority may suspend the customs clearance procedures and release into free circulation of goods.	(1) À la demande écrite du titulaire du droit qui a des motifs valables de soupçonner que l'importation de marchandises contrefaites est envisagée ou de sa propre initiative, l'autorité douanière peut suspendre les procédures de dédouanement et de mise en libre circulation des marchandises.
(2) Ubuyobozi bwa gasutamo bushobora gutegeka uwasabye guhagarika imirimo ijyanye no gukura ibicuruzwa muri gasutamo no kubikwirakwiza gutanga ibimenyetso bihagije bigaragaza ko habayeho iyigana ry'ibicuruzwa no gutanga ibisobanuro bihagije by'ibicuruzwa kugira ngo ubuyobozi bwa gasutamo bushobore kubitahura bitabugoye.	(2) The customs authority may require the applicant who requested the suspension of the customs clearance procedures and release into free circulation of goods to provide adequate evidence to prove that there was a counterfeit of goods and to supply a sufficiently detailed description of the goods to make them readily recognisable by the customs authority.	(2) L'autorité douanière peut exiger au demandeur de suspension des procédures de dédouanement et de mise en libre circulation des marchandises de fournir des éléments de preuve adéquats pour prouver qu'il y a eu une contrefaçon de marchandises ainsi qu'une description suffisamment détaillée des marchandises pour que l'autorité douanière puisse les reconnaître facilement.
<u>Ingingo ya 364</u>: Ibicuruzwa bifatwa nk'ibyiganano	**<u>Article 364</u>: Goods considered as counterfeit**	**<u>Article 364 </u>: Marchandises considérées comme contrefaites**
Ibicuruzwa bifatwa nk'ibyiganano iyo:	Goods are considered as counterfeit if:	Les marchandises sont considérées comme contrefaites lorsque :

(a) byigana ikirango cyandikishijwe cyangwa ikimenyetso ndangahantu cyakoreshejwe ku bireba ibyo bicuruzwa iyo gukoresha ibyo bicuruzwa ku mpamvu z'ubucuruzi muri Repubulika y'u Rwanda bibangamira uburenganzira bihabwa n'ikirango cyangwa ikimenyetso ndangahantu;	(a) they infringe a registered mark or a geographical indication used in relation to such goods if the use of such goods for commercial purposes in the Republic of Rwanda would infringe the rights conferred by the mark or geographical indication;	(a) elles portent atteinte à une marque enregistrée ou une indication géographique utilisée en rapport avec ces marchandises lorsqu'une telle utilisation à des fins commerciales en République du Rwanda porterait atteinte aux droits conférés par la marque ou l'indication géographique ;
(b) bibangamira uburenganzira bw'umuhanzi cyangwa uburenganzira bushamikiyeho cyangwa undi muntu wabiherewe uruhushya na nyir'ubwo burenganzira mu gihugu byakorewemo kandi byakozwe ku buryo buziguye cyangwa butaziguye bivanwe ku gicuruzwa iyo gukorera iyo kopi muri Repubulika y'u Rwanda byashoboraga kubangamira uburenganzira bw'umuhanzi cyangwa uburenganzira bushamikiyeho;	(b) they infringe a copyright or related right if they are copies made without the consent of the right holder or a person duly authorised by the right holder in the country of production and which were made directly or indirectly from an article where the making of that copy in the Republic of Rwanda would have constituted an infringement of a copyright or a related right;	(b) elles portent atteinte au droit d'auteur ou droit connexe lorsqu'elles sont des copies faites sans le consentement du titulaire du droit ou d'une personne dûment autorisée par lui dans le pays de production et qui sont faites directement ou indirectement à partir d'un article dans les cas où la réalisation de ces copies en République du Rwanda aurait constitué une atteinte au droit d'auteur ou à un droit connexe ;
(c) bifitanye isano n'ubundi burenganzira burengerwa, kubyinjiza mu gihugu cyangwa kubisakaza mu nzira z'ubucuruzi byavamo ibikorwa bigize icyaha cyo kwigana umutungo bwite mu by'ubwenge.	(c) in relation to any other right protected, their importation or circulation in the channels of commerce would result in acts constituting an infringement of intellectual property right.	(c) par rapport à tout autre droit protégé, leur importation ou circulation dans les circuits commerciaux serait cause des actes constitutifs de contrefaçon de la propriété intellectuelle.
Ingingo ya 365: Kumenyesha ihagarikwa ry'ikwirakwizwa ry'ibicuruzwa by'ibyiganano	**Article 365: Notice of suspension of the release of goods into free circulation**	**Article 365 : Avis de suspension de mise en libre circulation des marchandises**
(1) Ihagarikwa ry'ikwirakwiza ry'ibicuruzwa by'ibyiganano ryakozwe n'ubuyobozi bwa	(1) The suspension of the release of goods into free circulation by the customs	(1) La suspension de mise en libre circulation des marchandises par l'autorité douanière

gasutamo bubyibwirije cyangwa bubisabwe n'ufite uburenganzira rimenyeshwa ufite uburenganzira n'uwinjije ibicuruzwa.	authority upon own initiative or upon request by the right holder is notified to the right holder and to the importer.	de sa propre initiative ou à la demande du titulaire d'un droit est notifiée au titulaire d'un droit et à l'importateur.
(2) Imenyesha rivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo rikorwa mu gihe kitarenze iminsi itanu y'akazi ibarwa uhereye ku itariki icyemezo cy'ihagarika cyafatiwe.	(2) The notice referred to in Paragraph (1) of this Article is served within five working days from the date on which the decision of suspension was made.	(2) L'avis visé au paragraphe (1) du présent article est fait dans un délai de cinq jours ouvrables à compter du jour où la mesure de suspension a été prise.
Ingingo ya 366: Gusuzuma no gutanga amakuru ku bicuruzwa by'ibyiganano	**Article 366: Inspection and information on counterfeit goods**	**Article 366 : Inspection et information sur les marchandises contrefaites**
(1) Haseguriwe ihame ryo kudahishura amakuru y'ibanga, ubuyobozi bwa gasutamo bushobora kwemerera ufite uburenganzira burengewe, ufite uburenganzira ku bicuruzwa, uwabyinjije cyangwa uwo bigenewe gusuzuma ibicuruzwa byahagarikiwe ikwirakwizwa no gufata indobanwa kugira ngo zisuzumwe, zipimwe kandi zinasesengurwe hagamijwe gusobanura ibyo buri ruhande rusaba cyangwa rwireguraho.	(1) Without prejudice to the protection of confidential information, the customs authority may allow the protected right holder, the owner, the importer or the consignee to inspect the goods of which the release into circulation has been suspended and to remove samples for inspection, testing and analysis, in order to substantiate each party's claims.	(1) Sans préjudice de la protection des renseignements confidentiels, l'autorité douanière peut autoriser le titulaire du droit protégé, le propriétaire, l'importateur ou le destinataire d'inspecter les marchandises dont la mise en circulation est suspendue et de prendre des échantillons pour inspection, essai et analyse afin d'établir le bien-fondé des allégations de chaque partie.
(2) Iyo gukwirakwiza ibicuruzwa bihagaritswe, ubuyobozi bwa gasutamo bumenyesha ufite uburenganzira burengewe umwirondoro wa nyir'ibicuruzwa, uwabyinjije cyangwa	(2) If the release of goods into circulation is suspended, the customs authority informs the protected right holder of the identity of the owner, the importer or the consignee, as well as the goods and their quantity.	(2) Lorsque la mise en circulation des marchandises est suspendue, l'autorité douanière informe le titulaire du droit protégé de l'identification du propriétaire, de l'importateur et du destinataire, ainsi que des marchandises et de leur quantité.

uwo bigenewe, ibicuruzwa n'ingano yabyo.		
<u>Ingingo ya 367</u>: Itangwa ry'ingwate ku guhagarika ikwirakwizwa ry'ibicuruzwa by'ibyiganano	**<u>Article 367</u>: Provision of a security for suspension of release of counterfeit goods into free circulation**	**<u>Article 367</u> : Constitution d'une caution pour la suspension de mise en circulation des marchandises contrefaites**
(1) Ubuyobozi bwa gasutamo buhagarika ikwirakwizwa ry'ibicuruzwa uwabisabye agaragaje ko yatanze ingwate cyangwa ubundi bwishingire.	(1) The customs authority suspends the release of goods into free circulation after the applicant provides a security or equivalent assurance.	(1) L'autorité douanière suspend la mise en circulation des marchandises après la constitution d'une caution ou d'une garantie équivalente par le requérant.
(2) Ingwate ivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo igenewe ibi bikurikira:	(2) The security referred to in Paragraph (1) of this Article is intended to:	(2) La caution visée au paragraphe (1) du présent article est destinée à :
(a) kwishyura imirimo ijyanye no guhagarika ikwirakwizwa ryakozwe n'ubuyobozi bwa gasutamo;	(a) cover expenditures related to the suspension of release into free circulation by the custom authority;	(a) couvrir les dépenses en rapport avec les mesures de suspension de la mise en circulation par l'autorité douanière ;
(b) guha indishyi ikwiye uwinjije ibicuruzwa igihe bigaragaye ko nta kwigana kwakozwe.	(b) pay the importer appropriate compensation if it is found that there was no infringement.	(b) verser à l'importateur un dédommagement approprié s'il est prouvé qu'il n'y a pas eu de contrefaçon.
(3) Iyo gukwirakwiza ibicuruzwa by'ibyiganano bihagaritswe n'ubuyobozi bwa gasutamo bubyibwirije, ingwate itangwa n'ufite uburenganzira ku bicuruzwa mu gihe cy'iminsi 10 y'akazi ibarwa uhereye itariki yabimenyesherejwe. Mu gihe ingwate idatanzwe, ibicuruzwa birarekurwa.	(3) If the release of goods into circulation has been suspended by the customs authority upon own initiative, the security is provided by the owner within 10 working days from the notification. If the security is not provided, the goods are released.	(3) Lorsque la mise en circulation des marchandises a été suspendue par l'autorité douanière de sa propre initiative, la caution est constituée par le propriétaire dans un délai de 10 jours ouvrables à compter de la notification. Lorsque la caution n'est pas constituée, les marchandises sont mises en circulation.

(4) Iteka rya Minisitiri rigena ingano y'ingwate cyangwa y'ubwishingire itangwa ku bicuruzwa bisabirwa guhagarika ikwirakwizwa.	(4) An Order of the Minister determines the amount of security or equivalent assurance provided for goods of which the release into circulation is sought.	(4) Un arrêté du Ministre détermine le montant de la caution ou de la garantie équivalente constituée pour les marchandises dont la mise en circulation a été demandée.
Ingingo ya 368: Igihe guhagarika ikwirakwizwa ry'ibicuruzwa bimara	**Article 368: Duration of suspension of release of goods into free circulation**	**Article 368: Durée de suspension de mise en libre circulation des marchandises**
(1) Uwasabye guhagarika ikwirakwizwa ry'ibicuruzwa agaragariza ubuyobozi bwa gasutamo ko yashyikirije urukiko rubifitiye ububasha ikirego cyangwa akabugaragariza icyemezo cy'agateganyo cyongera igihe cy'ihagarikwa ry'ikwirakwiza cyafashwe n'urukiko rubifitiye ububasha mu gihe kitarenze iminsi 10 y'akazi ibarwa uhereye ku itariki yamenyesherejweho icyemezo cyo guhagarika ikwirakwiza ry'ibicuruzwa.	(1) The applicant for suspension of release of goods into free circulation informs the customs authority that he or she has initiated proceedings before the competent court or that a provisional measure prolonging the suspension of the release has been taken by the competent court within 10 working days after the protected right holder has been served notice of the suspension of release of goods into circulation.	(1) Le demandeur de suspension de mise en libre circulation des marchandises informe l'autorité douanière qu'il a engagé une procédure devant la juridiction compétente ou qu'une mesure provisoire prolongeant la suspension a été prise par la juridiction compétente dans un délai ne dépassant pas 10 jours ouvrables après que le requérant ait été avisé de la suspension de mise en libre circulation des marchandises.
(2) Iyo ibisabwa biteganyijwe mu gika cya (1) cy'iyi ngingo bitubahirijwe, ibicuruzwa birarekurwa nyuma yo kubahiriza imihango yo gukura ibicuruzwa muri gasutamo.	(2) If the conditions provided for in Paragraph (1) of this Article have not been complied with, the goods are released provided that all other formalities of customs clearance have been complied with.	(2) Lorsque les conditions prévues au paragraphe (1) du présent article ne sont pas remplies, les marchandises sont mises en libre circulation sous réserve que les autres formalités de dédouanement aient été remplies.
(3) Iyo ubusabe bwo guhagarika ikwirakwiza ry'ibicuruzwa bwerekeye igishushanyo n'icyitegererezo bikoreshwa mu nganda, ubuvumbuzi, ubuvumbuzi bucirirtse**,** igishushanyo ndangamiterere cyangwa	(3) If the application for suspension of the release of goods involves industrial designs, patents, layout-designs or trade secrets into free circulation that have been suspended by the customs	(3) Lorsque la demande de suspension de la mise en circulation des marchandises comporte des dessins ou modèles industriels, des brevets, des schémas de configuration ou des secrets commerciaux,

amakuru y'ibanga mu bucuruzi byahagaritswe n'ubuyobozi bwa gasutamo kandi n'igihe cy'ihagarikwa ry'ibicuruzwa kivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo kikarangira urukiko rutarategeka ko ibicuruzwa birekurwa kandi n'ibindi byose bisabwa mu kwinjiza ibicuruzwa bikaba byubahirijwe, ufite uburenganzira kuri ibyo ibicuruzwa**,** uwabyinjije cyangwa uwo ibyo bicuruzwa bigenewe agira uburenganzira bw'uko birekurwa amaze gutanga ingwate ihagije kugira ngo ufite uburenganzira wasabye ihagarikwa ry'ibicuruzwa arindwe igihombo cyakomoka ku ibangamirwa iryo ari ryo ryose.	authority, and the period of suspension of the goods provided for in Paragraph (1) of this Article has expired without the decision of the court to release the goods, and provided that all other conditions for importation have been complied with, the owner, importer, or consignee of such goods is entitled to their release on the posting of a security in an amount sufficient to protect the right holder for any infringement.	et que le délai prévu au paragraphe (1) du présent article est arrivé à expiration sans que la juridiction ait décidé que les marchandises soient mises en circulation, et sous réserve que toutes les autres conditions fixées pour l'importation aient été remplies, le propriétaire, l'importateur ou le destinataire de ces marchandises aura la faculté de les faire mettre en libre circulation moyennant le dépôt d'une caution dont le montant sera suffisant pour protéger le titulaire du droit de toute atteinte à son droit.
(4) Iyo uwasabye ihagarikwa ry'ikwirakwiza ry'ibicuruzwa adatanze ikirego cy'indishyi mu rukiko rubifitiye ububasha mu gihe kitarenze iminsi 14 ibarwa uhereye ku itariki yo guhagarika ikwirakwizwa ry'ibicuruzwa ingwate irasubizwa.	(4) If the applicant for suspension of the release of goods into circulation fails to initiate a civil action before the competent court within 14 days from the date of suspension of the release of goods into circulation, the security is released.	(4) Le demandeur de la suspension de mise en circulation des marchandises n'intente pas une action civile devant la juridiction compétente dans un délai de 14 jours à compter du jour de la suspension de mise en circulation des marchandises, la caution est libérée.
<u>Ingingo ya 369</u>: Ukutaryozwa k'ubuyobozi bwa gasutamo	**<u>Article 369</u>: Non liability of customs authority**	**<u>Article 369 </u>: Non responsabilité de l'autorité douanière**
Ubuyobozi bwa gasutamo n'abakozi babwo ntibaryozwa igikorwa gikozwe mu gihe hubahirijwe amategeko n'imihango yo gukura ibicuruzwa muri gasutamo no guhagarika	The customs authority and its employees are not liable for any action taken in compliance with formalities of customs clearance of goods and suspension of their release into free	L'autorité douanière et ses employés sont déchargés de toute responsabilité pour toute action entreprise dans le respect des formalités de dédouanement des marchandises et la

ikwirakwizwa ryabyo niyo nyuma bigaragaye ko habayeho ikwirakwizwa ry'ibicuruzwa bibangamira ufite uburenganzira burengewe.	circulation, even if it is later proved that goods infringing a protected right holder have been released into free circulation.	suspension de leur mise en libre circulation même si plus tard il est prouvé qu'il y a eu la mise en circulation des marchandises portant atteinte au titulaire du droit protégé.
Ingingo ya 370: Ibicuruzwa bitarebwa n'ibyemezo byihariye bikurikizwa ku mupaka	**Article 370: Goods not subject to special border measures**	**Article 370 : Marchandises non soumises à des mesures à la frontière**
Ibyemezo byihariye bikurikizwa ku mupaka ntibireba ibi bikurikira: (a) ibicuruzwa bike byinjijwe mu gihugu hatagamije ubucuruzi; (b) ibicuruzwa binyujijwe ku butaka bwa Repubulika y'u Rwanda.	Special border measures do not apply to the following: (a) small quantities of goods of a non-commercial nature; (b) goods that are in transit on the territory of the Republic of Rwanda.	Les mesures spéciales à la frontière ne s'appliquent pas aux cas suivants : (a) de petites quantités de marchandises sans caractère commercial ; (b) des marchandises en transit sur le territoire de la République du Rwanda.
Akiciro ka 2: Ibyemezo bifatwa n'inkiko	**Subsection 2: Measures ordered by courts**	**Sous-section 2 : Mesures prises par les juridictions**
Ingingo ya 371: Impamvu urukiko rushingiraho rufata icyemezo	**Article 371: Grounds for court's measure**	**Article 371 : Motifs de la mesure d'une juridiction**
Urukiko rubifitiye ububasha rushobora gufata icyemezo hagamijwe gukumira ibangamira ry'uburenganzira ku bicuruzwa rushingiye nibura ku mpamvu zikurikira: (a) iyo ibyo bicuruzwa bibangamiye uburenganzira ku mutungo bwite mu	The competent court may order a measure aimed at preventing any infringement of a right to goods on the following grounds: (a) if such goods infringe intellectual property rights protected in the Republic of Rwanda;	La juridiction compétente peut prendre une mesure pour prévenir l'atteinte à un droit sur les marchandises pour les motifs suivants : (a) lorsque ces marchandises portent atteinte aux droits de propriété

by'ubwenge burengerwa muri Repubulika y'u Rwanda; (b) iyo gutunganya ibyo bicuruzwa cyangwa kubishyira ku isoko muri Repubulika y'u Rwanda ari igikorwa cy'ihiganwa ritemewe.	(b) if the processing of such goods or their circulation on the Rwandan market is an act of unfair competition.	intellectuelle protégés en République du Rwanda ; (b) lorsque la production de ces marchandises ou leur circulation sur le marché rwandais constitue un acte de concurrence déloyale.
Ingingo ya 372: Icyemezo gifatwa n'urukiko	**Article 372: Measure ordered by a court**	**Article 372 : Mesure prise par une juridiction**
(1) Urukiko rubifitiye ububasha iyo rusanze harabaye ibangamira ry'uburenganzira ku bicuruzwa rushobora gufata icyemezo cyo: (a) kuvana ibyo bicuruzwa ku isoko ry'u Rwanda; (b) guhagarika ibikorwa by'ubucuruzi bw'ibicuruzwa bibangamira uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge; (c) kwangiza ibyo bicuruzwa.	(1) If the competent court determines that a right to goods has been infringed, it may order: (a) the disposal of such goods outside the Rwandan market; (b) the suspension of commercial activities for goods that infringe intellectual property rights; (c) the destruction of such goods.	(1) Lorsque la juridiction compétente constate qu'il y a eu atteinte à un droit aux marchandises, elle peut ordonner : (a) le retrait de telles marchandises sur le marché rwandais ; (b) la suspension des activités de commercialisation des marchandises qui portent atteinte aux droits de propriété intellectuelle ; (c) la destruction de telles marchandises.
(2) Mbere yo gufata icyemezo cyo kwangiza ibicuruzwa bibangamira uburenganzira no kubivana ku isoko, urukiko rugereranya uburemere bw'ibangamira byateza ku isoko, n'icyemezo cyafashwe n'inyungu z'abandi bantu.	(2) Before an order for destruction of the goods infringing rights and their disposal outside the market is made, the court considers the proportionality between the seriousness of the infringement and the remedies ordered as well as the interests of third parties.	(2) Avant que l'ordre de destruction des marchandises portant atteinte aux droits et de leur retrait du marché ne soit pris, la juridiction tient compte de la proportionnalité entre la gravité de l'atteinte et les mesures correctives ordonnées ainsi que des intérêts des tiers.

UMUTWE WA II: IBYAHA N'IBIHANO	**CHAPTER II: OFFENCES AND SANCTIONS**	**CHAPITRE II : INFRACTIONS ET SANCTIONS**
Ingingo ya 373: Kubangamira uburenganzira ku mutungo bwite mu by'ubwenge	**Article 373: Infringement of intellectual property rights**	**Article 373 : Violation des droits de propriété intellectuelle**
Umuntu ukoresha umutungo bwite mu by'ubwenge atabyemerewe n'ufite uburenganzira kuri uwo mutungo, agakora kimwe mu bikorwa bikurikira abigambiriye kandi agamije ubucuruzi:	Any person who uses intellectual property without right owner's consent and performs any of the following acts intentionally and for commercial purposes:	Toute personne qui utilise la propriété intellectuelle sans le consentement du titulaire du droit et fait l'un des actes suivants intentionnellement et à des fins commerciales :
(a) kwigana uburenganzira bw'umuhanzi cyangwa uburenganzira bushamikiyeho burengerwa;	(a) infringing the copyrights or related rights protected;	(a) contrefaire les droits d'auteur ou des droits connexes protégés ;
(b) gukora, kugurisha, gutanga kugira ngo bagure, gutanga kugira ngo bakodeshe, gutunga cyangwa kwinjiza ku butaka bw'u Rwanda ibicuruzwa by'ibyiganano;	(b) producing, selling, offering for sale, offering for rent, owning or importing on the territory of Rwanda the alleged infringing goods;	(b) produire, vendre, offrir à la vente, offrir à location, posséder ou importer sur le territoire du Rwanda les marchandises contrefaites ;
(c) gukoresha ikirango cy'undi muntu; aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka 3 ariko kitarenze imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga atari munsi ya FRW 3.000.000 ariko atarenze FRW 5.000.000.	(c) uses a mark of another person; commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 3 years but not more than 5 years and a fine of not less than FRW 3,000,000 but not more than FRW 5,000,000.	(c) utiliser une marque d'une autre personne ; commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 3 ans mais n'excédant pas 5 ans et d'une amende d'au moins 3.000.000 FRW mais n'excédant pas 5.000.000 FRW.

Ingingo ya 374: Gukina cyangwa gutangaza igihangano mu buryo bwo kwigana Umuntu wese, ukina cyangwa utangaza igihangano mu buryo bwiganwe, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka 3 ariko kitarenze imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga atari munsi ya FRW 7.000.000 ariko atarenze FRW 10.000.000.	**Article 374: Performing or publishing a work in forgery manner** Any person who performs or publishes a work in a forgery manner commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 3 years but not more than 5 years and a fine of not less than FRW 7,000,000 but not more than FRW 10,000,000.	**Article 374 : Interprétation ou publication d'une œuvre avec contrefaçon** Toute personne qui exécute ou publie une œuvre avec contrefaçon commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 3 ans mais n'excédant pas 5 ans et d'une amende d'au moins 7.000.000 FRW mais n'excédant pas 10.000.000 FRW.
Ingingo ya 375: Gukoresha izina ry'umuhanzi mu buriganya cyangwa ikimenyetso gitandukanya ku gihangano cy'ubuvanganzo, icy'ubugeni cyangwa icy'ubumenyi Umuntu wese, ukoresha mu buryo bw'uburiganya izina ry'umuhanzi cyangwa ikimenyetso gitandukanya ku gihangano cy'ubuvanganzo, icy'ubugeni cyangwa icy'ubumenyi, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka 3 ariko kitarenze imyaka 5 n'ihazabu y'amafaranga atari munsi ya FRW 7.000.000 ariko atarenze FRW 10.000.000.	**Article 375: Fraudulent use of the name of an author or his or her distinctive sign on a literary, artistic or scientific work** Any person who fraudulently uses the name of an author or his or her distinctive sign on a literary, artistic or scientific work, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 3 years but not more than 5 years and a fine of not less than FRW 7,000,000 but not more than FRW 10,000,000.	**Article 375 : Utilisation frauduleuse du nom d'un auteur ou de son signe distinctif sur une œuvre littéraire, artistique ou scientifique** Toute personne qui utilise frauduleusement le nom d'un auteur ou de son signe distinctif sur une œuvre littéraire, artistique ou scientifique, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 3 ans mais n'excédant pas 5 ans et d'une amende d'au moins 7.000.000 FRW mais n'excédant pas 10.000.000 FRW.

Ingingo ya 376: Kugurisha ibyatunganyijwe byiganwe Umuntu wese ugurisha ibyatunganyijwe mu buryo byiganwe abizi, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa ihazabu y'amafaranga itari munsi ya FRW 300.000 ariko atarenze FRW 500.000.	**Article 376: Sale of counterfeit products** Any person who knowingly sells counterfeit products, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to a fine of not less than FRW 300,000 but not more than FRW 500,000.	**Article 376 : Vente de produits contrefaits** Toute personne qui sciemment vend des produits contrefaits, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle passible d'une amende d'au moins 300.000 FRW mais n'excédant pas 500.000 FRW.
Ingingo ya 377: Gutangariza rubanda igihangano kirengewe nta ruhushya Umuntu wese usakaza cyangwa utangariza rubanda igihangano kirengewe akoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose bw'itumanaho, atabiherewe uruhushya n'ufite uburenganzira ku gihangano cyangwa umuhagarariye, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa ihazabu y'amafaranga atari munsi ya FRW 1.000.000 ariko atarenze FRW 2.000.000**.**	**Article 377: Communication to the public of a protected work without authorisation** Any person who broadcasts or communicates to the public a protected work by any means of communication channels, without prior authorisation of right owner or his or her representative, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to a fine of not less than FRW 1,000,000 but not more than FRW 2,000,000.	**Article 377 : Communication au public d'une œuvre protégée sans autorisation** Toute personne qui diffuse ou communique au public une œuvre protégée par toute voie de communication sans l'autorisation préalable du titulaire du droit ou de son représentant, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une amende d'au moins 1.000.000 FRW mais n'excédant pas 2.000.000 FRW.
Ingingo ya 378: Gutanga cyangwa guha undi muntu uburenganzira bwo gukina igihangano nta ruhushya rwa nyiracyo Umuntu wese utanga cyangwa uha undi muntu uburenganzira bwo gukina igihangano nta ruhushya rw'ufite uburenganzira ku gihangano cyangwa umuhagarariye cyangwa undi muntu wese ukoresha uruhushya rutari ukuri, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko,	**Article 378: Granting or giving another person the right to perform a work without authorisation of the owner** Any person who grants or gives another person the right to perform a work without authorisation of the right owner or his or her representative, or any other person who acts under false authorisation, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to	**Article 378 : Accorder ou donner à une autre personne le droit d'exécuter une œuvre sans l'autorisation du titulaire** Toute personne qui accorde ou donne à une autre personne le droit d'exécuter une œuvre sans l'autorisation du titulaire de droits ou de son représentant, ou toute autre personne qui agit sous une fausse autorisation, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue

ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka 1 ariko kitarenze imyaka 2 n'ihazabu y'amafaranga atari munsi ya FRW 500.000 ariko atarenze FRW 1.000.000**.**	imprisonment for a term of not less than 1 year but not more than 2 years and a fine of not less than FRW 500,000 but not more than FRW 1,000,000.	coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 1 année mais n'excédant pas 2 ans et d'une amende d'au moins 500.000 FRW mais n'excédant pas 1.000.000 FRW.
Ingingo ya 379: Kwiba cyangwa gukoresha mu buryo bw'uburiganya forumire ikoreshwa mu buvumbuzi	**Article 379: Steal or use by fraudulent manner a formula of invention**	**Article 379 : Vol ou utilisation frauduleuse d'une formule d'invention**
Umuntu wiba cyangwa ukoresha mu buryo bw'uburiganya forumire ikoreshwa mu buvumbuzi, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka 3 ariko kitarenze imyaka 5, n'ihazabu y'amafaranga atari munsi ya FRW 7.000.000 ariko atarenze FRW 10.000.000.	Any person who steals or uses by fraudulent manner a formula of invention, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to imprisonment for a term of not less than 3 years but not more than 5 years and a fine of not less than FRW 7,000,000 but not more than FRW 10,000,000.	Toute personne qui vole ou qui utilise de façon frauduleuse une formule d'invention, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins 3 ans mais n'excédant pas 5 ans et d'une amende d'au moins 7.000.000 FRW mais n'excédant pas 10.000.000 FRW.
Ingingo ya 380: **Igikorwa cy'ihiganwa kirimo uburiganya ku byerekeye umutungo bwite mu by'ubwenge**	**Article 380: Act of unfair competition with respect to intellectual property**	**Article 380 : Acte de concurrence déloyale en matière de propriété intellectuelle**
Umuntu ukoze igikorwa cy'ihiganwa kirimo uburiganya ku byerekeye umutungo bwite mu by'ubwenge, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa ihazabu y'amafaranga atari munsi ya FRW 7.000.000 ariko atarenze FRW 10.000.000.	Any person who performs an act of unfair competition with respect to intellectual property, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to a fine of not less than FRW 7,000,000 but not more than FRW 10,000,000.	Toute personne qui fait un acte de concurrence déloyale en matière de propriété intellectuelle, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une amende d'au moins 7.000.000 FRW mais n'excédant pas 10.000.000 FRW.

Ingingo ya 381: Ihanwa ry'ikigo cyangwa urwego bifite ubuzima gatozi	**Article 381: Punishment of a corporate body or a legal entity**	**Article 381 : Sanction d'une personne morale ou d'une entité juridique**
Ikigo cyangwa urwego bifite ubuzima gatozi bikoze kimwe mu byaha bivugwa mu ngingo ya 373, iya 374, iya 375, iya 376, iya 377, iya 378, iya 379 n'iya 380 z'iri tegeko biba bikoze icyaha. Iyo bigihamijwe n'urukiko, bihanishwa ihazabu y'amafaranga yikubye inshuro icumi ku gihano cy`ihazabu giteganyijwe kuri buri ngingo.	A corporate body or a legal entity that commits one of the offences referred to in Articles 373, 374, 375, 376, 378, 379 and 380 of this Law commits an offence. Upon conviction, it is liable to a fine whose amount is ten times that which is provided in the respective Article.	Une personne morale ou une entité juridique qui commet l'une des infractions visées aux articles 373, 374, 375, 376, 378, 379 et 380 de la présente loi commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une amende dont le montant est de dix fois celui prévu à l'article respectif.
Ingingo ya 382: Ibihano by'inyongera	**Article 382: Additional sanctions**	**Article 382 : Sanctions supplémentaires**
Ku bihano biteganywa n'iri tegeko, urukiko rushobora kongeraho ifatira, isenywa cyangwa inyagwa ry'ibikoresho byakoreshejwe mu gukora kimwe mu byaha biteganywa n'iri tegeko.	In addition to sanctions provided for under this Law, the court may also order the seizure, destruction or confiscation of items used in the commission of any of the offences provided for under this Law.	Aux sanctions prévues par la présente loi, la juridiction peut ordonner la saisie, la destruction ou la confiscation des objets utilisés pour la commission de l'une des infractions prévues par la présente loi.
INTERURO YA V: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**TITLE V: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**TITRE V : DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 383: Amafaranga yagenwe	**Article 383: Prescribed fees**	**Article 383 : Frais prescrits**
Iteka rya Minisitiri rigena ingano y'amafaranga yagenwe yishyurwa kuri serivisi ateganyijwe muri iri tegeko n'aho ashyirwa.	An order of the Minister determines the amount of prescribed fees payable for the services under this Law and where such fees are deposited.	Un arrêté du ministre détermine le montant des frais prescrits prévus par la présente loi qui sont payables pour les services et le lieu où sont versés lesdits frais.

Ingingo ya 384: Amateka asanzwe akurikizwa	**Article 384: Orders in force**	**Article 384 : Arrêtés en vigueur**
Amateka ateganywa n'Itegeko nº 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 rigamije kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge nk'uko ryahinduwe kugeza ubu akomeza kubahirizwa mu ngingo zayo zitanyuranyije n'iri tegeko mu gihe kitarenze amezi atandatu, abarwa uhereye ku itariki iri tegeko ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	Orders provided for by Law n° 31/2009 of 26/10/2009 on the protection of intellectual property as amended to date remains in force provided that they are not inconsistent with this Law within a period of six months from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	Les arrêtés prévus par la Loi n° 31/2009 du 26/10/2009 portant protection de la propriété intellectuelle telle que modifiée à ce jour restent en vigueur tant qu'ils ne sont pas contraires à la présente loi dans un délai de six mois à compter du jour de publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda.
Ingingo ya 385: Ingingo y'ururimi	**Article 385: Language provision**	**Article 385 : Disposition linguistique**
Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.	This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.	La présente loi a été initiée en anglais, considérée et adoptée en Ikinyarwanda.
Ingingo ya 386: Ingingo ivanaho	**Article 386: Repealing provision**	**Article 386 : Disposition abrogatoire**
Itegeko n° 31/2009 ryo ku wa 26/10/2009 ryerekeye kurengera umutungo bwite mu by'ubwenge nk'uko ryahinduwe kugeza ubu rivanyweho.	Law n° 31/2009 of 26/10/2009 on the protection of intellectual property as amended to date is repealed.	La Loi n° 31/2009 du 26/10/2009 sur la protection de la propriété intellectuelle telle que modifiée à ce jour est abrogée.
Ingingo ya 387: Gutangira gukurikizwa	**Article 387: Entry into force**	**Article 387 : Entrée en vigueur**
Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 20/06/2024

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux